

INKORANYAMAGAMBO YA HADITH ZATORANYIJWE MURI HADITH Z'INTUMWA Y'IMANA (IMANA IYIHE AMAHORO N'IMIGISHA)

Kinyarwanda | كينيارواندي

المنتقى من موسوعة الأحاديث النبوية

ⓒ جمعية خدمة المحتوى الإسلامي باللغات ، ١٤٤٧هـ

جمعية خدمة المحتوى الإسلامي باللغات
المنتقى من موسوعة الأحاديث النبوية - كينيا رواندا. / جمعية خدمة المحتوى الإسلامي باللغات - ط١. - الرياض ، ١٤٤٧هـ
٤٤٠ ص ؛ ..سم

رقم الإيداع: ١٤٤٧/٣٣١٨
ردمك: ٩٧٨-٦٠٣-٨٥٧٠-٠٠-٥

Partners in Implementation

Content Association

Rowad Translation

Rabwah Association

IslamHouse

This publication may be printed and disseminated by any means provided that the source is mentioned and no change is made to the text.

Tel: +966 50 244 7000
info@islamiccontent.org
Riyadh 13245- 2836
www.islamhouse.com



HADITHI ZATORANYIJWE MU NKORANYAMVUGO Z'INTUMWA Y'IMANA (IMANA IYIHE AMAHORO N'IMIGISHA)

اللغة الكينيارواندا

URURIMI RW'IKINYARWANDA

إعداد القسم العلمي

BYATEGUWE N'ISHAMI RISHINZWE GUSAKAZA UBUMENYI

جمعية خدمة المحتوى الإسلامي باللغات

جمعية الدعوة وتوعية الجاليات بالربوة

Ku izina rya Allah, Nyir'impuhwe, Nyir'imbabazi.

Ijambo ry'ibanze.

Ikuzo n'ishimwe ni ibya Allah Murezi w'ibiremwa byose, amahoro n'imigisha bisakare ku Ntumwa yacu Muhamadi n'abiwe n'abasangirangendo be n'ababakurikiye mu gukora ibyiza kugeza ku munsi w'ingorarano.

Nyuma y'ibyo:

Mu bintu by'ingenzi umuyisilamu akwiye kwitaho asoma, atekerezaho, ndetse anashishoza, yiga anashyira mu bikorwa, nyuma y'igitabo cya Allah, ni imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Intumwa y'Intumwa (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Yemwe bantu! Mbasigiye ibyo muzakomeraho, bigatuma mutayoba na rimwe: Ni igitabo cya Allah n'imigenzo y'Intumwa ye." Yakiriwe na Imam Malik.Allah Nyir'ubutagatifu nawe yaravuze ati: (...*Kandi ibyo Intumwa ibahaye (mu mitungo n'ibyo yabategetse) mujye mubyakira, ndetse n'ibyo ibabujije mujye mubireka*...) [Suratul Hash'ri: 7].

Niyo mpamvu ishyirahamwe riharanira gutegura inyigisho za Kisilamu mu ndimi zitandukanye, ndetse n'ishyirahamwe ry'ivugabutumwa no gukora ubukangurambaga mu bahatuye ry'ahitwa Rab'wat yaharaniye gutegura inkoranya ikubiyemo Hadith z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), no kuzisobanura mu ndimi zitandukanye.

Allah Nyir'ubutagatifu yaratworoheje adushoboza guhitamo muri iyi nkoranyamagambo y'ama Hadith y'ingenzi, umuyisilamu acyeneye mu kwemera kwe no mu mibereho ye, tutirengagije no kugaragaza incamacye y'ibisobanuro byazo ndetse no kugaragaza inyungu n'amwe mu masomo azikubiyemo, nuko tubikusanyiriza hamwe muri iki gitabo twise:"Inkoranyamagambo ya Hadith zatoranyijwe muri Hadith z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Umurimo uri gukorwa ni uwo kuzisobanura mu zindi ndimi z'amahanga zitandukanye kugira ngo inyungu zizikubiyemo zigere ku bantu bose, no kugeza imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku kiremwamuntu cyose aho kiva kikagera.

Turasaba Allah ko yakakira uyu murimo kandi akawuha umugisha, akawugira ukozwe kubera we, ndetse agahemba buri wese wateye inkunga mu kuwutegura no kuwusobanura mu zindi ndimi, ndetse no kuwusakaza. Amahoro n'imigisha bya Allah bisakare ku Ntumwa yacu Muhamadi.

(1) – عن عمر بن الخطاب رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «إِنَّمَا الْأَعْمَالُ بِالنِّيَّةِ، وَإِنَّمَا لِامْرِئٍ مَا نَوَى، فَمَنْ كَانَتْ هِجْرَتُهُ إِلَى اللهِ وَرَسُولِهِ، فَهِجْرَتُهُ إِلَى اللهِ وَرَسُولِهِ، وَمَنْ كَانَتْ هِجْرَتُهُ لِدُنْيَا يُصِيبُهَا أَوِ امْرَأَةٍ يَتَزَوَّجُهَا، فَهِجْرَتُهُ إِلَى مَا هَاجَرَ إِلَيْهِ». وفي لفظ للبخاري: «إِنَّمَا الْأَعْمَالُ بِالنِّيَّاتِ، وَإِنَّمَا لِكُلِّ امْرِئٍ مَا نَوَى». [صحيح] - [متفق عليه]

(1) – Hadithi yaturutse kwa Umar Ibun Al Khatwab (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: “Mu by’ukuri ibikorwa byose bishingira ku mugambi, kandi buri wese ahembwa hakurikijwe umugambi yagikoranye. Bityo, uzimuka kubera Imana n’intumwa yayo, ukwimuka kwe kuzaba ari ukw’Imana n’intumwa yayo. N'uzimuka agamije indonke z’isi, cyangwa umugore yifuza kurongora, uwo ukwimuka kwe kuzaba gushingiye kuri ibyo byatumye yimuka”. No mu mvugo ya Bukhariy iragira iti: Mu by'ukuri ibikorwa byose bishingira ku migambi byakoranywe, ndetse na buri wese azahembwa hashingiye ku mugambi yagize..." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko ibikorwa byose kugira ngo byemerwe byubakira ku mugambi; iri rikaba ari n'itegeko rusange ku bikorwa byose umuntu akora byaba ibikorwa byo kwiyegereza Allah ndetse n'ibindi bikorwa rusange.

Bityo uzagambirira ko igikorwa cye kimubyarira inyungu, nta kindi azabona uretse izo nyungu ntazagihemberwa. N'uzagambirira kwiyegereza Allah Nyir'ubutagatifu, igikorwa cye azakibonera ibihembo n'ingororano kwa Allah, n'ubwo cyaba ari igikorwa gisanzwe nko kurya no kunywa. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije itanga urugero rugaragaza uruhare rw'umugambi mwiza mu bikorwa hamwe n'uko bingana ukurikije uko bigaragara, igaragaza ko uzagambirira mu kwimuka kwe kwishimirwa na Allah, uko kwimuka kwe kuzaba kwemewe mu mategeko ndetse azaguhemberwa kuko yabaye umunyakuri mu mugambi we. N'uzagambirira mu kwimuka kwe inyungu z'iyi si nk'umutungo, icyubahiro, ubucuruzi, umugore, ntacyo azabona usibye izo nyungu yaharaniye, ndetse nta n'umugabane azagira mu ngororano zo kwa Allah.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza kwegurira Allah ibikorwa, kubera ko Allah atajya yakira ibikorwa usibye ibikozwe kubera we.
2. Ibikorwa bituma umuntu yiyegereza Allah, iyo urebwa n'amategeko abikoze nk'ibisanzwe ntabihemberwa, cyeretse abikoze agambiriye kwiyegereza Allah.

(4560)

(2) – عَنْ عَائِشَةَ رضي الله عنها قَالَتْ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صلى الله عليه وسلم: «مَنْ أَحْدَثَ فِي أَمْرِنَا هَذَا مَا لَيْسَ فِيهِ فَهُوَ رَدٌّ» متفق عليه. ولمسلم: «مَنْ عَمِلَ عَمَلًا لَيْسَ عَلَيْهِ أَمْرُنَا فَهُوَ رَدٌّ». [صحيح] - [متفق عليه]

(2) – Hadith yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: “Uzazana igihimbano mu idini ryacu kitayirimo, kizamugarukira.” Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim. Muslim mu mvugo yakiriye aragira ati: "Uwo ari we wese uzakora igikorwa gihabanye n'ibyo twaje twigisha, kizamugarukira." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko uzazana igihimbano mu idini cyangwa se agakora igikorwa adafitiye gihamya muri Qur'an na Sunat, kizamugarukira, kandi ntikizemerwa imbere ya Allah.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibikorwa byose by'amasengesho byubakiye kuri Qur'an na Sunat, bityo ntitwagaragira Allah Nyir'ubutagatifu usibye mu buryo twategetswe butarimo ibihimbano n'ibyaduka.

2. Mu idini ntihazamo ibitekerezo n'amahitamo, ahubwo ni ugukurikira Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).
3. Iyi Hadithi ni gihamya cy'ubutungane no kuzura kw'iri dini.
4. Igihimbano ni icyo ari cyo cyose cyongewe mu idini, kitari kiriho ku gihe cy'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) cyangwa se ku gihe cy'abasangirangendo bayo, cyaba mu myemerere, cyangwa se imvugo cyangwa se igikorwa.
5. Iyi Hadithi ni umwe mu misingi remezo y'idini ry'ubuyisilamu, ni nk'umunzani w'ibikorwa; bityo nk'uko buri gikorwa gikozwe hatagamijwe gushimisha Allah Nyir'ubutagatifu Nyiracyo atakibonera ingororano, ni nk'uko buri gikorwa gikozwe mu buryo buhabanye n'ubwo tweretswe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kiba impfabusa kigasubirana nyiracyo.
6. Ibihimbano n'ibyaduka bibujijwe ni bya bindi bikozwe mu idini, ariko byo mu mibereho no mu buzima busanzwe byo ntacyo bitwaye.

(4792)

(3) – عن عمر بن الخطاب رضي الله عنه قال: بَيْنَمَا نَحْنُ عِنْدَ رَسُولِ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ ذَاتَ يَوْمٍ إِذْ طَلَعَ عَلَيْنَا رَجُلٌ شَدِيدُ بَيَاضِ الثِّيَابِ، شَدِيدُ سَوَادِ الشَّعَرِ، لَا يُرَى عَلَيْهِ أَثَرُ السَّفَرِ، وَلَا يَعْرِفُهُ مِنَّا أَحَدٌ، حَتَّى جَلَسَ إِلَى النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ، فَأَسْنَدَ رُكْبَتَيْهِ إِلَى رُكْبَتَيْهِ، وَوَضَعَ كَفَّيْهِ عَلَى فَخِذَيْهِ، وَقَالَ: يَا مُحَمَّدُ، أَخْبِرْنِي عَنِ الْإِسْلَامِ، فَقَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «**الْإِسْلَامُ أَنْ تَشْهَدَ أَنْ لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ، وَأَنَّ مُحَمَّدًا رَسُولُ اللهِ، وَتُقِيمَ الصَّلَاةَ، وَتُؤْتِيَ الزَّكَاةَ، وَتَصُومَ رَمَضَانَ، وَتَحُجَّ الْبَيْتَ إِنِ اسْتَطَعْتَ إِلَيْهِ سَبِيلًا**»

قَالَ: صَدَقْتَ، قَالَ: فَعَجِبْنَا لَهُ، يَسْأَلُهُ وَيُصَدِّقُهُ، قَالَ: فَأَخْبِرْنِي عَنِ الْإِيمَانِ، قَالَ: «**أَنْ تُؤْمِنَ بِاللهِ، وَمَلَائِكَتِهِ، وَكُتُبِهِ، وَرُسُلِهِ، وَالْيَوْمِ الْآخِرِ، وَتُؤْمِنَ بِالْقَدَرِ خَيْرِهِ وَشَرِّهِ**» قَالَ: صَدَقْتَ،

قَالَ: فَأَخْبِرْنِي عَنِ الْإِحْسَانِ، قَالَ: «**أَنْ تَعْبُدَ اللهَ كَأَنَّكَ تَرَاهُ، فَإِنْ لَمْ تَكُنْ تَرَاهُ فَإِنَّهُ يَرَاكَ**» قَالَ: فَأَخْبِرْنِي عَنِ السَّاعَةِ، قَالَ: «**مَا الْمَسْؤُولُ عَنْهَا بِأَعْلَمَ مِنَ السَّائِلِ**» قَالَ: فَأَخْبِرْنِي عَنْ أَمَارَتِهَا، قَالَ: «**أَنْ تَلِدَ الْأَمَةُ رَبَّتَهَا، وَأَنْ تَرَى الْحُفَاةَ الْعُرَاةَ الْعَالَةَ رِعَاءَ الشَّاءِ يَتَطَاوَلُونَ فِي الْبُنْيَانِ**» قَالَ: ثُمَّ انْطَلَقَ، فَلَبِثْتُ مَلِيًّا ثُمَّ قَالَ لِي: «**يَا عُمَرُ، أَتَدْرِي مَنِ السَّائِلُ؟**» قُلْتُ: اللهُ وَرَسُولُهُ أَعْلَمُ، قَالَ: «**فَإِنَّهُ جِبْرِيلُ، أَتَاكُمْ يُعَلِّمُكُمْ دِينَكُمْ**». [صحيح] - [رواه مسلم]

(3) – Hadithi yaturutse kwa Umar Ibun Al Khatwab (Imana imwishimire) yaravuze ati: "Igihe kimwe twari twicaranye n'Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha), twaziwe n'umuntu wambaye imyenda yera cyane, n'imisatsi yirabura cyane.

Nta kimenyetso na kimwe cy'uko yari ku rugendo cyamurangwagaho, ndetse nta n'umwe muri twe wari umuzi. Yarakomeje araza, nuko yicara imbere y'Intumwa Muhamadi, maze amavi ye ayegereza ay'Intumwa y'Imana, arambika ibiganza bye ku bibero byayo, maze arayibwira ati "Yewe Muhamadi! Mbwira ku byerekeye Islam." Intumwa y'Imana

iramusubiza iti "Islam ni uguhamya ko nta yindi mana ibaho ikwiriye gusengwa by'ukuri usibye Allah wenyine, ukanahamya ko Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ari Intumwa y'Imana, ugahozaho amasengesho, ugatanga amaturo, ugasiba ukwezi kwa Ramadwani, ugakora umutambagiro mutagatifu i Makat, igihe ubifitiye ubushobozi." (Uwo muntu) aravuga ati: "Uvuze ukuri", nuko turatangara tubonye abaza hanyuma akemeza ko ibivuzwe ari ukuri.

(Arongera) arayibaza ati: "Mbwira ku byerekeye ukwemera." Intumwa y'Imana iramusubiza iti: "Ni ukwemera Imana, abamalayika bayo, Ibitabo byayo, Intumwa zayo, Umunsi w'Imperuka, ndetse no kwemera igeno ryaba iry'ibyiza cyangwa iry'ibibi."

(Wa muntu) aravuga ati: "Uvuze ukuri", (Arongera) ati: "Noneho mbwira ku byerekeye Ihsan," aravuga ati: "Ni ugusenga Imana nk'aho uyireba kuko iyo utayireba yo iba ikureba." (Wa muntu) ati: "Mbwira ku byerekeye umunsi w'imperuka", (Intumwa Muhamadi) iti: "Ntabwo uwubazwa awuzi kurusha uwubaza." (Wa muntu) ati: "Ngaho mbwira ku byerekeye ibimenyetso byawo." Aravuga ati: "Ni igihe umuja azabyara shebuja, ndetse n'igihe uzabona abantu batambaye inkweto, b'abatindi, b'abashumba, barushanwa kuzamura amazu y'imiturirwa". Nuko (wa muntu) arigendera, maze mara akanya gato, Intumwa y'Imana irambaza iti: "Yewe Umar! Ese wamenye uwabazaga uwo ari we?" Ndavuga nti: "Imana n'Intumwa yayo ni bo bamuzi neza." Aravuga ati:

"Uriya yari Jibril wari waje kubigisha idini ryanyu."
[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Umar Ibun Al Khatwab (Imana imwishimire) iratubwira ko Malayika Djibril (Allah amuhundagazeho amahoro) yaje aho abasangirangendo bari bari ari mu ishusho y'umugabo utazwi, no mu buryo yari ameze n'uko yari yambaye imyambaro y'umweru de, n'umusatsi wirabura cyane, nta cyagaragazaga ko ari ku rugendo nk'umunaniro n'ivumbi, n'umusatsi udasokoje, n'imyambaro yanduye, kandi muri bo nta n'umwe wari umuzi.

Yasanze bicaranye n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nuko araza yicara imbere yayo nk'uko umunyeshuri yicara imbere ya mwalimu, nuko ayibaza ku buyisilamu,

nayo imusubiza imubwira inkingi zabwo eshanu zikubiyemo ubuhamya bw'uko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri ndetse ko na Muhamadi ari Intumwa yayo, no kwitwararika iswala eshanu, gutanga amaturo ahabwa abayakwiye, gusiba ukwezi kwa Ramadhan, no gukora umutambagiro ariko k'ubishoboye. Uwari ubajije aravuga ati: Uvuze ukuri! Nuko bitangaza abasangirangendo bibaza ukuntu yabaza nk'utazi igisubizo, hanyuma agasubiza avuga ati: Uvuze ukuri!

Arangije ayibaza ku bijyanye n'ukwemera, imusubiza imubwira inkingi esheshatu z'ukwemera; arizo: Kwemera ko Allah ariho ukemera n'ibisingizo bye, ukaba ariwe uharira ibikorwa nko kurema, ndetse ukamuharira kugaragirwa, ukanemera ko abamalayika baremwe na Allah mu rumuri ari abagaragu bayo bubahitse batajya bamwigomekaho ku itegeko atanze ahubwo bararyubahiriza, ukemera ibitabo Allah yoherereje Intumwa ze bimuturutseho nka Qur'an, Tawurati, Injiili n'ibindi. Ukanemera Intumwa Allah yohereje kwigisha ubutumwa bumuturutseho ngo zibushyitse ku bantu nka Nuhu, Ibrahim, Mussa, Issa, n'uwazisozereje Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ndetse n'izindi ntumwa n'abahanuzi. Ukemera umunsi w'imperuka ukubiyemo ibizaba ku muntu nyuma y'urupfu nk'uko azaba amerewe mu mva ashyinguyemo n'ubuzima azaba abayemo, no kuba umuntu azazurwa nyuma y'urupfu agiye kubarurirwa, maze iherezo rye rikaba mu ijuru cyangwa se mu muriro.

Ndetse ukanemera ko Allah yagennye ibintu byose bijyanye n'ubumenyi bwe bwabanje, ndetse n'ubugenge bwe, bikaba byarananditswe ndetse na Allah ashaka ko biba gutyo, kandi bikaba nk'uko yabigennye, akanabirema gutyo. Arangije ayibaza ku bijyanye na Ihsaan, imusubiza ko ari ukugaragira Allah nkaho umureba, utabasha kugera kuri urwo rwego, ukamugaragira wumva ko we akureba. Bityo urwego rwa mbere ari narwo

rw'ikirenga ni ukumva ko Allah umureba, naho urwa kabiri ni ukumva ko Allah akubona.

Arangije ayibaza igihe imperuka izabera, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imusubiza ko ubwo bumenyi ari Allah wenyine ubufite, bityo nta wundi mu biremwa bye uzi igihe uzabera usibye we gusa, kandi ko ubaza ataba kimwe n'ubazwa.

Arangije ayibaza ibimenyetso bizabanziriza imperuka, imusubiza ko mu bimenyetso byawo ari ubwiyongere bw'abaja bazabyarana na ba sebuja, abana babyaranye nabo, nabo bakaba ba sebuja, cyangwa se kwiyongera ko kwigomeka kw'abana kuri ba nyina bababyara bakabafata nk'abaja babo. No mu bimenyetso byawo kandi ni ukuba mu bihe bya nyuma abashumba b'amatungo n'abakene bazagira ubutunzi bwinshi, maze bakarushanwa kubaka imitamenwa.

Hanyuma Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibwira abasangirangendo ko uwayibazaga ari Malayika Djibril wari waje kwigisha abasangirangendo idini ryabo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Imico myiza yaranze Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) aho yajyaga yicarana n'abasangirangendo bayo, nabo bakicarana nayo.

2. Biremewe mu mategeko korohera ubaza ibibazo no kumwiyegereza, kugira ngo abaze ibyo ashaka kubaza nta bwoba.
3. Kugira imyifatire ikwiye imbere ya Mwalimu nkuko Djibril yabigenje aho yaje akicara imbere y'Intumwa y'Imana inyicaro irimo ikinyabupfura n'ubwitonzi.
4. Kumenya inkingi z'ubuyisilamu eshanu n'iz'ukwemera esheshatu.
5. Iyo ijambo Isilamu n'ukwemera (Imani) bivuzwe byombi, icyo gihe ijambo Isilamu riba rigamije kuvuga ibikorwa bigaragara, mu gihe ukwemera (Imani) riba rigamije ibikorwa bitagaragara.
6. Kugaragaza ko idini ririmo inzego zitandukanye: Urwa mbere ni Isilamu, urwa kabiri ni Imani, urwa gatatu ni Ih'saan ari narwo rusumba izindi.
7. Ubusanzwe ubaza abaza kuko ntacyo aba azi, ndetse no kuba nta bumenyi afite nibyo bimutera kubaza, niyo mpamvu byatangaje abasangirangendo ukuntu Djibril yabaza Intumwa y'Imana, yamara kumusubiza akavuga ati: Uvuze ukuri.
8. Guhera ku cy'ingenzi kurusha ikindi, aho Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahereye ku buhamya bubiri ari kuvuga inkingi z'ubuyisilamu, n'aho yahereye ku kwemera Allah ari kuvuga ku nkingi z'ukwemera.
9. Kubaza abamenyi mu byo umuntu atayobewe, agamije kwigisha abandi batari we.
10. Ubumenyi bw'igihe imperuka izabera buzwi na Allah wenyine.

(4563)

(4) – عَنْ عَبْدِ اللهِ بنِ عُمَر رضي الله عنهما قال: قال رسولُ الله صلى الله عليه وسلم: «بُنِيَ الْإِسْلَامُ عَلَى خَمْسٍ: شَهَادَةِ أَنْ لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ، وَأَنَّ مُحَمَّدًا عَبْدُهُ وَرَسُولُهُ، وَإِقَامِ الصَّلَاةِ، وَإِيتَاءِ الزَّكَاةِ، وَحَجِّ الْبَيْتِ، وَصَوْمِ رَمَضَانَ». [صحيح] - [متفق عليه]

(4) – Hadith yaturutse kwa Abdillah Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze ati: "Ubuyisilamu bwubakiye ku nkingi eshanu ari zo: Guhamya ko nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri usibye Allah, kandi ko na Muhamadi ari umugaragu we ndetse akaba n'Intumwa ye, guhozaho iswalat, gutanga amaturo y'itegeko, gukora umutambagiro mutagatifu ku ngoro ya Al Ka'abat, ndetse no gusiba igisibo cya Ramadhan." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagereranyije ubuyisilamu nk'inyubako yubatse neza ku nkingi eshanu ziyifashe, andi mategeko asigaye niyo yuzuza iyo nyubako. Inkingi ya mbere: Ni ubuhamya bubiri ari bwo: Guhamya ko nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri usibye Allah no guhamya ko Muhamadi ari Intumwa ya Allah.

Ubu buhamya bwombi ni inkingi imwe, kandi ntizitandukana, umugaragu abuvuga bwombi yiyemerera ko Allah ari umwe rukumbi kandi ko ari we wenyine ukwiye kugaragirwa nta wundi. Akabishyira mu bikorwa, ndetse yemera ubutumwa bwahishuriwe Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana

imuhe amahoro n'imigisha), anamukurikiza. Inkingi ya kabiri: Ni uguhozaho iswalat, ari zo swalat eshanu z'itegeko buri munsi na buri joro ari zo: Al Faj'ri, A-Dhwuh'ri, Al Asr, Al Magrib, Al Isha'u, wubahiriza ibisabwa, inkingi n'amategeko yazo. Inkingi ya gatatu: Gutanga amaturo y'itegeko, kikaba ari igikorwa cy'itegeko cyo kwiyegereza Allah utanga umutungo wujuje igipimo runaka cyagenwe n'amategeko y'idini, aya maturo akaba ahabwa abayakwiye. Inkingi ya kane: Ni ugukora umutambagiro mutagatifu i Makat ukahakorera ibikorwa by'amasengesho, ugamije kugaragira Allah Nyr'ubutagatifu. Inkingi ya gatanu: Ni igisibo cyo mu kwezi kwa Ramadhan, aho umuntu yiyima ibyo kurya no kunywa n'ibindi bituma asiburuka afite umugambi wo kwiyegereza Allah, ahereye umuseke utambitse kugeza izuba rirenze.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ubuhamya bubiri ntibutandukana, bityo bumwe ntibwakemerwa cyeretse buri hamwe n'ubundi; niyo mpamvu bwagizwe inkingi imwe.
2. Ubuhamya bubiri niryo shingiro ry'idini, bityo ibyo tuvuga n'ibyo dukora ntibyakemerwa tutabufite.

(65000)

(5) – عَنْ مُعَاذٍ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ، قَالَ: كُنْتُ رِدْفَ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ عَلَى حِمَارٍ يُقَالُ لَهُ عُفَيْرٌ، فَقَالَ: «يَا مُعَاذُ، هَلْ تَدْرِي حَقَّ اللَّهِ عَلَى عِبَادِهِ، وَمَا حَقُّ العِبَادِ عَلَى اللَّهِ؟»، قُلْتُ: اللَّهُ وَرَسُولُهُ أَعْلَمُ، قَالَ: «فَإِنَّ حَقَّ اللَّهِ عَلَى العِبَادِ أَنْ يَعْبُدُوهُ وَلا يُشْرِكُوا بِهِ شَيْئًا، وَحَقَّ العِبَادِ عَلَى اللَّهِ أَنْ لا يُعَذِّبَ مَنْ لا يُشْرِكُ بِهِ شَيْئًا»، فَقُلْتُ: يَا رَسُولَ اللَّهِ أَفَلاَ أُبَشِّرُ بِهِ النَّاسَ؟ قَالَ: «لا تُبَشِّرْهُمْ، فَيَتَّكِلُوا». [صحيح] - [متفق عليه]

(5) – Hadithi yaturutse kwa Muadh (Imana imwishimire) yaravuze ati: Igihe kimwe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yampetse ku ndogobe bitaga Ufayr, nuko irambaza iti: Yewe Muadh! Waba uzi uburenganzira Allah afite ku bagaragu be, n'ubwo abagaragu be bamufite ho? Ndayisubiza nti: Allah n'Intumwa ye nibo babizi! Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti:

Mu by'ukuri uburenganzira bwa Allah ku bagaragu be nuko bagomba kumugaragira wenyine batamubangikanyije n'icyo ari cyo cyose, naho uburenganzira bw'abagaragu kwa Allah nuko atazigera ahana utaramubangikanyije n'icyo ari cyo cyose" Nuko ndayibaza nti: Yewe Ntumwa y'Imana! Ese sinabibwira abantu? Intumwa iramusubiza iti: Oya! Wibibabwira batavaho bakirara!" **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza uburenganzira Allah afite ku bagaragu be, n'ubwo abagaragu be bamufiteho, kandi ko

uburenganzira bwa Allah ku bagaragu be ari uko batagomba kumubangikanya n'icyo ari cyo cyose. Kandi ko uburenganzira bw'abagaragu kuri Allah ari uko ntawe azigera ahana ari mu bagaragiraga batamubangikanya n'ikindi icyo ari cyo cyose. Hanyuma Muadh aravuga ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Ese iyi nkuru najya kuyibwira abantu nabo bakayishimira? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubuza itinya ko abantu bazirara!

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kugaragaza uburenganzira bwa Allah yategetse abagaragu be bw'uko bagomba kumugaragira ntibamubangikanye n'ikindi icyo ari cyo cyose.
2. Kugaragaza uburenganzira bw'abagaragu bafite kuri Nyagasani we yiyemeje ubwe ku bw'ingabire ze n'ubuntu bwe, ari bwo bw'uko azabinjiza mu ijuru atazabahana.
3. Iyi Hadithi iragaragaza inkuru nziza y'abatarabangikanyije Imana ko iherezo ryabo ari ukuzabinjiza mu ijuru.
4. Muadh mbere yo gupfa kwe, yabwiye abantu iyi Hadithi atinya kuzabarwa nk'uwahishe ubumenyi.
5. Icyitonderwa: Kutabwira bamwe mu bantu zimwe muri Hadith z'Intumwa y'Imana, kubera gutinya ko hari abantu batahita basobanukirwa ibisobanuro byazo, gusa izo Hadith bitari ngombwa ko zibwira abantu bose ni izidafite itegeko zitegeka gukora, cyangwa hari icyo zibuza gukora cyangwa se atari izigaragaza ibihano byagenwe n'amategeko y'idini ry'ubuyisilamu.

6. Abanyabyaha mu bemeramana bazagengwa n'ubushake bwa Allah, nashaka azababahana, nanabishaka azababababarira, hanyuma iherezo ryabo rizabe mu ijuru.

(65007)

(6) – عن أنس بن مالك رضي الله عنه: أَنَّ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ وَمُعَاذٌ رَدِيفُهُ عَلَى الرَّحْلِ قَالَ: «يَا مُعَاذُ بْنَ جَبَلٍ»، قَالَ: لَبَّيْكَ يَا رَسُولَ اللهِ وَسَعْدَيْكَ، قَالَ: «يَا مُعَاذُ»، قَالَ: لَبَّيْكَ يَا رَسُولَ اللهِ وَسَعْدَيْكَ، ثَلَاثًا، قَالَ: «مَا مِنْ أَحَدٍ يَشْهَدُ أَنْ لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ وَأَنَّ مُحَمَّدًا رَسُولُ اللهِ صِدْقًا مِنْ قَلْبِهِ إِلَّا حَرَّمَهُ اللهُ عَلَى النَّارِ»، قَالَ: يَا رَسُولَ اللهِ، أَفَلَا أُخْبِرُ بِهِ النَّاسَ فَيَسْتَبْشِرُوا؟ قَالَ: «إِذًا يَتَّكِلُوا». وَأَخْبَرَ بِهَا مُعَاذٌ عِنْدَ مَوْتِهِ تَأَثُّمًا. [صحيح] - [متفق عليه]

(6) –z Hadithi yaturutse kwa Anas Ibun Malik (Imana imwishimire) yavuze ko: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igihe kimwe yari ihetse Muadh ku kigenderwaho maze iramuhamagara ivuga iti: Yewe Muadh! Arayisubiza ati: Ndakwitabye yewe Ntumwa y'Imana! Irongera iramuhamagara iti: Yewe Muadh! Arayisubiza ati: Ndakwitabye yewe Ntumwa y'Imana! Inshuro eshatu! Intumwa y'Imana iramubwira iti: Nta muntu n'umwe uhamya ko mu by'ukuri nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, ndetse akanahamya ko Muhamadi ari Intumwa ya Allah, abikuye ku mutima usibye ko Allah amuziririza kuzinjira mu muriro; Muadh aravuga ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Ese iyi nkuru nziza nyigeze ku bandi? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: "...Byatuma birara!..." Muadh yaje kubivuga igihe cyo gupfa

kwe cyegereje yirinda ko yagwa mu cyaha (cyo guhisha ubumenyi)! **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Igihe kimwe Muadh Ibun Djabal (Imana imwishimire) yari ahetswe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku ngamiya, nuko iramuhamagara igira iti: Yewe Muadh? Imuhamagara inshuro eshatu; igamije gushimangira agaciro k'ibyo igiye kumubwira!

Izo nshuro zose Muadh (Imana imwishimire) yayitabaga agira ati: Ndakwitabye yewe Ntumwa y'Imana inshuro nyinshi, kandi niringiye kunezewa kubera kukwitaba.

Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imubwira ko nta muntu n'umwe uhamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye Allah, ndetse ko na Muhamadi ari Intumwa ya Allah, akabivuga akomeje abikuye ku mutima atabeshya, usibye ko igihe apfuye Allah amuziririza kuzinjira mu muriro. Nuko Muadh (Imana imwishimire) abaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) niba iyi nkuru nziza yayibwira abantu kugira ngo bishimire ibyo byiza!?

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) itinya ko babimenye bakirara, bakareka gukora!

Nuko Muadh yanga kubyihererana akiriho abibwira abantu atinya ko yagwa mu cyaha cyo guhisha ubumenyi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwicisha bugufi kw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ubwo yahekaga inyuma yayo Muadh ku ngamiya yayo.
2. Uburyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yigishagamo, aho yabisubiyemo kenshi ihamagara Muadh kugira ngo ayitege amatwi yumve ibyo igiye kumubwira.
3. Mu bisabwa ku buhamya bwa LA ILAHA ILA LLAH WA ANA MUHAMADAN RASULULLAH, nuko ubivuze agomba kuba ari umunyakuri abikuye ku mutima, atabishidikanyaho, cyangwa se ngo abihinyure.
4. Abantu baranzwe n'ukwemera nyako (Tawhid) ntibazaba mu muriro wa Djahanamu ubuziraherezo, nibanawinjiramo kubera ibyaha byabo, bazawukurwamo babanje kwezwa.
5. Ibyiza byo kuvuga ubu buhamya bubiri kuri wa wundi ubuvuze yemera ko ari ukuri.
6. Biremewe rimwe na rimwe kureka kubwira abantu inkuru, igihe kuyibabwira bishobora kuba hari ingaruka byatera.

(10098)

(7) – عن طارق بن أشيم الأشجعي رضي الله عنه قال: سمعت رسول الله صلى الله عليه وسلم يقول: «مَنْ قَالَ: لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ، وَكَفَرَ بِمَا يُعْبَدُ مِنْ دُونِ اللهِ حَرُمَ مَالُهُ وَدَمُهُ، وَحِسَابُهُ عَلَى اللهِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(7) – Hadithi yaturutse kwa Twariq Ibun Ashim Al Ash'djaiyu (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro

n'imigisha) ivuga iti: "Uzavuga ati: LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri, agahakana ibindi bigaragirwa bitari Allah, icyo gihe umutungo we n'amaraso ye biba ari ikizira, ibarura rye rikaba kwa Allah." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umuntu uvuze akanahamya n'ururimi rwe ko nta yindi mana ikwiye kugaragirwa usibye Allah, agahakana ibindi bigaragirwa mu cyimbo cye, akitandukanya n'andi madini atari Isilamu, icyo gihe umutungo we n'amaraso ye biba bibaye ikizira ku bayisilamu, twe tureba ibigaragara mu bikorwa akora.

Icyo gihe ntiyamburwa umutungo we, ndetse nta n'ubwo yicwa, cyeretse akoze icyaha gikomeye cyangwa se ubundi bugome busaba ko yicwa mu mategeko ya Isilamu.

Allah akaba ari we uzamucira urubanza ku munsi w'imperuka, niba ari umunyakuri akabimuhembera, niba ari indyarya akabimuhanira.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kuvuga ijambo LA ILAHA ILA LLAH, no guhakana ibigaragirwa bindi mu cyimbo cye, ni cyo cya mbere umuntu asabwa kugira ngo abe umuyisilamu.
2. Igisobanuro cy'ijambo (LA ILAHA ILA LLAH) ni uguhakana icyo ari cyo cyose kigaragirwa mu

cyimbo cya Allah, mu bishushanyo, imva n'ibindi, ndetse no kumuharira (Allah) kugaragirwa.

3. Uwemeye (Tawhid), akitwararika amategeko ategetswe mu bigaragara, dutegetswe kumureka cyeretse agaragaweho n'ibinyuranye nabyo.
4. Umutungo, amaraso n' icyubahiro by'umuyisilamu ni ikizira kubimuvutsa cyeretse biri mu kuri abikwiye.
5. Hano ku isi, dushingira ku bigaragara, naho ku munsi w'imperuka hazashingirwa ku migambi n'ibyo umuntu yari agamije.

(6765)

(8) – عَنْ جَابِرٍ رضي الله عنه قَالَ: أَتَى النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ رَجُلٌ فَقَالَ: يَا رَسُولَ اللهِ، مَا الْمُوجِبَتَانِ؟ فَقَالَ: «مَنْ مَاتَ لَا يُشْرِكُ بِاللهِ شَيْئًا دَخَلَ الْجَنَّةَ، وَمَنْ مَاتَ يُشْرِكُ بِاللهِ شَيْئًا دَخَلَ النَّارَ» [صحيح] - [رواه مسلم]

(8) – Hadithi yaturutse kwa Djabir (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umugabo umwe yaje kureba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) arayibwira ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Ni ibihe bintu bibiri umuntu yakora kimwe kikaba impamvu y'uko yajya mu ijuru ikindi kikaba impamvu y'uko ajya mu muriro? Intumwa y'Imana iramusubiza iti: Uzapfa atarabangikanyije Allah n'icyo ari cyo cyose azinjira mu ijuru, n'uzapfa yarabangikanyije Allah n'icyo ari cyo cyose azajya mu muriro. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Umugabo umwe yabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibintu bibiri: Icyatuma

umuntu yinjira mu ijuru, n'icyatuma ajya mu muriro? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imusubiza ko ikintu kizinjiza umuntu mu ijuru ari uko yapfa agaragira Allah wenyine atamubangikanya n'icyo ari cyo cyose.

Naho ikizatuma umuntu ajya mu muriro ni umuntu uzapfa yarabangikanyaga Allah, agashyiriraho Allah ikigirwamana, yaramureshyeshyeje n'ikindi icyo ari cyo cyose mu kugaragirwa kwe, cyangwa se mu kuba ari we Mana yonyine, cyangwa se mu mazina ye matagatifu n'ibisingizo bye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyiza byo kugaragira Allah wenyine, ndetse ko uzapfa ari umwemera atarabangikanyije Allah azinjira mu ijuru.
2. Uburemere bw'ibangikanyamana, ndetse ko uzapfa yarabangikanyaga Allah azajya mu muriro.
3. Inkozi z'ibibi z'abameramana ziri munsi y'ubushake bwa Allah, nashaka azazihana, nanashaka azazibabarira, hanyuma iherezo ryabo rizabe mu ijuru.

(65008)

(9) – عَنْ عَبْدِ اللهِ بنِ مَسْعُودٍ رضي الله عنه قال: قَالَ النَّبِيُّ صلى الله عليه وسلم كَلِمَةً وَقُلْتُ أُخْرَى، قَالَ النَّبِيُّ صلى الله عليه وسلم: «مَنْ مَاتَ وَهُوَ يَدْعُو مِنْ دُونِ اللهِ نِدًّا دَخَلَ النَّارَ» وَقُلْتُ أَنَا: مَنْ مَاتَ وَهُوَ لَا يَدْعُو لِلهِ نِدًّا دَخَلَ الْجَنَّةَ. [صحيح] - [متفق عليه]

(9) – Hadith yaturutse kwa Abdillah Ibun Masud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ijambo

nanjye ndavuga; yaravuze iti: "Uzapfa asaba ikindi kitari Allah mu cyimbo cya Allah azinjira mu muriro"

Nanjye ndavuga nti: Uzapfa ataragize ikindi asaba mu cyimbo cya Allah azinjira mu ijuru. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko uzagira icyo akora mu byo ategetswe gukorera Allah, akagira undi agikorera nko gusaba utari Allah cyangwa se kumusaba inkunga agapfa ari uko akimeza, uwo muntu azaba ari uwo mu muriro. Ibun Masuud (Imana imwishimire) yongeyeho avuga ko uzapfa atarabangikanyije Allah n'icyo ari cyo cyose azinjira mu ijuru.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ubusabe ni bumwe mu bwoko bw'ibikorwa byo kwiyegereza Allah, nta wundi ukwiye kubikorerwa usibye Allah Nyir'ubutagatifu.
2. Agaciro ko kwemera Imana imwe (Tawhid), kandi ko umuntu uzapfa ari uko akimeze azinjira mu ijuru, kabone n'iyo yahanirwa bimwe mu byaha yakoze.
3. Ubuhambare bw'ibangikanyamana, ndetse ko uzapfa ari uko akimeze azinjira mu muriro.

(3419)

(10) – عَنِ ابْنِ عَبَّاسٍ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُمَا قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ لِمُعَاذِ بْنِ جَبَلٍ، حِينَ بَعَثَهُ إِلَى الْيَمَنِ: «إِنَّكَ سَتَأْتِي قَوْمًا أَهْلَ كِتَابٍ، فَإِذَا جِئْتَهُمْ فَادْعُهُمْ إِلَى أَنْ يَشْهَدُوا أَنْ لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ، وَأَنَّ مُحَمَّدًا رَسُولُ اللهِ، فَإِنْ هُمْ أَطَاعُوا لَكَ بِذَلِكَ، فَأَخْبِرْهُمْ أَنَّ اللهَ قَدْ فَرَضَ عَلَيْهِمْ خَمْسَ صَلَوَاتٍ فِي كُلِّ يَوْمٍ وَلَيْلَةٍ، فَإِنْ هُمْ أَطَاعُوا لَكَ بِذَلِكَ، فَأَخْبِرْهُمْ أَنَّ اللهَ قَدْ فَرَضَ عَلَيْهِمْ صَدَقَةً تُؤْخَذُ مِنْ أَغْنِيَائِهِمْ فَتُرَدُّ عَلَى فُقَرَائِهِمْ، فَإِنْ هُمْ أَطَاعُوا لَكَ بِذَلِكَ، فَإِيَّاكَ وَكَرَائِمَ أَمْوَالِهِمْ، وَاتَّقِ دَعْوَةَ الْمَظْلُومِ، فَإِنَّهُ لَيْسَ بَيْنَهُ وَبَيْنَ اللهِ حِجَابٌ». [صحيح] - [متفق عليه]

(10) – Hadithi yaturutse kwa Ibun Abass (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabwiye Muadh Ibun Djabal ubwo yari amwohereje Yemen iti: "Mu by'ukuri ugiye guhura n'abantu bahawe igitabo, nuhura nabo uzabahamagarire guhamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, kandi ko na Muhamadi ari Intumwa ya Allah, nibamara kukumvira kuri byo uzababwire ko Allah yabategetse iswala eshanu ku manywa na nijoro, nibamara kukumvira kuri ibyo, uzababwire ko Allah yabategetse gutanga amaturo atangwa n'abakire muri bo akagarurirwa abacyene babo, nibamara kukumvira kuri ibyo, uzirinde imitungo yabo y'agaciro, kandi uzatinye ubusabe bw'uwahugujwe kuko hagati yabwo na Allah ntacyabukumira." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Ubwo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari yohereje Muadh Ibun Djabal (Imana imwishimire) mu gihugu cya Yemeni agiye kubigisha

no kubahamagarira kuyoboka Allah, yamugaragarije ko azahura n'abantu bahawe igitabo, kugira ngo abitegure, hanyuma atangire kubibahamagarira ahereye ku cy'ingenzi kubirusha. Akaba agomba guhera kukubahamagarira mbere na mbere ku gutunganya imyemerere, bahamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, ndetse ko na Muhamadi ari Intumwa ya Allah. Kubera ko kubera iyo myemerere mizima ituma baba abayisilamu; nibamara kwicisha bugufi kuri ibyo, uzabategeka guhozaho iswala, kubera ko ari ryo tegeko rihambaye nyuma yo kwemera no guhamya Imana imwe rukumbi. Nibamara kwitwararika iswala no kuyubahiriza, uzategeke abakire muri bo gutanga amaturo agaruka ku bacyene babo. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nibwo yahise imwihanangiriza imubuza kwegera imitungo yabo ihenze bakunze, kubera ko icyo bategetswe ari ugutanga mu rugero. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije imugira inama yo kwitandukanya n'amahugu, kugira ngo hatazagira uwo ahuguza maze akamusabira nabi kubera ko ubusabe bw'uwagujwe bwakirwa!

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibisobanuro by'ubuhamya bwa LA ILAHA ILA LLAH: Ni uguharira Allah wenyine ibikorwa byose byo kumugaragira, no kureka kugaragira ibindi bitari we.
2. Ibisobanuro by'umuhamya bw'uko Muhamadi ari Intumwa ya Allah ni ukuyemera no kwemera ibyo yaje ije kwigisha no guhamya ko ari ukuri,

ndetse ukanemera ko ari yo Ntumwa y'Imana ya nyuma Allah yoherereje abantu.

3. Kubwira umumenyi n'undi uwo ari we wese ufite urujijo ntabwo ari kimwe no kubwira injiji, niyo mpamvu Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaburiye Muadh mu mvugo yayo igira iti: "Mu by'ukuri ugiye guhura n'abantu bahawe igitabo..."

4. Ni ngombwa ko umuyisilamu akwiye kuba asobanukiwe idini rye; kugira ngo yirinde ibimuteza urujijo, kandi nta bundi buryo yabigeraho usibye guhora ashaka ubumenyi.
5. Amadini y'ubuyahudi n'ubunaswara yataye agaciro nyuma yo koherezwa kw'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kandi ntabwo bari mu bazarokoka ibihano ku munsi w'imperuka kugeza ubwo bazabanza kuba abayisilamu bakemera Intumwa y'Imana Muhamad (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

(3390)

(11) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه أَنَّهُ قَالَ: قِيلَ: يَا رَسُولَ اللهِ، مَنْ أَسْعَدُ النَّاسِ بِشَفَاعَتِكَ يَوْمَ الْقِيَامَةِ؟ قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «لَقَدْ ظَنَنْتُ يَا أَبَا هُرَيْرَةَ أَنْ لَا يَسْأَلَنِي عَنْ هَذَا الْحَدِيثِ أَحَدٌ أَوَّلُ مِنْكَ؛ لِمَا رَأَيْتُ مِنْ حِرْصِكَ عَلَى الْحَدِيثِ، أَسْعَدُ النَّاسِ بِشَفَاعَتِي يَوْمَ الْقِيَامَةِ، مَنْ قَالَ لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ خَالِصًا مِنْ قَلْبِهِ أَوْ نَفْسِهِ». [صحيح] - [رواه البخاري]

(11) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarabajijwe iti: Ninde muntu uzabona ubuvugizi bwawe ku munsi w'imperuka?

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irasubiza iti: Nibwiraga yewe Abu Hurayrat ko nta muntu n'umwe uzagutanga kumbaza kuri iyi Hadithi, kubera ko nabonye ushishikarira kumenya ibigendanye na Hadithi. umuntu uzabona ubuvugizi bwanjye ku munsi w'imperuka, ni uwo ari we wese wavuze LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, abikuye ku mutima we cyangwa se muri we bimurimo." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga ko umuntu uzagerwaho n'ubuvugizi bwayo ku munsi w'imperuka ari wa wundi wavuze uti: LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, abikuye ku mutima, kandi akaba atabangikanya Imana cyangwa se ngo akorere ijisho!

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushimangira ubuvugizi bw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku munsi w'imperuka, kandi ko nta bandi bazabubona usibye abahamyaga ko Imana ari imwe rukumbi.
2. Ubuvugizi bw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ni igihe azavuganira uwagombaga kujya mu muriro ariko ari umwe mu bahamije ko Imana ari imwe rukumbi, ikamusabira ko atawujyamo, ndetse n'uzaba yamaze kuwujyamo izamusabira awukurwemo.

3. Ibyiza byo kuvuga iri jambo ryo guhamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, n'akamaro karyo.
4. Kugira ngo iri jambo rigerweho bisaba kumenya no gusobanukirwa ibisobanuro byaryo, no gushyira mu bikorwa ibyo risaba.
5. Agaciro Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yari afite, no mu buryo yashishikariraga gushaka ubumenyi.

(3414)

(12) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «الْإِيمَانُ بِضْعٌ وَسَبْعُونَ -أَوْ بِضْعٌ وَسِتُّونَ- شُعْبَةً، فَأَفْضَلُهَا قَوْلُ لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ، وَأَدْنَاهَا إِمَاطَةُ الْأَذَى عَنِ الطَّرِيقِ، وَالْحَيَاءُ شُعْبَةٌ مِنَ الْإِيمَانِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(12) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ukwemera kurimo izego zirenga mirongo irindwi- cyangwa se zirenga mirongo itandatu-, urwego ruruta izindi ni ukuvuga ijambo LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, n'uruciriritse muri zo ni ugukura mu nzira ikibangamira abantu, no kugira isoni ni rumwe mu nzego zo kwemera." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko ukwemera kurimo inzego nyinshi, zikubiyemo ibikorwa n'imyemerere ndetse n'imvugo. Kandi ko urwego ruruta izindi ari ijambo LA ILAHA ILA LLAH, uzi ibisobanuro byaryo, ushyira mu bikorwa

ibirikubiyemo by'uko Allah ariwe Mana yonyine ikwiye kugaragirwa yonyine nta yindi.

Kandi ko igikorwa gicirirtse mu bikorwa byo kwemera ari ugukura mu nzira ikibangamira abantu. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ivuga ko no kugira isoni ari kimwe mu bigize ukwemera, kubera ko ari umuco utuma nyirawo akora ibikorwa byiza akareka ibibi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwemera kurimo inzego zirutanwa hagati yazo.
2. Kwemera ni imvugo n'ibikorwa n'imyizerere.
3. Kugirira Allah isoni bisaba ko atakubona mu byo yakubujije, kandi ntakubure mu byo yagutegetse!
4. Kuvuga umubare ntibisobanuye ko ari byo byonyine, ahubwo bigaragaza ko ibikorwa bigize ukwemera ari byinshi, kubera ko abarabu hari ubwo bavuga umubare w'ikintu badashaka guhakana ikitari icyo (bivuze ko bishobora kurenga uwo mubare bavuze.)

(6468)

(13) – عَنْ عَبْدِ اللهِ بنِ مَسْعُودٍ رضي الله عنه قال: سَأَلْتُ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: أَيُّ الذَّنْبِ أَعْظَمُ عِنْدَ اللهِ؟ قَالَ: «أَنْ تَجْعَلَ لِلهِ نِدًّا وَهُوَ خَلَقَكَ» قُلْتُ: إِنَّ ذَلِكَ لَعَظِيمٌ، قُلْتُ: ثُمَّ أَيُّ؟ قَالَ: «وَأَنْ تَقْتُلَ وَلَدَكَ؛ تَخَافُ أَنْ يَطْعَمَ مَعَكَ» قُلْتُ: ثُمَّ أَيُّ؟ قَالَ: «أَنْ تُزَانِيَ حَلِيلَةَ جَارِكَ». [صحيح] - [متفق عليه]

(13) – Hadith yaturutse kwa Abdillah Ibun Masud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nti: Ni ikihe cyaha gihambaye kuruta ibindi? iransubiza ati: Ni

ukuba washyiriraho Allah undi bareshya kandi ari we wakuremye" Ndayibwira nti: Icyo cyo kirahambaye, ariko se ikindi ni ikihe? Iransubiza iti: "Ni ukuba wakica umwana wawe utinya gusangira nawe amafunguro." Ndayibwira nti: Hanyuma ikindi ni ikihe? Iransubiza iti: Ni ugusambanya umugore w'umuturanyi wawe." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabajijwe icyaha gihambaye kuruta ibindi, irasubiza iti: Ikibiruta ni ibangikanyamana rikuru ari ryo risobanuye gushyiriraho Allah undi bareshya cyangwa se bahwanye mu kugaragirwa cyangwa se mu kuba ari we Mana cyangwa se mu mazina ye n'ibisingizo bye; iki kikaba ari icyaha Allah atajya ababarira cyereka uwagikoze yicujije bya nyabyo, naho ubundi iyo apfuye akigikora, azaba mu muriro ubuziraherezo. Hanyuma gikurikirwa no kuba umuntu yakica umwana we atinya gusangira nawe, kandi kwica roho ni ikizira, ariko kirushaho gukomera iyo uwishwe ari umunyamuryango w'uwishe, nanone kikarushaho gukomera iyo igihe uwishe yatinyaga ko uwo yishe yasangira nawe mu mafuguro Allah yamuhaye. Hanyuma kigakurikirwa no kuba umugabo yasambanya umugore w'umuturanyi we akoresheje kumushuka ngo amusambanye. N'ubusambanyi ni ikizira ariko icyo cyaha kirushaho gukomera iyo uwasambanyijwe ari umugore w'umuturanyi amategeko y'idini yadutegetse kugirira neza no kumubanira neza.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyaha birarutanwa mu gukomera no mu buhambare bwabyo, nk'uko ibikorwa byiza nabyo birutanwa mu byiza n'ibihembo byabyo.
2. Icyaha gikomeye kuruta ibindi ni ukubangikanya Allah Nyir'ubutagatifu, hagakurikiraho kwica umwana utinya gusangira nawe amafunguro, hagarukiraho gusambanya umugore w'umuturanyi wawe.
3. Amafunguro atangwa na Allah kandi ni we wenyine wishingiye gutunga ibiremwa bye.
4. Ubuhambare bw'uburenganzira bw'umuturanyi, kandi ko kumubangamira ari icyaha gihambaye kuruta kubangamira undi.
5. Umuremyi Allah niwe wenyine ukwiye kugaragirwa atabangikanyijwe n'ikindi icyo ari cyo cyose.

(5359)

(14) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «قَالَ اللهُ تَبَارَكَ وَتَعَالَى: أَنَا أَغْنَى الشُّرَكَاءِ عَنِ الشِّرْكِ، مَنْ عَمِلَ عَمَلًا أَشْرَكَ فِيهِ مَعِي غَيْرِي تَرَكْتُهُ وَشِرْكَهُ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(14) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Allah Nyir'ubutagatifu yaravuze iti "Njyewe ndihagije sinkeneye kubangikanywa n'ikindi kintu. Uzakora igikorwa icyo ari cyo cyose ambangikanyijemo n'ikindi kintu, ntabwo nkimwakirira." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko Allah Nyir'ubutagatifu yavuze ko yihagije adacyeneye abo abangikanywa nawe, ni we wihagije nta na kimwe acyeneye, kandi ko umuntu uzakora kimwe mu bikorwa byo kumvira Allah ariko akabikora kubera Allah no kubera undi utari we, uwo Allah ntamwakirira ibyo akoze ahubwo bigarukira nyir'ukubikora. Ni itegeko kwegurira ibikorwa byose Allah Nyir'ubutagatifu kubera ko atajya yakira ibikorwa usibye ibikozwe kubera we Nyir'ubutagatifu.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kubuza gukora ibangikanyamana mu buryo bwose ryakorwamo, kandi ko rituma ibikorwa umuntu akoze kwa Allah bitakirwa.
2. Kwiyumvisha ko Allah akungahaye ndetse ahambaye, biri mu bituma umuntu amwegurira ibikorwa bye akora.

(3342)

(15) – عن أبي هريرة رضي الله عنه أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «كُلُّ أُمَّتِي يَدْخُلُونَ الْجَنَّةَ إِلَّا مَنْ أَبَى»، قَالُوا: يَا رَسُولَ اللهِ، وَمَنْ يَأْبَى؟ قَالَ: «مَنْ أَطَاعَنِي دَخَلَ الْجَنَّةَ، وَمَنْ عَصَانِي فَقَدْ أَبَى». [صحيح] - [رواه البخاري]

(15) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Umuryango wanjye (umat) wose uzinjira mu ijuru, uretse utazabishaka". Intumwa y'Imana barayibaza bati: Ni nde utazabishaka yewe ntumwa y'Imana? Intumwa y'Imana irasubiza iti:

"Uzanyumvira azinjira mu ijuru, n'uzanyigomekaho (ntakurikize imigenzo yanjye) uwo azaba atabashika." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko abayoboke bayo bose bazinjira mu ijuru cyeretse utazabishaka!

Nuko abasangirangendo baramubaza bati: Ninde utazabishaka yewe Ntumwa y'Imana?! Irabasubiza iti: Wawundi uzaca bugufi akanyumvira ndetse akananyubaha azinjira mu ijuru, naho wa wundi uzanyigomekaho akanga kunyumvira azaba ari we wanze kujya mu ijuru kubera ibikorwa bye bibi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kumvira Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) biri mu kumvira Allah, no kuyigomekaho biri mu kwigomeka kuri Allah.
2. Kumvira Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bizaba impamvu yo kwinjira mu ijuru, no kuyigomekaho bizaba impamvu yo kwinjira mu muriro.
3. Inkuru nziza yahawe abarangwa no kumvira muri uyu muryango (Umat), kandi ko bose bazajya mu ijuru cyeretse wa wundi wigometse kuri Allah ndetse akanigomeka ku Ntumwa ye.

4. Impuhwe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagiriraga abayoboke bayo, n'uburyo yari ishishikajwe n'uko bayoboka.

(4947)

(16) – عَن عُمَرَ بنِ الخَطَّابِ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ قال: سَمِعْتُ النَّبِيَّ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَقُولُ: «لَا تُطْرُونِي كَمَا أَطْرَتِ النَّصَارَى ابْنَ مَرْيَمَ؛ فَإِنَّمَا أَنَا عَبْدُهُ، فَقُولُوا: عَبْدُ اللهِ وَرَسُولُهُ». [صحيح] - [رواه البخاري]

(16) – Hadithi yaturutse kwa Umar Ibun Al Khatwab (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Ntimuzankabirize nkuko abakirisitu bakabirije mwene Mariya, kuberako njye ndi umugaragu we, bityo mujye muvuga muti; Ndi umugaragu wa Allah nkaba n'Intumwa ye." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije kurengera no kurenga igipimo cyemewe mu mategeko mu kumuvuga ibigwi, no gushaka kumuvuga ibigwi nk'ibya Allah. Nyir'ubutagatifu, cyangwa se ibikorwa Allah yihariye, cyangwa se kuvuga ko Intumwa y'Imana izi ubumenyi bw'ibyihishe, cyangwa se kuvuga ko isabwa hamwe na Allah, nk'uko abanaswara babigenje kuri Issa Ibun Mar'yam (Allah amuhundagazeho amahoro). Hanyuma agaragaza ko ari umwe mu bagaragu ba Allah, ndetse anategeka ko tujya tuvuga ko ari umugaragu wa Allah akaba n'Intumwa ye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwihanangiriza kurengera mu gukunda no kwivuga ibigwi, kuko ibyo byagusha abantu mu ibangikanyamana.
2. Ibyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaburiye abantu ko bizaba byamaze kuba muri iyi Umat , tumwe mu dutsiko twakabirije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), utundi dukabiriza abo mu muryango wayo, utundi dukabiriza abakunzi ba Allah, ariko twose twaguye mu ibangikanyamana.
3. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yo ubwayo yavuze ko ari umugaragu wa Allah, igamije kugaragaza ko ari umugaragu ugaragira Allah, kandi ko bitemewe kugira icyo ari cyo cyose ikorerwa kiri mu mwihariko wa Allah.
4. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yo ubwayo yavuze ko ari Intumwa y'Imana, igamije kugaragaza ko ari Intumwa yoherejwe na Allah, bityo bikaba ari itegeko kuyemera ndetse no kuyikurikira.

(3406)

(17) – عن أنس رضي الله عنه قال: قال النبي صلى الله عليه وسلم: «لَا يُؤْمِنُ أَحَدُكُمْ حَتَّى أَكُونَ أَحَبَّ إِلَيْهِ مِنْ وَالِدِهِ وَوَلَدِهِ وَالنَّاسِ أَجْمَعِينَ». [صحيح] - [متفق عليه]

(17) – Hadithi yaturutse kwa Anass (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umwe muri mwe ntaraba umwemera by'ukuri kugeza ubwo azankunda kuruta uko akunda umubyeyi we, n'umwana we ndetse

n'abandi bantu muri rusange. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umuyisilamu atagira ukwemera kuzuye cyeretse urukundo akunda Intumwa y'Imana arubanje ku rwo akunda nyina, na se, n'umwana we ndetse n'abantu bose. Urwo rukundo rudusaba kuyumvira no kuyirengera no kuyitabara ndetse no kureka kuyigomekaho.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gukunda Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ni itegeko, kandi urukundo rwayo rugomba kubanza mbere y'urwo dukunda ikiremwa icyo ari cyo cyose.
2. Mu bimenyetso bigaragaza urukundo rwuzuye; ni ukurengera imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), no kwitanga ndetse no gutanga umutungo kubera iyo mpamvu.
3. Urukundo rw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) rusaba kuyumvira mu byo itegetse, no guhamya ukuri kw'ibyo yavuze, no kwitandukanya n'ibyo yabujije ikanihanangiriza, no kuyikurikira mu byo yigishije no kureka ibihimbano.
4. Uburenganzira bw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nibwo buhambaye kuruta ubw'abandi bantu, kubera ko ari bwo mpamvu yo

kuyoboka kwacu tuva mu buyobe, no kuturokora umuriro, ndetse n'intsinzi y'ijuru.

(5953)

(18) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه عَنِ النَّبِيِّ صلى الله عليه وسلم قَالَ: «دَعُونِي مَا تَرَكْتُكُمْ، إِنَّمَا هَلَكَ مَنْ كَانَ قَبْلَكُمْ بِسُؤَالِهِمْ وَاخْتِلَافِهِمْ عَلَى أَنْبِيَائِهِمْ، فَإِذَا نَهَيْتُكُمْ عَنْ شَيْءٍ فَاجْتَنِبُوهُ، وَإِذَا أَمَرْتُكُمْ بِأَمْرٍ فَأْتُوا مِنْهُ مَا اسْتَطَعْتُمْ». [صحيح] - [متفق عليه]

(18) – Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mundekere ibyo ntababwiye, kubera ko ababanjirije boretswe no kubaza kwabo ndetse no kunyuranya kwabo ku ntumwa zabo, bityo ningira icyo mbabuza mujye mukireka, ninagira icyo mbategeka mujye mukoramo ibyo mushoboye." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ko amategeko y'idini agabanyijemo ibice bitatu: Ataravuzwe, abuza, n'ategeka. Naho aya ya mbere: Ni ibyo amategeko y'idini atagaragaje itegeko ryabyo; kandi ubusanzwe ibintu ntibiba ari itegeko; Mu gihe rero Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari ikiriho, byari itegeko kutagira icyo bayibaza mu bitaraba, kubera gutinya ko bakibajije

itegeko ryacyo ryaza ribategeka gukora cyangwa se ribabuza, bityo Allah yakiretse kubera impuhwe afitiye abagaragu be. Naho nyuma y'urupfu rwayo (Imana iyihe amahoro n'imigisha), iyo ikibazo kigamijwe gusobanuza cyangwa se kwiga ibyo acyeneye mu idini rye, icyo kibazo kiremewe ndetse kiranategetswe, ariko biri mu rwego rwo gupinga no kwigora ibi nibyo bibujijwe muri iyi Hadith, kubera ko bishobora gutuma bamera nk'abayisiraheri, ubwo bategekwaga kubaga inka , iyo baza kubaga iyo babonye yose bari kuba bubahirije itegeko, ariko barabikomeje Allah nawe arabakomereza.

Aya kabiri: Ni ayaje atubuza ibikorwa runaka: Uyubahirije arabihemberwa, n'uyakoze arabihanirwa, niyo mpamvu umuntu aba akwiye kubyirinda byose.

Aya gatatu: Ni amategeko ategeka gukora; uyakoze arabihemberwa, yayareka akabihanirwa, icyo gihe aba akwiye kuyakora bijyanye n'ubushobozi bwe.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Birakwiye kwita ku by'ingenzi bicyenewe, no kureka ibidacyenewe ako kanya, no kutita kukubaza ibitaragera.
2. Ikibazo kiganisha mu gukomeza ibintu, cyangwa se guteza urujijo biganisha mu mpaka ndende kirabujijwe.
3. Ni itegeko kureka ibyabujijwe byose, kubera ko kubireka nta ngaruka byateza; niyo mpamvu kubibuza byavuzwe mu buryo bwa rusange.

4. Itegeko ritegeka gukora ibitegetswe bijyanye n'ubushobozi; kubera ko bishobora gutera ingaruka no kunanirwa kubikora; niyo mpamvu ubwo byategekwaga byagombaga kugendana n'ubushobozi bw'umuntu.
5. Kubuza kubaza ibibazo byinshi; abamenyi bagabanyije ikibazo mu buryo bubiri: Ubwa mbere: Ikibazo kigamije kwiga no kunguka ubumenyi mu by'idini, iki cyo ni itegeko aha niho dusanga n'ibibazo abasangirangendo babazaga Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Ubwa kabiri: Ikibazo kigamije kurwanya no gupinga, iki nicyo kibujijwe.
6. Kubuza abayisilamu kunyuranya n'Intumwa yabo, nk'uko byabaye ku babayeho mbere yabo.
7. Ibibazo byinshi bidacyenewe, no kunyuranya n'Intumwa z'Imana ni imwe mu mpamvu zo korama, by'umwihariko mu bintu tudashobora kugera ku bumenyi bwabyo; nk'ibyerekeranye n'ubumenyi bw'ibitagaragara bizwi na Allah wenyine, cyangwa se ibyerekeranye n'umunsi w'imperuka.
8. Kubuza kubaza ibibazo bigoye kubonera ibisubizo. Al Awza'a-iy yaravuze ati: Mu by'ukuri Allah iyo ashaka kwima umugaragu imigisha y'ubumenyi, ashyira ku rurimi rwe ibituma akora amakosa, abantu nk'abo nabonye ari nabo baba bafite ubumenyi bucye.

   Ibun Wahab nawe yarabuze ati: Numvise Imam Malik avuga ati: Kujya impaka mu bumenyi, byambura urumuri rwabwo mu mutima w'umuntu.

(19) – عن عبد الله بن عمرو رضي الله عنهما أن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «بَلِّغُوا عَنِّي وَلَوْ آيَةً، وَحَدِّثُوا عَنْ بَنِي إِسْرَائِيلَ وَلَا حَرَجَ، وَمَنْ كَذَبَ عَلَيَّ مُتَعَمِّدًا فَلْيَتَبَوَّأْ مَقْعَدَهُ مِنَ النَّارِ». [صحيح] - [رواه البخاري]

(19) – Hadithi yaturutse kwa Abdillah Ibun Amri (Imana ibishimire bombi) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Musohoze ubutumwa mwanyumviseho n'ubwo waba umurongo umwe, nta n'ikibazo mujye munavuga ku byerekeye bene Isiraheri , ariko uzambeshyera ku bushake, azitegure icyicaro cye mu muriro." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irategeka gusohoza ubumenyi bwo muri Qur'an cyangwa se Sunat, kabone n'iyo bwaba ari bucye bungana nk'umurongo umwe wo muri Qur'an cyangwa se imvugo imwe y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) gusa agomba kuba azi neza ndetse asobanukiwe n'ibyo ahamagarira abantu.

Nyuma Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ko ntacyo bitwaye kuvuga ku byerekeye bene Isiraheri byababayeho ariko bidahabanye n'idini ryacu. Irangije ibuza kuyibeshyera , ko nihagira n'uyibeshyera ku bwende aziteganyirize icyicaro cye mu muriro.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza gusohoza idini rya Allah, kandi ko umuntu agomba gusohoza ibyo yamenye n'ibyo yasobanukiwe kabone n'iyo byaba ari bicye.
2. Gushaka ubumenyi bw'idini ni itegeko, kugira ngo umuntu ashobore kugaragira Allah no gusohoza idini rye mu buryo buboneye.
3. Ni itegeko kubanza gusuzuma niba Hadithi ugiye kwigisha ari ukuri mbere y'uko uyigisha mu rwego rwo kwirinda kuba wakwinjira mu bateganyiriijwe iki gihano gihambaye.
4. Gushishikariza kurangwa n'ukuri mu magambo no kwigengesera kuri Hadith z'Intumwa y'Imana, mu rwego rwo kwirinda kugwa mu by'umwihariko mu bigendanye n'amategeko y'idini rya Allah.

(3686)

(20) – عن المقدام بن معدِيْكَرِب رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «أَلَا هَلْ عَسَى رَجُلٌ يَبْلُغُهُ الْحَدِيثُ عَنِّي وَهُوَ مُتَّكِئٌ عَلَى أَرِيكَتِهِ فَيَقُولُ: بَيْنَنَا وَبَيْنَكُمْ كِتَابُ اللهِ، فَمَا وَجَدْنَا فِيهِ حَلَالًا اسْتَحْلَلْنَاهُ، وَمَا وَجَدْنَا فِيهِ حَرَامًا حَرَّمْنَاهُ، وَإِنَّ مَا حَرَّمَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ كَمَا حَرَّمَ اللهُ». [صحيح] - [رواه أبو داود والترمذي وابن ماجه]

(20) – Hadithi yaturutse kwa Al Miqdam Ibun Maadiy Karib (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ese birakwiye ko umugabo umwe amenya Hadithi yanturutseho yagamye ku mifariso y'iwe maze akavuga ati: Hagati yacu namwe

twakiranurwa n'igitabo cya Allah (cyonyine); ibyo dusanzemo byaziruye tukaba ari byo tuzirura, n'ibyo dusanzemo byaziririje tukaba ari byo tuziririza?
Nyamara ibyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaziririje nibyo n'ubundi Allah yaziririje." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Abu Dawud na Tirmidhiy ndetse na Ibun Madjah]**

Ibisobanuro birambuye:
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko ibihe byasohoye aho usanga itsinda mu bantu ryicaye, ndetse umwe muri ryo yegamye mu mifariso y'iwe, yamenya Hadithi yaturutse ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) akavuga ati: Icyadukiranura hagati yacu namwe ni Qur'an Ntagatifu yonyine iraduhagije; ibyo dusanze muri yo bizuruye tukaba ari byo dukora, n'ibyo dusanzemo yaziririje tukaba ari byo tuziririza.
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije igaragaza ko buri icyo ari cyo cyose yaziririje cyangwa se yabujije mu migenzo ye, itegeko ryacyo ni rimwe n'iry'ibyo Allah yaziririje mu gitabo cye, kuko ari we waje gusohoza ubutumwa buturutse kwa Nyagasani we.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:
1. Guha agaciro imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nkuko tugaha Qur'an, no kuyishyira mu bikorwa.

2. Kubaha Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ni ko kubaha Allah, no kuyigomekaho ni ko kwigomeka kuri Allah Nyir'ubutagatifu.
3. Gushimangira ko imigenzo y'Intumwa y'Imana igomba kubahwa no gukurikizwa, ndetse no guha igisubizo uwo ari we wese utemera iyi migenzo ndetse akayihakana.
4. Uzirengagiza imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), akibwira ko akurikira Qur'an yonyine, azaba abyirengagije byombi, ndetse ari n'umubeshyi mu byo avuga ko akurikiza Qur'an.
5. Mu bimenyetso bigaragaza ubuhanuzi bw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ni ukuba yaravuze ibintu bizabaho mu gihe kizaza, kandi koko bikaba nk'uko yabivuze.

(65005)

(21) – عن عائشة أم المؤمنين وعبد الله بن عباس رضي الله عنهما قالا: لَمَّا نَزَلَ بِرَسُولِ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ طَفِقَ يَطْرَحُ خَمِيصَةً لَهُ عَلَى وَجْهِهِ، فَإِذَا اغْتَمَّ بِهَا كَشَفَهَا عَنْ وَجْهِهِ، فَقَالَ وَهُوَ كَذَلِكَ: «لَعْنَةُ اللَّهِ عَلَى اليَهُودِ وَالنَّصَارَى، اتَّخَذُوا قُبُورَ أَنْبِيَائِهِمْ مَسَاجِدَ» يُحَذِّرُ مَا صَنَعُوا. [صحيح] - [متفق عليه]

(21) – Hadith yaturutse kwa Aishat na Abdillah Ibun Abass (Imana imishimire we na se) baravuze bati: Ubwo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari yegereje igihe cyo gupfa yitwikiriye igitambaro mu maso, yakomererwa ikagikura ku maso, maze iravuga iti: Umuvumo wa Allah uzabe ku

bayahudi n'abanaswara, bafashe imva zishyinguyemo Intumwa zabo bazigira imisigiti (aho gusengera)" iri kwihanangiriza gukora nk'ibyo! **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Aishat na Ibun Abass (Imana ibishimire bose) baratubwira ko ubwo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari yegereje igihe cyo gupfa yitwikiriye igitambaro mu maso, yakomererwa ikagikura mu maso, maze iravuga iti: @Umuvumo wa Allah uzabe ku bayahudi n'abanaswara, bafashe imva zishyinguyemo Intumwa zabo bazigira imisigiti (Aho gusengera)! Iyo bitaza kuba biteye inkeke ntiyari kubyihanangiriza mu gihe yari imeze kuriya. Niyo mpamvu Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije abayoboke bayo kwisanisha n'ibyo abayahudi n'abanaswara bakora, kubera ko ari imwe mu nzira ziganisha mu ibangikanyamana Nyir'ubutagatifu!

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kubuza kugira imva z'abahanuzi n'abandi baranzwe no gukora ibikorwa byiza ahantu ho gusengera, kuko ari bumwe mu buryo buganisha mu ibangikanyamana!
2. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari ishishikajwe no kwigisha abantu kwemera Imana imwe gusa (Tawhid) no kuba yari ifite impungenge z'uburyo bafata imva, kubera ko biganisha mu ibangikanyamana.

3. Biremewe gusabira abayahudi n'abanaswara umuvumo n'undi ukora nk'ibyo bakora nko kubaka ku mva no kuhagira ahantu ho gusengera.
4. Kubaka ku mva ni imwe mu migenzo y'abayahudi n'abanaswara, Hadith ikaba yaje ibuza kumera nkabo.
5. Kugira imva imisigiti hinjiramo no kuhasengera ndetse no kuherekera, n'ubwo nta musigiti waba uhubatse.

(3330)

(22) – عن أبي هريرة رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم: «اللهُمَّ لَا تَجْعَلْ قَبْرِي وَثَنًا، لَعَنَ اللهُ قَوْمًا اتَّخَذُوا قُبُورَ أَنْبِيَائِهِمْ مَسَاجِدَ». [صحيح] - [رواه أحمد]

(22) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mana Nyagasani imva yanjye ntuzayigire ahakorerwa ibangikanyamana, Allah yavumye abantu bafashe imva z'abahanuzi babo bakazigira aho gukorera amasengesho." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasabye Nyagasani wayo ko imva ye itagirwa nk'ikigirwamana ngo abantu bayisenge, cyangwa se ngo byajye bayubamira igihe bayigezeho. Nyuma Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga ko Allah yirukanye mu mpuhwe ze uwo ari we

wese wafashe imva z'abahanuzi akazigira ahantu ho gusengera, kubera ko kubikora gutyo byatuma abantu bahasenga ndetse bakanahizera.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kubaha imva z'abahanuzi n'abandi bakora ibyiza ukarenza urugero rwagennwe mu mategeko y'idini ry'ubuyisilamu, bituma zasengwa mu cyimbo cya Allah; niyo mpamvu ari itegeko kwirinda inzira zose ziganisha mu ibangikanyamana.
2. Ntibyemewe kwerecyera ku marimbi mu rwego rwo kuyubaha no kuyakoreraho amasengesho, uko uyashyinguyemo yaba yariyegerezaga Allah kose.
3. Ni ikizira kubaka imisigiti hejuru y'amarimbi.
4. Ni ikizira gusalira ku marimbi, n'ubwo haba hatarubatswe umusigiti, cyeretse kuba wahasarira isengesho ry'uwapfuye batari barikoreye.

(3336)

(23) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «لَا تَجْعَلُوا بُيُوتَكُمْ قُبُورًا، وَلَا تَجْعَلُوا قَبْرِي عِيدًا، وَصَلُّوا عَلَيَّ؛ فَإِنَّ صَلَاتَكُمْ تَبْلُغُنِي حَيْثُ كُنْتُمْ». [حسن] - [رواه أبو داود]

(23) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Amazu yanyu ntimuzayagire amarimbi, kandi imva yanjye ntimuzayigire aho gukorera iminsi mikuru, kandi mujye munsabira kubera ko kunsabira kwanyu aho

mwaba muherereye hose bingeraho." **[Hadithi nziza] - [Yakiriwe na Abu Dawudi]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irabuza kudakorera iswala mu nzu zacu, zigahinduka nk'amarimbi atajya akorerwamo iswala. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije gusura imva yayo kenshi no kuhateranira mu buryo buhoraho, kubera ko ari bumwe mu buryo bugeza ku ibangikanyamana.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yategetse kandi kuyisabira amahoro n'imigisha) aho twaba turi aho ari ho hose, kubera ko uko kuyisabira kwacu biyigeraho mu buryo bumwe k'uwaba ari bugufi cyangwa se kure, nta mpamvu rero yo guhora uza ku mva ye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Birabujijwe kureka gukorera Ibikorwa Allah yishimira (Ibadat) mu nzu dutuyemo.
2. Birabujijwe gukora urugendo ugiye gusura imva y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) , kubera ko yategetse kuyisabira amahoro n'imigisha kandi ko biyigeraho, ahubwo icyemewe ni ugukora urugendo ugamije umusigiti w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) no kuwusaliramo.
3. Ni ikizira kugira imva y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ahantu ho gukorera

iminsi mikuru, uhasura kenshi ku buryo bw'umwihariko mu gihe runaka, ni nk'uko bimeze ku gusura n'indi mva iyo ari yo yose.

4. Agaciro Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ifite kwa Nyagasani wayo, aho byategekwaga kuyisabira amahoro n'imigisha) ahantu hose ibihe byose.
5. Kubera ko abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) babujijwe gusalira ku marimbi baramaze no kubimenyera, niyo mpamvu Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije kugira inzu nk'amarimbi atajya asarirwamo.

(3350)

(24) – عَنْ عَائِشَةَ أُمِّ المؤمنين رضي الله عنها: أَنَّ أُمَّ سَلَمَةَ ذَكَرَتْ لِرَسُولِ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ كَنِيسَةً رَأَتْهَا بِأَرْضِ الْحَبَشَةِ، يُقَالُ لَهَا مَارِيَةُ، فَذَكَرَتْ لَهُ مَا رَأَتْ فِيهَا مِنَ الصُّوَرِ، فَقَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «أُولَئِكَ قَوْمٌ إِذَا مَاتَ فِيهِمُ الْعَبْدُ الصَّالِحُ، أَوِ الرَّجُلُ الصَّالِحُ، بَنَوْا عَلَى قَبْرِهِ مَسْجِدًا، وَصَوَّرُوا فِيهِ تِلْكَ الصُّوَرَ، أُولَئِكَ شِرَارُ الْخَلْقِ عِنْدَ اللهِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(24) – Hadith yaturutse kwa Aishat Nyina w'abemeramana (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umu Salamat yaganirije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) urusengero yabonye muri Habashat (Abyssinia) bita Mariya, amurondorera ibyo yabonye nk'amashusho arumanitsemo, maze Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti: "Abo bantu iyo hari umugaragu cyangwa umuntu

wakoraga ibyiza muri bo upfuye, bubaka hejuru y'imva ye umusigiti, bakanashyiramo amashusho, kandi abo nibo biremwa bibi imbere ya Allah." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Nyina w'abemeramana Umu Salamat (Imana imwishimire) yabwiye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko ubwo yari mu gihugu cya Habashat yabonye urusengero bita Mariya, rurimo amashusho n'imitako agaragaza ko byamutangaje!

Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) isobanura impamvu z'ayo mashusho; Nuko iramubwira iti: Abo bantu uri kumbwira iyo hari umwe muri bo wakoraga ibikorwa byiza agapfa, bahita bubaka ku mva urusengero basengeramo, ndetse bakahashyira n'ayo mashusho! Inamusobanurira ko abakora ibyo ari bo biremwa bibi imbere ya Allah Nyir'ubutagatifu, kubera ko kubikora biganisha mu ibangikanyamana.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni ikizira kubaka insengero n'imisigiti ku mva, cyangwa se kuhasengera no kuhasalira, cyangwa se gushyingura abapfuye mu misigiti, mu rwego rwo gukumira kugwa mu ibangikanyamana.
2. Kubaka imisigiti ku mva, no kuhashyira amashusho n'ibishushanyo, ni ibikorwa

by'abayahudi n'abanaswara, kandi ubikoze aba yisanishije nabo.

3. Ni ikizira gukora amashusho y'ibinyabuzima bihumeka.
4. Uwubatse ku mva umusigiti cyangwa akahashyira amashusho n'ibishushanyo runaka, uwo aba ari ikiremwa kibi imbere ya Allah Nyir'ubutagatifu.
5. Amategeko y'idini yabungabunzwe mu buryo bukomeye kandi bwuzuye ukwemera Imana imwe, afunga inzira zose zaganisha mu ibangikanyamana.
6. Birabujijwe gukabiriza abantu bapfuye bakora ibikorwa byiza no kubashyira ku rwego batari bariho, kuko ari imwe mu nzira ziganisha mu ibangikanyamana.

(10887)

(25) – عن جندب رضي الله عنه قال: سَمِعْتُ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَبْلَ أَنْ يَمُوتَ بِخَمْسٍ وَهُوَ يَقُولُ «إِنِّي أَبْرَأُ إِلَى اللهِ أَنْ يَكُونَ لِي مِنْكُمْ خَلِيلٌ فَإِنَّ اللهَ تَعَالَى قَدِ اتَّخَذَنِي خَلِيلًا كَمَا اتَّخَذَ إِبْرَاهِيمَ خَلِيلًا، وَلَوْ كُنْتُ مُتَّخِذًا مِنْ أُمَّتِي خَلِيلًا لَاتَّخَذْتُ أَبَا بَكْرٍ خَلِيلًا، أَلَا وَإِنَّ مَنْ كَانَ قَبْلَكُمْ كَانُوا يَتَّخِذُونَ قُبُورَ أَنْبِيَائِهِمْ وَصَالِحِيهِمْ مَسَاجِدَ، أَلَا فَلَا تَتَّخِذُوا الْقُبُورَ مَسَاجِدَ إِنِّي أَنْهَاكُمْ عَنْ ذَلِكَ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(25) – Hadithi yaturutse kwa Djun'dubi (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mbere y'uko ipfa ho iminsi itanu ivuga iti: " Mpakanye ko nagira muri mwe inshuti magara, kubera ko Allah yangize inshuti ye magara nkuko Ibrahim yamugize

inshuti ye magara, kandi iyo nza guhitamo inshuti magara mu bayoboke banjye nari kumugira Abubakari. Kandi ababayeho mbere yanyu bajyaga bafata imva z'abahanuzi babo n'abakora ibyiza muri bo bakazihindura imisigiti! Muramenye imva nimuzazihindure imisigiti, ibyo ndabibabujije!"
[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) muri iyi Hadithi yagaragazaga urwego iri ho kwa Nyagasani wayo, kandi ko ari rwo rwego rwo gukunda rusumba izindi, nk'uko Ibrahim (Allah amuhundagazeho amahoro) yarugezeho.

Niyo mpamvu Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahakanye ko yagira inshuti magara yindi itari Allah, kubera ko umutima wayo usendereye urukundo rwa Allah Nyir'ubutagatifu, no kumuha icyubahiro n'ikuzo ndetse no kuba imuzi, bityo nta wundi yagira inshuti magara utari Allah, Kandi ko iyo aza kugira indi nshuti magara mu biremwa yari kumugira Abubakar A-Swidiq (Imana imwishimire). Hanyuma Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije gukunda cyane ugakabya, nk'uko abayahudi n'abakirisitu babigenje ku mva z'abahanuzi babo ndetse n'abakoraga ibyiza muri bo kugeza ku rwego bazigize ibigirwamana bigaragirwa mu cyimbo cya Allah, ndetse banazubakaho insengero ndetse n'aho gusengera, niyo mpamvu Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije abayoboke bayo ibikorwa nk'ibyo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro Abubakar A-Swidiq (Imana imwishimire) afite, kandi ko ari we mwiza kuruta abandi basangirangendo, ndetse ko ari we wari ukwiye ubuyobozi nyuma y'urupfu rw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).
2. Kubaka imisigiti ku marimbi ni kimwe mu bikorwa bibi byakozwe n'abatubanjirije.
3. Kugira imva ahantu ho gusengera cyangwa se ho kwerekera mu masengesho, cyangwa se kubakaho imisigiti ntibyemewe, mu rwego rwo kwirinda ko byaba ibangikanyamana.
4. Kubuza gukabiriza gukunda abakora ibyiza kuberako byageza nyirabyo mu ibangikanyamana.
5. Ubuhambare bw'ibyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yihanangirije abantu kutazakora, kuko yabibujije mbere y'uko ipfa isigaje amajoro atanu.

(3347)

(26) – عن أبي الهيَّاج الأسدي قال: قَالَ لِي عَلِيُّ بْنُ أَبِي طَالِبٍ: أَلَا أَبْعَثُكَ عَلَى مَا بَعَثَنِي عَلَيْهِ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ؟ أَنْ لَا تَدَعَ تِمْثَالًا إِلَّا طَمَسْتَهُ، وَلَا قَبْرًا مُشْرِفًا إِلَّا سَوَّيْتَهُ. [صحيح] - [رواه مسلم]

(26) – Hadithi yaturutse kwa abil Hayaadj Al Asadiyu yaravuze ati: Ally Ibun Abi Twalibi yarambwiye ati: Ese nkohereze ku cyatumye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) inyohereza? Nuko utagomba kureka ikibumbano usibye ko ugomba kugikuraho, cyangwa se ngo

ureke imva isumba ubutaka usibye ko ugomba kuyireshyeshya nabwo. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga yohereza abasangirangendo bayo ikabasaba ko batagomba kureka ikibumbano kiri mu ishusho y'igihumeka cyangwa se ikitari ikibumbano usibye ko bagomba kugikuraho ntibakireke. Ndetse ko batagomba gusiga imva irenze ku butaka usibye ko bagomba kuyisanza ikareshya nabwo, bagasenya ibiyiriho biyubakiye, ntisumbe ubutaka cyane, ikabusumba mu ntera ireshya n'ikiganza.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni ikizira kubumba cyangwa se kubaza amashusho y'ibihumeka, kuko ari imwe mu nzira z'ibangikanyamana.
2. Biremewe gukuzaho ukuboko ikibi igihe biri mu bubasha bwawe ndetse ubifitiye ubushobozi.
3. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yashishikariraga gukuraho icyo ari cyo cyose mu bisigisigi by'ubujiji, nk'amashusho, ibibumbano, n'inyubako bubakiraga ku mva.

(5934)

(27) – عَنْ عَبْدِ اللهِ بْنِ مَسعودٍ رضي الله عنه عن رَسولِ اللهِ صلى الله عليه وسلم قال: «الطِّيَرَةُ شِرْكٌ، الطِّيَرَةُ شِرْكٌ، الطِّيَرَةُ شِرْكٌ، -ثلاثًا-»، وَمَا مِنَّا إِلَّا، وَلَكِنَّ اللهَ عَزَّ وَجَلَّ يُذْهِبُهُ بِالتَّوَكُّلِ. [صحيح] - [رواه أبو داود والترمذي وابن ماجه وأحمد]

(27) – Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Mas'ud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Kwemera umwaku ni ibangikanyamana, kwemera umwaku ni ibangikanyamana, kwemera umwaku ni ibangikanyamana (inshuro eshatu), kandi nta n'umwe muri twe usibye ko hari ubwo abitekereza, ariko Allah Nyir'ubutagatifu abikuzaho kumwiringira (A-Tawakul)." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Abu Dawud, na Tirmidhi, na Ibun Madjah, ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatwihanangirije kwemera umwaku muri buri kintu, nko kwemera ko umwaku wawutewe n'ikintu wumvise cyangwa se wabonye, cyaba mu nyoni cyangwa se inyamaswa, cyangwa se abantu bafite ubumuga, cyangwa se imibare, cyangwa se iminsi n'ibindi.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) hano yavuze inyoni kubera ko mbere y'ubuyisilamu mu gihe cy'ubujiji byari bimenyerewe ko mbere yo kugira igikorwa icyo ari cyo cyose bakora nk'urugendo cyangwa se ubucuruzi cyangwa se ibindi, bafataga inyoni bakayigurutsa, yakerekera mu cyerekezo cy'iburyo barishimaga bakagira icyizere

bagakomeza umugambi wabo, ariko iyo yagurukaga yerekeje mu cyerekezo cy'ibumoso, bagiraga agahinda bakumva ko bahuye n'umwaku, ibyo bari bagiye gukora bakabireka. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yababwiye ko ibyo ari ibangikanyamana, kuko kwemera umwaku bibarwa muri ryo, kubera ko ntawuha abantu ibyiza uretse Allah nta n'ubarinda ibibi uretse Allah wenyine udafite undi babangikanye.

Ibun Mas'ud (Imana imwishimire) kandi yavuze ko bishoboka ko mu mutima w'umuyisilamu hashobora kuzamo ikintu nk'icyo cyo kwemera umwaku, ariko aba agomba kugikuzaho kwiringira Allah wenyine, no gukora impamvu z'ibikorwa.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwemera umwaku ni ibangikanyamana, kubera ko bituma umutima urangamira ikindi kitari Allah.
2. Agaciro ko gusubiramo kenshi ubutumwa bw'ingenzi ushaka ko abantu bumva, kugira ngo babuzirikane kandi bugere mu mitima yabo.
3. Kwemera umwaku bikurwaho no kwiringira Allah Nyir'ubutagatifu.
4. Itegeko ryo kwiringira Allah wenyine no kuba ariwe imitima irangamira.

(3383)

(28) – عن عمران بن حصين رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «لَيْسَ مِنَّا مَنْ تَطَيَّرَ أَوْ تُطُيِّرَ لَهُ، أَوْ تَكَهَّنَ أَوْ تُكُهِّنَ لَهُ، أَوْ سَحَرَ أَوْ سُحِرَ لَهُ، وَمَنْ عَقَدَ عُقْدَةً، وَمَنْ أَتَى كَاهِنًا فَصَدَّقَهُ بِمَا يَقُولُ فَقَدْ كَفَرَ بِمَا أُنْزِلَ عَلَى مُحَمَّدٍ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ». [حسن] - [رواه البزار]

(28) – Hadithi yaturutse kwa Imran Ibun Huswayni (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ntari muri twe uwizera amahirwe cyangwa se umwaku mu bintu, cyangwa se ukora ubupfumu cyangwa se agasaba kubukorerwa, cyangwa se uroga, cyangwa se usaba kurogerwa. N'uzafunga ipfundo n'uzajya ku mupfumu akemera ibyo amubwiye azaba ahakanye ibyahishuriwe Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha)." **[Hadithi nziza] - [Yakiriwe na Al Bazar]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irihanangiriza abayoboke bayo bakora bimwe muri ibi bikurikira:

Icya mbere: "Ntari muri twe uwizera amahirwe cyangwa se umwaku mu bintu, inkomoko y'ibi: Ni ugufata inyoni igihe ugiye mu kazi cyangwa se ku rugendo ukayirekura ikagenda, yanyura iburyo ukabona ko uri buhirwe ukajya mu kazi cyangwa ku rugendo yanyura ibumoso ukabona ko ari umwaku ukareka kugira icyo ukora, rero ntabwo

byemewe k'umuntu kuba yakora ibi abyikorera cyangwa se kuba hari uwo yasaba kubimukorera, muri igi gisobanuro kandi hinjiramo n'uwakwizera umwaku mu cyo ari cyo cyose, icy'umvwa cyangwa se ikirebwa, haba mu biguruka cyangwa se mu zindi nyamaswa, cyangwa semu bantu bafite ubumuga runaka, cyangwa se mu mibare cyangwa se mu minsi n'ibindi.

Icya kabiri: "Ukora ubupfumu cyangwa se agasaba kubukorerwa"; uzavuga ko afite ubumenyi bw'ibitagaragara akoresheje inyenyeri n'ibindi, cyangwa se akaza kuri uwo wiyitirira ubwo bumenyi nk'uwo mupfumu, akemera ibyo amubwiye azaba ahakanye ibyahishuriwe Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha)."

Icya gatatu: "Ni umurozi cyangwa se usaba ko bamurogera"; uroga ku giti cye, cyangwa se agasaba umurozi kumurogera umuntu runaka, kugira ngo bifashe umuntu runaka cyangwa se bimugireho ingaruka, cyangwa se agapfundika amapfundo arimo uburozi, arivugiraho imitongero iziririjwe, akayahuhamo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni itegeko kwiringira Allah no kwemera igeno rye, ndetse n'ikizira kuraguza no kwemera umwaku n'inyatsi, n'uburozi ndetse n'ubupfumu, cyangwa se kujya kubaza abantu babikora.

2. Umuntu kuba yavuga ko azi ubumenyi bw'ibitagaragara ni bimwe mu ibangikanyamana, bihabanye n'ukwemera (Tawhidi).
3. Ni ikizira kwemera iby'abapfumu no kujya kubareba, haninjiramo kandi n'ubupfumu bw'abantu basoma ibiri mu kiganza cy'umuntu cyangwa mu gikombe cy'icyayi bakamubwira ibizamubaho, nta nubwo byemewe kujya kubireba nubwo byaba ari mu rwego rw'amatsiko.

(5981)

(29) – عَنْ أَنَسِ بْنِ مَالِكٍ رضي الله عنه عَنِ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «لَا عَدْوَى، وَلَا طِيَرَةَ، وَيُعْجِبُنِي الْفَأْلُ» قَالَ قِيلَ: وَمَا الْفَأْلُ؟ قَالَ: «الْكَلِمَةُ الطَّيِّبَةُ». [صحيح] - [متفق عليه]

(29) – Hadith yaturutse kwa Anas Ibun Malik (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ntabwo indwara yo ubwayo yifata ngo yimukire ku muntu wundi uretse ko biba ku bw'igeno rya Allah, nta n'umwaku ubaho, birananezeza kwizera ibyiza", nuko barayibaza bati: Kwizera ibyiza bishatse kuvuga iki? Irabasubiza iti: "Ni ijambo ryiza." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko nta ndwara y'icyorezo ikwira yo ubwayo hatabayemo igeno rya Allah nk'uko abantu bo mu gihe cy'ubujiji cya mbere y'ubuyisilamu babyizeraga kuko atari ukuri. Kandi ko kwemera umwaku waterwa

n'ibyo wumvise cyangwa se wabonye nk'inyoni, cyangwa se inyamaswa, cyangwa se abantu bafite ubumuga butandukanye, cyangwa se imibare, cyangwa se iminsi cyangwa se n'ibindi ibyo ari byo byose ntabwo ari ukuri. Hano yavuzemo inyoni kubera ko ubu buryo bwari bumenyerewe mu gihe cy'ubujiji; babukoraga iyo umwe muri bo yashakaga kugira igikorwa akora nk'urugendo cyangwa se ubucuruzi cyangwa se ikindi icyo ari cyo cyose akagurutsa inyoni mu kirere, iyo yagurukaga yerekeje mu cyerekezo cy'iburyo yagiraga icyizere agakomeza umugambi we, iyo yagurukaga yerekeje mu cyerekezo cy'ibumoso, yumvaga ari umwaku kuri we akareka gukora icyo yashakaga gukora. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije iravuga ngo biranezeza kwizera ibyiza, ari byo bisobanuye ibyishimo umuntu yiyumvamo kubera ijambo ryiza yumvise, rigatuma agirira Nyagasani we icyizere.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwiringira Allah Nyir'ubutagatifu, kandi ko nta wundi uzana ibyiza uretse Allah, nta n'urinda ikibi uretse Allah.
2. Kubuza gutomboza amahirwe ukoresheje inyoni, kubera ko bituma umuntu yemera umwaku, bikamubuza kuba hari icyo yakora.
3. Kugira icyizere ntabwo biri mu gutomboza amahirwe bibujijwe, ahubwo ni bimwe mu kugirira icyizere Allah

4. Buri kintu kibaho ku bw'igeno rya Allah Nyir'ubutagatifu wenyine, udafite uwo babangikanye.

(3422)

(30) – عَنْ زَيْدِ بْنِ خَالِدٍ الجُهَنِيِّ رضي الله عنه أَنَّهُ قَالَ: صَلَّى لَنَا رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ صَلَاةَ الصُّبْحِ بِالْحُدَيْبِيَةِ عَلَى إِثْرِ سَمَاءٍ كَانَتْ مِنَ اللَّيْلَةِ، فَلَمَّا انْصَرَفَ أَقْبَلَ عَلَى النَّاسِ، فَقَالَ: «هَلْ تَدْرُونَ مَاذَا قَالَ رَبُّكُمْ؟» قَالُوا: اللهُ وَرَسُولُهُ أَعْلَمُ، قَالَ: «أَصْبَحَ مِنْ عِبَادِي مُؤْمِنٌ بِي وَكَافِرٌ، فَأَمَّا مَنْ قَالَ: مُطِرْنَا بِفَضْلِ اللهِ وَرَحْمَتِهِ، فَذَلِكَ مُؤْمِنٌ بِي وَكَافِرٌ بِالْكَوْكَبِ، وَأَمَّا مَنْ قَالَ: بِنَوْءِ كَذَا وَكَذَا، فَذَلِكَ كَافِرٌ بِي وَمُؤْمِنٌ بِالْكَوْكَبِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(30) – Hadithi yaturutse kwa Zayd Ibun Khalid Al Djuhaniy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha yadusengesheje isengesho rya mu gitondo (A-Swub'hi) turi ahitwa Al Hudaybiyat imvura yari imaze guhita muri iryo joro, ubwo yari isoje isengesho yarahindukiye iratureba maze iravuga iti: Mwaba muzi uko Nyagasani wanyu ambwiye? Turayisubiza tuti: Allah n'Intumwa ye ni bo babizi! Nuko iratubwira iti: Bucya mu bagaragu banjye harimo unyemera n'umpakana! Uvuze ngo tugushirijwe imvura ku bw'ingabire za Allah n'impuhwe ze, uwo aba anyemera agahakana inyenyeri, naho uvuze ngo tugushirijwe imvura ku bw'inyenyeri iyi n'iyi uwo aba ampakanye ahubwo yemeye inyenyeri!" **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasaye iswala ya Al Fadj'ri iri ahitwa Al Hudaybiyat -

kakaba ari agace kegeranye n'i Makat- icyo gihe imvura yari ihise; Ubwo yari imaze gusali no gutora Salamu yo kurangiza iswala, yarahindukiye ireba abantu nuko irababaza iti: Mwaba mwamenye ibyo Nyagasani wanyu yavuze? Baramusubiza bati: Allah wenyine n'Intumwa ye nibo babizi! Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irababwira iti: Mu by'ukuri Allah ambwiye ko iyo imvura iguye abantu baba barimo ibice bibiri:

Hari abemera Allah, hakaba n'abamuhakana; Uvuze ngo tugushije imvura ku bw'ingabire za Allah n'inema ze, akemera ko kugwa kwayo ari ukubera Allah, uwo aba anyemera ko ari njye Allah, Umuremyi, Umugenga w'ibiri mu isi, utemera ko inyenyeri hari ububasha ubwo ari bwo bwose zifite; Naho uvuze ngo tugushije imvura ku bw'inyenyeri iyi n'iyi, uwo aba ahakanye Allah, ahisemo kwemera ko inyenyeri zifite ububasha bwo kugusha imvura, ibi bikaba ari ubuhakanyi buto kubera ko kugwa kw'imvura abyitiriye inyenyeri runaka, kandi inyenyeri Allah ntabwo yigeze azigira impamvu yo kugwa kw'imvura. Naho abitirira kugwa kw'imvura ikindi nk'ibibaho muri kamere yo mu isi nk'imboneko z'inyenyeri cyangwa se igihe zizimye, akemera ko ari cyo cyateye kugwa kw'imvura uwo aba ahakanye uguhakana gukuru kandi gukomeye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni byiza igihe imvura iguye kuvuga iti: MUTWIR'NA BIFADW'LILLAH WA RAHMATIHI:

Twahawe imvura ku bw'ingabire za Allah no ku bw'ineza ye.

2. Uzitirira inema y'imvura cyangwa se indi nema inyenyeri ko ari yo irema imvura ndetse ikanayigusha azaba ahakanye guhakana gukuru, ariko navuga ko inyenyeri runaka yabaye impamvu yo kugwa kw'imvura cyangwa kubaho kw'indi nema yose azaba ahakanye uguhakana guto, kuko inyenyeri nta ruhare urwo ari rwo rwose yabigiramo.
3. Inema ishobora kuba impamvu yo guhakana iyo umuntu ayihakanye, cyangwa se ikaba impamvu y'ukwemera iyo umuntu ayishimiye.
4. Birabujijwe gukoresha imvugo igira iti: MUTWIR'NA BINAW'I KADHA: Twahawe imvura kubera inyenyeri iyi n'iyi, n'ubwo haba hagamijwe kuvuga igihe, mu rwego rwo kwirinda kugwa mu ibangikanyamana.
5. Ni itegeko ko umutima urangamira Allah gusa no kumwiringira mu kugaba inema no kurinda ikibi icyo ari cyo cyose.

(65010)

(31) – عَنْ عُقْبَةَ بْنِ عَامِرٍ الْجُهَنِيِّ رضي الله عنه: أَنَّ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ أَقْبَلَ إِلَيْهِ رَهْطٌ، فَبَايَعَ تِسْعَةً وَأَمْسَكَ عَنْ وَاحِدٍ، فَقَالُوا: يَا رَسُولَ اللهِ، بَايَعْتَ تِسْعَةً وَتَرَكْتَ هَذَا؟ قَالَ: «**إِنَّ عَلَيْهِ تَمِيمَةً**»، فَأَدْخَلَ يَدَهُ فَقَطَعَهَا، فَبَايَعَهُ، وَقَالَ: «**مَنْ عَلَّقَ تَمِيمَةً فَقَدْ أَشْرَكَ**». [حسن] - [رواه أحمد]

(31) – Hadith yaturutse kwa Uq'bat Ibun Amir Al Djuhaniy (Imana imwishimire) yavuze ko: Itsinda

mu bantu ryaje risanga Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nuko Intumwa y'Imana yakira igihango cy'abantu icyenda muri bo umwe muri bo irifata, maze barayibaza bati: Yewe Ntumwa y'Imana! Wakiriye igihango cy'abantu icyenda uyu nguyu uramureka? Irabasubiza iti: Uyu afite impingi! Nuko uwo muntu yinjiza ukuboko kwe arayica, Intumwa ibona kwakira igihango cye, ndetse iranavuga iti: "Umuntu uzambara impigi azaba akoze ibangikanyamana."
[Hadithi nziza] - [Yakiriwe na Ahmad]

Ibisobanuro birambuye:

Itsinda ry'abantu ryagiye kureba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ryari rigizwe n'abantu icumi, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yakira igihango cy'abantu icyenda muri bo cy'uko bemeye kuba abayisilamu no kuyikurikira, ariko uwa cumi iramwihorera; ubwo bayibazaga impamvu yabyo yarabasubije iti: Uyu yambaye impigi, bambara bagamije kwirinda n'ibindi mu rwego rwo kwirukana ikijisho b'ibindi byabagiraho ingaruka. Nuko wa mugabo yinjiza ukuboko kwe, aca za mpigi, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibona kwakira igihango, inavuga ndetse inihanangiriza abantu kwambara impigi inagaragaza itegeko rirebana nabyo igira iti: "Uzambara impigi azaba akoze ibangikanyamana."

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Umuntu wishingikirije ikindi kitari Allah, Allah amuha ikinyuranyo cy'ibyo ashaka.
2. Kwizera ko kwambara impigi ari imwe mu mpamvu zakurinda kugerwaho n'ikibi n'ikijisho ni ibangikanyamana rito, naho iyo yizeye ko byo ubwabyo bimurinda biba bibaye ibangikanyamana rikuru.

(6762)

(32)– عن عبد الله بن مسعود رضي الله عنه قال: سمعت رسول الله صلى الله عليه وسلم يقول:

«إِنَّ الرُّقَى والتَمائِمَ والتِّوَلَةَ شِرْكٌ». [صحيح]- [رواه أبو داود وابن ماجه وأحمد]

(32) – Hadithi yaturutse kwa Abdullah Ibun Masuud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga ati: "Mu by'ukuri imitongero, n'amahirizi n'inzaratsi ni ibangikanyamana." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Abu Dawud na Ibun Madjah ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ibikorwa iyo ubikoze biba ari ibangikanyamana; muri byo:

Icya mbere: Imitongero: Ni amagambo abantu b'injiji bakoresha bavuga ko bari kuvura abantu ariko akaba akubiyemo ibangikanyamana.

Icya kabiri: Amahirizi n'ibindi nkabyo, bambika abana n'amatungo n'ibindi bemera ko bibarinda ikibi ndetse n'ishyari.

Icya gatatu: Inzaratsi: Ni ibikorwa umwe mu bashakanye akora agamije kwikundisha kuri mugenzi we.

Ibi bintu bitatu bibarwa mu ibangikanyamana, kubera ko ari ukugira ikintu ko ari yo mpamvu, kandi atari yo mpamvu yemewe n'amategeko ifite gihamya, nta n'ubwo ari impamvu ifatika yumvikana ifite gihamya mu bintu bibaho mu buzima cyangwa se byabayeho. Naho impamvu zemewe n'amategeko ni nko gusoma Qur'an, naho izifatika ni nko kunywa imiti nabwo byizewe ko ivura, ibi byombi biremewe ariko ukemera ko byo ari impamvu, naho kugirirwa umumaro cyangwa ingaruka n'ubwo buvuzi bigengwa na Allah.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kubungabunga imyemerere n'ukwemera no kuyirinda ibyayihungabanya.
2. Kuziririza gukoresha imitongero irimo ibangikanyamana, n'amahirizi ndetse n'inzaratsi.
3. Umuntu wizeye ibi bintu bitatu ko byo ari impamvu aba akoze ibangikanyamana rito, kubera ko yafashe ikitari impamvu akakigira impamvu, ariko iyo yizeye ko byo ubwabyo

hari icyo byamara cyangwa se byamutwara icyo gihe aba akoze ibangikanyamana rikuru.

4. Kwihanangiriza gukora impamvu zijyana umuntu mu ibangikanyamana n'izindi ziziririjwe.
5. Kuziririza imitongero ndetse ko iri mu ibangikanyamana, cyeretse iyemewe muri yo.
6. Ni ngombwa umutima w'umuntu kurangamira Allah wenyine, kuko niwe wenyine wagira icyo agutwara cyangwa se akagira icyo akumarira, bityo nta wuzana ibyiza usibye Allah, nta n'ukurinda ikibi usibye Allah.
7. Imitongero yemewe ni iyubahirije aya mabwiriza atatu akurikira:
8. 1-Kwemera ko yo ari impamvu ariko yo ubwayo ntacyo yakumarira cyeretse Allah abishatse.
9. 2- Kuba ikozwe hifashishijwe Qur'an n'amazina ya Allah meza kandi matagatifu ndetse n'ubusabe dukomora ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) n'ubundi busabe bwemewe.
10. 3- Kuba iri mu rurimi rusobanutse, kandi ikaba idakubiyemo uburozi n'indi mitongero itemewe.

(5273)

(33) – عن بعض أزواج النبي صلى الله عليه وسلم عن النبي صلى الله عليه وسلم قال:

«مَنْ أَتَى عَرَّافًا فَسَأَلَهُ عَنْ شَيْءٍ لَمْ تُقْبَلْ لَهُ صَلَاةٌ أَرْبَعِينَ لَيْلَةً». [صحيح] - [رواه مسلم]

(33) – Hadithi yaturutse kuri umwe mu bagore b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzajya ku

mupfumu akagira icyo amubaza, iswala ze azakora mu minsi mirongo ine ntabwo zizemerwa!" **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iraburira abantu kutajya ku mupfumu n'umuntu uragura, n'utera inzuzi ndetse n'abandi nkabo bavuga ko bazi ubumenyi bw'ibitagaragara babanje kugira ibyo bifashisha, kandi ko kujya kumubaza kuri ibyo, bihagije kuba byaba impamvu y'uko yimwa ibihembo by'iswalat akoze mu minsi mirongo ine, mu rwego rwo kumuhanira icyo cyaha gikuru yakoze.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni ikizira kuraguza no kujya mu bapfumu ugamije kugira ibyo ubabaza mu bumenyi bw'ibitagaragara.
2. Umuntu ashobora kwimwa ingororano z'ibikorwa byiza yakoze mu rwego rwo kumuhana ku cyaha yakoze.
3. Mu bivugwa muri iyi Hadithi haninjiramo ubundi buryo bw'uburaguzi nk'ibyo bita gusoma ibiri mu kiganza cyangwa se mu gikombe ukabwira umuntu ibizamubaho ntabwo byemewe kujya kureba abakora ibintu nk'ibi nubwo waba ubitewe n'amatsiko kubera ko ibi byose ni uburaguzi n'ubupfumu kandi ababikora baba bagaragaza ko bazi ubumenyi bw'ibitagaragara.
4. Ibi niba ari igihano cy'uwagiye ku mupfumu, byaba bimeze bite ku muntu ubikora??

5. Iswalat z'iminsi mirongo ine urazikora ntubihemberwe ariko ntabwo wemerewe kuzisubiramo kubera ko zitakiriwe.

(5986)

(34) – عن ابْنِ عُمَرَ رضي الله عنهما أنه سَمِعَ رَجُلًا يَقُولُ: لَا وَالْكَعْبَةِ، فَقَالَ ابْنُ عُمَرَ: لَا يُحْلَفُ بِغَيْرِ اللَّهِ، فَإِنِّي سَمِعْتُ رَسُولَ اللَّهِ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَقُولُ: «مَنْ حَلَفَ بِغَيْرِ اللهِ فَقَدْ كَفَرَ أَوْ أَشْرَكَ». [صحيح] - [رواه أبو داود والترمذي وأحمد]

(34) – Hadithi yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yavuze ko yumvise umugabo umwe avuga ati: Ntabwo ari ko bimeze, ndahiye kuri Al Kaabat, nuko Ibun Umar aravuga ati: Ntihakagire urahira ku kindi kitari Allah, kubera ko numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Uzarahira ku kindi kitari Allah azaba ahakanye cyangwa se akoze ibangikanyamana." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Abu Dawud, na Tirmidhiy, ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Muri iyi Hadithi Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga ko urahiye mu izina ry'undi utari Allah cyangwa se amazina ye n'ibisingizo bye, azaba ahakanye Allah cyangwa se abangikanyije Allah; kubera ko kurahira biba bivuze ko wahaye agaciro n'icyubahiro icyo urahiriyeho, kandi icyubahiro nta wundi gikwiye

usibye Allah wenyine, bityo nta wundi byemewe kurahiriraho uretse Allah no ku mazina ye no ku bisingizo bye Nyir'ubutagatifu. Uku kurahira ni bumwe mu buryo bw'ibangikanyamana rito; ariko igihe urahira ahaye agaciro n'icyubahiro uwo arahiriyeho cyangwa se icyo arahiriyeho nk'agaciro n'icyubahiro aha Allah cyangwa birenze, icyo gihe biba bibaye ibangikanyamana rikuru.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Guha agaciro n'icyubahiro ikintu runaka urahira ni uburenganzira bwa Allah Nyir'ubutagatifu, bityo rero ntibikwiye kurahirira ku kindi kitari Allah no ku mazina ye ndetse no ku bisingizo bye.
2. Uburyo abasangirangendo bari bashishikariye kubwiriza ibyiza no kubuza ibibi, by'umwihariko igihe ikibi gifitanye isano n'ibangikanyamana cyangwa se ubuhakanyi.

(3359)

(35) – عَنْ حُذَيْفَةَ رضي الله عنه أَنَّ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «لَا تَقُولُوا: مَا شَاءَ اللهُ وَشَاءَ فُلَانٌ، وَلَكِنْ قُولُوا: مَا شَاءَ اللهُ ثُمَّ شَاءَ فُلَانٌ». [صحيح بمجموع طرقه] - [رواه أبو داود والنسائي في الكبرى وأحمد]

(35) – Hadith yaturutse kwa Hudhayfat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ntimukavuge

muti: Allah nabishaka na kanaka akabishaka, ahubwo mujye muvuga muti: Allah nabishaka hanyuma na kanaka akabishaka" **[Hadithi y'impamo ushingiye ku nzira zose yakiriwemo] - [Yakiriwe na Abu Dawudi na A- Nasa'iy mu gitabo cye Sunan Al Kubra, ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije umuyisilamu kuvuga mu magambo ye ati: Allah nabishaka na kanaka akabishaka." Cyangwa se kuba yavuga ati: Allah na kanaka nibabishaka. Kubera ko ubushake bwa Allah n'amahitamo ye nta mupaka bigira, ndetse nta n'uwo abisangiye nawe. Gukoresha iriya nyuguti ya 'Waw' y'icyungo bisobanuye kureshyeshya Allah n'undi cyangwa se n'ikindi. Ahubwo umuyisilamu akwiye kuvuga ati: Allah nabishaka, hanyuma na kanaka akabishaka. Bityo ubushake bw'umugaragu bukaza bukurikira ubwa Allah avuga ati: Hanyuma na kanaka, icyo gihe ubushake bw'umugaragu bukaza nyuma y'ubwa Allah.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni ikizira kuvuga imvugo igira iti: Allah nabishaka nawe ukabishaka, n'izindi mvugo byenda kumera kimwe, kuko bibarwa nk'ibangikanyamana mu mvugo no mu nyito.

2. Biremewe kuvuga uti: Allah nabishaka hanyuma nawe ukabishaka, n'izindi mvugo zimeze gutyo, kuko hadakubiyemo biriya bibujijwe.
3. Gushimangira ubushake bwa Allah, ndetse no gushimangira ubushake bw'umugaragu, kandi ko ubu bushake buza nyuma y'ubwa Allah Nyir'ubutagatifu.
4. Kubuza guhuza ubushake bw'ibiremwa n'ubwa Allah, kabone n'iyo byaba mu mvugo.
5. Uzavuga yemera ko ubushake bw'umugaragu ari nk'ubushake bwa Allah Nyir'ubutagatifu bureshya muri byose, cyangwa se ko ubushake bw'umugaragu ntaho buhuriye n'ubwa Allah, azaba abangikanyije Allah ibangikanyamana rikuru, naho naba yemera ko butandukanye n'ubwa Allah, ibyo bizaba ari ibangikanyamana rito.

(3352)

(36) – عَنْ مَحْمُودِ بْنِ لَبِيدٍ رضي الله عنه أَنَّ رَسُولَ اللَّهِ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «إِنَّ أَخْوَفَ مَا أَخَافُ عَلَيْكُمُ الشِّرْكُ الْأَصْغَرُ» قَالُوا: وَمَا الشِّرْكُ الْأَصْغَرُ يَا رَسُولَ اللهِ؟ قَالَ: «الرِّيَاءُ، يَقُولُ اللهُ عز وجل لَهُمْ يَوْمَ الْقِيَامَةِ إِذَا جُزِيَ النَّاسُ بِأَعْمَالِهِمْ: اذْهَبُوا إِلَى الَّذِينَ كُنْتُمْ تُرَاؤُونَ فِي الدُّنْيَا، فَانْظُرُوا هَلْ تَجِدُونَ عِنْدَهُمْ جَزَاءً؟». [حسن] - [رواه أحمد]

(36) – Hadith yaturutse kwa Mahmud Ibun Labid (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mu by'ukuri ibyo ntinya kuri mwe ni ibangikanyamana rito! Nuko babaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bati: None ibangikanyamana rito ni irihe yewe Ntumwa y'Imana? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)

irabasubiza iti: Ni ugukorera ijisho Abantu nk'aba ku munsi w'imperuka ubwo Allah azaba ahembera abantu ibyo bakoze, azababwira ati: Ni mujye kubo mwajyaga mukora ibikorwa kugira ngo babashime, murebe niba hari ibihembo mwababonaho!"
[Hadithi nziza] - [Yakiriwe na Ahmad]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko ikintu atinya cyane ku bayoboke bayo ari ibangikanyamana rito ari ryo ryo gukorera ijisho, aho umuntu yakora kubera abantu. Hanyuma irangije ibabwira ko ibihano by'abantu nk'abo ku munsi w'imperuka bazabwirwa bati: Nimujye ku bo mwajyaga mukora ibikorwa kubera bo, murebe niba babahembera ibikorwa mwakoze!

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni itegeko kwegurira Allah ibikorwa byose, ndetse no kwirinda gukorera ijisho.
2. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagiriraga impuhwe cyane abayoboke bayo, ndetse inashishikazwa n'uko bayoboka no kubagira inama.
3. Ubu niba ari bwo bwoba bwaranze Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ibwira abasangirangendo bayo kandi ari bo bari bayoboye abandi mu gukora ibikorwa byiza, ubwo kubugirira abandi baje nyuma yabo byaba ari byo bikomeye kurushaho.

(3381)

(37) – عن أبي مَرْثَدٍ الغَنَوِيّ رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «لَا تَجْلِسُوا عَلَى الْقُبُورِ، وَلَا تُصَلُّوا إِلَيْهَا». [صحيح] - [رواه مسلم]

(37) – Hadithi yaturutse kwa Abi Mar'thad Al Ghanawiy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ntimukicare hejuru y'imva kandi ntimugasari mwerekeye ku mva." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije kwicara hejuru y'imva. Nkuko yabujije gusali abantu berekeye ku mva, nko kuba imva iherereye mu cyerekezo berekeramo basali (Qiblat), kubera ko ari bumwe mu buryo bw'ibangikanyamana (Shir'k).

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kubuza gusalira ku mva cyangwa hagati yazo cyangwa se uzerekeye, usibye iswalat ikorerwa uwapfuye nk'uko byemejwe mu migenzo y'Intumwa y'Imana (Sunat).
2. Kubuza kwerekera imva igihe cyo gusali ni mu rwego rwo gukumira inzira yose iganisha ku ibangikanyamana.
3. Isilamu ibuza gukabiriza imva no kuyitesha agaciro, bityo nta kurengera nta no gutesha agaciro ku buryo bukabije!
4. Icyubahiro cy'umuyisilamu kirakomeza na nyuma y'urupfu rwe, kubera imvugo y'Intumwa

y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: (Kuvuna igufa ry'uwapfuye ni nko kurivuna akiri muzima!)

(10647)

(38) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه أَنَّ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «لَا تَصْحَبُ الْمَلَائِكَةُ رُفْقَةً فِيهَا كَلْبٌ وَلَا جَرَسٌ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(38) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Abamalayika ntibaherekeza abantu bagendana n'imbwa cyangwa bafite inzogera." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ko abamalayika batajya baherekeza mu rugendo abantu bagendana imbwa, cyangwa se bafite inzogera zambikwa amatungo, zigenda ziteza urusaku.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kubuza gutunga imbwa no kugendana nazo, ariko aha ntihavugwamo imbwa zorowe mu rwego rwo guhiga cyangwa se kurinda.
2. Abamalayika batagendana n'aba bantu ni abamalayika b'impuhwe, naho abarinda abantu bahora nabo aho bari hose, n'aho bagiye hose.
3. Kubuza inzogera, kuko ari imwe mu myirongi ya Shitani, harimo no kuyigereranya n'inzogera z'abanaswara.

4. Umuyisilamu akwiye gushishikarira kwirinda icyo ari cyo cyose cyatuma abamalayika bamuhunga.

(8951)

(39) – عَن أَبِي هُرَيْرَةَ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «يَأْتِي الشَّيْطَانُ أَحَدَكُمْ فَيَقُولُ: مَنْ خَلَقَ كَذَا؟ مَنْ خَلَقَ كَذَا؟ حَتَّى يَقُولَ: مَنْ خَلَقَ رَبَّكَ؟ فَإِذَا بَلَغَهُ فَلْيَسْتَعِذْ بِاللهِ وَلْيَنْتَهِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(39) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Shaytwani izira umwe muri mwe ikamubaza iti: Ni nde waremye iki? Ni nde waremye iki? Kugeza ubwo imubajije iti: Ninde waremye Nyagasani wawe?? Uwo bizashyikira ajye yiragiza Allah ngo amurinde Shaytwani wavumwe, kandi arecyere aho ntakomeze kubitekerezaho!" **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratanga umuti wavura ibibazo byinshi umwemeramana azanirwa na Shaytwani; Bimwe muri byo nuko Shaytwani imubaza iti: Ni nde waremye iki? Ni nde waremye iki? Ni nde waremye ijuru? Ni nde waremye isi...! Ibyo bibazo byose, umwemeramana akamusubiza ashingiye ku idini n'inyurabwenge na kamere ko ari Allah! Ariko Shaytwani ntanyurwa birangira amujyanye mu bindi kugeza ubwo amubajije

ati: Ninde waremye Nyagasani wawe? Icyo gihe nibwo umwemeramana yirukana ibyo bishuko akoresheje kimwe mu buryo butatu:

1. Kwemera Allah
2. Kwiragiza Allah ngo akurinde Shaytwani
3. Kurekera aho ntakomeze kubitekerezaho.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwirengagiza ibishuko bya Shaytwani n'ibitekerezo bye no kudakomeza kubitekerezaho, ahubwo ukagarukira Allah kugira ngo ubyirukane.
2. Buri icyo ari cyo cyose umutima utekereje gihabanye n'idini kiba giturutse kuri Shaytwani.
3. Kubuza gutekereza kuri Allah n'imiterere ye, no gushishikariza gutekereza ku biremwa bye n'ibimenyetso bye.

(65013)

(40) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «إِنَّ اللَّهَ قَالَ: مَنْ عَادَى لِي وَلِيًّا فَقَدْ آذَنْتُهُ بِالحَرْبِ، وَمَا تَقَرَّبَ إِلَيَّ عَبْدِي بِشَيْءٍ أَحَبَّ إِلَيَّ مِمَّا افْتَرَضْتُ عَلَيْهِ، وَمَا يَزَالُ عَبْدِي يَتَقَرَّبُ إِلَيَّ بِالنَّوَافِلِ حَتَّى أُحِبَّهُ، فَإِذَا أَحْبَبْتُهُ: كُنْتُ سَمْعَهُ الَّذِي يَسْمَعُ بِهِ، وَبَصَرَهُ الَّذِي يُبْصِرُ بِهِ، وَيَدَهُ الَّتِي يَبْطِشُ بِهَا، وَرِجْلَهُ الَّتِي يَمْشِي بِهَا، وَإِنْ سَأَلَنِي لَأُعْطِيَنَّهُ، وَلَئِنِ اسْتَعَاذَنِي لَأُعِيذَنَّهُ، وَمَا تَرَدَّدْتُ عَنْ شَيْءٍ أَنَا فَاعِلُهُ تَرَدُّدِي عَنْ نَفْسِ المُؤْمِنِ، يَكْرَهُ المَوْتَ وَأَنَا أَكْرَهُ مَسَاءَتَهُ». [صحيح] - [رواه البخاري]

(40) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mu by'ukuri Allah Nyir'ubutagatifu yaravuze ati: Uzagirira

urwango umukunzi wanjye, mutangarije intambara hagati yanjye na we; kandi nta gikorwa umugaragu wanjye yakifashisha anyiyegereza kiruta kuba yakora ibyo namutegetse; kandi umugaragu wanjye akomeza kunyiyegereza akora ibikorwa by'umugereka atategetswe kugeza ubwo mukunze. Iyo mukunze mubera amatwi yumvisha, n'amaso arebesha, n'amaboko akoresha, n'amaguru agendesha! N'iyo ansabye muha ibyo ansabye, n'iyo anyiyambaje ngo ngire icyo murinda ndabikora! Kandi sinigeze nshidikanya ku kintu nkora nk'uko nshidikanya igihe umwemeramana agiye gupfa, yanga urupfu nanjye nkanga ikimubabaza!" **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) muri iyi Hadith Al Qud'siy iragaragaza ko Allah Nyir'ubutagatifu yavuze ati: Uzabangamira umwe mu bakunzi banjye cyangwa se akamurakaza ndetse akamugirira urwango, uwo mutangarije ko nanjye nzarumugirira. Umukunzi ni umwemeramana wese utinya Allah, kandi ikigero umugaragu wa Allah afite cyo kwemera no gutinya Imana, ni nacyo kigero Allah amukundamo.

Nta gikorwa umuyisilamu yakora agamije kwiyegereza Nyagasani we cyaruta gukora ibyo yamutegetse nko gukora ibyo yamutegetse no kureka ibyo yamubujije, kandi umuyisilamu akomeza kwiyegereza Nyagasani we akora ibikorwa by'umugereka hamwe n'iby'itegeko

kugera ubwo agera ku gukundwa na Allah. Iyo Allah amukunze, amushoboza kugera ku byo ashaka binyuze kuri izi ngingo enye:
Amushoboza kumva, ntagire ibindi yumva usibye ibishimisha Allah. Amushoboza kureba, ntagire ibindi areba usibye ibyo Allah akunda ndetse anishimira.
Amushoboza mu maboko ye, ntagire ibindi akora uretse ibyo Allah yishimira. Amushoboza amaguru ye, ntagire ahandi ayagendesha usibye mu bishimisha Allah, ntagire ahandi ajya usibye mu byiza.
Hamwe n'ibyo byose, iyo asabye Allah ikintu arakimuha, ubusabe bwe bukakirwa; n'iyo yikinze kuri Allah ngo agire icyo amurinda, Allah aramurinda akamukiza ibyo atinya.
Nyuma Allah arangije aravuga ati: Kandi sinjya nshidikanya ku gikorwa ngiye gukora nk'uko nshidikanya igihe ngiye kwisubiza roho y'umwemeramana kubera kumugirira impuhwe, kubera ko yanga urupfu kuko rubabaza, na Allah yanga gukora ibibabaza umwemeramana.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

Iyi Hadith ni imwe mu zo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yakuye kwa Nyagasani wayo, ari zo zitwa Hadith Al Qud'siyu cyangwa se Ilahiyu, ari zo zisobanuye ko imvugo zazo n'ibisobanuro byazo byaturutse kwa Allah, usibye ko zo zidafite umwihariko nk'uwa Qur'an itandukaniyeho n'ibindi, nko kuba kuyisoma ari kimwe mu bikorwa by'amasengesho (Ibadat), no kuyisoma wabanje gukora isuku (Twaharat), no

kuba yarategeye abantu kuzana ikimeze nkayo kandi ikaba ari igitangaza, ndetse n'ibindi.

1. Kubuza kubangamira abakunzi ba Allah, no gushishikariza kubakunda, no kwemera agaciro kabo.
2. Gutegeka kwanga abanzi ba Allah, no kuziririza kubakunda.
3. Uzigamba ko ari umukunzi wa Allah ariko adakurikiza amategeko ye, uwo azaba ari umubeshyi mu byo avuga.
4. Gukundwa na Allah bigerwaho ari uko abantu bakoze ibyo bategetswe, bakareka ibyo babujijwe.
5. Zimwe mu mpamvu zo kuba umugaragu yakundwa na Allah, ndetse akakira n'ubusabe bwe ni ugukora ibikorwa by'umugereka nyuma y'uko amaze gukora iby'itegeko, no kureka ibyo yamubujije.
6. Kugaragaza ko abakunzi ba Allah ari abantu bubahitse, n'uburyo bafite urwego ruhambaye.

(6337)

(41) – عن العِرْباضِ بن ساريةَ رضي الله عنه قال: قام فينا رسول الله صلى الله عليه وسلم ذات يوم، فوَعَظَنا مَوعظةً بليغةً وَجِلتْ منها القلوبُ، وذَرَفتْ منها العيونُ، فقيل: يا رسول الله، وعظتَنَا موعظةَ مُودِّعٍ فاعهد إلينا بعهد. فقال: «**عليكم بتقوى الله، والسمع والطاعة، وإن عبدًا حبشيًّا، وسترون من بعدي اختلافًا شديدًا، فعليكم بسنتي وسنة الخلفاء الراشدين المهديين، عَضُّوا عليها بالنواجِذ، وإياكم والأمور المحدثات، فإن كل بدعة ضلالة**». [صحيح] - [رواه أبو داود والترمذي وابن ماجه وأحمد]

(41) – Hadith yaturutse kwa Al Ir'baadw Ibun Sariyat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umunsi

umwe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarahagurutse, iduha inyigisho zikora ku mutima, zatumye imitima ikangarana, amaso azengamo amarira, maze Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) barayibaza bati: Yewe Ntumwa y'Imana! Izi nyigisho uduhaye ko zimeze nk'izisezera? Gira inama utugira! Nuko iravuga iti: "Mujye mwitwararika gutinya Allah, no kumva ndetse no kumvira kabone n'iyo umugaragu ukomoka ahitwa Habashat yaba ariwe muyobozi wanyu. Kandi nyuma yanjye muzabona ukutavuga rumwe gukomeye, muzitwararika imigenzo yanjye n'imigenzo y'abasigire banjye bayobotse ndetse bakanayobora abandi, muzabifatishe ibijigo, kandi muzirinde ibyaduka mu idini, kubera ko buri cyaduka mu idini ari ubuyobe." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Abu Dawud, na Tirmidhi, na Ibun Madjah, ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahaye inyigisho abasangirangendo bayo zikora ku mutima zatumye imitima ikangarana, n'amaso akazengamo amarira, nuko barayibwira bati: Yewe Ntumwa y'Imana! Izi nyigisho ko zimeze nk'izo gusezera kuko babonye ko bidasanzwe mu nyigisho yari isanzwe ibaha, nuko bayisaba inama bazitwararika nyuma yayo. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: Mbagiriye inama yo gutinya Allah Nyir'ubutagatifu, mukora ibyo

yategetse, mureka ibyo yabujije. No kumva no kumvira abayobozi, kabone n'iyo mwaba muyobowe n'umugaragu cyangwa se undi uwo ari we wese ucirirtse muri mwe, ntimuzareke kumwubaha no kumwumvira, mu rwego rwo gutinya ko byateza impagarara, kubera ko uzabaho muri mwe igihe azabona ukunyuranya no kutavuga rumwe kenshi. Nyuma ibagaragariza ibyo bakora ngo bave muri ibyo bigeragezo; ni ukwitwararika imigenzo ye, n'imigenzo y'abasigire be bari barayobotse ndetse bakayobora abandi nyuma ye ari bo: Abubakar A-Swidiq, Umar Ibun Al Khatwab, Uthman Ibun Afan, Ally Ibun Abi Twalib (Imana ibishimire bose). No kubifatisha ibijigo mubyitwararika. Yanababujije kandi ibintu by'ibyaduka mu idini kuko buri cyaduka ari ubuyobe.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro ko kwitwararika imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) no kuyikurikiza.
2. Kwibanda ku nyigisho zoroshya imitima.
3. Itegeko ryo kwitwararika imigenzo y'abasigire b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bane bayobotse bakanayobora abandi ari bo: Abu Bakr, Umar, Uth'man na Ally (Imana ibishimire bose).
4. Kubuza kuzana mu idini ibyaduka, kandi ko buri cyaduka ari ubuyobe.

5. Kumva no kumvira umuyobozi w'abayisilamu igihe cyose atabategeka gukora ibyaha.
6. Agaciro ko gutinya Allah Nyir'ubutagatifu ibihe byose.
7. Kudahuza no kutavuga rumwe mu bayoboke b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) biriho bizanabaho, ariko igihe cyose bibayeho bakwiye kugaruka ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ndetse n'iy'abasigire bayo.

(65057)

(42) – عن أبي هريرة رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم أنه قال: «مَنْ خَرَجَ مِنَ الطَّاعَةِ، وَفَارَقَ الْجَمَاعَةَ فَمَاتَ، مَاتَ مِيتَةً جَاهِلِيَّةً، وَمَنْ قَاتَلَ تَحْتَ رَايَةٍ عِمِّيَّةٍ، يَغْضَبُ لِعَصَبَةٍ، أَوْ يَدْعُو إِلَى عَصَبَةٍ، أَوْ يَنْصُرُ عَصَبَةً، فَقُتِلَ، فَقِتْلَةٌ جَاهِلِيَّةٌ، وَمَنْ خَرَجَ عَلَى أُمَّتِي، يَضْرِبُ بَرَّهَا وَفَاجِرَهَا، وَلَا يَتَحَاشَى مِنْ مُؤْمِنِهَا، وَلَا يَفِي لِذِي عَهْدٍ عَهْدَهُ، فَلَيْسَ مِنِّي وَلَسْتُ مِنْهُ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(42) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzigomeka ku buyobozi akanitandukanya n'imbaga y'abayisilamu agapfa (ari uko akimeze), uwo azaba apfuye urupfu rwa kijiji, n'uzarwana buhumyi (nta mpamvu nyayo ituma arwana), ahubwo akarakara abitewe n'irondakoko cyangwa se akarihamagarira abantu cyangwa se akarwana kubera ryo akicwa ari ryo ahowe, azaba apfuye urupfu rwa kijiji!

N'uzitandukanya n'abayoboke banjye, akarwanya atarobanura abeza n'ababi muri bo, ntiyirinde abemeramana muri bo, cyangwa se abo yahaye amasezerano muri bo, uwo ntabwo azaba ari mu bagendera ku migenzo yanjye." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko uzigomeka ku buyobozi akanitandukanya n'imbaga y'abayisilamu yemeranyijwe gukurikira umuyobozi runaka, agapfa ari uko akimeze, uwo azaba apfuye urupfu nk'urw'injiji zitumviraga umuyobozi, ntizishyire hamwe n'abandi, ahubwo bari mu matsinda n'amoko yicana hagati yayo.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kandi yavuze ko uzarwana aharanira icyo atazi, n'impamvu nyayo ituma arwana, akarakara abitewe n'irondakoko atari ukubera idini no guharanira ukuri, cyangwa se akarwana kubera ryo akicwa ari ryo ahowe, azaba apfuye urupfu rwa kijiji!

N'uzitandukanya n'abayoboke b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), akarwanya atarobanura abeza n'ababi muri bo, atanatinya ibihano by'uzica umwemeramana muri bo, ntiyubahirize amasezerano yahaye abahakanyi, cyangwa se abayobozi yo kubumvira, iki ni kimwe mu byaha bikuru, kandi uzabikora azaba akwiye ibihano bikomeye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kumvira abayobozi ni itegeko igihe bitarimo kwigomeka kuri Allah Nyir'ubutagatifu.
2. Muri ibi harimo kuburira mu buryo bukomeye wawundi wigomeka akanga kumvira umuyobozi, akitandukanya n'imbaga y'abayisilamu yishyize hamwe, iyo apfuye ari uko akimeze aba apfuye urupfu rwa kijiji.
3. Muri Hadith harimo kubuza abantu kurwana baharanira irondakoko.
4. Ni itegeko kubahiriza amasezerano.
5. Mu kumvira umuyobozi no kuba hamwe n'imbaga y'abayisilamu haba harimo ibyiza byinshi, umutekano n'ituze, no gutungana kw'ibintu byose.
6. Kubuza kwisanisha n'ibikorwa by'abantu bo mu bujiji.
7. Itegeko ryo kuba hamwe n'imbaga y'abayisilamu.

(58218)

(43) – عن مَعقِلِ بن يَسار المُزَنِيّ رضي الله عنه قال: إني سمعت رسول الله صلى الله عليه وسلم يقول: «مَا مِنْ عَبْدٍ يَسْتَرْعِيهِ اللهُ رَعِيَّةً، يَمُوتُ يَوْمَ يَمُوتُ وَهُوَ غَاشٌّ لِرَعِيَّتِهِ، إِلَّا حَرَّمَ اللهُ عَلَيْهِ الْجَنَّةَ». [صحيح] - [متفق عليه]

(43) – Hadithi yaturutse kwa Ma'aqil Ibun Yasar Al Muzaniyu (Imana imwishimire) yaravuze ati: Njye numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: " Nta muntu n'umwe Allah azashinga kuyobora abantu hanyuma umunsi azapfiraho agapfa yarabibye, usibye ko Allah

azamuziririza kuzinjira mu Ijuru.” **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko uwo ari we wese Allah yahaye inshingano zo kuyobora abantu no kubahagararira, bwaba ari ubuyobozi bwa rusange, bwaba ari n'ubuyobozi bwihariye nk'umugabo ku bantu bo mu rugo rwe n'umugore mu rugo rwe, hanyuma ntiyubahirize izo nshingano, akabiba, nta nabagire inama, uburenganzira bwabo abagomba bwaba ubw'idini cyangwa se ubw'imibereho, usibye ko ku munsi w'imperuka azaba akwiye ibihano bihambaye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibi bihano ntabwo biteganyirijwe umuyobozi mukuru wenyine cyangwa se abamwungirije, ahubwo ni rusange ku wo ari we wese Allah yashinze kuyobora abantu.
2. Itegeko ku wo ari we wese wagize icyo ashingwa mu by'abayisilamu ni ukubagira inama, ndetse agakora ibishoboka byose arinda iyo ndagizo kandi akirinda ubuhemu.
3. Ubuhambare bw'inshingano zo kuyobora abantu zaba inshingano rusange cyangwa se zihariye, zaba nto cyangwa se nini!

(5335)

(44) – عَنْ أُمِّ سَلَمَةَ أُمِّ المُؤمنين رضي الله عنها: أَنَّ رَسُولَ اللهِ صلى الله عليه وسلم قَالَ: «سَتَكُونُ أُمَرَاءُ فَتَعْرِفُونَ وَتُنْكِرُونَ، فَمَنْ عَرَفَ بَرِئَ، وَمَنْ أَنْكَرَ سَلِمَ، وَلَكِنْ مَنْ رَضِيَ وَتَابَعَ» قَالُوا: أَفَلَا نُقَاتِلُهُمْ؟ قَالَ: «لَا، مَا صَلَّوْا». [صحيح] - [رواه مسلم]

(44) – Hadith yaturutse kwa Umu Salamat Nyina w'abemera (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Hazabaho abayobozi, muzamenya ibyabo bakora, mugire n'ibindi muyoberwa bakora, uzabimenya azaba arokotse, n'uzabiyoberwa azarokoka, ariko uzashimishwa na byo akabakurikira niwe uzaba afite ikibazo", nuko baramubaza bati: Ese tuzabarwanye? Intumwa y'Imana irabasubiza iti: "Oya! Ntimuzabarwanye igihe cyose bazaba bagisali." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko tuzagira abayobozi, tuzamenya bimwe mu byo bakora kubera ko bihuye n'amategeko y'ubuyisilamu tuzi, hari n'ibyo tuzayoberwa kubera ko binyuranye n'amategeko y'ubuyisilamu.

Uzabyanga ku mutima we, ntashobore kubyerura azaba yitandukanyije n'ibibi n'uburyarya. N'uzabirwanya akoresheje ukuboko kwe n'ururimi rwe, akabyamagana azaba arokotse icyaha no kuba umufatanyacyaha. Ariko uzishimira ibyo bakora ndetse akanabakurikira muri byo, azaba yoramye

nk'uko nabo boramye. Barangije babaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bati: Ese tuzarwanye abayobozi bameze batyo? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irabasubiza iti: Oya, igihe cyose bazaba bagisali ntimuzabarwanye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Mu bigaragaza ubuhanuzi bw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ni ukuba yaravugaga ibyihishe ndetse bikaba nk'uko yabivuze.
2. Ntibyemewe kwishimira ibibi no kubigiramo uruhare, ahubwo ni itegeko kubyamagana.
3. Iyo abayobozi bakoze ibihabanye n'amategeko, ntabwo biba byemewe kubumvira.
4. Ntibyemewe kwigomeka ku bayobozi b'abayisilamu, kubera ko bigira ingaruka mbi, bikanatuma amaraso ameneka, n'umutekano ukabura; bityo kwihanganira ibibi by'abayobozi b'inkozi z'ibibi nibyo byoroshye kuruta kubigomekaho.
5. Iswalat irahambaye kubera ko ari yo itandukanya hagati y'ubuhakanyi n'ubuyisilamu.

(3481)

(45) – عَنِ ابْنِ مَسْعُودٍ رضي الله عنه عَنِ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «سَتَكُونُ أَثَرَةٌ وَأُمُورٌ تُنْكِرُونَهَا» قَالُوا: يَا رَسُولَ اللَّهِ فَمَا تَأْمُرُنَا؟ قَالَ: «تُؤَدُّونَ الحَقَّ الَّذِي عَلَيْكُمْ، وَتَسْأَلُونَ اللَّهَ الَّذِي لَكُمْ». [صحيح] - [متفق عليه]

(45) – Hadithi yaturutse kwa Abi Mas'ud (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe

amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Hazabaho abayobozi babarutisha abandi ndetse bakanigwizaho imitungo yanyu ndetse muzanababababonaho ibintu mutazishimira", nuko babaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bati: None udutegetse iki yewe Ntumwa y'Imana? Irabasubiza iti: Muzakore ibibareba mwumvira uwo muyobozi wanyu, musabe Allah ko mwabona uburenganzira bwanyu mwambuwe." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavzue ko hari igihe abayisilamu bazayoborwa n'abayobozi ba rusahuzi, bakabasesagurira imitungo, bakima abayisilamu umugabane wabo muri yo. Ndetse kandi abo bayobozi bazajya bakora ibintu bihabanye n'idini ku buryo umuntu abibona

ntabyishimire. Nuko abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana ibishimire) bayibaza uburyo bazitwara muri icyo gihe?

Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibabwira ko kwigabira imitungo yabo kw'abayobozi babo bidakwiye kuba impamvu yatuma badakora inshingano zabo kuri bo zo kubumva no kubumvira, ahubwo ko bakwiye kuzihangana bakumva bakanumvira ntibabarwanye bashaka kubambura ubuyobozi, kandi bazasabe Allah

uburenganzira bwabo bavukijwe, no kubabakiza ndetse no kubarinda ibibi byabo n'amahugu yabo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Iyi Hadith ni imwe mu bimenyetso by'ubuhanuzi bw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) aho yabahanuriye ibizabaho muri bo, kandi bibaho nk'uko yabibahanuriye.
2. Biremewe kumenyesha umunyabyago ibishobora kuzamubaho, kugira ngo atangire kubyitegura no kubyihanganira, hanyuma byabaho akabyihanganira akiringira ingororano zabyo kwa Allah.
3. Kwitwararika no gukomera ku gitabo cya Allah no ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ni byo byarokora abantu ibigeragezo ndetse n'amakimbirane.
4. Gushishikariza kumva no kumvira abayobozi mu byiza, no kutabigomekaho, kabone n'iyo babahuguza.
5. Gukoresha ubugenge n'ubushishozi no gukurikiza imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu bihe by'ibigeragezo.
6. Umuntu agomba gukora ibimureba, kabone n'iyo yahemukirwa cyangwa se agahuguzwa.
7. Harimo na gihamya y'itegeko rigira riti: Ahitamo ikibi cyoroheje hagati y'ibibi bibiri.

(3156)

(46) – عَنْ عَبْدِ اللَّهِ بنِ عُمرَ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُما أَنَّ رَسُولَ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «كُلُّكُمْ رَاعٍ فَمَسْئُولٌ عَنْ رَعِيَّتِهِ، فَالأَمِيرُ الَّذِي عَلَى النَّاسِ رَاعٍ وَهُوَ مَسْئُولٌ عَنْهُمْ، وَالرَّجُلُ رَاعٍ عَلَى أَهْلِ بَيْتِهِ وَهُوَ مَسْئُولٌ عَنْهُمْ، وَالمَرْأَةُ رَاعِيَةٌ عَلَى بَيْتِ بَعْلِهَا وَوَلَدِهِ وَهِيَ مَسْئُولَةٌ عَنْهُمْ، وَالعَبْدُ رَاعٍ عَلَى مَالِ سَيِّدِهِ وَهُوَ مَسْئُولٌ عَنْهُ، أَلاَ فَكُلُّكُمْ رَاعٍ وَكُلُّكُمْ مَسْئُولٌ عَنْ رَعِيَّتِهِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(46) – Hadith yaturutse kwa Abdillah Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mwese muri abashumba, kandi mwese muzabazwa ibyo mwaragijwe, umuyobozi uyoboye abandi ni umushumba ndetse azabazwa abo yaragijwe; n'umugabo ni umushumba ku be bo mu rugo kandi azababazwa; umugore ni umushumba ku byo mu rugo rw'umugabo we ndetse n'abana be, kandi azababazwa; n'umugaragu ni umushumba w'umutungo wa shebuja kandi azawubazwa! bityo mwese muri abashumba kandi muzabazwa ibyo mwaragijwe!" **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko buri muyisilamu mu muryango mugari (sosiyete) afite inshingano arinze kandi ategetswe gucunga neza. Bityo Imam n'umuyobozi ni abashumba mubo Allah yabaragije; bagomba kurinda

amategeko abagenga, ndetse bakanabarinda abashaka kubagirira nabi, bakanarwanya abanzi babo, kandi bakabarinda gutagaguza ibyabo. N'umugabo abo mu rugo rwe, ategetswe kubaha ibyo bacyeneye, no kubabanira neza, no kubigisha ndetse no kubaha uburere. N'umugore mu rugo rw'umugabo we ni umushumba, agomba gucunga neza iby'umugabo we, agaha abana be uburere, kandi azabibazwa. N'umukozi cyangwa se umugaragu ni abashumba mu mutungo wa ba shebuja, bagomba kuwurinda neza, bakanamukorera neza nkuko bikwiye, kandi bazabibazwa. Bityo buri wese ni umushumba mubyo Allah yamuragije, kandi na buri wese azabibazwa.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Inshingano mu muryango mugari wa Kisilamu ni rusange, bijyanye n'ubushobozi bwa buri wese n'inshingano ze.
2. Uburyo inshingano z'umugore zihambaye, kubera ko asabwa kurinda iby'urugo rw'umugabo we ndetse n'abana be.

(5819)

(47) – عن عائشة رضي الله عنها قالت: سمعتُ من رسول الله صلى الله عليه وسلم يقول في بيتي هذا: «اللَّهُمَّ مَنْ وَلِيَ مِنْ أَمْرِ أُمَّتِي شَيْئًا فَشَقَّ عَلَيْهِمْ فَاشْقُقْ عَلَيْهِ، وَمَنْ وَلِيَ مِنْ أَمْرِ أُمَّتِي شَيْئًا فَرَفَقَ بِهِمْ فَارْفُقْ بِهِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(47) – Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa

y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivugira muri iyi nzu yanjye igira iti: "Mana Nyagasani uzahabwa inshingano z'ubuyobozi mu bayoboke banjye akabagora nawe uzamuteze ingorane, n'uzazihabwa akaboroherera nawe uzamworohere."
[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irasabira buri wese uzahabwa inshingano z'ubuyobozi mu bayisilamu yaba mukuru cyangwa se muto, n'izo nshingano zaba iz'ubuyobozi rusange cyangwa se ubwihariye, akagora abo ayoboye ntaborohere ko Allah yazabahemba ibijyanye n'ibyo nabo bakoze nawe ntaborohere; Kandi ko uzorohera abo ashinzwe kuyobora ko nawe Allah yazamworohera ndetse akamworohereza muri gahunda ze zose.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:
1. Ni itegeko ko uzaba afite inshingano zo kuyobora abayisilamu agomba kuborohera uko abishoboye.
2. Ineza yiturwa indi, kandi ibyo ukoreye abandi nawe urabikorerwa.
3. Igipimo cyo gupimiraho korohera abantu no kutaborohera ni igihe cyose bitanyuranye na Qur'an ndetse n'imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

(5330)

(48) – عن تميم الداري رضي الله عنه أن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «الدِّينُ النَّصِيحَةُ» قُلْنَا: لِمَنْ؟ قَالَ: «لِلهِ وَلِكِتَابِهِ وَلِرَسُولِهِ وَلِأَئِمَّةِ الْمُسْلِمِينَ وَعَامَّتِهِمْ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(48) – Hadithi yaturutse kwa Tamim A-Dariy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: Idini ni ukugirana inama! Turayibaza tuti: Kuri inde? Intumwa y'Imana iti: "Inama zishingiye kuri Allah n'igitabo cye n'Intumwa ye, no ku bayobozi b'abayislamu, n'abandi muri rusange." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko idini ryubakiye ku kwiyegurira Allah ukora buri kimwe kubera we gusa, no kuba umunyakuri kugira ngo rishyirwe mu bikorwa nkuko Allah yabitegetse mu buryo bwuzuye nta kudohoka cyangwa se kugira uburiganya.

Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) barayibaza bati: Inama igirwa nde hashingiye kuki? Irabasubiza iti:

Rimwe: Kuri Allah Nyir'ubutagatifu tumwegurira ibikorwa tutanamubangikanya n'icyo ari cyo cyose, tukanemera ibikorwa bye yihariye bidakorwa, tukanamugaragira wenyine, tukanemera amazina ye n'ibisingizo bye, tukamuha n'icyubahiro, tukanahamagarira abantu kumwemera.

Kabiri: Kujya inama ku gitabo cya Allah ari cyo Qur'an ntagatifu, twemera ko ari amagambo ye, ndetse ko ari nacyo gitabo cye cya nyuma, kandi ko ari cyo gitabo cyasimbuye amategeko yakibanjirije, ndetse tukacyubaha, tukanagisoma nkuko bikwiye, ndetse tukanashyira mu ngiro amategeko agikubiyemo yaba ari azimije cyangwa se atomoye muri yo tukanayemera, tugakumira abayagoreka, tugakura inyigisho muri yo, tugakwirakwiza ubumenyi bugikubiyemo, ndetse tukanabuhamagarira abantu.

Gatatu: Kujya inama ku Ntumwa y'Imana Muhamadi (Imana iyihe amahoro n'imigisha); twemera ko ari we Ntumwa yasozereje izindi, tukanahamya ukuri kw'ibyo yazanye, tugashyira mu bikorwa ibyo yategetse, tukanitandukanya n'ibyo yabujije, kandi ntitugaragire Allah bihabanye n'ibyo yatwigishije, tukamwubaha, kandi tugakwiza ubutumwa bwe n'amategeko ye, tukanamurengera ku byo bamuhimbira by'ibinyoma.

Kane: Kujya inama ku bayobozi b'abayisilamu: Ubafasha mu byiza, utanajya impaka nabo, ndetse no kubumva no kubumvira igihe badutegetse kumvira Allah.

Gatanu: Kujya inama ku bayisilamu; ubagirira neza unabahamagarira ibyiza, no kureka kuba hari ikibi cyabageraho kiguturutseho, no kubifuriza ibyiza, ndetse no gufatanya nabo mu byiza no mu gutinya Allah.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

Itegeko ryo kujya inama kuri bose.

Agaciro ko kujya inama mu idini.

Idini rikusanyirije hamwe imyemerere n'imvugo ndetse n'ibikorwa.

Mu gutanga inama harimo no kweza umutima uwurinda uburiganya bw'uwo ugira inama ndetse no kumwifuriza ibyiza.

Uburyo bwiza bw'imyigishirize y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) aho yavugaga ikintu mu magambo magufi hanyuma ikagisobanura ku burebure.

Guhera ku by'ingenzi cyane ugakurikizaho iby'ingenzi; aho dusanga Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarahereye ku kujya inama kuri Allah, irangije ikurikizaho igitabo cye, irangije ikurikizaho Intumwa ye (Imana iyihe amahoro n'imigisha), irangije ikurikizaho abayobozi b'abayisilamu, iherutsa abandi basigaye.

(4309)

(49) – عَنْ عَائِشَةَ رَضِيَ اللهُ عَنْهَا قَالَتْ: تَلَا رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ هَذِهِ الْآيَةَ: {هُوَ الَّذِي أَنْزَلَ عَلَيْكَ الْكِتَابَ مِنْهُ آيَاتٌ مُحْكَمَاتٌ هُنَّ أُمُّ الْكِتَابِ وَأُخَرُ مُتَشَابِهَاتٌ فَأَمَّا الَّذِينَ فِي قُلُوبِهِمْ زَيْغٌ فَيَتَّبِعُونَ مَا تَشَابَهَ مِنْهُ ابْتِغَاءَ الْفِتْنَةِ وَابْتِغَاءَ تَأْوِيلِهِ، وَمَا يَعْلَمُ تَأْوِيلَهُ إِلَّا اللَّهُ، وَالرَّاسِخُونَ فِي الْعِلْمِ يَقُولُونَ آمَنَّا بِهِ كُلٌّ مِنْ عِنْدِ رَبِّنَا وَمَا يَذَّكَّرُ إِلَّا أُولُو الْأَلْبَابِ} [آل عمران: ٧]. قَالَتْ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «فَإِذَا رَأَيْتِ الَّذِينَ يَتَّبِعُونَ مَا تَشَابَهَ مِنْهُ فَأُولَئِكَ الَّذِينَ سَمَّى اللهُ، فَاحْذَرُوهُمْ». [صحيح] - [متفق عليه]

(49) – Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasomye uyu murongo wa Qur'an ugira uti: {Ni We waguhishuriye igitabo (Qur'an) kirimo

imirongo isobanutse ari yo shingiro ry'igitabo, hakabamo n'indi izimije. Ariko ba bandi bafite imitima ibogamiye ku buyobe, bakurikira izimije muri yo bagamije gutera urujijo mu bantu no kuyisobanura uko itari. Nyamara ntawamenya ibisobanuro byayo (nyakuri) uretse Allah. Naho abacengeye mu bumenyi baravuga bati "Turaye mera, yose (isobanutse n'izimije) ituruka kwa Nyagasani wacu. Kandi nta bandi barangwa no kwibuka uretse abanyabwenge.} [Al Imran: 7], Aishat aravuga ati: Nuko Intumwa y'Imana iravuga iti: " Nubona abantu bahitamo gukurikira imirongo bajijwe badasobanukirwa bakareka iyo basobanukiwe, abo nibo Allah yavugaga muri uyu murongo, uzabirinde." [Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim].

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasomye uyu murongo wa Qur'an ugira uti: {Ni We waguhishuriye igitabo (Qur'an) kirimo imirongo isobanutse ari yo shingiro ry'igitabo, hakabamo n'indi izimije. Ariko ba bandi bafite imitima ibogamiye ku buyobe, bakurikira izimije muri yo bagamije gutera urujijo mu bantu no kuyisobanura uko itari. Nyamara ntawamenya ibisobanuro byayo (nyakuri) uretse Allah.

Naho abacengeye mu bumenyi baravuga bati "Turayemera, yose (isobanutse n'izimije) ituruka kwa Nyagasani wacu. Kandi nta bandi barangwa no kwibuka uretse abanyabwenge.} [Al Imran: 7], Allah atubwira muri uyu murongo ko ariwe wamanuriye Intumwa ye igitabo gikubiyemo imirongo ya Qur'an

igaragara kandi isobanutse ndetse n'amategeko ayikubiyemo asobanutse; iyi mirongo iba ari nayo shingiro ry'andi mategeko ari nayo abantu bakwiye kugarukaho igihe batavuze rumwe, hakaba harimo n'indi iteje urujijo, ifite ibisobanuro birenze kimwe bamwe mu bantu badasobanukirwa cyangwa bakibwira ko hari indi ivuguruza. Hanyuma Allah agaragaza ukuntu abantu bafata iyi mirongo; abafite uburwayi mu mitima yabo bahitamo gukurikira iteye urujijo bakareka isobanutse igaragara, bagamije guteza urujijo no gushidikanya ku magambo ya Allah no kuyobya abantu, bakanashaka kuba aribo bayisobanura bijyanye n'irari ryabo; nyamara abamenyi babucengeye iyo bayigezeho bayigarura ku yisobanutse ntibagire urujijo, bakayemera ko yose ituruka kwa Allah, kandi ko idashobora kuvuguruzanya, ariko ababyibuka nibo banyabwenge batekereza neza kandi bizima. Hanyuma ibwira Nyina w'abemera Aishat (Imana imwishimire) ko nabona abo bakurikira imirongo badasobanukiwe aribo Allah yise muri uyu murongo ko bafite uburwayi mu mitima yabo agomba kubirinda no kutabatega amatwi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Imirongo itomoye muri Qur'an isobanutse ni ifite ibisobanuro bigaragara, naho iteye urujijo ni ifite ibisobanuro bitagaragara, cyangwa se ifite igisobanuro kirenze kimwe, icyeneye abayisobanukiwe ngo bayisobanure.

2. Kwihanangiriza kwivanga n'abantu bo mu buyobe n'abanyabihimbano, n'abandi bose bazana ibibazo bagamije kuyobya abantu no kubatera gushidikanya muri bo.
3. Mu musozo w'uyu murongo Allah yaravuze ati: "Kandi nta bandi bibuka usibye abanyabwenge, ibi birimo kunenga abafite uburwayi mu mitima, no kuvuga ibigwi abanyabwenge n'abamenyi, bisobanuye ngo: Utibutse ngo abikuremo inyigisho, agahitamo gukurikira irari rye uwo ntabwo ari mu banyabwenge.
4. Guhitamo gukurikira ibiteye urujijo ni imwe mu mpamvu zo kuyoba kw'imitima.
5. Ni itegeko kugarura imirongo iteye urujijo idahita isobanuka kuyigarura ku mirongo isobanutse igaragara.
6. Allah Nyir'ubutagatifu imirongo imwe yayigize isobanutse igaragara n'indi ayigira idasobanutse agamije kugerageza abantu kugira ngo amenye abafite ukwemera n'abari mu buyobe.
7. Kuba muri Qur'an harimo imirongo iteye urujijo ni mu rwego rwo kugaragaza agaciro k'abamenyi barusha abandi basigaye, no kwereka ubwenge bwa muntu ko butamenya ibintu byose, kugira ngo buce bugufi imbere y'uwaburemyi bunemere ko ntacyo bwakishoborera.
8. Agaciro ko gucengera ubumenyi no kubushikamamo ndetse ko ari itegeko.
9. Abasobanuzi ba Qur'an bavuga aho Allah avuga ko "...nta wamenya ibisobanuro byayo usibye

Allah...", bafite imvugo ebyiri: Iya mbere abasoma bakitsa bageze ku izina (Allah) bivuze ko uzi ubumenyi nyakuri bw'ibisobanuro by'imirongo iteye urujijo n' ibindi Allah yihariye ubumenyi bwabyo nk'imiterere ya roho, ni Allah wenyine, noneho abamenyi bakurikira barayemera ndetse bakavuga ko byose byaturutse kwa Allah, bagaca bugufi bakiyoroshya. Naho abasoma bagafatanya ntibitse ku izina rya (Allah), bishatse kuvuga ko ibisobanuro by'iyi mirongo ni Allah ubizi, n'abamenyi hari ibyo bazi, barayemera ndetse iyo badasobanukiwe bakayigarura ku mirongo isobanutse.

(65062)

(50) – عن أبي سعيد الخُدْرِيِّ رضي الله عنه قال: سمعت رسول الله صلى الله عليه وسلم يقول: «مَنْ رَأَى مِنْكُمْ مُنْكَرًا فَلْيُغَيِّرْهُ بِيَدِهِ، فَإِنْ لَمْ يَسْتَطِعْ فَبِلِسَانِهِ، فَإِنْ لَمْ يَسْتَطِعْ فَبِقَلْبِهِ، وَذَلِكَ أَضْعَفُ الْإِيمَانِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(50) – Hadithi yaturutse kwa Abi Said Al Khudriy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Umwe muri umwe uzabona ikibi gikorwa ajye agikuzaho ukuboko kwe, natabishobora akoreshe ururimi rwe, natabishobora ababare ku mutima, ariko uko ni ukwemera gucirirtse." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iradutegeka gukosora ikibi icyo ari cyo cyose Allah yabujije ndetse n'Intumwa y'Imana yabujije, ariko bikagendana n'ubushobozi. Bityo iyo abonye ikibi ni ngombwa ko agikuraho akoresheje ukuboko igihe abishoboye. Iyo atabishoboye icyo kibi agikuzaho ururimi akabuza ugikora ndetse akanamugaragariza ingaruka zacyo akanamuyobora inzira iganisha ku cyiza aho gukora ikibi. Iyo nabyo atabishoboye, ababara ku mutima akacyanga ndetse akanagira umugambi w'uko iyo ashobora ku gikuraho yari kugikuraho. Ariko uko kubabara ku mutima ni rwo rwego rwa nyuma mu nzego zo gukuraho ikibi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Iyi Hadithi ni ishingiro mu kugaragaza inzego zo gukuraho ikibi no kukibuza.
2. Itegeko ry'uko Kubuza ikibi bikorwa mu byiciro bijyanye n'ubushobozi bwo kugikuraho.
3. Kubuza ikibi ni umuryango uhambaye mu idini, kandi nta n'umwe bitareba, ndetse bitegetswe buri muyisilamu bijyanye n'ubushobozi bwe.
4. Kubwiriza ibyiza no kubuza ibibi ni bimwe mu bigize ukwemera, kandi ukwemera kuriyongera ndetse kukanagabanyuka.
5. Kubuza ikibi bisaba kubanza kugira ubumenyi bw'uko icyo gikorwa ari kibi.

6. Kubuza ikibi bisaba kuba bitari buteze ikibi kiruseho.
7. Kubuza ikibi bigira uburyo bikorwamo ndetse n'ibisabwa umuyisilamu aba agomba kubanza kwiga no kumenya.
8. Kwamagana ikibi bisaba kubanza kumenya uburyo amategeko y'idini yagennye yo kugikuraho, ndetse bisaba n'ubumenyi hamwe n'ubushishozi.
9. Kutababazwa n'ikibi ku mutima ni ibigaragaza ukwemera gucye kwa nyirawo.

(65001)

(51) – عَنِ النُّعْمَانِ بْنِ بَشِيرٍ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُمَا عَنِ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «مَثَلُ القَائِمِ عَلَى حُدُودِ اللَّهِ وَالوَاقِعِ فِيهَا، كَمَثَلِ قَوْمٍ اسْتَهَمُوا عَلَى سَفِينَةٍ، فَأَصَابَ بَعْضُهُمْ أَعْلاَهَا وَبَعْضُهُمْ أَسْفَلَهَا، فَكَانَ الَّذِينَ فِي أَسْفَلِهَا إِذَا اسْتَقَوْا مِنَ المَاءِ مَرُّوا عَلَى مَنْ فَوْقَهُمْ، فَقَالُوا: لَوْ أَنَّا خَرَقْنَا فِي نَصِيبِنَا خَرْقًا وَلَمْ نُؤْذِ مَنْ فَوْقَنَا، فَإِنْ يَتْرُكُوهُمْ وَمَا أَرَادُوا هَلَكُوا جَمِيعًا، وَإِنْ أَخَذُوا عَلَى أَيْدِيهِمْ نَجَوْا، وَنَجَوْا جَمِيعًا». [صحيح] - [رواه البخاري]

(51) – Hadithi yaturutse kwa A-Nu'uman Ibun Bashir (Imana imwishimire we na se) nawe ayikuye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Urugero rw'umuntu ushikamye ku mategeko ya Allah n'utayubahiriza wayirengagije, ni nk'urugero rw'abantu bari mu bwato bakoze Tombola bamwe bakajya hejuru, abandi bakajya hasi; hanyuma abari hasi bashaka amazi yo kunywa bakabinyuza ku bari hejuru, kugeza ubwo bavuga bati: "Ariko iyo dutobora ubwato tukajya tubona amazi hafi tutiriwe tugora abo hejuru! Nibabareka bakabikora nk'uko

babishaka bose bazarohama, ariko nibababuza kubikora bose bazarokoka!" **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatanze urugero rw'abantu bashikamye ku mategeko ya Allah kandi bakayashyira mu bikorwa, bategeka ibyiza, ndetse bakanabuza ibibi.

Urugero rw'abarengera imbago za Allah, bakanga gutegeka ibyiza no kubuza ibibi, ndetse n'uruhare rwabyo mu kurokora umuryango mugari. Ibyo ni nk'urugero rw'abantu bari mu bwato, bagakoresha tombola ngo bamenye abajya hasi mu bwato, n'abajya hejuru yabwo, nuko bamwe bakajya hasi abandi bakajya hejuru. Ariko abari hasi bakifuza amazi yo kunywa, bakajya banyura ku bari hejuru; Maze abari hasi baribwira bati: Ariko twatoboye umwenge hano hasi, tukajya tugera ku mazi mu buryo butworoheye, tutiriwe tugora abari hejuru? Abo hejuru nibabareka bakabikora ntibabibabuze, ubwato buzarohoma bose barohame, ariko bababujije ibyo bashaka gukora, abo bantu bose barokoka n'ubwato ntiburohame.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro ko gutegeka ibyiza no kubuza ibibi mu kurinda abantu no kubarokora.

2. Zimwe mu nzira zo kwigisha, harimo gutanga ingero, mu rwego rwo gusobanurira abantu bafite ubwenge butekereza utanga ingero zifatika.
3. Gukora igikorwa kibi mu buryo bugaragara no kutabuza ugikora, bigira ingaruka zigarukira bose.
4. Korama kw'abantu bihera ku kureka inkozi z'ibibi zigakwiza ibibi byazo n'ubwangizi.
5. Imyitwarire mibi n'ubwo umugambi ikoranywe waba ari mwiza, ntibihagije kuba byatuma igikorwa gitungana.
6. Inshingano ku muryango mugari w'abayisilamu iba ihuriweho, ntabwo iba ireba umuntu umwe ku giti cye.
7. Abantu muri rusange bagerwaho n'ibihano kubera ibyaha bya bamwe muri bo, baramutse batababujije.
8. Inkozi z'ibibi zikora ibibi byazo ku mugaragaro zitwaje ko ari byiza ku bantu bose nk'uko bimeze ku ndyarya.

(3341)

(52) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه أَنَّ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «مَنْ دَعَا إِلَى هُدًى كَانَ لَهُ مِنَ الْأَجْرِ مِثْلُ أُجُورِ مَنْ تَبِعَهُ، لَا يَنْقُصُ ذَلِكَ مِنْ أُجُورِهِمْ شَيْئًا، وَمَنْ دَعَا إِلَى ضَلَالَةٍ كَانَ عَلَيْهِ مِنَ الْإِثْمِ مِثْلُ آثَامِ مَنْ تَبِعَهُ، لَا يَنْقُصُ ذَلِكَ مِنْ آثَامِهِمْ شَيْئًا». [صحيح] - [رواه مسلم]

(52) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Umuntu uzahamagarira abandi kuyoboka, azabibonera ibihembo bingana

n'iby'abamwumviye bakamukurikira, nta kigabanyutse mu bihembo bazabona! N'uzahamagarira abandi ubuyobe, azabona ibihano bingana n'iby'abamwumviye bakamukurikira nta kigabanyutse mu bihano bazabona."
[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ko umuntu uyobora akanashishikariza abandi inzira igororotse y'ukuri cyangwa se akabashishikariza gukora icyiza, azabona ibihembo bingana n'iby'abazamwumvira nta gihembo kigabanyutse mu bihembo by'abamwumviye.

N'uzayobora abantu mu nzira y'ubuyobe no gukora ibyaha cyangwa kubazirurira ibiziririjwe, azabona ibihano bingana n'iby'abazamwumvira nta kigabanyutse mu bihano bazahanishwa.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro ko guhamagarira abandi kuyoboka no gukora ibyiza byaba bicye cyangwa se byinshi, kandi ko uhamagarira abandi ibyo, abona ibihembo bingana n'iby'uwamukurikiye. Ibi bikaba ari ibigaragaza ingabire za Allah n'ineza ye ihebuje.
2. Ubuhambare bwo guhamagarira abantu ubuyobe n'ibibi byaba bicye cyangwa se byinshi, kandi ko ubihamagariye abandi abona ibihano nk'iby'abamwumviye.

3. Ineza yiturwa indi, bityo uhamagariye ibyiza nawe ahembwa ibyiza nk'iby'uwabikoze, n'uwahamagariye ibibi nawe abona ibihano nk'iby'uwabikoze.
4. Umuyisilamu ategetswe kwitwararika ndetse akagira amacyenga ko hari abamwigana kubera ibyaha bye akora ku mugaragaro bamubonaho, bigatuma azikorera ibyaha bye n'iby'abamwiganye kabone n'iyo atabibashishikariza.

(3373)

(53) – عن أبي مسعود الأنصاري رضي الله عنه قال: جَاءَ رَجُلٌ إِلَى النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ فَقَالَ: إِنِّي أُبْدِعَ بِي فَاحْمِلْنِي، فَقَالَ: «**مَا عِنْدِي**»، فَقَالَ رَجُلٌ: يَا رَسُولَ اللهِ، أَنَا أَدُلُّهُ عَلَى مَنْ يَحْمِلُهُ، فَقَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «**مَنْ دَلَّ عَلَى خَيْرٍ فَلَهُ مِثْلُ أَجْرِ فَاعِلِهِ**». **[صحيح] - [رواه مسلم]**

(53) – Hadithi yaturutse kwa Abu Masuud Al Answariy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umugabo umwe yaje ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) arayibwira ati: Ikigenderwaho cyanjye cyarapfuye, none mpa ikigenderwaho najya ngenderaho; Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: Ntacyo mfite! Undi mugabo wari uri aho arayibwira ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Mwereke undi wakimuha? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: "Uzarangira undi icyiza, azabona ibihembo nk'iby'uwagikoze" **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim].**

Ibisobanuro birambuye:

Umugabo umwe yaje ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) aravuga ati: Icyo nagenderagaho cyapfuye, none mpa icyo nazajya ngenderaho, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imwiseguraho ko ntacyo ifite, undi mugabo wari hafi aho aravuga ati: Yewe Ntumwa y'Imana!

Njye ndamwereka uwakimuha, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imubwira ko nawe ari bubone ibihembo nk'ibyo uri bwitange akakimuha kubera ko yamurangiye umukemurira ikibazo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza kwereka abantu ibyiza.
2. Gushishikariza gukora ibikorwa byiza ni zimwe mu mpamvu z'ubumwe n'ubwuzuzanye bw'umuryango mugari wa Kisilamu.
3. Ingabire za Allah Nyir'ubutagatifu ziragutse.
4. Iyi Hadithi ni itegeko rusange ryinjiramo ibikorwa byose kandi byiza.
5. Iyo umuntu atashoboye gucyemura ikibazo cy'umusabye, amurangira undi wamufasha.

(5354)

(54) – عَنْ سَهْلُ بْنُ سَعْدٍ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ أَنَّ رَسُولَ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ يَوْمَ خَيْبَرَ: «لَأُعْطِيَنَّ هَذِهِ الرَّايَةَ غَدًا رَجُلًا يَفْتَحُ اللَّهُ عَلَى يَدَيْهِ، يُحِبُّ اللَّهَ وَرَسُولَهُ وَيُحِبُّهُ اللَّهُ وَرَسُولُهُ»، قَالَ: فَبَاتَ النَّاسُ يَدُوكُونَ لَيْلَتَهُمْ أَيُّهُمْ يُعْطَاهَا، فَلَمَّا أَصْبَحَ النَّاسُ غَدَوْا عَلَى رَسُولِ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ كُلُّهُمْ يَرْجُو أَنْ يُعْطَاهَا، فَقَالَ: «أَيْنَ عَلِيُّ بْنُ أَبِي طَالِبٍ؟» فَقِيلَ: هُوَ يَا رَسُولَ اللَّهِ يَشْتَكِي عَيْنَيْهِ، قَالَ: «فَأَرْسِلُوا إِلَيْهِ»، فَأُتِيَ بِهِ فَبَصَقَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ فِي عَيْنَيْهِ وَدَعَا لَهُ، فَبَرَأَ حَتَّى كَأَنْ لَمْ يَكُنْ بِهِ وَجَعٌ، فَأَعْطَاهُ الرَّايَةَ، فَقَالَ عَلِيٌّ: يَا رَسُولَ اللَّهِ، أُقَاتِلُهُمْ حَتَّى يَكُونُوا مِثْلَنَا؟ فَقَالَ: «انْفُذْ عَلَى رِسْلِكَ حَتَّى تَنْزِلَ بِسَاحَتِهِمْ، ثُمَّ ادْعُهُمْ إِلَى الإِسْلاَمِ، وَأَخْبِرْهُمْ بِمَا يَجِبُ عَلَيْهِمْ مِنْ حَقِّ اللَّهِ فِيهِ، فَوَاللَّهِ لَأَنْ يَهْدِيَ اللَّهُ بِكَ رَجُلًا وَاحِدًا، خَيْرٌ لَكَ مِنْ أَنْ يَكُونَ لَكَ حُمْرُ النَّعَمِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(54) – Hadith yaturutse kwa Sah'li Ibun Sa'ad (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ejo iri bendera nzariha umugabo Allah azanyuzaho intsinzi, ukunda Allah n'Intumwa ye, ndetse na Allah n'Intumwa ye bakamukunda." Sah'li yaravuze ati: Abantu bose baraye bibaza uwo mugabo uwo ari we, ubwo bwari bucyeye, bose bazindukiye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) buri wese yiringiye ko ariwe warihabwa, nuko Intumwa y'Imana irabaza iti: Ally Ibun Abi Twalib ari he?

Baramusubiza bati: Yewe Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) arwaye amaso! Intumwa y'Imana irababwira iti: Nimumutumeho; nuko araza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imucira mu maso inamusabira ubusabe, nuko arakira amera nkaho atigeze amurya!

Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imuhereza rya bendera, maze Ally arayibaza ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Ese mbarwanye kugeza ubwo bazamera nkatwe? Intumwa iramusubiza iti: Wigira ubwira, tegereza kugeza ugeze ku rugamba, ubahamagarire ubuyisilamu, ubabwire ibyo bategetswe bagomba Allah, ndakurahiriye ku izina rya Allah, ko Allah agize umuntu umwe ayobora abikunyujijeho, ari byo byiza kuri wowe kuruta ubushyo bw'ingamiya z'amasine!" **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabwiye abasangirangendo bayo ko uhereye umunsi w'ejo abayisilamu bazatsinda abayahudi b'ahitwa Khaybari, binyuze ku mugabo azaha ibendera, rikaba ryarifashishwaga n'ingabo nk'ikirango cyazo ku rugamba. Uyu mugabo mu bimuranga ni uko akunda Allah n'Intumwa ye, nabo bakaba bamukunda. Iryo joro abasangirangendo baraye badasinziriye bibaza banavugana uri buhabwe ibendera? Bose baharanira ko babona icyo cyubahiro.

Ubwo bwari bucyeye, bagiye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bose uko bakabaye biringiye ko babona icyo cyubahiro. Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibabaza aho Ally Ibun Abi Twalib (Imana imwishimire) ari? Bayisubiza ko arwaye amaso.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imutumaho, baramuzana, imucira mu maso iramusabira nuko arakira amera nkaho atigeze ataka uburwayi, nuko imuha rya bendera imutegeka ko agenda adafite ubwira kugeza ageze mu banzi, akabanza kubahamagarira ubuyisilamu, yabona bamwumvise akabigisha amategeko bategetswe.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije yereka Ally agaciro ko guhamagarira abantu kwemera Allah, kandi ko umuvugabutumwa iyo abaye impamvu yo kuyoboka k'umuntu umwe ari byiza kuri we kuruta kuba yaba afite ingamiya z'isine, ari zo zari imitungo y'abarabu ihenze, akaba yaba azitunze akazitanga mu nzira ya Allah.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro ka Ally Ibun Abi Twalib (Imana imwishimire) n'ubuhamya bw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko akunda Allah n'Intumwa ye nabo bakamukunda.
2. Uburyo abasangirangendo b'Intumwa y'Imana bari bashishikajwe no gukora ibyiza, ndetse bakanarushanwa mu kubikora.
3. Ni itegeko kugira imyitwarire myiza mu gihe cy'urugamba, no kwirinda uburakari n'amajwi mabi abangamira abandi, kuko biba bidacyenewe.
4. Mu bimenyetso by'ubuhanuzi bw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ni aho yavuze ko abayahudi bazatsindwa, no kuvura Ally

Ibun Abi Twalib amaso Intumwa y'Imana ari yo ibigizemo uruhare ku burenganzira bwa Allah.

5. Intego nyamukuru iruta izindi yo kujya ku rugamba mu nzira ya Allah, nuko abantu baba abayisilamu.
6. Ivugabutumwa rikorwa mu byiciro; aho umuhakanyi asabwa mbere na mbere kuba umuyisilamu akavuga ubuhamya bubiri, nyuma yaho bakabona kumubwira amategeko y'ubuyisilamu.
7. Agaciro k'ivugabutumwa rya Isilamu, n'ibyiza byaryo kuri wawundi ubuhamagarirwa n'ubuhamagarira; kubera ko urihamagarirwa ashobora kuyoboka, ndetse n'umuhamagarira akabona ingororano zihambaye.

(3409)

(55) – عن ابنِ عُمَرَ رضي الله عنهما قال: قال رسولُ الله صلَّى الله عليه وسلم: «مَن تَشَبَّهَ بِقَوْمٍ فَهُوَ مِنْهُمْ». [حسن] - [رواه أبو داود وأحمد]

(55) – Hadithi yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Uzisanisha n'itsinda cyangwa se abantu runaka azabarirwa muri bo." **[Hadithi nziza] - [Yakiriwe na Abu Dawud na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko umuntu wisanishije n'abantu b'abahakanyi cyangwa se inkozi z'ibibi cyangwa se

abantu bakora ibikorwa byiza, nko kuba yakora bimwe mu bikorwa bibaranga by'imyemerere cyangwa se amasengesho cyangwa se n'ibindi bikorwa bisanzwe bazwiho, azaba abaye umwe muri bo; kubera ko kwisanisha nabo mu buryo bugaragara bituma umuntu yisanisha nabo mu buryo butagaragara. Nta no gushidikanya ko kwisanisha n'abantu runaka biterwa no kubatangarira, bishobora no kugeza umuntu ku kubakunda no kububaha no kubiringira. Ibi kandi bishobora no gutuma umuntu yisanisha nabo mu bitagaragara ndetse no mu bikorwa byo kugandukira Allah, Allah abiturinde.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwihanangiriza abantu kwisanisha n'abahakanyi ndetse n'inkozi z'ibibi.
2. Gushishikariza abantu kwisanisha n'abakora ibikorwa byiza ndetse no kugera ikirenge mu cyabo.
3. Kwisanisha n'abantu mu buryo bugaragara bituma umuntu abakunda mu buryo butagaragara.
4. Umuntu azabona ibihano n'ingaruka mbi kubera uburyo n'ikigero yisanishijeho n'abahakanyi.
5. Kubuza kwisanisha n'abahakanyi mu myemerere yabo, no mu migirire yabo bihariye, ariko ibitari ibyo nko kubigaho ubumenyi bw'ibijyanye n'inganda n'ibindi ntabwo bibarwa muri ibi bibujijwe.

(5353)

(56) – عن تَميم الداري رضي الله عنه، قال: سمعتُ رسول الله صلى الله عليه وسلم يقول: «لَيَبْلُغَنَّ هَذَا الأَمْرُ مَا بَلَغَ اللَّيْلُ وَالنَّهَارُ، وَلَا يَتْرُكُ اللهُ بَيْتَ مَدَرٍ وَلَا وَبَرٍ إِلَّا أَدْخَلَهُ اللهُ هَذَا الدِّينَ، بِعِزِّ عَزِيزٍ أَوْ بِذُلِّ ذَلِيلٍ، عِزًّا يُعِزُّ اللهُ بِهِ الإِسْلَامَ، وَذُلًّا يُذِلُّ اللهُ بِهِ الكُفْرَ» وَكَانَ تَمِيمٌ الدَّارِيُّ يَقُولُ: قَدْ عَرَفْتُ ذَلِكَ فِي أَهْلِ بَيْتِي، لَقَدْ أَصَابَ مَنْ أَسْلَمَ مِنْهُمُ الْخَيْرُ وَالشَّرَفُ وَالْعِزُّ، وَلَقَدْ أَصَابَ مَنْ كَانَ مِنْهُمْ كَافِرًا الذُّلُّ وَالصَّغَارُ وَالْجِزْيَةُ. [صحيح] - [رواه أحمد]

(56) – Hadith yaturutse kwa Tamim A-Dariy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Iri dini rizagera aho ari ho hose hagera amanywa n'ijoro, kandi Allah ntazigera arenga inzu yaba iyo mu mujyi cyangwa se mu byaro, mu bibaya no mu mpinga, usibye ko azahageza iri dini, uzaryemera azamwubahisha cyangwa se uzarihakana amusuzuguze, icyubahiro Allah azubahisha iri dini ry'ubuyisilamu, cyangwa se gusuzugurika Allah azasuzuguza ubuhakanyi." Icyo gihe Tamimu A-Dariy yajyaga avuga ati: Ibi nabibonye mu bantu bo mu muryango wanjye, ababaye abayisilamu bagezweho n'ibyiza byinshi ndetse baranubahika, n'ababaye abahakanyi muri bo barasuzuguritse bata agaciro, batanga n'umusoro. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko iri dini rizakwira mu nguni zose z'isi, kugeza ubwo buri hantu hose hagera amanywa n'ijoro iri dini rizahagera. Kandi Allah ntazigera areka inzu n'imwe yaba iyo mu

mijyi no mu byaro, mu bibaya no mu mpinga, no mu butayu usibye ko azahageza iri dini.

Uzaryemera rero akariyoboka azubahika kubera icyubahiro cy'ubuyisilamu, N'uzabwanga akabuhakana azasuzugurika ate agaciro.

Umusangirangendo Tamim A-Dariy (Imana imwishimire) arangije avuga ko ibyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze yabyiboneye mu muryango we, aho uwabaye umuyisilamu yabonye ibyiza byinshi ndetse aranubahika, n'uwahakanye muri bo yasuzuguritse ata agaciro, hamwe no kwishyura abayisilamu umusoro.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Inkuru nziza ku bayisilamu y'uko idini ryabo rizakwira mu nguni zose z'isi.
2. Icyubahiro ni icy'ubuyisilamu n'abayisilamu, no gusuzugurika ni iby'ubuhakanyi n'abahakanyi.
3. Harimo ikimenyetso cy'ubuhanuzi, aho ibi Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahanuye, byabaye nk'uko yabihanuye.

(11220)

(57) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه عَنْ رَسُولِ اللهِ صلى الله عليه وسلم أنه قال: «وَالَّذِي نَفْسُ مُحَمَّدٍ بِيَدِهِ لَا يَسْمَعُ بِي أَحَدٌ مِنْ هَذِهِ الْأُمَّةِ يَهُودِيٌّ وَلَا نَصْرَانِيٌّ، ثُمَّ يَمُوتُ وَلَمْ يُؤْمِنْ بِالَّذِي أُرْسِلْتُ بِهِ إِلَّا كَانَ مِنْ أَصْحَابِ النَّارِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(57) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ndahiye

k'ufite roho ya Muhamadi mu kuboko kwe ko nta n'umwe mu bayoboke banjye uzanyumva yaba ari umuyahudi cyangwa se umunaswara ngo areke kunyemera, maze apfe atemeye ubutumwa naje nzanye usibye ko azajya mu muriro. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irarahira ku izina rya Allah, ko uwo ari we wese uzayimenya yaba umuyahudi cyangwa se umunaswara cyangwa se n'abandi, cyangwa se akagerwaho n'ubutumwa bwa Muhamadi (Imana imwishimire), hanyuma agapfa atamwemeye ko azaba umwe mu bantu bazajya mu muriro ubuziraherezo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ubutumwa bw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ni rusange ku batuye isi bose, ni n'itegeko kuyikurikira, ndetse no kuba amategeko yose yayibanjirije yarasimbuwe n'amategeko yaje izanye.
2. Uzahakana Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kuvuga ko yemera izindi Ntumwa ntacyo bizamumarira.
3. Utazumva Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), n'ubutumwa bwa Isilamu yaje kwigisha ntibumugereho, uwo ntacyo azabazwa, kandi iherezo rye ku munsi w'imperuka rizwi na Allah Nyir'ubutagatifu.

4. Ubuyisilamu bugirira akamaro nyirabwo, kabone n'iyo yaba abura igihe gito ngo apfe, kabone n'iyo yaba ari mu burwayi bukomeye budakira, igihe cyose roho ye itaragera mu ngoto.
5. Kuvuga ko amadini y'abahakanyi ari ukuri harimo n'ay'abayahudi n'abanaswara aba ahakanye.
6. Kuvuga umuyahudi n'umunaswara- muri Hadith- ni mu rwego rwo kwihanangiriza abandi batari bo, kubera ko aba bo bafite igitabo bemera bamanuriwe, niba rero nabo bazajya mu muriro kubera kutemera ubutumwa bwa Muhamadi, ubwo abandi badafite igitabo bemera nibo bazaherwaho, kubera ko bose bategetswe kwemera ubutumwa bwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) no kubukurikira.

(3272)

(58) – عَنْ ابْنِ عَبَّاسٍ رضي الله عنهما قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ غَدَاةَ الْعَقَبَةِ وَهُوَ عَلَى نَاقَتِهِ: «الْقُطْ لِي حَصًى» فَلَقَطْتُ لَهُ سَبْعَ حَصَيَاتٍ، هُنَّ حَصَى الْخَذْفِ، فَجَعَلَ يَنْفُضُهُنَّ فِي كَفِّهِ وَيَقُولُ: «أَمْثَالَ هَؤُلَاءِ فَارْمُوا» ثُمَّ قَالَ: «أَيُّهَا النَّاسُ، إِيَّاكُمْ وَالْغُلُوَّ فِي الدِّينِ، فَإِنَّما أَهْلَكَ مَنْ كَانَ قَبْلَكُمْ الْغُلُوُّ فِي الدِّينِ». [صحيح] - [رواه ابن ماجه والنسائي وأحمد]

(58) – Hadith yaturutse kwa Ibun Abass (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ubwo yari iri ku ngamiya yayo ahitwa Al Aqabat mu gitondo yaravuze iti: Ntoragurira utubuye! Nuko

nyitoragurira utubuye turindwi duto tungana n'udushaza, nuko itangira kutuzunguza mu kiganza cyayo ivuga iti: "N'ibingana n'utu mu byaha mujye mubyirinda! Irangije iravuga iti: Yemwe bantu!, mujye mwirinda gukabya mu idini, kubera ko ababanjirije boretswe no gukabya mu idini!" **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Ibun Madjah na A-Nasa'iy ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Ibun Abas (Imana imwishimire we na se) aragaragaza ko ku munsi w'igitambo ari mu gitondo yari hamwe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bari ahitwa Djamratul Aqabat, mu mutambagiro wa nyuma Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yakoze; Nuko ayitoragurira utubuye duto turindwi two gutera, kamwe muri two kari gafite ingano ingana n'ishaza.

Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) idupfumbatiza mu kiganza cyayo, iraducugusa, maze iravuga iti: Amabuye angana n'aya mujye muyakoresha mutera kuri Djamarat. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije yihanangiriza abantu gukabya no kurengera imbago z'amategeko y'idini, kubera ko byoretse abatubanjirije.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kubuza gukabya mu idini, no kugaragaza iherezo ryabyo ribi, ndetse ko ari imwe mu mpamvu zo korama.

2. Gufatira amasomo ku batubanjirije, mu rwego rwo kwirinda kugwa mu makosa nabo bakoze.
3. Gushishikariza kubahiriza imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

(3395)

(59) – عن عبد الله بن مسعود قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «هَلَكَ الْمُتَنَطِّعُون» قالها ثلاثًا. [صحيح] - [رواه مسلم]

(59) – Hadithi yaturutse kwa Abdullah Ibun Mas'ud yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha): "Baroramye abakabya mu idini" Ibi yabisubiyemo inshuro eshatu! **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) muri iyi Hadith iravugamo ko abantu bakabya mu idini nta bumenyi, bafite igihombo ndetse batari no ku muyoboro w'ukuri haba mu idini ryabo ndetse no mu buzima bwabo bwa hano ku isi, haba mu mvugo zabo ndetse no mu bikorwa byabo, kandi ko barengereye umurongo w'amategeko yagennye wazanywe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni ikizira gukabya no kwigora ukora ibyo udashoboye mu bintu byose, ndetse no gushishikariza kwitandukanya nabyo mu

bintu ibyo ari byo byose, by'umwihariko igihe ari mu bikorwa byo kwiyegereza Allah (Ibadat), no guha agaciro abakora ibikorwa byiza.

2. Guharanira kugera ku bitunganye mu bikorwa byo kwiyegereza Allah ndetse no mu bindi ni ikintu cyiza, ariko bigakorwa byubahirije umurongo wagenwe n'amategeko y'idini ry'ubuyisilamu.
3. Ni byiza gushimangira igikorwa cy'ingenzi, kubera ko n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iri jambo yarisubiyemo inshuro eshatu.
4. Idini ry'ubuyisilamu riroroshye.

(3420)

(60) – عَنْ عَدِيِّ بْنِ حَاتِمٍ عَنِ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «الْيَهُودُ مَغْضُوبٌ عَلَيْهِمْ، وَالنَّصَارَى ضُلَّالٌ». [صحيح] - [رواه الترمذي]

(60) – Hadith yaturutse kwa Adiy Ibun Hatim yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Abayahudi bararakariwe, n'abanaswara barayobye." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Tirmidhiy]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko abayahudi ari abantu Allah yarakariye, kubera ko bamenye ukuri ntibakwemera ngo bagushyire mu bikorwa; Naho abanaswara (abakirisitu) ni abantu bayobye, kubera ko bakora ibikorwa badafitiye ubumenyi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Guhuriza hamwe ubumenyi n'ibikorwa ni imwe mu mpamvu zo kwitandukanya n'abarakariwe ndetse n'abayobye.
2. Kwirinda inzira y'abayahudi n'abanaswara, no kwitwararika inzira igororotse ari yo y'ubuyisilamu.
3. Abayahudi n'abanaswara bose barayobye kandi bararakariwe, ariko abayahudi mu buryo bw'umwihariko bavuzwe ko Allah yabarakariye, ndetse ko n'abanaswara bayobye.

(65061)

(61) – عَنْ عَبْدِ اللهِ بْنِ عَمْرِو بْنِ الْعَاصِ رضي الله عنهما قَالَ: سَمِعْتُ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَقُولُ: «كَتَبَ اللهُ مَقَادِيرَ الْخَلَائِقِ قَبْلَ أَنْ يَخْلُقَ السَّمَاوَاتِ وَالْأَرْضَ بِخَمْسِينَ أَلْفَ سَنَةٍ، قَالَ: وَعَرْشُهُ عَلَى الْمَاءِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(61) – Hadithi yaturutse kwa Abdillah Ibun Amr Ibun Al Asw (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Allah yanditse igeno ry'ibiremwa byose mbere y'uko arema ibirere n'isi ho imyaka ibihumbi mirongo itanu Intumwa yaravuze iti: Icyo gihe na Arshi ye yari hejuru y'amazi!" **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko Allah yanditse ku rubaho rurinzwe (A-Lawhul Mahfudhw) ibizaba ku burebure yageneye ibiremwa bye nk'ubuzima, urupfu, amafunguro n'ibindi mbere y'uko arema ibirere n'isi ho imyaka

ibihumbi mirongo itanu, n'ubu bikaba bibibaho bijyanye n'uko Allah yabigennye. Bityo buri cyose kibaho ni ku bw'igeno rye. Bityo ibiba ku mugaragu ntibyamuhusha, n'ibimuhushije ntibyari kumugeraho.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni itegeko kwemera igeno rya Allah yagennye.
2. Igeno rigamijwe: Ni ubumenyi bwa Allah bw'ibintu byose yamenye hanyuma akabyandika, kandi bikaba ari uko abishatse, no kwemera ko ari we wabiremye.
3. Kwemera ko igeno ryanditse mbere y'uko Allah arema ibirere n'isi, bitanga umusaruro wo kwakira igeno no kunyurwa nawo.
4. Mbere y'uko Allah arema ibirere n'isi, Arshi ya Allah yari hejuru y'amazi.

(65038)

(62) – عَنْ عَبْدِ اللَّهِ بْنِ مَسْعُودٍ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ: حَدَّثَنَا رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ وَهُوَ الصَّادِقُ المَصْدُوقُ: «أَنَّ خَلْقَ أَحَدِكُمْ يُجْمَعُ فِي بَطْنِ أُمِّهِ أَرْبَعِينَ يَوْمًا وَأَرْبَعِينَ لَيْلَةً، ثُمَّ يَكُونُ عَلَقَةً مِثْلَهُ، ثُمَّ يَكُونُ مُضْغَةً مِثْلَهُ، ثُمَّ يُبْعَثُ إِلَيْهِ المَلَكُ، فَيُؤْذَنُ بِأَرْبَعِ كَلِمَاتٍ، فَيَكْتُبُ: رِزْقَهُ وَأَجَلَهُ وَعَمَلَهُ وَشَقِيٌّ أَمْ سَعِيدٌ، ثُمَّ يَنْفُخُ فِيهِ الرُّوحَ، فَإِنَّ أَحَدَكُمْ لَيَعْمَلُ بِعَمَلِ أَهْلِ الجَنَّةِ حَتَّى لاَ يَكُونُ بَيْنَهَا وَبَيْنَهُ إِلَّا ذِرَاعٌ، فَيَسْبِقُ عَلَيْهِ الكِتَابُ، فَيَعْمَلُ بِعَمَلِ أَهْلِ النَّارِ فَيَدْخُلُ النَّارَ، وَإِنَّ أَحَدَكُمْ لَيَعْمَلُ بِعَمَلِ أَهْلِ النَّارِ حَتَّى مَا يَكُونُ بَيْنَهَا وَبَيْنَهُ إِلَّا ذِرَاعٌ، فَيَسْبِقُ عَلَيْهِ الكِتَابُ، فَيَعْمَلُ عَمَلَ أَهْلِ الجَنَّةِ فَيَدْخُلُهَا». [صحيح] - [متفق عليه]

(62) – Hadithi yaturutse kwa Abdullah Ibun Masud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana

(Imana imuhe amahoro n'imigisha), yo munyakuri w'umwizerwa kuruta abandi yaratuganirije igira iti "Mu by'ukuri, buri wese muri mwe iremwa rye ribera mu nda ya nyina; mu gihe cy'iminsi n'amajoro mirongo ine aba ari intanga, hanyuma nyuma y'igihe kingana n'iminsi nk'iyo akaba akabumbe k'amaraso, hanyuma nyuma y'igihe kingana n'iminsi nk'iyo akaba ikinyamanyama, hanyuma Allah akamwoherereza umumalayika akamugenera ibintu bine bikandikwa: Amwandikira amafunguro ye, ikizamwica, icyo azakora, ndetse niba azaba mwiza cyangwa mubi, ndetse umumalayika akamuhuhamo roho. Kandi umwe muri mwe ashobora kurangwa n'ibikorwa by'abantu bo mu ijuru kugeza ubwo hagati ye na ryo haba hasigaye intera ireshya n'ukuboko (kuva ku rutoki rwa musumbazose kugera mu nkokora) maze igeno rikamuganza agakora ibikorwa by'abantu bo mu muriro akawinjiramo. Nanone kandi umwe muri mwe ashobora kurangwa n'ibikorwa by'abantu bo mu muriro kugeza ubwo hagati ye n'umuriro hasigaye intera ireshya n'ukuboko (kuva ku rutoki rwa musumbazose kugera mu nkokora) ngo awinjiremo, maze igeno rikamuganza agakora ibikorwa by'abantu bo mu Ijuru akaryinjiramo." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Ibun Masuud yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yo munyakuri mu byo ivuga byose, w'umizerwa aho Allah yabishimangiye yaratuganirije igira iti: "Mu

by’ukuri, buri wese muri mwe iremwa rye ribera mu nda ya nyina, igihe umugabo aba akoranye imibonano n'umugore we intaga ze zinjira zitatanye maze zigakoranyirizwa muri nyababyeyi iminsi mirongo ine igashira ari intanga, Hanyuma zikaba akabumbe k’amaraso kaba ahanini ari amaraso ameze nk'ayavuze akomeye mu gihe kingana n’iminsi nk’iyo mirongo ine ya kabiri.

Hanyuma akaba ikinyamanyama mu minsi mirongo ine ya gatatu, Hanyuma Allah akamwoherereza umumalayika iminsi mirongo ine ya gatatu irangiye, akamuhuhamo roho; Allah akanategeka wa mu malayika ko amwandikira ibintu bine: Amafunguro ye ari zo ngabire ze zose amugenera muri icyo gihe, ikizamwica, ari cyo gihe azamara ku isi, N'icyo azakora, umurimo uzakora ni uwuhe? Ese azaba mwiza cyangwa mubi? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije irarahira ko umuntu ashobora kurangwa n'ibikorwa by'abantu bo mu ijuru nk'uko bigaragarira abantu, agakomeza kurangwa nabyo kugeza ubwo hagati ye no kuryinjiramo haba hasigaye intera ireshya n’ukuboko (kuva ku rutoki rwa musumbazose kugera mu nkokora), maze igeno yagenewe rikamuganza agakora ibikorwa by'abantu bo mu muriro akawinjiramo. Kuko impamvu ituma yakirirwa ibikorwa bye ni ukubishikamaho ntahinduke. Undi muntu ni ushobora kuba arangwa n'ibikorwa by'abantu bo mu muriro kugeza ubwo hagati ye n’umuriro hasigaye intera ireshya n’ukuboko (kuva ku

rutoki rwa musumbazose kugera mu nkokora) ngo awinjiremo, maze igeno rikamuganza agakora ibikorwa by'abantu bo mu ijuru akaryinjiramo."

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Iherezo ry'umuntu n'ibintu niryo rishingirwaho tukareba aho igeno rye ryamwerekeje.
2. Kuburira abantu kudashukwa n'ibikorwa bigaragarira abantu, kuko ikirebwa ni iherezo ryabyo.

(65037)

(63) – عن ابن مسعود رضي الله عنه قال: قال النبي صلى الله عليه وسلم: «الْجَنَّةُ أَقْرَبُ إِلَى أَحَدِكُمْ مِنْ شِرَاكِ نَعْلِهِ، وَالنَّارُ مِثْلُ ذَلِكَ». [صحيح] - [رواه البخاري]

(63) – Hadithi yaturutse kwa Ibun Mas'ud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana imwishimire) yaravuze iti: "Ijuru riri bugufi n'umwe muri mwe kuruta uko imishumi y'inkweto ze imuri bugufi, n'umuriro ni nk'uko." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga ko ijuru n'umuriro biri bugufi y'umuntu nk'uko imishumi ifunze inkweto iba iri bugufi ye, kubera ko ashobora gukora igikorwa Allah Nyir'ubutagatifu yishimira kikamwinjiza mu ijuru,

cyangwa se agakora igikorwa cyo kugomera Allah cyaba impamvu y'uko azajya mu muriro.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza gukora ibikorwa byiza kabone n'iyo byaba bicye, no gutinyisha gukora ibikorwa bibi kabone n'iyo byaba bicye.
2. Umuyisilamu mu buzima bwe agomba guhuriza hamwe kwizera ingororano za Allah igihe akoze ibyiza ari nako agira ubwoba bw'ibihano bye igihe amugomeye, ndetse agasaba Allah Nyir'ubutagatifu ko yamuha igihe cyose gushikama ku kuri kugira ngo azarokoke ibihano kandi uko ameze ntibimutere kwirara.

(3581)

(64) – عن أبي هريرة رضي الله عنه أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «حُجِبَتِ النَّارُ بِالشَّهَوَاتِ، وَحُجِبَتِ الْجَنَّةُ بِالْمَكَارِهِ». [صحيح] - [رواه البخاري]

(64) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Umuriro uzengurutswe n'ibikorwa by'irari, naho ijuru rizengurutswe n'ingorane n'ibigeragezo." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irasobanura ko umuriro uzengurutswe n'ibintu umuntu

ararikira by'ibyaha cyangwa se kudohoka mu gukora ibyo umuntu yategetswe; Bityo uzakurikira umutima we n'ibyo urarikira azajya mu muriro; Kandi ko umuriro uzengurutswe n'ibyo umutima w'umuntu wanga, nko guhozaho gukora ibyo wategetswe, no kureka ibyo wabujijwe ukanabyihanganira; iyo uhanganye nabyo ukabirwanya uba ukwiye kwinjira mu ijuru.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Zimwe mu mpamvu zo kugwa mu byaha n'irari ni ibibi Shitani itakira abantu ko ari byiza kugeza ubwo umutima nawo ubonye ko ari byiza maze ukabirarikira.
2. Kwitandukanya n'ibikorwa by'irari biziririjwe ni itegeko, kubera ko ari byo nzira ijya mu muriro, no kwihanganira ibiremerera umutima udakunda kubera ko ariyo nzira ijya mu ijuru.
3. Ibyiza byo guhata umutima no guharanira gukora ibikorwa bishimisha Allah, ndetse no kwihanganira ibigoye n'ibyo umutima wanga kubera ko ari byo bizengurutse ibikorwa byo kumvira Allah.

(3702)

(65) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه عَنْ رَسُولِ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «لَمَّا خَلَقَ اللَّهُ الْجَنَّةَ وَالنَّارَ أَرْسَلَ جِبْرِيلَ عَلَيْهِ السَّلَامُ إِلَى الْجَنَّةِ، فَقَالَ: انْظُرْ إِلَيْهَا وَإِلَى مَا أَعْدَدْتُ لِأَهْلِهَا فِيهَا. فَنَظَرَ إِلَيْهَا فَرَجَعَ، فَقَالَ: وَعِزَّتِكَ لَا يَسْمَعُ بِهَا أَحَدٌ إِلَّا دَخَلَهَا. فَأَمَرَ بِهَا فَحُفَّتْ بِالْمَكَارِهِ، فَقَالَ: اذْهَبْ إِلَيْهَا فَانْظُرْ إِلَيْهَا وَإِلَى مَا أَعْدَدْتُ لِأَهْلِهَا فِيهَا. فَنَظَرَ إِلَيْهَا، فَإِذَا هِيَ قَدْ حُفَّتْ بِالْمَكَارِهِ، فَقَالَ: وَعِزَّتِكَ لَقَدْ خَشِيتُ أَنْ لَا يَدْخُلَهَا أَحَدٌ. قَالَ: اذْهَبْ فَانْظُرْ إِلَى النَّارِ وَإِلَى مَا أَعْدَدْتُ لِأَهْلِهَا فِيهَا. فَنَظَرَ إِلَيْهَا فَإِذَا هِيَ يَرْكَبُ بَعْضُهَا بَعْضًا، فَرَجَعَ فَقَالَ: وَعِزَّتِكَ لَا يَدْخُلُهَا أَحَدٌ. فَأَمَرَ بِهَا فَحُفَّتْ بِالشَّهَوَاتِ، فَقَالَ: ارْجِعْ فَانْظُرْ إِلَيْهَا. فَنَظَرَ إِلَيْهَا فَإِذَا هِيَ قَدْ حُفَّتْ بِالشَّهَوَاتِ، فَرَجَعَ وَقَالَ: وَعِزَّتِكَ لَقَدْ خَشِيتُ أَنْ لَا يَنْجُوَ مِنْهَا أَحَدٌ إِلَّا دَخَلَهَا».

[حسن] - [رواه أبو داود والترمذي والنسائي]

(65) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ubwo Allah yari amaze kurema ijuru n'umuriro, yohereje Djibril (Imana imwishimire) mu ijuru maze aramubwira ati: Rirebe unarebe ibyo nateganyirije abazaryinjiramo, nuko ararireba aragaruka aravuga ati: Ndahiye ku bw'icyubahiro cyawe ko ntawe uzaryumva usibye ko azaryinjiramo!

Nuko Allah ategeka ko rizengurutswa ibyo abantu banga, Allah arongera aramubwira ati: Ingera ugende urirebe unarebe ibyo nateganyirije abazaryinjiramo, nuko ararireba asanga ryazengurukijwe ibyo abantu banga, maze aravuga ati: Djibril aravuga ati: Ndahiye ku bw'icyubahiro cyawe ko natinye ko nta n'umwe uzaryinjiramo. Nuko Allah aramubwira ati: Genda urebe no mu muriro ndetse n'ibyo nateganyirije

abazawujyamo, nuko aragenda arawureba asanga uragerekeranye maze aragaruka aravuga ati: Ndahiye ku bw'icyubahiro cyawe ko nta n'umwe uzawujyamo, nuko Allah ategeka ko uzengurutswa ibyo abantu bararikira, nuko arangije aramubwira ati: Subirayo uwurebe, nuko arawureba asanga uzengurutswe n'ibyo abantu bararikira aragaruka aravuga ati: Ndahiye ku bw'icyubahiro cyawe ko natinye ko nta n'umwe uzawurokoka usibye ko buri wese uzawujyamo." **[Hadithi nziza] - [Yakiriwe na Abu Dawud na Tirmidhiy ndetse na A-Nasa'iy]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko ubwo Allah yari amaze kurema ijuru n'umuriro, yohereje Djibril (Imana imwishimire) mu ijuru maze aramubwira ati: Genda urirebe unarebe ibyo nateganyirije abazaryinjiramo, nuko aragenda ararireba aragaruka, Maze Djibril aravuga ati: Mana Nyagasani! Ndahiye ku bw'icyubahiro cyawe ko ntawe uzaryumva usibye ko azashaka kuryinjiramo, ndetse akanakora ibituma azaryinjiramo! Nuko Allah ategeka ko rizengurutswa ibyo abantu banga binabagora nk'ibyo yabategetse gukora no kureka, kandi ugomba kuryinjiramo ari umuntu ugomba kurenga ibyo bintu. Nuko Allah abwira Djibril ati: Genda urebe mu ijuru, nyuma yo kurizengurutsa ibyo abantu badakunda; Nuko aragenda ararireba maze aragaruka aravuga ati:

Mana Nyagasani ndahiye ku bw'icyubahiro cyawe ko nta n'umwe uzaryinjiramo kubera ko rigoye n'inzira ziganayo zirimo ingorane. Nanone ubwo Allah yari amaze kurema umuriro, yabwiye Djibril ati: Yewe Djibril, genda urebe no mu muriro ndetse n'ibyo nateganyirije abazawujyamo, nuko aragenda arawureba Aragaruka aravuga ati: Mana Nyagasani! Ndahiye ku bw'icyubahiro cyawe ko nta n'umwe uzamenya ibihano n'amakuba awuberamo usibye ko azanga kuwujyamo ndetse akanirinda impamvu zose zizatuma awujyamo! Nuko Allah ategeka ko uzengurutswa ibyo abantu bararikira n'ibyo imitima yabo ikunze, arangije abwira Djibril ati: Yewe Djibril, genda uwurebe, Nuko Djibril aragende arawureba asanga uzengurutswe n'ibyo abantu bararikira aragaruka aravuga ati: Mana Nyagasani ndahiye ku bw'icyubahiro cyawe ko natinye nkanagira impuhwe z'uko nta n'umwe uzawurokoka kubera ibiwukikije umuntu akunda kandi ararikira.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwemera ko ijuru n'umuriro biriho na magingo aya.
2. Ni itegeko kwemera ibitagaragara ndetse n'ibindi byose byaturutse kwa Allah no ku Ntumwa ye (Imana iyihe amahoro n'imigisha).
3. Ni ngombwa kwihanganira ibyo udakunze kuko niyo nzira ikugeza mu ijuru.
4. Ni ngombwa kwirinda ibiziririjwe, kubera ko ari yo nzira ikujyana mu muriro.

5. Kuba Allah ijuru yararikikije ibyo umuntu yanga adakunze, naho umuriro wo akawukikiza ibyo umutima urarikira n'ibigeragezo byo muri ubu buzima bw'iyi si.
6. Inzira ijya mu ijuru iragoye kandi irimo ibibazo, ndetse isaba kwihangana no kwigora bivanze n'ukwemera, naho umuriro wo ukikijwe n'ibyo umutima urarikira kandi ukunze byo muri iyi si.

(65034)

(66) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ أَنَّ رَسُولَ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «نَارُكُمْ جُزْءٌ مِنْ سَبْعِينَ جُزْءًا مِنْ نَارِ جَهَنَّمَ»، قِيلَ: يَا رَسُولَ اللَّهِ، إِنْ كَانَتْ لَكَافِيَةً. قَالَ: «فُضِّلَتْ عَلَيْهِنَّ بِتِسْعَةٍ وَسِتِّينَ جُزْءًا كُلُّهُنَّ مِثْلُ حَرِّهَا». [صحيح] - [متفق عليه]

(66) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Uyu muriro wanyu mukoresha ni igice kimwe mu bice mirongo irindwi by'umuriro wa Djahanamu" Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) barayibaza bati: Yewe Ntumwa y'Imana! Uyu wo ku isi ntiwari uhagije? Abasubize ati: Uwa Djahanama uruta uyu wo ku isi ho ibice mirongo itandatu n'icyenda buri gice kikaba kinganya ubukana n'uwo ku isi." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko umuriro dukoresha hano ku isi ari igice

kimwe mu bice mirongo irindwi by'umuriro wa Djanamu. Bityo umuriro wo ku munsi w'imperuka uwurusha imbaraga n'ubushyuhe ho inshuro mirongo itandatu n'icyenda, buri gice muri byo kinganya ubushyuhe nk'ubw'icyo mu isi.

Nuko babaza Intumwa y'Imana bati: Yewe Ntumwa y'Imana! Ubukana bw'uwo mu isi bwari buhagije kuba bwahana abazawinjiramo. Inntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibasubize iti: Umuriro wa Djahanamu warutishijwe uwo mu isi ho ibice mirongo itandatu n' icyenda, kandi na buri gice gifite ubukana nk'ubw'uwo mu isi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kuburira abantu umuriro kugira ngo abantu bawugendere kure banirinde ibikorwa byatuma bazawujyamo.
2. Ubuhambare bw'umuriro wa Djahanama n'ibihano byawo n'ubukana bwawo.

(65036)

(67) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه قَالَ: سَمِعْتُ رَسُولَ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَقُولُ: «يَقْبِضُ اللَّهُ الأَرْضَ، وَيَطْوِي السَّمَوَاتِ بِيَمِينِهِ، ثُمَّ يَقُولُ: أَنَا المَلِكُ، أَيْنَ مُلُوكُ الأَرْضِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(67) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Allah azazingazinga isi, azingazinge n'ibirere n'ikiganza cye

cy'iburyo, narangiza avuge ati: Ninjye mwami, abami bo ku isi bari he?" **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko ku munsi w'imperuka Allah Nyir'ubutagatifu azazingazinga isi n'ibirere mu kiganza cye cy'iburyo, maze abikureho narangiza avuge ati: Ninjye mwami, barihe ba bami bo ku isi?!

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwibutsa ko ubwami bwa Allah ari bwo buzahoraho, mu gihe ubw'abandi buzavaho bukarangira.
2. Icyubahiro cya Allah n'ubushobozi bwe buhambaye, n'ubutware bwe, ndetse n'ubwami bwuzuye.

(65028)

(68) – عَنْ عَائِشَةَ أُمِّ المُؤمنينَ رضي الله عنها قَالَتْ: دَخَلَ عَلَيَّ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ، وَقَدْ سَتَرْتُ سَهْوَةً لِي بِقِرَامٍ فِيهِ تَمَاثِيلُ، فَلَمَّا رَآهُ هَتَكَهُ وَتَلَوَّنَ وَجْهُهُ وَقَالَ: «يَا عَائِشَةُ، أَشَدُّ النَّاسِ عَذَابًا عِنْدَ اللهِ يَوْمَ الْقِيَامَةِ الَّذِينَ يُضَاهُونَ بِخَلْقِ اللهِ» قَالَتْ عَائِشَةُ: «فَقَطَعْنَاهُ فَجَعَلْنَا مِنْهُ وِسَادَةً أَوْ وِسَادَتَيْنِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(68) – Hadith yaturutse kwa Aishat Nyina w'abameramana (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaje aho nari ndi, isanga nafungishije ububiko bwanjye igitambaro kiriho amashusho y'ibihumeka, nuko

ibibonye iragica, inahinduka mu buranga iravuga iti: Yewe Aishat! Abantu bazahanishwa ibihano bikaze kwa Allah ku munsi w'imperuka ni babandi biganaga ibiremwa bya Allah", nuko Aishat aravuga ati: Nuko cya gitambaro turagica, tugikoramo umusego umwe cyangwa se ibiri." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yinjiye mu rugo rwayo kwa Aishat (Imana imwishimire) isanga yatwikirije ububiko bwe yabikagamo ibintu igitambaro kiriho amashusho y'ibihumeka, nuko ihinduka mu buranga bwayo irarakara kubera Allah, igikuraho iragica maze iravuga iti: Abantu bazahanishwa ibihano bikomeye kwa Allah ku munsi w'imperuka ni babandi biganaga ibiremwa bya Allah! Aishat aravuga ati: Nuko tugikuramo umusego umwe cyangwa ibiri.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kubuza ikibi ukikibona no kutabicyereza, igihe ubona nta ngaruka mbi biri buteze!
2. Ibihano bikomeye ku munsi w'imperuka birarutanwa bitewe n'ubuhambare bw'icyaha.
3. Gukora amashusho y'ibihumeka ni kimwe mu byaha bikuru.
4. Impamvu gukora aya mashusho ari ikizira ni ukubera kwigana ibiremwa bya Allah Nyir'ubutagatifu, ubikora yaba agamije kwigana cyangwa se agamije indi mpamvu.

5. Amategeko y'ubuyisilamu yashishikariye kurinda imitungo tuyibyaza umusaruro, nyuma yo kuyirinda ibibujijwe muri yo.
6. Kubuza gukora amashusho y'ibihumeka uko yaba ameze kose, n'ubwo yaba atahawe agaciro.

(5931)

(69) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «وَالَّذِي نَفْسِي بِيَدِهِ، لَيُوشِكَنَّ أَنْ يَنْزِلَ فِيكُمْ ابْنُ مَرْيَمَ حَكَمًا مُقْسِطًا، فَيَكْسِرَ الصَّلِيبَ، وَيَقْتُلَ الخِنْزِيرَ، وَيَضَعَ الجِزْيَةَ، وَيَفِيضَ المَالُ حَتَّى لاَ يَقْبَلَهُ أَحَدٌ». [صحيح] - [متفق عليه]

(69) – Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ndahiye k'ufite roho yanjye mu biganza bye, ko muri hafi kubona Ibun Mariam abamanukiye azanye ubutabera, akamena imisaraba, akica ingurube, agashyiraho umusoro, n'imitungo ikazaba myinshi kugeza ubwo nta n'umwe uzayemera." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarahiriye ko kuza kwa Issa Ibun Mariam (Amahoro ya Allah amubeho) kwegereje, kugira ngo akiranure abantu mu butabera akoresheje amategeko yigishijwe n'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha); Azasenya kandi imisaraba abanaswara bubaha, Kandi ko Issa Ibun Mariam (Amahoro ya Allah amubeho) azica ingurube, Kandi

azashyiraho umusoro, maze bitume abantu benshi baba abayisilamu. Kandi ko imitungo izaba myinshi kugeza ubwo nta n'umwe uzaba yemera kuyakira; kubera ubwinshi bwayo, no kubera ko buri wese azaba yumva ahagijwe n'iyo afite, no kubera ko icyo gihe imigisha n'ibyiza bizaba bisimburana.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushimangira ko Issa (Amahoro ya Allah amubeho) mu bihe bya nyuma azaza, kandi ko ari kimwe mu bimenyetso by'imperuka.
2. Amategeko y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nta yandi azayasimbura.
3. Kumanuka kw'imigisha myinshi mu byo abantu batunze mu bihe bya nyuma, ndetse n'abantu bazatera umugongo imitungo.
4. Guhabwa inkuru nziza y'uko idini ry'ubuyisilamu rizahoraho, kugeza n'aho Issa (amahoro ya Allah amubeho) azategeka abantu akoresheje amategeko yabwo mu bihe bya nyuma.

(65025)

(70) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ لِعَمِّهِ: «قُلْ: لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ، أَشْهَدُ لَكَ بِهَا يَوْمَ الْقِيَامَةِ»، قَالَ: لَوْلَا أَنْ تُعَيِّرَنِي قُرَيْشٌ، يَقُولُونَ: إِنَّمَا حَمَلَهُ عَلَى ذَلِكَ الْجَزَعُ لَأَقْرَرْتُ بِهَا عَيْنَكَ. فَأَنْزَلَ اللهُ: {إِنَّكَ لا تَهْدِي مَنْ أَحْبَبْتَ وَلَكِنَّ اللهَ يَهْدِي مَنْ يَشَاءُ} [القصص: ٥٦]. [صحيح] - [رواه مسلم]

(70) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana

iyihe amahoro n'imigisha) yabwiye se wabo iti: Vuga ijambo LA ILAHA ILA LLAH (Nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri uretse Allah), nzaryifashishe ku munsi w'imperuka nkuvuganira Se wabo aramusubiza ati: Iyo bitaza kuba abakurayishi babingayira bavuga bati: Yabitewe no gutinya urupfu, nari kurivuga kugira ngo nkunezeze! Nuko Allah amanura umurongo wa Qur'an ugira uti: {Rwose, wowe (Muhamadi) ntuyobora uwo ukunze, ahubwo Allah ni We uyobora uwo ashaka. Kandi ni We uzi neza abayobotse.} [Al Qaswasw: 56]
[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasabye se wabo Abu Twalib ubwo yari yegereje igihe cyo gupfa ari gusamba ko yavuga ijambo LA ILAHA ILA LLAH kugira ngo azaryifashishe amuvuganira ku munsi w'imperuka, anabe umuhamya we w'uko yabaye umuyisilamu, ariko se wabo arabyanga atinya ko abakurayishi bazabimugayira bakavuga ko yabaye umuyisilamu kubera gutinya gupfa n'intege nke!

Nuko abwira Intumwa y'Imana ati: Iyo bitaba iyo mpamvu nari kugukorera ibyo wifuza nkabivuga, kugira ngo ngushimishe! Nuko Allah amanura umurongo ugaragaza ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) idafite ubushobozi bwo kuyobora uwo ishatse ahubwo Allah wenyine ariwe ushoboza kuyobora uwo ashatse, kandi ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyobora abantu ibasobanurira inabagaragariza inzira y'ukuri ndetse igororotse.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ukuri ntigukwiye kurekwa kubera gutinya ibyo abantu bari buvuge.
2. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu bushobozi bwayo yari ifite kuyobora abantu ibagaragariza ukuri, ariko umwanzuro wo kuyoboka iyo nzira ntabwo uri mu bushobozi bwayo.
3. Biremewe gusura umuhakanyi urwaye ugamije kumuhamagarira ubuyisilamu.
4. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yashishikajwe no guhamagarira abantu kuyoboka inzira ya Allah mu bihe byayo byose.

(65069)

(71) – عَنْ عَبْدِ اللَّهِ بْنِ عَمْرٍو رضي الله عنهما قَالَ: قالَ النَّبِيُّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «حَوْضِي مَسِيرَةُ شَهْرٍ، مَاؤُهُ أَبْيَضُ مِنَ اللَّبَنِ، وَرِيحُهُ أَطْيَبُ مِنَ المِسْكِ، وَكِيزَانُهُ كَنُجُومِ السَّمَاءِ، مَنْ شَرِبَ مِنْهَا فَلاَ يَظْمَأُ أَبَدًا». [صحيح] - [متفق عليه]

(71) – Hadithi yaturutse kwa Abdullah Ibun Am'ri (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ikizenga cy'amazi (Hawdw) nahawe gifite intera ireshya n'urugendo rw'ukwezi, amazi yacyo ni umweru cyane kurusha amata, impumuro yayo irusha iy'umubavu ibikombe banywesha bimeze nk'inyenyeri zo mu kirere, uzanywaho ntazongera kugira inyota habe na rimwe." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) muri iyi Hadithi iratubwira ko ku munsi w'imperuka

hari ikizenga cy'amazi yahawe kireshya n'urugendo rw'ukwezi mu burebure, n'ubugari bwacyo ni nk'uko. Kandi ko amazi yacyo ari umweru cyane kurusha amata Impumuro yacyo ihumura kurusha umubavu wa Miski. Ibikombe byacyo bingana n'inyenyeri zo mu kirere kubera ubwinshi bwa byo. Uzakinywaho ntazongera kugira inyota na rimwe.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ikizenga cy'amazi cy'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kizaba kirimo amazi menshi, abemeramana mu bayoboke b'Intumwa y'Imana bazajya kukinywaho amazi ku munsi w'imperuka.
2. Abazanywa ku mazi y'icyo kizenga cy'Intumwa y'Imana bazabona inema zikomeye zo kutazongera kugira inyota ukundi.

(65030)

(72) – عَنْ أَبِي سَعِيدٍ الخُدْرِيِّ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «يُؤْتَى بِالْمَوْتِ كَهَيْئَةِ كَبْشٍ أَمْلَحَ، فَيُنَادِي مُنَادٍ: يَا أَهْلَ الجَنَّةِ، فَيَشْرَئِبُّونَ وَيَنْظُرُونَ، فَيَقُولُ: هَلْ تَعْرِفُونَ هَذَا؟ فَيَقُولُونَ: نَعَمْ، هَذَا المَوْتُ، وَكُلُّهُمْ قَدْ رَآهُ، ثُمَّ يُنَادِي: يَا أَهْلَ النَّارِ، فَيَشْرَئِبُّونَ وَيَنْظُرُونَ، فَيَقُولُ: وهَلْ تَعْرِفُونَ هَذَا؟ فَيَقُولُونَ: نَعَمْ، هَذَا المَوْتُ، وَكُلُّهُمْ قَدْ رَآهُ، فَيُذْبَحُ ثُمَّ يَقُولُ: يَا أَهْلَ الجَنَّةِ خُلُودٌ فَلاَ مَوْتَ، وَيَا أَهْلَ النَّارِ خُلُودٌ فَلاَ مَوْتَ، ثُمَّ قَرَأَ: {وَأَنْذِرْهُمْ يَوْمَ الحَسْرَةِ إِذْ قُضِيَ الأَمْرُ وَهُمْ فِي غَفْلَةٍ} [مريم: ٣٩]، وَهَؤُلاَءِ فِي غَفْلَةٍ أَهْلُ الدُّنْيَا {وَهُمْ لاَ يُؤْمِنُونَ} [مريم: ٣٩]». [صحيح] - [متفق عليه]

(72) – Hadithi yaturutse kwa Abi Saidi Al Khud'riy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ku

munsi w'imperuka bazazana urupfu ruri mu ishusho y'intama y'isekurume, nuko umuhamagazi ahamagare avuge ati: Yemwe bantu bo mu ijuru, nuko bisumbukuruze barebe uwo ari we, maze ababwire ati: Iki muzi icyo ari cyo? Bamusubize bati: Yego, turabona ari urupfu! Kandi bose bazarubona, hanyuma ahamagare avuge ati: Yemwe bantu bo mu muriro, nuko bisumbukuruze barebe uwo ari we, maze ababwire ati: Iki muzi icyo ari cyo? Bamusubize bati: Yego ni urupfu, kandi bose bazaba bamaze kurubona, nuko rubagwe, hanyuma wa muhamagazi abwire abantu bo mu ijuru ati: Nimuribemo ubuziraherezo ntimuzongera gupfa, anabwire abantu bo mu muriro ati: Yemwe bantu bo mu muriro nimuwubemo ubuziraherezo ntimuzongera gupfa! Hanyuma arangije abasomera umurongo ugira uti: "Unababurire umunsi w'agahinda, ubwo iteka (ryo kwinjira mu ijuru cyangwa mu muriro) rizacibwa, mu gihe bo (ku isi) ntacyo bitayeho..." [Mariam: 39.] Bo bakiri ku isi ntacyo bari bitayeho, ndetse ntibanemeraga (Allah)." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) muri iyi Hadithi iragaragaza ko ku munsi w'imperuka urupfu ruzazanwa mu ishusho y'intama y'isekurume, ifite ibara ry'umweru rivanze n'umukara; nuko umuhamagazi ahamagare mu ijwi riranguruye agira

ati: Yemwe bantu bo mu ijuru! Maze batangire kurebaguzwa no kwisumbukuruza ngo barebe uwo ari we, Nuko ababaze ati: Iki muzi icyo ari cyo? Bamusubize bati: Yego ni urupfu, na buri wese muri bo azaba yamaze kurubona no kurwitegereza. Nuko umuhamagazi yongere ahamagare avuge ati: Yemwe bantu bo mu muriro? Maze nabo batangire kwisumbukuruza kugira ngo barebe uwo ari we, Ababaze ati: Iki muzi icyo ari cyo?

Bamusubize bati: Yego ni urupfu, na buri wese muri bo azaba yamaze kurureba no kurwitegereza; Nuko barubage, maze umuhamagazi avuge ati: Yemwe bantu bo mu ijuru, mugiye kubaho ubuziraherezo nta gupfa, namwe bantu bo mu muriro: Mugiye kubaho ubuziraherezo nta gupfa Ibi bizaba ari ingabire ziyongera ku zindi ziri guhabwa abemeramana, ndetse no kurushaho kubabaza no guhana abahakanyi. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ibasomera umurongo wa Qur'an ugira uti: {Unababurire umunsi w’agahinda, ubwo iteka (ryo kwinjira mu ijuru cyangwa mu muriro) rizacibwa, mu gihe bo (ku isi) nta cyo bitayeho kandi batemera (Allah).} [Mariam: 39.] Umunsi w'imperuka rero Allah nibwo azakiranura hagati y'abantu bo mu ijuru n'abo mu muriro, ari nabwo buri wese azinjira aho yaruhiye agiye kuba ubudapfa.

Nuko inkozi y'ibibi izarushaho kubabara no kugira agahinda ndetse no kwicuza kubera ibyo atakoze neza, n'uwadohotse yicuze ko ntacyo yateganyirije uyu munsi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Iherezo ry'umuntu ku munsi w'imperuka ni ukubaho ubudapfa mu ijuru cyangwa se mu muriro.
2. Kuburira abantu mu buryo bukomeye ibintu bikura umutima bizaba ku munsi w'imperuka ndetse ko ari n'umunsi abantu bazaba bari kwicuza ibyo batakoze.
3. Kugaragaza ibyishimo bihoraho by'abantu bo mu ijuru, n'akababaro n'agahinda bihoraho by'abantu bo mu muriro.

(65035)

(73) – عن عمر بن الخطاب رضي الله عنه قال: إنه سمع نبي الله صلى الله عليه وسلم يقول: «لَو أَنَّكُمْ تَتَوَكَّلُونَ عَلَى اللهِ حَقَّ تَوَكُّلِهِ، لَرَزَقَكُمْ كَمَا يَرْزُقُ الطَّيْرَ، تَغْدُو خِمَاصًا وَتَرُوحُ بِطَانًا». [صحيح] - [رواه الترمذي وابن ماجه وأحمد]

(73) – Hadithi yaturutse kwa Umar Ibun Al Khatwab (Imana imwishimire) yavuze ko yumvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Iyo muba mwiringira Allah uko bikwiye, yari kubaha amafunguro nkuko ayaha inyoni, zizinduka zishonje nyamara zikagaruka zihaze."

[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Tirmidhiy na Ibun Madjah ndetse na Ahmad]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iradushishikariza kwiringira Allah Nyir'ubutagatifu mu gukora ibifite akamaro no kureka ibitera ingaruka mu myemerere no mu mibereho, kubera ko nta we utanga cyangwa se ngo yime, cyangwa se ngo ateze ingaruka cyangwa se ngo agirire abandi umumaro usibye Allah Nyir'ubutagatifu. Ko dukwiye gukora impamvu zizana umumaro, zigakuraho ingaruka hamwe no kwiringira Allah by'ukuri. Igihe cyose tuzakora ibibi Allah azaduha amafunguro nkuko ayaha inyoni igihe zivuye mu byari byazo zishonje, hanyuma zikagaruka nimugoroba zihaze. Ibyo inyoni zikora ni bumwe mu buryo bwo gukora impamvu zo kujya gushaka amafunguro, nta kwirara no kunebwa.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro ko kwiringira Allah, ndetse ko ari imwe mu mpamvu zo kubona amafunguro.
2. Kwiringira Allah ntibikuraho kugira ibyo umuntu akora, kubera ko yavuze ko kwiringira by'ukuri ntibikuraho kujya gushaka amafunguro mu gitondo na nimugoroba.
3. Amategeko y'ubuyisilamu yitaye ku bikorwa by'umutima, kubera ko kwiringira Allah ni igikorwa cy'umutima.

4. Kwishingikiriza impamvu zonyine gusa ni ukugira ukwemera kutuzuye, no kureka gukora impamvu ni ukugira ubwenge butuzuye.

(4721)

(74) – عَن أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «يُسَلِّمُ الرَّاكِبُ عَلَى المَاشِي، وَالمَاشِي عَلَى القَاعِدِ، وَالقَلِيلُ عَلَى الكَثِيرِ». وَلِلبُخَارِي: «يُسَلِّمُ الصَّغِيرُ عَلَى الكَبِيرِ، وَالمَارُّ عَلَى القَاعِدِ، وَالقَلِيلُ عَلَى الكَثِيرِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(74) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Uri ku kigenderwaho ajye asuhuza ugenda n'amaguru, n'ugenda n'amaguru asuhuze uwicaye, n'abacye bajye basuhuza abenshi." Bukhari nawe mu mvugo yakiriye yaravuze ati: Umuto asuhuza umukuru, ugenda agasuhuza uwicaye, abacye bagasuhuza abenshi. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratwerekera imyifatire yo gusuhuzanya hagati y'abantu ariyo igira iti: "A-SALAM ALAYKUM WA RAHMATULLAH WA BARAKATUH: Amahoro ya Allah n'impuhwe ze ndetse n'imigisha ye bibabeho." Bityo

umuto aba akwiye gusuhuza umukuru, uri ku kigenderwaho agasuhuza ugenda n'amaguru, n'uri kugenda n'amaguru agasuhuza uwicaye, n'abacye bagasuhuza abenshi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni byiza gusuhuzanya mu buryo Hadithi yagaragaje, ariko ugenda n'amaguru aramutse asuhuje uri ku kigenderwaho, n'abandi bavuzwe muri Hadith byakemerwa, ariko byaba binyuranye n'ibikwiye ndetse byiza.
2. Kwifurizanya indamutso y'amahoro mu buryo bwavuzwe muri Hadith ni imwe mu mpamvu zo kongera urukundo n'ubuvandimwe.
3. Iyo abantu bareshya mu byiciro byavuzwe, icyo gihe umwiza muri bo ni wa wundi ubanza undi ku musuhuza.
4. Ubudasa bw'amategeko ya Isilamu aho bwagaragaje byose abantu bacyenera.
5. Kwigisha imyifatire mu gihe cyo gusuhuzanya no kwifurizanya amahoro, ndetse no gushyira buri icyo ari cyo cyose mu mwanya wacyo.

(4243)

(75) – عن أبي ذر رضي الله عنه: عَنِ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ فِيمَا رَوَى عَنِ اللهِ تَبَارَكَ وَتَعَالَى أَنَّهُ قَالَ: «يَا عِبَادِي إِنِّي حَرَّمْتُ الظُّلْمَ عَلَى نَفْسِي، وَجَعَلْتُهُ بَيْنَكُمْ مُحَرَّمًا، فَلَا تَظَالَمُوا، يَا عِبَادِي كُلُّكُمْ ضَالٌّ إِلَّا مَنْ هَدَيْتُهُ، فَاسْتَهْدُونِي أَهْدِكُمْ، يَا عِبَادِي كُلُّكُمْ جَائِعٌ إِلَّا مَنْ أَطْعَمْتُهُ، فَاسْتَطْعِمُونِي أُطْعِمْكُمْ، يَا عِبَادِي كُلُّكُمْ عَارٍ إِلَّا مَنْ كَسَوْتُهُ، فَاسْتَكْسُونِي أَكْسُكُمْ، يَا عِبَادِي إِنَّكُمْ تُخْطِئُونَ بِاللَّيْلِ وَالنَّهَارِ وَأَنَا أَغْفِرُ الذُّنُوبَ جَمِيعًا فَاسْتَغْفِرُونِي أَغْفِرْ لَكُمْ، يَا عِبَادِي إِنَّكُمْ لَنْ تَبْلُغُوا ضَرِّي فَتَضُرُّونِي، وَلَنْ تَبْلُغُوا نَفْعِي فَتَنْفَعُونِي، يَا عِبَادِي لَوْ أَنَّ أَوَّلَكُمْ وَآخِرَكُمْ وَإِنْسَكُمْ وَجِنَّكُمْ كَانُوا عَلَى أَتْقَى قَلْبِ رَجُلٍ وَاحِدٍ مِنْكُمْ مَا زَادَ ذَلِكَ فِي مُلْكِي شَيْئًا، يَا عِبَادِي لَوْ أَنَّ أَوَّلَكُمْ وَآخِرَكُمْ وَإِنْسَكُمْ وَجِنَّكُمْ كَانُوا عَلَى أَفْجَرِ قَلْبِ رَجُلٍ وَاحِدٍ مَا نَقَصَ ذَلِكَ مِنْ مُلْكِي شَيْئًا، يَا عِبَادِي لَوْ أَنَّ أَوَّلَكُمْ وَآخِرَكُمْ وَإِنْسَكُمْ وَجِنَّكُمْ قَامُوا فِي صَعِيدٍ وَاحِدٍ فَسَأَلُونِي فَأَعْطَيْتُ كُلَّ إِنْسَانٍ مَسْأَلَتَهُ مَا نَقَصَ ذَلِكَ مِمَّا عِنْدِي إِلَّا كَمَا يَنْقُصُ الْمِخْيَطُ إِذَا أُدْخِلَ الْبَحْرَ، يَا عِبَادِي إِنَّمَا هِيَ أَعْمَالُكُمْ أُحْصِيهَا لَكُمْ ثُمَّ أُوَفِّيكُمْ إِيَّاهَا، فَمَنْ وَجَدَ خَيْرًا فَلْيَحْمَدِ اللهَ، وَمَنْ وَجَدَ غَيْرَ ذَلِكَ فَلَا يَلُومَنَّ إِلَّا نَفْسَهُ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(75) – Hadithi yaturutse kwa Abi Dhari (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu byo yahishuriwe na Allah Nyir'ubutagatifu yaravuze ati: "Yemwe bagaragu banjye, mu by'ukuri njye naziririje amahugu kuri njye ubwanjye, ndangije nyagira ikizira hagati yanyu, muramenye ntimuzahuguzanye, Bagaragu banjye, mwese muri abayobe, uretse uwo nayoboye, munsabe kuyoboka mbayobore. Bagaragu banjye, mwese muri abashonji, cyereste uwo nafunguriye, ngaho nimunsabe amafunguro mbafungurire. Bagaragu banjye, mwese mwambaye ubusa, cyeretse uwo nambitse, ngaho nimunsabe imyambaro mbambike.

Bagaragu banjye, mu by'ukuri mwe mukosa ijoro n'amanywa, Kandi njye mbabarira ibyaha byose, ngaho nimunsabe imbabazi mbababarire. Bagaragu banjye, mu by'ukuri mwe ntimuzagera na rimwe kurwego rwo kugira icyo mwantwara kibi ngo mukintware, nta nubwo muzagera ku rwego rwo kugira icyiza mwamfasha ngo mukimfashe. Bagaragu banjye, uwa mbere muri mwe uriho n'uzabaho nyuma muri mwe haba mu bantu n'amajini mwese muramutse mwikusanyije mukaba umuntu utinya Allah kurusha abandi, ntacyo byakongera mu bwami bwanjye, Bagaragu banjye uwa mbere muri mwe uriho n'uzabaho nyuma muri mwe haba mu bantu n'amajini mwese muramutse mwikusanyije mukaba umuntu umwe w'umwononnyi kurusha abandi ntacyo byagabanya mu bwami bwanjye! Bagaragu banjye, uwa mbere muri mwe uriho n'uzabaho nyuma muri mwe haba mu bantu n'amajini mwese muramutse mwikusanyije mugahagarara mu kibuga kimwe, buri wese akansaba icyo yifuza, maze nkaha buri wese icyo yansabye ibyo ntacyo byagabanya mubyo mfite cyeretse nk'icyo indobani igabanya ku mazi y'inyanja.

Bagaragu banjye, mu by'ukuri ni ku bikorwa byanyu nshingiraho mukubabarira na nyuma nkazabibahembera, uzagira amahirwe akabona ibyiza azashimire Imana n'uzabona icyinyuranyo cy'ibyo, ntazagire undi yitwaraho umwikomo, uretse roho ye.

[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko Allah Nyir'ubutagatifu we ubwe yiziririje amahugu, arangije ayagira ikizira no hagati y'abagaragu be, bityo ntihakagire uhuguza mugenzi we! Kandi ko abantu twese twayobye inzira ya Allah y'ukuri, kandi uyisabye Allah aramushoboza ndetse akanamuyobora. Kandi ko abantu bose bacyeneye Allah mu byo baba bacyeneye byose, kandi uzasaba Allah amucyemurira ibibazo bye kandi aramuhagirije. Kandi ko abantu bose bakora amakosa amanywa n'ijoro, ndetse ko Allah Nyir'ubutagatifu ari we ubahishira akababababarira igihe umugaragu amusabye imbabazi. Kandi ko abantu bose ntacyo batwara Allah cyangwa se ngo bagire icyo bamumarira.

Kandi ko abantu bose n'ubwo ugutinya Allah kwabo bose kwateranira ku mutima w'umwe mu batinyamana muri bo, ntacyo byakongera mu bwami bwa Allah. Ndetse n'iyo kwigomeka kwabo bose kwateranira ku mutima w'inkozi y'ibibi muri bo ntacyo byagabanya mu bwami bwa Allah, kuko ari abanyantege ncye kandi bacyeneye Allah ibihe byose n'ahantu hose, kubera ko ari we Mukungu wihagije.

Kandi ko n'iyo abantu n'amajini ababayeho mbere n'abazabaho nyuma bakishyira hamwe, bagasaba Allah, maze buri wese muri bo akamuha ibyo amusabye, ntacyo byagabanya mu byo atunze usibye ibingana nk'amazi urushinge rwinjije mu nyanja

rwagarukana, nta mazi rwagabanya ku mazi y'inyanja, ari byo bigaragaza ubutungane bw'ubutunzi bwa Allah ndetse ko akungahaye. Kandi ko Allah Nyir'ubutagatifu arinda ibikorwa by'abagaragu be akazanabibabarurira ndetse no ku munsi w'imperuka akazabibahembera. Bityo uzasanga ibihembo bye ari byiza azashimire Allah we wabimushoboje akabasha kumwumvira, ndetse n'uzasanga atari uko bimeze ntazagire undi arenganya usibye we ubwe n'umutima we umwoshya gukora ibibi watumye agwa mu gihombo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Iyi Hadithi Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ayikuye kwa Nyagasani we, ari yo twita Hadithul Qud'siyu cyangwa se Ilahiyu, ikaba ari Hadithi imvugo zayo n'ibisobanuro byayo biba byaturutse kwa Allah, gusa yo nta mwihariko iba ifite nk'uwa Qur'an yihariye nko kuba kuyisoma bikwegereza Allah, ndetse no kuba ufite isuku (Udhu) mbere yo kuyisoma, no kuba yaraje mu buryo bw'igitangaza n'abarabu bakaba barananiwe no kuzana imeze nkayo n'ibindi.
2. Ibyo abagaragu bageraho nk'ubumenyi no kuyoboka baba babishobojwe na Allah.
3. Ibyo umugaragu agezeho mu byiza biba ari ingabire za Allah, n'ibimugeraho bibi niwe ubwe n'irari ry'umutima we biba biturutseho.

4. Ukoze icyiza aba agishobojwe na Allah, n'igihembo cyacyo ni ubw'ineza ya Allah akwiye kumushimira, n'ukoze ikibi nta wundi aba akwiye kubigayira usibye we ubwe.

(4810)

(76) – عَنْ جَابِرِ بْنِ عَبْدِ اللهِ رضي الله عنهما أَنَّ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «اتَّقُوا الظُّلْمَ، فَإِنَّ الظُّلْمَ ظُلُمَاتٌ يَوْمَ الْقِيَامَةِ، وَاتَّقُوا الشُّحَّ، فَإِنَّ الشُّحَّ أَهْلَكَ مَنْ كَانَ قَبْلَكُمْ، حَمَلَهُمْ عَلَى أَنْ سَفَكُوا دِمَاءَهُمْ وَاسْتَحَلُّوا مَحَارِمَهُمْ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(76) – Hadith yaturutse kwa Djabir Ibun Abdillah (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mutinye amahugu, kubera ko amahugu azaba ari umwijima ku munsi w'imperuka; munatinye kandi kugira ubugugu, kubera ko kugira ubugugu byoretse ababayeho mbere yanyu, byatumye bamena amaraso yabo, banazirura ibyo baziririjwe." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatwihanangirije kutarangwa no kugira amahugu, harimo no guhuguza abantu, no kwihuguza, no guhuguza ibyo ugomba gukorera Allah Nyir'ubutagatifu.

Ari byo bisobanuye kureka guha buri wese uburenganzira umugomba, kandi ko amahugu azaba umwijima ku bayakora ku munsi w'imperuka nk'ibihano n'ibindi bintu bikomeye. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)

kandi yabujije kugira ubugugu ari byo bisobanuye kugundira bikomeye, no kwanga gutanga uburenganzira mu mutungo, no gukunda cyane isi. Ubu bwoko bw'amahugu bworetse ababayeho mbere yacu, kuko bwatumye bicana hagati yabo, ndetse banazirura ibyo Allah yaziririje.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gutanga umutungo no kwihanganisha abandi ni imwe mu mpamvu zo gukundana no gushyigikirana.
2. Kugira ubugugu bitera gukora ibyaha n'ibindi bikorwa bibi by'urukozasoni.
3. Gufatira isomo ku bantu batubanjirije.

(5787)

(77) – عن أبي موسى رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «إِنَّ اللهَ لَيُمْلِي لِلظَّالِمِ، حَتَّى إِذَا أَخَذَهُ لَمْ يُفْلِتْهُ» قَالَ: ثُمَّ قَرَأَ: «{وَكَذَلِكَ أَخْذُ رَبِّكَ إِذَا أَخَذَ الْقُرَى وَهِيَ ظَالِمَةٌ إِنَّ أَخْذَهُ أَلِيمٌ شَدِيدٌ}[هود: ١٠٢]» [صحيح] - [متفق عليه]

(77) – Hadithi yaturutse kwa Abi Mussa (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mu by'ukuri Allah arindiriza umunyamahugu, kugeza ubwo amuguye gitumo ntabe yamucika Abi Mussa aravuga ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije isoma umurongo ugira uti: {Uko ni ko Nyagasani wawe arimbura abatuye mu midugudu igihe baranzwe no gukora ibibi. Mu by'ukuri ibihano bye birababaza kandi

birakaze.} [Hud: 102] **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irihanangiriza abantu banga kuva mu mahugu bakora ibyaha n'ibangikanyamana, ndetse banahuguza abantu ibyabo, ko Allah arindiriza umunyamahugu akamutega iminsi akanamuha kuramba no kugwiza imitungo ye, ntiyihutire kumuhana; iyo aticujije amugwa gitumo ntamureke kubera amahugu ye menshi yakoze. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije isoma umurongo wa Qur'an ugira uti: {Uko ni ko Nyagasani wawe arimbura abatuye mu midugudu igihe baranzwe no gukora ibibi. Mu by'ukuri ibihano bye birababaza kandi birakaze.} [Hud: 102].

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Umunyabwenge akwiye kwihutira kwicuza, kandi ntiyirare niba ari umunyamahugu ngo yumve ko yarokoka ibihano bya Allah.
2. Allah Nyir'ubutagatifu arindiriza abanyamahugu ntabahanireho, agamije kuzabatungura ndetse no kubongerera ibihano igihe cyose bazaba baticujije.
3. Guhuguza ni imwe mu mpamvu Allah yagiye ahanira abantu babayeho mbere.
4. Iyo Allah yoretse umudugudu, hari ubwo waba urimo abakora ibikorwa byiza, abo ku munsi

w'imperuka bazazuka uko bapfuye bameze barakoze ibyiza, no kuba nabo ibihano byarabagezeho ntacyo bizaba bibatwaye.

(5811)

(78) – عن ابن عباس رضي الله عنهما عَنِ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ فِيمَا يَرْوِي عَنْ رَبِّهِ عَزَّ وَجَلَّ قَالَ: قَالَ: «إِنَّ اللهَ كَتَبَ الْحَسَنَاتِ وَالسَّيِّئَاتِ، ثُمَّ بَيَّنَ ذَلِكَ، فَمَنْ هَمَّ بِحَسَنَةٍ فَلَمْ يَعْمَلْهَا كَتَبَهَا اللهُ لَهُ عِنْدَهُ حَسَنَةً كَامِلَةً، فَإِنْ هُوَ هَمَّ بِهَا فَعَمِلَهَا كَتَبَهَا اللهُ لَهُ عِنْدَهُ عَشْرَ حَسَنَاتٍ إِلَى سَبْعِمِائَةِ ضِعْفٍ، إِلَى أَضْعَافٍ كَثِيرَةٍ، وَمَنْ هَمَّ بِسَيِّئَةٍ فَلَمْ يَعْمَلْهَا كَتَبَهَا اللهُ لَهُ عِنْدَهُ حَسَنَةً كَامِلَةً، فَإِنْ هُوَ هَمَّ بِهَا فَعَمِلَهَا كَتَبَهَا اللهُ لَهُ سَيِّئَةً وَاحِدَةً». [صحيح] - [متفق عليه]

(78) – Hadithi yaturutse kwa Ibun Abas (Imana imwishimire we na se), nawe ayikuye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu byo yakuye kwa Nyagasani wayo Nyir'ubutagatifu yaravuze ati: Intumwa y'Imana yaravuze ati: "Mu by'ukuri Allah yagennye ibyiza n'ibibi, arangije arabigaragaza; bityo uzagambirira gukora icyiza ntagikore, Allah azakimwandikiramo icyiza cyuzuye, ariko nagambirira kugikora ndetse akanagikora, Allah azakimwandikiramo ibyiza icumi kugeza ku nshuro magana arindwi ndetse zirenzeho! N'uzagambirira gukora ikibi ntagikore, Allah azakimwandikiramo icyiza cyuzuye, ariko nagambirira kugikora ndetse akanagikora, Allah azamwandikira ko akoze ikibi kimwe." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko Allah yamaze kugena ibyiza ndetse n'ibibi, arangije yereka abamalayika babiri abishinze uko bazajya babyandika: Uzajya agambirira gukora igikorwa cyiza ko bazajya bamwandikira icyo gikorwa cyiza kimwe kabone n'iyo atagikora. Ariko iyo agikoze agikubirwamo ingororano nyinshi zishobora kugera kuri magana arindwi ndetse zikarengaho, bitewe n'umutima yagikoranye no kucyegurira kwe Allah no kuba gifitiye umumaro n'abandi n'ibindi. N'ugambiriye gukora igikorwa kibi, hanyuma akareka kugikora kubera Allah yandikirwa icyiza; n'iyo akiretse kubera kukiburira umwanya nta nakore impamvu zikimugezaho ntacyo yandikirwa, n'iyo kandi akiretse kubera ko atagishoboye, yandikirwa uwo mugambi we, kandi n'iyo ashoboye kugikora yandikirwa ikibi kimwe gusa.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kugaragaza ingabire za Allah zihambaye ku bayoboke b'uyu muryango z'uburyo abatuburira ibikorwa byiza, n'uburyo byandikwa iwe, ndetse n'uburyo atajya atubura ibikorwa bibi.
2. Ubuhambare bwo kugira umugambi mu bikorwa byose ndetse n'agaciro kawo.

3. Ingabire za Allah Nyir'ubutagatifu n'ubuntu bwe z'uko ugize umugambi wo gukora ikibi Allah akimwandikiramo icyiza.

(4322)

(79) – عَنِ ابْنِ مَسْعُودٍ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ، قَالَ: قَالَ رَجُلٌ: يَا رَسُولَ اللهِ، أَنُؤَاخَذُ بِمَا عَمِلْنَا فِي الجَاهِلِيَّةِ؟ قَالَ: «مَنْ أَحْسَنَ فِي الْإِسْلَامِ لَمْ يُؤَاخَذْ بِمَا عَمِلَ فِي الجَاهِلِيَّةِ، وَمَنْ أَسَاءَ فِي الْإِسْلَامِ أُخِذَ بِالْأَوَّلِ وَالْآخِرِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(79) – Hadithi yaturutse kwa Ibun Masuud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umugabo umwe yabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Ese tuzahanirwa ibyo twajyaga dukora mu gihe cy'ubujiji (cya mbere y'ubuyisilamu)? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: "Uzakora neza yaramaze kuba umuyisilamu, ntazahanirwa ibyo yakoze mu gihe cy'ubujiji, n'uzakora nabi yaramaze kuba umuyisilamu azahanirwa ibyo yakoze mbere n'ibyo yakoze nyuma." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ibyiza byo kuba umuyisilamu. Kandi ko ubaye umuyisilamu agakora neza abikoze kubera Allah kandi ari umunyakuri; ntazahanirwa ibyaha yakoze mbere y'uko aba umuyisilamu. Kandi ko uzakora

ibikorwa bibi yaramaze kuba umuyisilamu nko kuba yaba indyarya cyangwa se akava mu idini ry'ubuyisilamu, azahanirwa ibyaha yakoze mu buhakanyi ndetse n'ibyo yakoze amaze kuba umuyisilamu.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bitwararikaga cyane ndetse bakagirira ubwoba ibikorwa byabaranze mbere y'uko baba abayisilamu (bakiri mu gihe cy'ubujiji).
2. Gushishikariza gushikama ku buyisilamu.
3. Ibyiza byo kuba umuyisilamu, kandi ko kuba we bikuraho ibyaha byabanje.
4. Umuntu uva mu buyisilamu, n'indyarya azabazwa buri gikorwa yakoze mbere yo kuba umuyisilamu na nyuma yo kuba we.

(65002)

(80) – عَنِ ابْنِ عَبَّاسٍ رَضِيَ اللهُ عَنْهُمَا: أَنَّ نَاسًا مِنْ أَهْلِ الشِّرْكِ، كَانُوا قَدْ قَتَلُوا وَأَكْثَرُوا، وَزَنَوْا وَأَكْثَرُوا، فَأَتَوْا مُحَمَّدًا صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ فَقَالُوا: إِنَّ الَّذِي تَقُولُ وَتَدْعُو إِلَيْهِ لَحَسَنٌ، لَوْ تُخْبِرُنَا أَنَّ لِمَا عَمِلْنَا كَفَّارَةً، فَنَزَلَ {وَالَّذِينَ لا يَدْعُونَ مَعَ اللهِ إِلَهًا آخَرَ وَلا يَقْتُلُونَ النَّفْسَ الَّتِي حَرَّمَ اللهُ إِلا بِالْحَقِّ وَلا يَزْنُونَ}[الفرقان: ٦٨]، وَنَزَلَت: {قُلْ يَا عِبَادِيَ الَّذِينَ أَسْرَفُوا عَلَى أَنْفُسِهِمْ لا تَقْنَطُوا مِنْ رَحْمَةِ اللهِ} [الزمر: ٥٣]. [صحيح] - [متفق عليه]

(80) – Hadith yaturutse kwa Ibun Abas (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Abantu bo mu babangikanyamana bari barishe abantu benshi,

ndetse basambanya abantu benshi, baje ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) maze barayibwira bati: Rwose ibyo uvuga ndetse uhamagarira ni byiza, iyaba watubwiraga niba ibyo twakoze hari icyiru byaba bifite! Nuko Allah amanura umurongo muri Qur'an ugira uti: {*Na babandi batabangikanya Allah n'izindi mana, ntibice icyo Allah yaziririje bitanyuze mu kuri, kandi ntibanasambane...*} [Al Furqan: 68]. Ndetse hamanuka n'undi murongo ugira uti: {Vuga (yewe Muhamadi) uti "*Yemwe bagaragu banjye mwakabije mu kwihemukira! Ntimukajye mwiheba kuko impuhwe za Allah (zikiriho)...*"} [A-Zumar: 53]. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Bamwe mu babangikanyamana baje kureba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), bari barakoze ibyaha byinshi barishe, baranasambanye, nuko babwira Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bati: Mu by'ukuri ibyo uduhamagarira mu nyigisho z'ubuyisilamu ni byiza, ariko bite byacu n'ibyaha twakoze nk'ibangikanyamana n'ibindi byaha bikuru? Ese hari icyiru cyabyo gihari? Nuko hamanuka imirongo ibiri igaragaza ko Allah yakira ukwicuza kw'abantu kabone n'iyo baba barakoze ibyaha byinshi ndetse bihambaye; iyo bitaza kuba ibyo bari guhama mu buhakanyi bwabo no mu bugizi bwa nabi bwabo, ndetse ntibari no kuyoboka iri dini.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro k'ubuyisilamu n'ubuhambare bwabwo, ndetse ko butuma ubabarirwa ibyaha wakoze mbere.
2. Impuhwe za Allah ku bagaragu be ndetse n'imbabazi ze n'impuhwe ze ziragutse.
3. Kuziririza ibangikanyamana, no kwica inzirakarengane, n'ubusambanyi, ndetse n'ibihano bihambaye ku bantu bazakora ibyo byaha.
4. Kwicuza nyabyo kubera Allah, ndetse no gukora ibikorwa byiza, bituma umuntu ababarirwa ibyaha byose bikuru yakoze, harimo no guhakana Allah Nyir'ubutagatifu.
5. Ni icyizira kwiheba mu mpuhwe za Allah Nyir'ubutagatifu.

(65071)

(81) – عَنْ حَكِيمِ بْنِ حِزَامٍ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ، قَالَ: قُلْتُ: يَا رَسُولَ اللَّهِ، أَرَأَيْتَ أَشْيَاءَ كُنْتُ أَتَحَنَّثُ بِهَا فِي الجَاهِلِيَّةِ مِنْ صَدَقَةٍ أَوْ عَتَاقَةٍ، وَصِلَةِ رَحِمٍ، فَهَلْ فِيهَا مِنْ أَجْرٍ؟ فَقَالَ النَّبِيُّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «أَسْلَمْتَ عَلَى مَا سَلَفَ مِنْ خَيْرٍ». [صحيح] - [متفق عليه]

(81) – Hadithi yaturutse kwa Hakim Ibun Hizam (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nti: Yewe Ntumwa y'Imana! Uravuga iki ku bikorwa najyaga mpozaho mbere y'ubuyisilamu nko gutanga amaturo (Swadaqat) cyangwa se guha ubwigenge umucakara, kunga isano ry'imiryango, ese hari ibihembo nzabibonera? Nuko Intumwa

y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: Wabaye umuyisilamu ufite n'ibyiza wakoze mbere." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) muri iyi Hadithi iragaragaza ko umuhakanyi iyo abaye umuyisilamu, ibikorwa bye byose yakoze abihemberwa harimo n'ibyiza yakoze ataraba umuyisilamu arabihemberwa nko gutanga amatururo, guha ubwigenge abacakara, kunga isano n'ibindi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibikorwa byiza by'umuhakanyi hano ku isi ntazabihemberwa ku munsi w'imperuka igihe apfuye akiri mu buhakanyi.

(65016)

(82) – عَنْ أَنَسِ بْنِ مَالِكٍ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «إِنَّ اللهَ لَا يَظْلِمُ مُؤْمِنًا حَسَنَةً، يُعْطَى بِهَا فِي الدُّنْيَا وَيُجْزَى بِهَا فِي الْآخِرَةِ، وَأَمَّا الْكَافِرُ فَيُطْعَمُ بِحَسَنَاتِ مَا عَمِلَ بِهَا لِلَّهِ فِي الدُّنْيَا، حَتَّى إِذَا أَفْضَى إِلَى الْآخِرَةِ، لَمْ تَكُنْ لَهُ حَسَنَةٌ يُجْزَى بِهَا». [صحيح] - [رواه مسلم]

(82) – Hadithi yaturutse kwa Anas Ibun Malik (Imana imiwshimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mu by'ukuri Allah ntajya ahuguza umwemeramana icyiza yakoze,

akimuhembera hano ku isi ndetse akazanakimuhembera ku munsi w'imperuka ariko umuhakanyi ibyiza yakoze abihemberwa hano ku isi kugeza ubwo azaza ku munsi w'imperuka nta cyiza afite ashobora guhemberwa."
[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ingabire za Allah zihambaye ku bemeramana, n'ubutabera bwe akoresha ku bamuhakana. Umwemeramana we nta kigabanya ingororano ze yakoreye, ahubwo abihemberwa hano ku isi kubera kumvira kwe Allah, bidakuyeho ibyo azigamiwe ku munsi w'imperuka; hari n'ubwo zose azizigamirwa akazazihabwa ku munsi w'imperuka. Naho umuhakanyi we, Allah amuhera ibihembo by'ibyiza yakoze mu byiza bya hano ku isi, kugeza ubwo azaza ku munsi w'imperuka asange nta bikorwa byiza afite ahembesha, kubera ko kugirirwa umumaro n'ibikorwa byiza ku isi no ku munsi w'imperuka nyir'ukubikora agomba kuba ari umuyisilamu.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Umuntu upfuye akiri mu buhakanyi ibikorwa byiza yakoze ntacyo byamumarira.

(65015)

(83) – عن أبي هريرة رضي الله عنه عَنِ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ، فِيمَا يَحْكِي عَنْ رَبِّهِ عَزَّ وَجَلَّ، قَالَ: «أَذْنَبَ عَبْدٌ ذَنْبًا، فَقَالَ: اللَّهُمَّ اغْفِرْ لِي ذَنْبِي، فَقَالَ تَبَارَكَ وَتَعَالَى: أَذْنَبَ عَبْدِي ذَنْبًا، فَعَلِمَ أَنَّ لَهُ رَبًّا يَغْفِرُ الذَّنْبَ، وَيَأْخُذُ بِالذَّنْبِ، ثُمَّ عَادَ فَأَذْنَبَ، فَقَالَ: أَيْ رَبِّ اغْفِرْ لِي ذَنْبِي، فَقَالَ تَبَارَكَ وَتَعَالَى: عَبْدِي أَذْنَبَ ذَنْبًا، فَعَلِمَ أَنَّ لَهُ رَبًّا يَغْفِرُ الذَّنْبَ، وَيَأْخُذُ بِالذَّنْبِ، ثُمَّ عَادَ فَأَذْنَبَ، فَقَالَ: أَيْ رَبِّ اغْفِرْ لِي ذَنْبِي، فَقَالَ تَبَارَكَ وَتَعَالَى: أَذْنَبَ عَبْدِي ذَنْبًا، فَعَلِمَ أَنَّ لَهُ رَبًّا يَغْفِرُ الذَّنْبَ، وَيَأْخُذُ بِالذَّنْبِ، اعْمَلْ مَا شِئْتَ فَقَدْ غَفَرْتُ لَكَ». [صحيح] - [متفق عليه]

(83) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu byo yahishuriwe akuye kwa Nyagasani we yavuze ati:

“Umugaragu wanjye aracumura akavuga ati: “Mana yanjye, mbabarira icyaha cyanjye! Imana Nyagasani ikavuga iti: “Umugaragu wanjye yacumuye hanyuma amenya ko afite Nyagasani ubabarira ibyaha kandi akabimuhanira [aramutse aticujije]. Wa mugaragu akongera agacumura maze akavuga ati: “Nyagasani, mbabarira icyaha cyanjye. Imana Nyirubutagatifu na yo ikavuga iti: “Umugaragu wanjye yacumuye amenya ko afite Nyagasani ubabarira ibyaha akabimuhanira [aramutse aticujije]. Wa mugaragu akongera agacumura maze akavuga ati: “Nyagasani, mbabarira icyaha cyanjye. Imana Nyirubutagatifu na yo ikavuga iti: “Umugaragu wanjye yacumuye amenya ko afite Nyagasani ubabarira ibyaha kandi akabimuhanira [aramutse aticujije]. None mbabariye umugaragu wanjye, nakore

icyo ashaka.” **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahishuriwe imvugo iyikuye kwa Nyagasani wayo yavuze ko umugaragu iyo akoze icyaha yarangiza akavuga ati: Mana mbabarira icyaha cyanjye, Allah aravuga ati: Umugaragu wanjye yakoze icyaha amenya ko afite Nyagasani we ubabarira ibyaha, nuko akakimubabarira cyangwa se akakimuhanira, namaze kumubabarira.

Hanyuma iyo yongeye gukora icyaha akavuga ati: Mana Nyagasani mbabarira ibyaha byanjye, Allah aravuga ati: Umugaragu wanjye yakoze icyaha amenya ko afite Nyagasani ubabarira ibyaha! Nuko akabimubabarira cyangwa akabimubabarira, usibye ko mbabarira umugaragu wanjye.

Hanyuma iyo yongeye gukora icyaha akavuga ati: Mana Nyagasani mbabarira ibyaha byanjye, Allah aravuga ati: Umugaragu wanjye yakoze icyaha amenya ko afite Nyagasani ubabarira ibyaha! Nuko akabimubabarira cyangwa akabimuhanira, usibye ko mbabarira umugaragu wanjye. Nakore icyo ashatse niba igihe cyose akoze icyaha yicuza, kandi akababazwa nacyo, ndetse agafata umugambi wo kutazasubira, ariko rimwe na rimwe umutima we ukamunesha akongera agakora

icyaha; niba abigenza atyo akora icyaha yarangiza akicuza nanjye nzakomeza kumubabarira, kubera ko kwicuza bisiba ibyabibanjirije.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Impuhwe za Allah zagutse ku bagaragu be, kandi ko umuntu uko yakora icyaha kose, iyo agarukiye Allah akamwicuzaho aramubabarira.
2. Umwemeramana yiringira imbabazi za Nyagasani we, agatinya ibihano bye, akihutira kwicuza ntatsimbarare ngo akomeze kuba mu byaha.
3. Ibisabwa kugira ngo ukwicuza kwakirwe ni ibi bikurikira: Kureka icyaha, no kubabazwa nacyo no gufata umugambi wo kutazagisubira; ariko iyo ari icyaha cy'amahugu yakorewe abagaragu nk'ikijyanye n'imitungo yabo cyangwa se icyubahiro cyabo, cyangwa se n'ubuzima bwabo, hiyongeraho icya kane ari cyo cyo gusaba imbabazi uwo wagikoreye cyangwa se ukakimusubiza.
4. Agaciro ko kumenya Allah bituma umugaragu amenya amategeko y'idini rye, bikanatuma yicuza buri uko akoze icyaha, bityo ntiyihebe cyangwa se ngo atsimbarare.

(4817)

(84) – عن عَلِيٍّ قَالَ: إِنِّي كُنْتُ رَجُلًا إِذَا سَمِعْتُ مِنْ رَسُولِ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ حَدِيثًا نَفَعَنِي اللهُ مِنْهُ بِمَا شَاءَ أَنْ يَنْفَعَنِي بِهِ، وَإِذَا حَدَّثَنِي رَجُلٌ مِنْ أَصْحَابِهِ اسْتَحْلَفْتُهُ، فَإِذَا حَلَفَ لِي صَدَّقْتُهُ، وَإِنَّهُ حَدَّثَنِي أَبُو بَكْرٍ، وَصَدَقَ أَبُو بَكْرٍ، قَالَ: سَمِعْتُ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَقُولُ: **«مَا مِنْ رَجُلٍ يُذْنِبُ ذَنْبًا، ثُمَّ يَقُومُ فَيَتَطَهَّرُ، ثُمَّ يُصَلِّي، ثُمَّ يَسْتَغْفِرُ اللهَ، إِلَّا غَفَرَ اللهُ لَهُ»**، ثُمَّ قَرَأَ هَذِهِ الْآيَةَ: {وَالَّذِينَ إِذَا فَعَلُوا فَاحِشَةً أَوْ ظَلَمُوا أَنْفُسَهُمْ ذَكَرُوا اللهَ فَاسْتَغْفَرُوا لِذُنُوبِهِمْ} [آل عمران: ١٣٥]. **[صحيح] - [رواه أبو داود والترمذي والنسائي في الكبرى وابن ماجه وأحمد]**

(84) – Hadith yaturutse kwa Ally yaravuze ati: Nari umuntu wumvaga Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) hari icyo ivuze (Hadith), Allah akampa kugirwa umumaro n'ibyo ashatse muri yo ko ngirirwa nabyo umumaro, hagira umwe mu basangirangendo bayo uyimbwira nkabanza kumurahiza! Iyo yandahiriraga nemeraga ibyo ambwiye ko ari ukuri. Abu Bak'ri yambwiye Hadith, kandi Abu Bak'ri yavuze ukuri agira ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Nta muntu ukora icyaha, yarangiza agahaguruka akisukura agasali, hanyuma agasaba Allah imbabazi, usibye ko Allah amubabarira ibyaha bye", arangije asoma umurongo mutagatifu wa Qur'an ugira uti: {Na ba bandi iyo bakoze icyaha cy'urukozasoni cyangwa bakihemukira (batumvira Allah), bibuka Allah nuko bagasaba imbabazi z'ibyaha byabo...} [Al Imran: 135]. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na**

Abu Dawud na Tirmidhiy na A-Nasa'iy mu gitabo cye Sunanul Kubra, na Ibun Madjah na Ahmad]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko nta mugaragu n'umwe ukora icyaha, hanyuma agatawaza neza, agahaguruka agasali raka ebyiri afite umugambi wo kwicuza icyo cyaha yakoze, nyuma yaho agasaba Allah imbabazi, usibye ko Allah amubabarira.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije isomo imvugo ya Allah Nyir'ubutagatifu igira iti: {Na ba bandi iyo bakoze icyaha cy'urukozasoni cyangwa bakihemukira (batumvira Allah), bibuka Allah nuko bagasaba imbabazi z'ibyaha byabo, ese ni nde wababarira ibyaha uretse Allah?, ntibanagume mu byo bakoraga kandi babizi (ko ari ibyaha)} [Al Imran: 135].

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza iswalat, no kwicuza nyuma yo gukora icyaha.
2. Impuhwe za Allah Nyir'ubutagatifu ni ngari, kandi yakira ukwicuza no gusaba imbabazi by'umugaragu.

(65063)

(85) – عَنْ أَبِي مُوسَى رضي الله عنه عَنِ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «إِنَّ اللهَ عَزَّ وَجَلَّ يَبْسُطُ يَدَهُ بِاللَّيْلِ لِيَتُوبَ مُسِيءُ النَّهَارِ، وَيَبْسُطُ يَدَهُ بِالنَّهَارِ لِيَتُوبَ مُسِيءُ اللَّيْلِ، حَتَّى تَطْلُعَ الشَّمْسُ مِنْ مَغْرِبِهَا». [صحيح] - [رواه مسلم]

(85) – Hadith yaturutse kwa Abu Mussa (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mu by'ukuri Allah Nyir'ubutagatifu arambura ibiganza bye mu ijoro kugira ngo ababarire uwamukoshereje ku manywa, akanarambura ibiganza bye ku manywa kugira ngo ababarire uwamukoshereje mu ijoro, ibyo bizakomeza gutyo kugeza ubwo izuba rizarasira mu burengera bwaryo." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: Mu by'ukuri Allah Nyir'ubutagatifu yakira ukwicuza kw'abagaragu be; Iyo umugaragu we amukoreye icyaha ku manywa mu ijoro akicuza, Allah yakira ukwicuza kwe, n'iyo akoze icyaha mu ijoro akicuza ku manywa, Allah yakira ukwicuza kwe. Anarambura ibiganza bye kugira ngo ababarire kubera kubyishimira no kubyakira, kandi umuryango w'imbabazi uzahama ufunguye kugeza ubwo izuba rizarasira mu burengera bwaryo nk'ikimenyetso cyo kurangira ku isi, niriharasira icyo gihe uwo muryango uzafungwa.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwakira ukwicuza bizahoraho igihe cyose umuryango wako ufunguye, ukaba uzafungwa ubwo izuba rizaba rirasiye mu burengera bwaryo, kandi ko umuntu akwiye kwicuza igihe cyose roho ye itaramugera mu ngoto.
2. Kutiheba no guhagarika umutima kubera ibyaha umuntu yakoze, kubera ko imbabazi za Allah Nyir'ubutagatifu n'impuhwe ze ari ngari, n'umuryango w'imbabazi urafunguye.
3. Ibisabwa kugira ngo kwicuza kwakirwe: Icya mbere: Ni ukureka icyaha, icya kabiri: Ni ukubabazwa nacyo ukicuza, icya gatatu: Ni ukugira umugambi ndakuka wo kutazagisubira; ibi ni igihe ari icyaha kiri hagati yawe na Nyagasani wawe. Naho iyo ari icyaha kiri hagati yawe na bagenzi bawe, kugira ngo kukicuza kwawe kwakirwe nuko ukimusubiza cyangwa se we akakikubabarira.

(4318)

(86) – عن أبي هريرة رضي الله عنه: أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «يَنْزِلُ رَبُّنَا تَبَارَكَ وَتَعَالَى كُلَّ لَيْلَةٍ إِلَى السَّمَاءِ الدُّنْيَا حِينَ يَبْقَى ثُلُثُ اللَّيْلِ الْآخِرُ، يَقُولُ: «مَنْ يَدْعُونِي فَأَسْتَجِيبَ لَهُ؟ مَنْ يَسْأَلُنِي فَأُعْطِيَهُ؟ مَنْ يَسْتَغْفِرُنِي فَأَغْفِرَ لَهُ؟». [صحيح] - [متفق عليه]

(86) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Allah Nyagasani

buri joro aramanuka akaza ku kirere cy'isi, ubwo haba hasigaye kimwe cya gatatu cya nyuma cy'ijoro maze akavuga ati: Ninde unsaba ngo numve ubusabe bwe, ninde ufite icyo ansaba ngo nkimuhe?
Ninde unsaba imbabazi ngo mubabarire?! **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko igihe ijoro ryinjiye muri kimwe cya gatatu cyaryo cya nyuma, Allah Nyir'ubutagatifu amanuka buri joro ku kirere cy'isi, maze agashishikariza abagaragu be kumusaba, kubera ko yakira ubusabe bw'umusabye, ndetse anabashishikariza kumusaba ibyo bashaka kubera ko aha umusaba, ndetse akanabashishikariza kumwicuzaho kubera ko ababarira abagaragu be b'abemeramana.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyiza by'iki gice cya gatatu cya nyuma cy'ijoro, no gukoramo iswalat ndetse no kugira ubusabe usabamo no gusaba imbabazi z'ibyaha muri cyo.
2. Umuntu acyumva iyi Hadithi, aba agomba gushishikazwa no kubyaza umusaruro ibihe byo kwakirirwa ubusabe.

(10412)

(87) – عن النُّعمان بن بَشير رضي الله عنه قال: سَمِعْتُ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَقُولُ -وَأَهْوَى النُّعْمَانُ بِإِصْبَعَيْهِ إِلَى أُذُنَيْهِ-: «إِنَّ الْحَلَالَ بَيِّنٌ وَإِنَّ الْحَرَامَ بَيِّنٌ، وَبَيْنَهُمَا مُشْتَبِهَاتٌ لَا يَعْلَمُهُنَّ كَثِيرٌ مِنَ النَّاسِ، فَمَنِ اتَّقَى الشُّبُهَاتِ اسْتَبْرَأَ لِدِينِهِ وَعِرْضِهِ، وَمَنْ وَقَعَ فِي الشُّبُهَاتِ وَقَعَ فِي الْحَرَامِ، كَالرَّاعِي يَرْعَى حَوْلَ الْحِمَى يُوشِكُ أَنْ يَرْتَعَ فِيهِ، أَلَا وَإِنَّ لِكُلِّ مَلِكٍ حِمًى، أَلَا وَإِنَّ حِمَى اللهِ مَحَارِمُهُ، أَلَا وَإِنَّ فِي الْجَسَدِ مُضْغَةً، إِذَا صَلَحَتْ صَلَحَ الْجَسَدُ كُلُّهُ، وَإِذَا فَسَدَتْ فَسَدَ الْجَسَدُ كُلُّهُ، أَلَا وَهِيَ الْقَلْبُ». [صحيح] - [متفق عليه]

(87) – A-Nuuman Ibun Bashir (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: -A-Nuuman ashyira intoki ze ku matwi kugira ngo yumve neza ibyo Intumwa y'Imana igiye kuvuga-: “Mu by’ukuri, ibiziruye (Halali) birasobanutse kandi n'ibyaziririjwe (Haramu) birasobanutse, ariko hagati yabyo byombi hari ibiteye urujijo abantu benshi batajya bamenya. Bityo uzirinda ibyo biteye urujijo azaba arinze idini rye n'icyubahiro cye. N’uzagwa muri ibyo biteye urujijo azaba aguye mu biziririjwe; ameze nk'umushumba uragiye amatungo ye iruhande rw'umurima uzitiye, amatungo ye yenda kumucika ngo yone. Nta gushidikanya ko buri mwami agira imbago, kandi imbago z'Imana ni ibyo yaziririje. Nta gushidikanya ko mu mubiri habamo inyama, iyo itunganye umubiri wose uratungana, yakangirika umubiri wose ukangirika, iyo nyama nta yindi ni umutima.” **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza itegeko rikomeye mu bintu; kandi ko mu buryo bw'amategeko rigabanyijemo ibice bitatu: Hari ibiziruye bisobanutse, hakaba n'ibiziririjwe bisobanutse, hagati yabyo hakaba hari ibintu biteye urujijo kuko amategeko yabyo niba biziruye cyangwa biziririjwe ntahita agaragarira buri wese, benshi mu bantu ntibabisobanukirwa.

Uzareka ibyo bintu biteye urujijo, azaba atekanye mu idini rye, bimurinde kugwa mu biziririjwe, ndetse abe atekanye mu kuba yakibasirwa n'amagambo y'abantu bamunenga kubera ko yakoze ibyo biteye urujijo. Ariko utazirinda ibyo biteye urujijo, bizatuma agwa mu biziririjwe, cyangwa se abe ikiganiro mu bantu.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatanze urugero kugira ngo igaragaze umuntu ukora ibiteye urujijo,ivuga ko ari nk'umushumba uragiye amatungo ye hafi y'umurima nyirawo yazitiye, ariko amatungo ye agakomeza gushaka kona kuberako awuri bugufi, ni nk'uko umuntu ukora ibintu birimo urujijo aba yegera gukora ibyo aziririjwe. Nyuma yaho Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibabwira ko mu mubiri habamo inyama

ari yo mutima, umubiri wose utungana iyo itunganye, ndetse ukanangirika iyo yangiritse.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza kureka gukora ibiteye urujijo, itegeko ryabyo riba ritarasobanuka.

(4314)

(88) – عن ابن عباس رضي الله عنهما قال: كُنْتُ خَلْفَ رَسُولِ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَوْمًا، فَقَالَ: «يَا غُلَامُ، إِنِّي أُعَلِّمُكَ كَلِمَاتٍ، احْفَظِ اللهَ يَحْفَظْكَ، احْفَظِ اللهَ تَجِدْهُ تُجَاهَكَ، إِذَا سَأَلْتَ فَاسْأَلِ اللهَ، وَإِذَا اسْتَعَنْتَ فَاسْتَعِنْ بِاللهِ، وَاعْلَمْ أَنَّ الْأُمَّةَ لَوِ اجْتَمَعَتْ عَلَى أَنْ يَنْفَعُوكَ بِشَيْءٍ، لَمْ يَنْفَعُوكَ إِلَّا بِشَيْءٍ قَدْ كَتَبَهُ اللهُ لَكَ، وَلَوِ اجْتَمَعُوا عَلَى أَنْ يَضُرُّوكَ بِشَيْءٍ، لَمْ يَضُرُّوكَ إِلَّا بِشَيْءٍ قَدْ كَتَبَهُ اللهُ عَلَيْكَ، رُفِعَتِ الْأَقْلَامُ وَجَفَّتِ الصُّحُفُ». [صحيح] - [رواه الترمذي]

(88) – Hadithi yaturutse kwa Ibun Abas (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: "Umunsi umwe nari inyuma y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) impetse ku ngamiya, maze irambwira iti "Yewe mwana ndagira ngo nkwigishe amagambo (ugomba kwitaho): Jya wita ku mategeko y'Imana na yo izakwitaho. Jya wita ku mategeko y'Imana uzajya uzayisanga imbere yawe. Nushaka gusaba ujye usaba Imana, kandi nukenera inkunga ujye uyisaba Imana, umenye ko n'ubwo abantu (b'isi) bose baterana kugira ngo bagire icyiza bakumarira, ntacyo bakumarira usibye icyo Imana yakwandikiye gusa. Kandi n'iyo abantu (b'isi) bose baterana kugira ngo bagire ikibi

bagukorera, ntacyo bagukoraho usibye gusa icyo Imana yakwandikiye. Amakaramu (yamaze kwandika ibizaba) yareguwe ndetse n'ibitabo (byanditswemo) wino yarumutse byararangiye."
[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Tirmidhiy]

Ibisobanuro birambuye:

Ibun Abass (Imana imwishimire we na se) aratubwira ko yari akiri umwana muto, igihe kimwe yari kumwe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imuhetse ku ndogobe iramubwira iti: Ngiye kukwigisha ibintu bizakugirira umumaro:

Jya wita ku mategeko ya Allah, witandukanye n'ibyo yakubujije, igihe cyose ajye akubona mu bikorwa bimushimisha, nta gusange mu bikorwa byo kumwigomeka; ibyo nubikora ingororano zawe nta zindi nuko Allah azakurinda ibibi hano kuri iyi si no ku munsi w'imperuka, anagutabare ibikugoye aho uzaba uherereye hose. Kandi nushaka kugira icyo usaba ntuzagire undi ugisaba usibye Allah kubera ko ari we wenyine usubiza abamusabye. Nunashaka inkunga ntuzagire undi uyisaba usibye Allah.

Kandi wizere udashidikanya ko nta cyakugirira akamaro kabone n'iyo abatuye isi bose bakiteranya ngo bagire icyo bakumarira usibye ibyo Allah yakugeneye, nta n'ikibi cyakubaho kabone n'iyo isi yose yakiteranya ngo igire icyo igutwara usibye ibyo Allah yakugeneye ko bizakubaho. Kandi ko ibyo Allah Nyir'ubutagatifu yakugeneye bijyanye n'ubugenge bwe n'ubumenyi bwe, kandi nta wahindura ibyo Alllah yanditse.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni iby'agaciro kwigisha abana bato amasomo y'idini mu myemerere n'imyifatire n'ibindi.
2. Ineza yiturwa indi, kandi ibyo ukoreye abandi nawe urabikorerwa.
3. Itegeko ryo kwishingikiriza Allah no kuba ari we wo kwiringira wenyine, kandi niwe mwiza wo kwiringira.
4. Kwemera igeno rya Allah no kunyurwa naryo, kandi ko Allah yagennye buri kintu.
5. Uwirengagije amategeko ya Allah, Allah nawe aramwirengagiza ndetse akanamutererana.

(4811)

(89) – عَنْ سُفْيان بنِ عَبْدِ اللهِ الثَّقَفِيّ رضي الله عنه قال: قُلْتُ: يَا رَسُولَ اللهِ، قُلْ لِي فِي الْإِسْلَامِ قَوْلًا لَا أَسْأَلُ عَنْهُ أَحَدًا غَيْرَكَ، قَالَ: «**قُلْ: آمَنْتُ بِاللهِ، ثُمَّ اسْتَقِمْ**». **[صحيح] - [رواه مسلم وأحمد]**

(89) – Hadith yaturutse kwa Sufiyani Ibun Abdillah A-Thaqafiy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nti: "Yewe Ntumwa y'Imana mbwira mu buyisilamu ijambo rimwe ntazigera ngira undi ndibaza, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: Vuga uti: Nemeye Allah, hanyuma ushikame kuri byo ushyira mu ngiro uko kwemera." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Umusangirangendo Sufiyani Ibun Abdillah (Imana imwishimire) yabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko yamwigisha

imvugo imwe mu buyisilamu ikusanyirije hamwe ibisobanuro by'ubuyisilamu, agomba gukomeraho no kwitwararika, ndetse ntazagire undi abibaza nyuma ye? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti: Jya uvuga uti:

Nemeye Allah wenyine, nemera ko ari we Nyagasani wanjye wenyine, umuremyi, umugaragirwa w'ukuri udafite uwo abangikanye nawe. Hanyuma yarangiza akumvira Allah akora ibyo yamutegetse, areka ibyo yamuziririje, kandi agakomeza uwo muyoboro ariho.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ishingiro ry'idini ni ukwemera Allah wenyine ko ari we Mana yonyine, Muremyi mugenga, kandi ko ari we wenyine ukwiye kugaragirwa, kandi ko ari we wenyine ufite amazina meza n'ibisingizo byihariye.
2. Agaciro ko kugira igihagararo nyuma y'ukwemera, no gukomeza kugaragira Allah, ukanabishikamaho.
3. Kwemera ni imwe mu mpamvu ya ngombwa ituma ibikorwa byakirwa.
4. Kwemera Allah hakubiyemo ibyo dutegetswe kwemera mu myemerere n'imisingi yako, n'ibigendana nabyo by'ibikorwa by'umutima, no kumvira no kwicisha bugufi kubera Allah mu bigaragara n'ibitagaragara.
5. Kugira igihagararo ni ukwitwararika umuyoboro uri ho ukora ibikorwa wategetswe, ndetse ureka ibyo wabujijwe.

(65018)

(90) – عَنِ النُّعْمَانِ بْنِ بَشِيرٍ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «مَثَلُ الْمُؤْمِنِينَ فِي تَوَادِّهِمْ وَتَرَاحُمِهِمْ وَتَعَاطُفِهِمْ مَثَلُ الْجَسَدِ، إِذَا اشْتَكَى مِنْهُ عُضْوٌ تَدَاعَى لَهُ سَائِرُ الْجَسَدِ بِالسَّهَرِ وَالْحُمَّى». [صحيح] - [متفق عليه]

(90) – Hadithi yaturutse kwa A-Nu'uman Ibun Bashir (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Urugero rw'abameramana mu gukundana kwabo, no kugirirana impuhwe hagati yabo no koroherana hagati yabo ni nk'urugero rw'umubiri umwe, iyo urugingo rumwe rugize icyo rutaka, byototera umubiri wose ukaremba ndetse ukagira n'umuriro." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko abayisilamu bakwiye kubanirana mu rukundo, kugirirana impuhwe, gufashanya ndetse no gutabarana, no kubangamirwa n'ibibi biba kuri bagenzi babo, bityo bakaba bameze nk'umubiri umwe iyo urugingo rumwe rurwaye, ingingo zose nazo zihita zifatwa n'ububabare ndetse n'umuriro.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni ngombwa guha agaciro uburenganzira bw'abayisilamu n'ibyo tubagomba, no gushishikariza kubafasha, no kurangwa n'ubworoherane hagati yabo.

2. Hagati y'abameramana hakwiye kurangwa urukundo ndetse no gutabarana.

(4969)

(91) – عن عثمان بن عفان رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «مَنْ تَوَضَّأَ فَأَحْسَنَ الْوُضُوءَ خَرَجَتْ خَطَايَاهُ مِنْ جَسَدِهِ حَتَّى تَخْرُجَ مِنْ تَحْتِ أَظْفَارِهِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(91) – Hadithi yaturutse kwa Uth'man Ibun Afan (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umuntu uzisukura (Udhu), agatunganya isuku ye neza, ibyaha yakoze biva ku mubiri we, kugeza n'ubwo biva mu nzara ze!" **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umuntu wisukuye (Udhu) akitwararika uko ikorwa yubahiriza imigenzo yayo n'imyifatire yayo, biba impamvu y'uko ababarirwa ibyaha bye, kugeza n'aho ibyaba biri mu nzara ze zaba iz'intoki cyangwa se z'amano bimuvuyeho.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza kwiga isuku n'imigenzo yayo ndetse n'imyifatire ikwiye kukuranga igihe uri kuyikora, ndetse no kubishyira mu bikorwa.

2. Ibyiza byo gukora isuku, kandi ko ari impamvu yo gukurirwaho ibyaha bito bito, naho ibyaha bikuru bikuru byo ugomba kubyicuza (Tawbat).
3. Kugira ngo ukurirweho ibyaha ugomba gutunganya isuku (Udhu) neza, ukayikora ntacyo wangije muri yo nk'uko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabigaragaje.
4. Kubabarirwa ibyaha kwavuzwe muri Hadithi gushingiye ku kubanza kwirinda ibyaha bikuru no kubyicuza. Allah aragira ati: {Nimuramuka mwirinze ibyaha bikomeye mubujijwe gukora, tuzababababarira ibyaha byanyu byoroheje, tunabinjize mu irembo ryubahitse (Ijuru).} [A-Nisa-i: 31]

(6263)

(92) – عَنْ أَبِي أَيُّوبَ الأَنْصَارِيِّ رضي الله عنه أَنَّ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «إِذَا أَتَيْتُمُ الغَائِطَ فَلاَ تَسْتَقْبِلُوا القِبْلَةَ، وَلاَ تَسْتَدْبِرُوهَا وَلَكِنْ شَرِّقُوا أَوْ غَرِّبُوا» قَالَ أَبُو أَيُّوبَ: فَقَدِمْنَا الشَّأْمَ فَوَجَدْنَا مَرَاحِيضَ بُنِيَتْ قِبَلَ القِبْلَةِ فَنَنْحَرِفُ، وَنَسْتَغْفِرُ اللَّهَ تَعَالَى. [صحيح] - [متفق عليه]

(92) – Hadith yaturutse kwa Abu Ayub Al Answariy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Nimuba mugiye kwituma ntimukerekere aho abayisilamu berekera basali (Qiblat), ndetse ntimukanahatere umugongo, ahubwo mujye mwerekera iburasirazuba n'iburengerazuba" Abu Ayubu yaravuze ati: Nyuma yaho twagiye ahitwa Shami, dusanga ubwiherero bwaho bwubatswe bwerekeye Qiblat, tukajya twihagarika twihengetse, ubundi tugasaba imbabazi

Allah Nyir'ubutagatifu. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije ushatse kwihagarika cyangwa se kwituma kuba yabikora yerekeye Qiblat cyangwa se akayitera umugongo, ahubwo aba akwiye kwerekera ahandi hatari aho nk'iburasirazuba n'iburengerazuba, igihe Qib'lat ye iri aho iy'abantu b'i Madinat iri. Hanyuma Abu Ayubu (Imana imwishimire) avuga ko bagiye ahitwa Shami bagasanga ubwiherero bwaho bwubatswe ku buryo umuntu ubwinjiyemo kwituma, aba yerekeye Qiblat, noneho bajya babwinjiramo bakerekera ahandi hatari aho n'imibiri yabo, hamwe n'ibyo ariko bagasaba Allah imbabazi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Impamvu yo kubuzwa kwerekera Qiblat igihe umuntu yihagaritse ni ukubaha ingoro ya Al Ka'abat no kuyiha agaciro.
2. Gusaba Allah imbabazi igihe umuntu asohotse mu bwiherero.
3. Uburyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yigishaga neza, kuko ubwo yagaragazaga ibibujijwe yabigishije ibiziruye.

(3078)

(93) – عَنْ أَبِي قَتَادَةَ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «لَا يُمْسِكَنَّ أَحَدُكُمْ ذَكَرَهُ بِيَمِينِهِ وَهُوَ يَبُولُ، وَلَا يَتَمَسَّحْ مِنَ الْخَلَاءِ بِيَمِينِهِ، وَلَا يَتَنَفَّسْ فِي الْإِنَاءِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(93) – Hadith yaturutse kwa Abu Qatadat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umwe muri mwe ntazafatishe igitsina cye ikiganza cye cy'iburyo igihe ari kwihagarika, ntanazikize umwanda (Gusitanji) akoresheje ikiganza cye cy'iburyo, kandi ntagahumekere mu cyo ari kunyweramo." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje imwe mu myifatire myiza, nkaho yabujije umuntu kuba yafatisha igitsina cye ikiganza cy'indyo igihe yihagaritse, cyangwa akikiza umwanda asitanji imbere n'inyuma akoresheje indyo, kuko indyo ni iyo gukora ibyiza; Ni nk'uko yabujije guhumekera mu cyo umuntu ari kunyweramo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kugaragaza ko Isilamu yatanze andi madini mu kugaragaza imyifatire myiza, no kurangwa n'isuku.

2. Kwirinda ibintu byose bitera umwanda, n'iyo bibaye ngombwa kubikoraho uba ukwiye kubikoresha imoso.
3. Kugaragaza ko indyo yubahitse, n'agaciro kayo irusha imoso.
4. Ubutungane bw'amategeko ya Isilamu, n'uburyo inyigisho zayo zikora ku mpande zose z'ubuzima.

(3079)

(94) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه عَنِ النَّبِيِّ صلى الله عليه وسلم قَالَ: «لَا يَقْبَلُ اللهُ صَلَاةَ أَحَدِكُمْ إِذَا أَحْدَثَ حَتَّى يَتَوَضَّأَ». [صحيح] - [متفق عليه]

(94) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Allah ntiyakira iswalat y'umwe muri mwe igihe adafite isuku (Udhu), cyeretse abanje kuyishaka (agatawaza)." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko mu bisabwa kugira ngo iswalat ibe itunganye harimo isuku, niyo mpamvu ari ngombwa ko umuntu ushatse gusali abanza agatawaza, igihe isuku ye hari icyayihungabanyije nko kwituma cyangwa se kwihagarika cyangwa se gusinzira ndetse n'ibindi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Iswalat y'umuntu udafite isuku ntiyemerwa cyeretse abanje kwisukura akiyuhagira igihe afite umwanda mukuru, cyangwa se agatawaza igihe afite umwanda muto.
2. Isuku y'umwanda muto (Udhu) ni ugufata amazi ukayajuguta mu kanwa ukayacira, warangiza ukayashoreza mu mazuru, hanyuma ukayapfuna, warangiza ugakaraba mu buranga inshuro eshatu, hanyuma ugakaraba amaboko yombi ugarukira mu nkokora inshuro eshatu, hanyuma ugahanagura mu mutwe inshuro imwe, warangiza ugakaraba ibirenge byombi ugarukira mu tubombankore nabyo inshuro eshatu.

(3534)

(95) – عَنْ جَابِرٍ رضي الله عنه قال: أَخْبَرَنِي عُمَرُ بْنُ الْخَطَّابِ: أَنَّ رَجُلًا تَوَضَّأَ فَتَرَكَ مَوْضِعَ ظُفُرٍ عَلَى قَدَمِهِ فَأَبْصَرَهُ النَّبِيُّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ فَقَالَ: «**ارْجِعْ فَأَحْسِنْ وُضُوءَكَ**» فَرَجَعَ، ثُمَّ صَلَّى. [صحيح بشواهده] - [رواه مسلم]

(95) – Hadith yaturutse kwa Djabir (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umar Ibun Al Khatwab yambwiye ko: Umugabo umwe yatawaje ariko ku kirenge cye asigaza ahantu hangana n'urwara hatageze amazi, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubona iramubwira iti: "Subirayo wongere utawaze neza", nuko

asubirayo arongera aratawaza hanyuma araza arasali. **[Hadithi y'impamo ushingiye ku bandi bayakiriye] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Umar (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabonye umugabo umwe wari umaze gutawaza, ibona ahangana n'urwara ku kirenge cye hatageze amazi, Nuko imubwira imwereka aho hatageze amazi iti: Subirayo wongere utawaze neza, ubitunganye neza, na buri rugingo urutawaze neza. Nuko wa mugabo asubirayo atawaza neza, aragaruka arasali.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni itegeko kwihutira gutegeka ibyiza, no kuyobora umuntu udasobanukiwe cyangwa se wazindaye, by'umwihariko igihe icyo ugiye kumubuza cyatuma igikorwa cye cyo kwiyegereza Allah kitakirwa.
2. Ni itegeko gukwiza ingingo zose amazi mu gihe cyo gutawaza, kandi ko ugize aho areka n'ubwo haba ari hato, aba ategetswe kongera gusubiramo igihe haciyemo umwanya munini.
3. Ni itegeko gutawaza neza, umuntu abikora mu buryo bwuzuye kandi butunganye nk'uko yabitegetswe mu mategeko.
4. Ibirenge byombi ni hamwe mu ngingo zo gutawaza, ntibyemewe kubihanagura gusa, ahubwo umuntu arabikaraba.
5. Ni ngombwa gukurikiranya ingingo umuntu atawaza, agakaraba buri rugingo mbere y'uko urwarubanjirije rwumuka.

6. Ubujiji no kwibagirwa ntibikuraho igikorwa cy'itegeko, ahubwo bikuraho icyaha; uyu mugabo twabonye ntiyatawaje mu buryo bwuzuye kubera ko atari abizi, ariko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ntiyigeze imureka ngo areke gukora igikorwa cy'itegeko cyo gutawaza, ahubwo yamutegetse ko yongera agasubiramo.

(8386)

(96) – عن عَمْرُو بْنُ عَامِرٍ عَنْ أَنَس بن مالك قَالَ: كَانَ النَّبِيُّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَتَوَضَّأُ عِنْدَ كُلِّ صَلَاةٍ، قُلْتُ: كَيْفَ كُنْتُمْ تَصْنَعُونَ؟ قَالَ: يُجْزِئُ أَحَدَنَا الْوُضُوءُ مَا لَمْ يُحْدِثْ. [صحيح] - [رواه البخاري]

(96) – Hadith yaturutse kwa Amri Ibun Amiri nawe ayikuye kwa Anas Ibun Malik yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga yisukura (Udhu) buri uko igiye gusali, nuko ndabaza nti: Mwe mwabigenzaga mute? Aransubiza ati: Isuku y'umwe muri twe iba imuhagije igihe cyose ataragira impamvu ituma ayisubiramo. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga yisukura (Udhu) buri uko igiye gusali iswalat y'itegeko, n'ubwo nta mpamvu yabaga ifite ituma ayisubiramo, mu rwego rwo kugira ngo abone ingororano nyinshi. Biremewe gusali iswalat irenze

imwe wakoze isuku inshuro imwe, igihe cyose utaragira impamvu ituma uyisubiramo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Inshuro nyinshi Intumwa y'Imana yatawazaga buri swalat, aharanira gukora ibitunganye byuzuye.
2. Ni byiza gutawaza buri uko ugiye gusali.
3. Biremewe gusali iswalat irenze imwe ku isuku imwe utiriwe usubira gutawaza.

(65080)

(97) – عَنِ ابْنِ عَبَّاسٍ رضي الله عنهما قَالَ: تَوَضَّأَ النَّبِيُّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ مَرَّةً مَرَّةً. [صحيح] - [رواه البخاري]

(97) – Hadith yaturutse kwa Ibun Abas (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga itawaza inshuro imwe imwe. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) rimwe na rimwe yajyaga itawaza igakaraba buri rugingo inshuro imwe, maze igakaraba mu maso, hakubiyemo no kujuguta amazi ndetse no kuyashoreza, igakurikizaho amaboko n'amaguru inshuro imwe; iki kikaba ari nacyo gipimo cy'itegeko.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Itegeko mu gihe cyo gutawaza ni ugukaraba ingingo rimwe gusa, iyo urengejeho biba ari byiza.

2. Biremewe gutawaza inshuro imwe imwe rimwe na rimwe.
3. Ikiri itegeko ni uguhanagura mu mutwe inshuro imwe.

(65081)

(98) – عَنْ عَبْدِ اللهِ بْنِ زَيْدٍ رضي الله عنه: أَنَّ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ تَوَضَّأَ مَرَّتَيْنِ مَرَّتَيْنِ. [صحيح] - [رواه البخاري]

(98) – Hadith yaturutse kwa Abdillah Ibun Zayd (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatawaje inshuro ebyiri ebyiri. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) rimwe na rimwe iyo yatawazaga, yakarabaga buri rugingo mu ngingo zo gutawaza inshuro ebyiri ebyiri, igakaraba uburanga -harimo no kujuguta amazi no kuyashoreza, yarangiza ikanakaraba amaboko yayo ndetse n'ibirenge byayo byombi inshuro ebyiri.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ikiri itegeko ni ugukaraba ingingo inshuro imwe, iyo urengejeho nabyo biba ari byiza.
2. Biremewe gutawaza inshuro ebyiri ebyiri rimwe na rimwe.

3. Ikiri itegeko ni uguhanagura mu mutwe inshuro imwe.

(65082)

(99) – عَنْ حُمْرَانَ مَوْلَى عُثْمَانَ بْنِ عَفَّانَ رضي الله عنه: أَنَّهُ رَأَى عُثْمَانَ بْنَ عَفَّانَ دَعَا بِوَضُوءٍ، فَأَفْرَغَ عَلَى يَدَيْهِ مِنْ إِنَائِهِ، فَغَسَلَهُمَا ثَلَاثَ مَرَّاتٍ، ثُمَّ أَدْخَلَ يَمِينَهُ فِي الْوَضُوءِ، ثُمَّ تَمَضْمَضَ وَاسْتَنْشَقَ وَاسْتَنْثَرَ، ثُمَّ غَسَلَ وَجْهَهُ ثَلَاثًا، وَيَدَيْهِ إِلَى الْمِرْفَقَيْنِ ثَلَاثًا، ثُمَّ مَسَحَ بِرَأْسِهِ، ثُمَّ غَسَلَ كُلَّ رِجْلٍ ثَلَاثًا، ثُمَّ قَالَ: رَأَيْتُ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَتَوَضَّأُ نَحْوَ وُضُوئِي هَذَا، وَقَالَ: «**مَنْ تَوَضَّأَ نَحْوَ وُضُوئِي هَذَا ثُمَّ صَلَّى رَكْعَتَيْنِ لَا يُحَدِّثُ فِيهِمَا نَفْسَهُ غَفَرَ اللهُ لَهُ مَا تَقَدَّمَ مِنْ ذَنْبِهِ**». [صحيح] - [متفق عليه]

(99) – Hadith yaturutse kwa Hum'ran waheshejwe ubwigenge na Uth'man Ibun Afan yavuze ko yabonye Uth'man Ibun Afan atumaho igikoresho yifashishaga atawaza, nuko akaraba intoki ze inshuro eshatu, arangije yinjiza ikiganza cye cy'iburyo muri icyo gikoresho, arangije ajuguta amazi mu kanwa, arayashoreza maze arayapfuna, arangije akaraba mu maso he inshuro eshatu n'amaboko ye agarukira mu nkokora inshuro eshatu, arangije ahanagura mu mutwe, arangije akaraba amaguru yombi inshuro eshatu, maze aravuga ati: Nabonye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) itawaza uku mbigenje iranavuga iti: " Uzatawaza atya, yarangiza agasali raka ebyiri, nta kindi ahugiyeho, Allah azamubabarira

ibyaha bye yakoze mbere." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Uth'man (Imana imwishimire) yigishije mu ngiro uburyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga itawaza; kugira ngo birusheho gusobanuka; ubwo yatumagaho amazi mu gikoresho yifashishaga atawaza, maze akaraba intoki ze inshuro eshatu, arangije yinjiza ikiganza cye cy'iburyo muri icyo gikoresho, arangije ajuguta amazi mu kanwa, arayashoreza maze arayapfuna, arangije akaraba mu maso he inshuro eshatu n'amaboko ye agarukira mu nkokora inshuro eshatu, arangije ahanagura mu mutwe, arangije akaraba amaguru yombi kugera ku tubumbankore inshuro eshatu. Ubwo yari amaze gutawaza yababwiye ko yabonye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) itawaza muri ubwo buryo abigenje, inabaha inkuru nziza ko uzatawaza muri ubwo buryo yarangiza agasali raka ebyiri, yibombaritse n'umutima we wose yumva ko ahagaze imbere ya Allah, kubera uko gutawaza kwe n'uburyo akoze iswalat, Allah azamubabarira ibyaha bye yakoze mbere.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni byiza gukaraba intoki mbere yo kuzinjiza mu gikoresho utawarisha n'ubwo waba utabyutse. Iyo ubyutse bwo ni itegeko kubikaraba.

2. Ni ngomwba ko umwarimu ahitamo inzira ya bugufi yo gusobanurira umunyeshuri, no kugira ngo ibyo amwigishije atazabyibagirwa, no muri ibyo harimo kumwigisha ushyira mu ngiro.
3. Ni ngombwa ko umuntu usali yirinda ibindi byo mu buzima bw'isi bimurangaza, kubera ko kuzura kw'iswalat gushingira ku kuba yakozwe n'umutima wose, naho ubundi ibitekerezo ntibibura ariko umuntu akwiye guhatana agakora ibishoboka ntatwarwe nabyo.
4. Ni byiza mu gihe cyo gutawaza guhera iburyo.
5. Gukurikiranywa hagati yo kujuguta amazi mu kanwa no kuyashoreza ndetse no kuyapfuna ni itegeko.
6. Ni byiza gukaraba mu maso no ku maboko no ku birenge inshuro eshatu eshatu, ariko inshuro imwe niyo y'itegeko.
7. Ibyaha byabanje Allah ababarira bishingira ku bintu bibiri: Isuku (Udhu) yakozwe mu buryo bwuzuye, no gusali raka ebyiri mu buryo bwavuzwe muri Hadith.
8. Buri rugingo rwo ku mubiri umuntu atawaza rugira aho rugarukira: Mu maso hahera mu ruhanga aho umusatsi uhera mu buryo bumenyerewe, kugeza ku kananwa n'ahamera ubwanwa hose; no guhera ku gutwi kwo mu musaya umwe kugeza ku kundi. Naho ku maboko ni uguhera ku mitwe y'intoki ukagarukira mu nkokora.

Naho ku mutwe ni uguhera mu ruhanga aho umusatsi uhera mu buryo bumenyerewe, ugakomereza no mu misaya yombi kugeza aho ijosi ritangirira. Naho amatwi yo abarwa nk'ingingo ziri hamwe n'umutwe. Naho ibirenge ni ikirenge cyose kugera mu tubumbankore hagati yacyo n'umurundi.

(3313)

(100) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه أَنَّ رَسُولَ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «إِذَا تَوَضَّأَ أَحَدُكُمْ فَلْيَجْعَلْ فِي أَنْفِهِ ثُمَّ لِيَنْثُرْ، وَمَنِ اسْتَجْمَرَ فَلْيُوتِرْ، وَإِذَا اسْتَيْقَظَ أَحَدُكُمْ مِنْ نَوْمِهِ فَلْيَغْسِلْ يَدَهُ قَبْلَ أَنْ يُدْخِلَهَا فِي وَضُوئِهِ، فَإِنَّ أَحَدَكُمْ لاَ يَدْرِي أَيْنَ بَاتَتْ يَدُهُ». ولفظ مسلم: «إِذَا اسْتَيْقَظَ أَحَدُكُمْ مِنْ نَوْمِهِ فَلَا يَغْمِسْ يَدَهُ فِي الْإِنَاءِ حَتَّى يَغْسِلَهَا ثَلَاثًا، فَإِنَّهُ لَا يَدْرِي أَيْنَ بَاتَتْ يَدُهُ». [صحيح] - [متفق عليه]

(100) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Umwe muri mwe natawaza, ajye ashoreza amazi mu mazuru ye, hanyuma ayapfune, n'uzisukura ari mu bwiherero adakoresheje amazi akoresheje nk'amabuye ajye akoresha ay'igiharwe, kandi umwe muri mwe nakanguka ajye akaraba intoki ze mbere y'uko azinjiza mu gikoresho akoresha isukuru (gutawarizamo), kubera ko umwe muri mwe aba atazi aho ukuboko kwe kwaraye." N'imvugo ya Muslim iragira iti: "Umwe muri mwe naba akangutse mu bitotsi bye, ntazinjize intoki ze

mu gikoresho atawarizamo kugeza abanje kuzoza inshuro eshatu, kubera ko aba atazi aho intoki ze zaraye." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje amwe mu mategeko y'isuku, amwe muri yo: Irya mbere: Nuko utawaje agomba gushoreza amazi mu mazuru, yarangiza akayapfuna. Irya kabiri: Nuko ushatse kwisukura umwanda umuturutsemo ariko akaba adafite amazi afite nk'ibuye n'ibindi, agomba kwisukuza amabuye y'igiharwe, amacye yaba atatu naho amenshi ni asukura ahavuye umwanda neza. Irya gatatu: Nuko umuntu ukangutse mu ijoro, atinjiza intoki ze mu gikoresho akoresha atawaza, ahubwo agomba kubanza kuzikaraba inshuro eshatu, kubera ko aba atazi aho intoki ze zaraye, bityo zikaba zishobora kuba ziriho umwanda. Hari n'ubwo Shitani (Shaytwani) yaba yazikiniyeho zikaba ziriho ibintu byamugiraho ingaruka cyangwa se bikangiza amazi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni ngombwa gushoreza amazi, ndetse no kuyapfuna.
2. Ni byiza kwikiza umwanda ukoresheje ibitari amazi kubikora inshuro z'igiharwe.
3. Ni itegeko gukaraba ibiganza byombi igihe ukangutse mu gitondo, ukabikora inshuro eshatu.

(3033)

(101) – عَنِ ابْنِ عَبَّاسٍ رضي الله عنهما قَالَ: مَرَّ النَّبِيُّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ بِقَبْرَيْنِ، فَقَالَ: «إِنَّهُمَا لَيُعَذَّبَانِ، وَمَا يُعَذَّبَانِ فِي كَبِيرٍ، أَمَّا أَحَدُهُمَا فَكَانَ لاَ يَسْتَتِرُ مِنَ البَوْلِ، وَأَمَّا الآخَرُ فَكَانَ يَمْشِي بِالنَّمِيمَةِ» ثُمَّ أَخَذَ جَرِيدَةً رَطْبَةً، فَشَقَّهَا نِصْفَيْنِ، فَغَرَزَ فِي كُلِّ قَبْرٍ وَاحِدَةً، قَالُوا: يَا رَسُولَ اللَّهِ، لِمَ فَعَلْتَ هَذَا؟ قَالَ: «لَعَلَّهُ يُخَفَّفُ عَنْهُمَا مَا لَمْ يَيْبَسَا». [صحيح] - [متفق عليه]

(101) – Hadith yaturutse kwa Ibun Abass (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Igihe kimwe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatambutse ku mva ebyiri maze iravuga iti: Abantu bari muri izi mva zombi bari guhanwa, kandi ntibazira ibikomeye; umwe muri bo ntiyajyaga yirinda inkari, naho undi yajyaga agenda abunza amagambo nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ifata ishami ry'igiti kitaruma irivunamo kabiri, igice kimwe igishinga ku mva imwe ikindi igishinga ku yindi; nuko babaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bati: Yewe Ntumwa y'Imana, kuki wabigenje kuriya? Irabasubiza iti: "Hari ubwo Allah yabagirira impuhwe akaborohereza ibihano igihe cyose ayo mashami ataruma." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yanyuze ku mva ebyiri, maze iravuga iti: Banyiri izi mva ebyiri bari guhanwa kandi ntibazira impamvu

zikomeye nk'uko mu bicyeka, n'ubwo zihambaye imbere ya Allah; Umwe muri bo arazira kuba atarajyaga yirinda inkari igihe ari kwihagarika; ngo zitamutarukira ku mubiri cyangwa se imyambaro ye. Naho undi yajyaga abunza amagambo mu bantu, agatwara amagambo y'abandi bavuze agamije kubangamira abandi no guteza umwiryane mu bantu.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kubunza amagambo no kureka kwirinda inkari ni mu byaha bikuru, ndetse ni na zimwe mu mpamvu z'ibihano byo mu mva.
2. Allah Nyir'ubutagatifu yagaragaje bimwe mu biri mu bumenyi bw'ibitagaragara nk'ibihano byo mu mva, agamije kugaragaza ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) koko yari umuhanuzi.
3. Iki gikorwa cyo kuvunamo ishami kabiri no kuyashinga ku mva ni umwihariko w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kubera ko Allah yamuhishuriye uko abari mu mva bamerewe, bityo ntitwabiheraho tuvuga ko n'abandi ari uko kubera ko nta n'umwe ujya amenya uko abari mu mva bamerewe.

(3010)

(102) – عَنْ أَنَسٍ رضي الله عنه قَالَ: كَانَ النَّبِيُّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ إِذَا دَخَلَ الخَلاَءَ قَالَ: «اللَّهُمَّ إِنِّي أَعُوذُ بِكَ مِنَ الخُبُثِ وَالخَبَائِثِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(102) – Hadith yaturutse kwa Anas (Imana imwishimire) yaravuze ati: Iyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro

n'imigisha) yajyaga kwinjira mu bwiherero yasabaga ubusabe bugira buti: "ALLAHUMA INI AUDHU BIKA MINAL KHUBUTHI WAL KHABAITHI: Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde amashitani y'amagabo n'amagore." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yashakaga kwinjira mu bwiherero yaba ari ukwiherera ibyoroshye cyangwa se ibikomeye, yikingaga kuri Allah ngo amurinde ibibi by'amashitani y'amagabo n'amagore. Hari n'abamenyi basobanuye KHUBUTHI WAL KHABAITHI ko ari ibibi n'imyanda.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni byiza gusaba ubu busabe igihe ushatse kwinjira mu bwiherero.
2. Ibiremwa byose bicyeneye Allah Nyagasani wabyo kugira ngo abirinde ibibibangamira n'ibibibuza amahoro ibihe byose.

(3150)

(103) – عن عائشة رضي الله عنها قالت: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «السِّوَاكُ مَطْهَرَةٌ لِلْفَمِ، مَرْضَاةٌ لِلرَّبِّ». **[صحيح] - [رواه النسائي وأحمد]**

(103) – Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

"Koza mu kanwa birahasuhura, ndetse bishimisha Allah Umuremyi." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na A-Nasa'iy na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko gusukura amenyo ukoresheje agati (Kitwa Siwaki) cyangwa se n'ikindi bisukura mu kanwa imyanda n'impumuro mbi yaba irimo. Gusukura mu kanwa ni imwe mu mpamvu zo kuba Allah yakishimira umugaragu we, kubera ko harimo kumvira Allah no kubahiriza itegeko rye, no kubera ko ari isuku Allah akunda kandi akanishimira.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyiza byo gusukura mu kanwa ukoresheje umuswaki, no kuba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarabishishikarije abayoboke bayo ko bagomba kubikora kenshi.
2. Ibyiza nuko wakogesha mu kanwa agati ka Siwaki gakomoka ku giti bita Arak, ariko no gukoresha uburoso n'umuti w'amenyo bikora kimwe.

(3588)

(104) – عن أبي هريرة قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «حَقٌّ عَلَى كُلِّ مُسْلِمٍ أَنْ يَغْتَسِلَ فِي كُلِّ سَبْعَةِ أَيَّامٍ يَوْمًا، يَغْسِلُ فِيهِ رَأْسَهُ وَجَسَدَهُ». [صحيح] - [متفق عليه]

(104) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: Ni

ngombwa kuri buri muyisilamu koga inshuro imwe mu minsi irindwi, agakarabamo umutwe n'umubiri we wose. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko ari ngombwa kuri buri muyisilamu ukuze kandi afite ubwenge kwiyuhagira inshuro imwe mu minsi irindwi, agakarabamo umutwe we n'umubiri we agamije isuku; kandi umunsi ukwiye kwitabwaho ni umunsi wa gatanu (wa Idjuma) nk'uko bisobanuka mu zindi mvugo. Koga ku munsi wa gatanu mbere yo kujya gusali idjuma ni byiza kandi amategeko y'idini arabidushishikariza, kabone n'iyo waba wiyuhagiye ku wa kane. Igituma bitagirwa itegeko ni imvugo ya Aishat (Imana imwishimire) igira iti: Abantu bajyaga bihugiraho bakora imirimo yabo, byagera ku munsi wa Idjuma bakagenda uko bameze, nuko bamwe baravuga bati: Iyo mujyayo mubanje kwiyuhagira!" Yakiriwe na Bukhari.

No mu yindi mvugo iragira iti: Bajyagayo bafite ibyuya n'impumuro mbi n'ibindi, ariko hamwe n'ibyo barabwiwe bati: Iyo mujya mubanza kwiyuhagira! Abatari abo rero ntabwo byaba itegeko kuri bo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Islam yitaye ku isuku.
2. Kwiyuhagira ku munsi wa Idjuma ni byiza kandi amategeko arabidushishikariza igihe tugiye gusali.

3. Kuba haravuzwe umutwe, kandi iyo havuzwe umubiri haba hakubiyemo n'umutwe mu rwego rwo kuwitaho.
4. Ni itegeko kwiyuhagira kuri buri wese ufite impumuro itari nziza ibangamira abantu.
5. Birushaho kuba itegeko kwiyuhagira ku munsi wa gatanu wa Idjuma kubera agaciro kawo.

(65084)

(105) – عن أبي هريرة رضي الله عنه: سمعتُ النبيّ صلى الله عليه وسلم يقول: «الفِطْرَةُ خمسٌ: الخِتَانُ والاستحدادُ وقصُّ الشَّارِبِ وتقليمُ الأظفارِ وَنَتْفُ الآبَاطِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(105) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Imigenzo itanu iri muri kamere ari yo: Gusimurwa, kogosha imisatsi yo mu myanya y'ibanga, kogosha ubwanwa bwo hejuru, guca inzara, no gupfura ubucakwaha." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ibintu bitanu biri mu idini rya Isilamu ndetse no mu migenzo y'Intumwa zayibanjirije:

Icya mbere: Gusiramurwa, akaba ari uguca igihu kirenga ku gitsina cy'umugabo, cyangwa se guca agahu kari mu gitsina cy'umugore hejuru y'ahakorerwa igikorwa cy'akabariro.

Icya kabiri: Kogosha imisatsi n'ubwoya bimera mu mpande z'igitsina.
Icya gatatu: Kogosha ubwanwa bwo hejuru.
Icya kane: Guca inzara
Icya gatanu: Gupfura ubucakwaha.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Imigenzo y'Intumwa z'Imana Allah akunda akanishimira, akanategeka ko ikorwa, ihamagarira gusa neza no kurimba ndetse n'isuku.
2. Ni itegeko guhozaho ibi twavuze, no kutabyirengagiza.
3. Iyi migenzo ifite inyungu mu kwemera no mu buzima busanzwe; zimwe muri zo ni ugusa neza, no gusukura umuburi, no kwigengesera ku byakwangiriza isuku, no kunyuranya n'abahakanyi ndetse no gushyira mu bikorwa amategeko ya Allah.
4. Hari izindi Hadith zavuze indi migenzo itari iyi itanu twavuze, nko guteraka ubwanwa bwo hasi ku bagabo, koza mu kanwa, n'ibindi.

(3144)

(106) – عَنْ عَلِيٍّ رضي الله عنه قَالَ: كُنْتُ رَجُلًا مَذَّاءً وَكُنْتُ أَسْتَحْيِي أَنْ أَسْأَلَ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ لِمَكَانِ ابْنَتِهِ فَأَمَرْتُ الْمِقْدَادَ بْنَ الْأَسْوَدِ فَسَأَلَهُ فَقَالَ: «يَغْسِلُ ذَكَرَهُ وَيَتَوَضَّأُ». وَلِلبُخَارِيِّ: فَقَالَ: «تَوَضَّأْ وَاغْسِلْ ذَكَرَكَ». [صحيح] - [متفق عليه]

(106) – Hadith yaturutse kwa Ally (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nari umugabo usohokwamo n'amavangingo kenshi (Madhiyu), ariko nkagira isoni zo

kubibaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kubera urwego rw'umukobwa we (Fatwimat) yari ariho, nuko ntegeka uwitwa Al Miqdad Ibun Al As'wad arabiyibaza, nuko Intumwa iramusubiza iti: "Ajye yoza igitsina cye hanyuma atawaze". Bukhari yakiriye imvugo igira iti: Nuko Intumwa iramubwira iti: "Tawaza, woze igitsina cyawe." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Ally Ibun Abi Twalib (Imana imwishimire) yavuze ko akenshi yajyaga abona amavangingo (Madhiyu) amuvuyemo (aya mavangingo akaba afite ibara ry'umweru arekuye, asohoka mu gitsina igihe agize ibyifuzo byo gukora imibonano mpuzabitsina cyangwa se mbere yo kuyikora). Ally ntiyari azi uko yabigenza igihe amusohotsemo, nuko agira isoni zo kubibaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kubera ko yari umukwe wayo yari umugabo wa Fatwimat umukobwa w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha); Nuko asaba Al Miqdad Ibun Al As'wad ko yabimubariza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imutegeka kujya yoza igitsina cye, yarangiza agatawaza.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro ka Ally Ibun Abi Twalib (Imana imwishimire), kubera ko isoni zitamubujije kubaza ikibazo yari afite nubwo bwose yanyuze ku wundi.

2. Biremewe kunyura ku wundi muntu wakubariza ikibazo ufite.
3. Biremewe ko umuntu yabaza ikibazo afite yivuga igihe ari byo birimo inyungu.
4. Amavangingo yitwa (Madhiy) ni umwanda, kandi ni ngombwa koza aho yaguye ku mubiri no ku myambaro.
5. Gusohokwamo n'amavangingo (Madhiy) biri mu bituma Udhu yangirika, ugashaka indi.
6. Ni itegeko koza igitsina n'ahandi byegeranye nkuko byavuzwe mu yindi Hadith.

(3348)

(107) – عَنْ عَائِشَةَ أُمِّ المؤمنين رضي الله عنها قَالَتْ: كَانَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ إِذَا اغْتَسَلَ مِنَ الجَنَابَةِ، غَسَلَ يَدَيْهِ، وَتَوَضَّأَ وُضُوءَهُ لِلصَّلاَةِ، ثُمَّ اغْتَسَلَ، ثُمَّ يُخَلِّلُ بِيَدِهِ شَعَرَهُ، حَتَّى إِذَا ظَنَّ أَنَّهُ قَدْ أَرْوَى بَشَرَتَهُ، أَفَاضَ عَلَيْهِ المَاءَ ثَلاَثَ مَرَّاتٍ، ثُمَّ غَسَلَ سَائِرَ جَسَدِهِ، وَقَالَتْ: كُنْتُ أَغْتَسِلُ أَنَا وَرَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ مِنْ إِنَاءٍ وَاحِدٍ، نَغْرِفُ مِنْهُ جَمِيعًا. [صحيح] - [رواه البخاري]

(107) – Hadith yaturutse kwa Aishat Nyina w'abemeramana (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yogaga ijanaba, yakarabaga intoki zayo, igatawaza nk'uko ibigenza igiye gusali, hanyuma ikiyuhagira hanyuma igakwiza amazi mu musatsi wayo, kugeza ubwo imenye neza ko amazi yageze mu mutwe ku mubiri, agakwiza amazi umubiri we wose inshuro eshatu, yarangiza agakaraba ahandi hasigaye. Aishat yaravuze ati: Najyaga niyuhagirana n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu

gikoresho kimwe, tukajya tudahira rimwe amazi. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yashakaga kwiyuhagira ijanaba, yabanzaga gukaraba intoki, hanyuma igatawaza nk'uko ibigenza igiye gusali, hanyuma umubiri wayo wose ikawukwiza amazi, yarangiza igatosa umusatsi wayo n'intoki zayo kugeza ubwo yizera neza ko amazi yageze hose ndetse n'aho umusatsi utereye; hanyuma igasuka amazi ku mutwe inshuro eshatu, yarangiza ikiyuhagira ibice bisigaye by'umubiri wayo. Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Najyaga niyuhagirana n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu gikoresha kimwe, tukajya tudahira rimwe amazi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwiyuhagira birimo uburyo bubiri: Hari ubwemewe hari n'ubwuzuye. Ubwemewe ni igihe umuntu agize umugambi wo kwisukura, hanyuma umubiri we wose akawukwizaho amazi, akayajuguta mu kanwa ndetse akanayashoreza mu mazuru nyuma akayapfuna; naho kwiyuhagira mu buryo bwuzuye ni ukwiyuhagira nk'uko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabivzue muri iyi Hadithi.
2. Ijambo ijanabat rikoreshwa igihe cyose umuntu yasohotswemo n'intanga, cyangwa se yakoze imibonano mpuzabitsina kabone n'iyo atarangiza.

3. Biremewe ko umwe mu bashakanye areba ubwambure bwa mugenzi we, no kwiyuhagirana mu gikoresho kimwe.

(3316)

(108) – عَنْ عَمَّارِ بنِ ياسِرٍ رضي الله عنه قال: بَعَثَنِي رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ فِي حَاجَةٍ، فَأَجْنَبْتُ فَلَمْ أَجِدِ الْمَاءَ، فَتَمَرَّغْتُ فِي الصَّعِيدِ كَمَا تَمَرَّغُ الدَّابَّةُ ثُمَّ أَتَيْتُ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ، فَذَكَرْتُ ذَلِكَ لَهُ فَقَالَ: «إِنَّمَا كَانَ يَكْفِيكَ أَنْ تَقُولَ بِيَدَيْكَ هَكَذَا» ثُمَّ ضَرَبَ بِيَدَيْهِ الْأَرْضَ ضَرْبَةً وَاحِدَةً، ثُمَّ مَسَحَ الشِّمَالَ عَلَى الْيَمِينِ، وَظَاهِرَ كَفَّيْهِ وَوَجْهَهُ. [صحيح] - [متفق عليه]

(108) – Hadith yaturutse kwa Amar Ibun Yasir (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yanyohereje kugira ibyo ncyemura, nuko ndandura ngira ijanaba sinabona amazi yo kwisukuza, nikurunga mu mucanga nkuko itungo ryikurunga; ndangije njya ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ndabiyibwira, nuko iransubiza iti: "Byari biguhagirije kubigenza utya ukoresheje ibiganza byawe; nuko ikoza hasi ibiganza byayo inshuro imwe, irangije icy'ibumoso igihanaguza hejuru y'icy'iburyo no mu buranga bwayo." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yohereje Amar Ibun Yasser (Imana imwishimire) mu rugendo hari ibyo imutumye, nuko agira ijanaba yaba itewe n'imibonano mpuzabitsina, cyangwa se intanga

zamusohotsemo afite ubushake bw'imibonano, maze abura amazi kugira ngo yiyuhagire; Icyo gihe ntiyari azi itegeko ryo kwisukuza itaka (Tayamum) igihe umuntu yagize ijanaba, ahubwo yari azi ko rireba umuntu udafite isuku yoroheje imusaba gutawaza. Nuko atekereza icyo yakora abona ko nkuko bigenda kwisukuza itaka bigasimbura amazi igihe cyo gutawaza, ari nako yabigenza mu mwanya wo kwiyuhagira umubiri wose akikurunga mu itaka, nuko arikurunga ku buryo nta gice cy'umubiri gisigara kitagezeho itaka, maze arasari.

Ubwo yazaga ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarabiyibwiye, kugira ngo amenye niba yari mu kuri cyangwa se atari mu kuri? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imwigisha uburyo azajya abigenza yaba ari ku mwanda woroheje nk'inkari cyangwa se ukomeye nk'ijanaba; imwereka ko azajya akoza ibiganza bye hasi inshuro imwe, yarangiza ikiganza cy'ibumoso akagihanaguza hejuru y'icy'iburyo, ndetse no mu buranga bwe.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni itegeko gushakisha amazi mbere yo kwisukuza itaka.
2. Biremewe ko umuntu yisukuza itaka igihe afite ijanaba akaba yabuze amazi.
3. Kwisukuza itaka ufite umwanda mukuru (ijanaba), ni kimwe no kuryisukuza ufite umwanda muto.

(3461)

(109) – عَنْ المُغِيرَةِ رضي الله عنه قَالَ: كُنْتُ مَعَ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ فِي سَفَرٍ، فَأَهْوَيْتُ لِأَنْزِعَ خُفَّيْهِ، فَقَالَ: «دَعْهُمَا، فَإِنِّي أَدْخَلْتُهُمَا طَاهِرَتَيْنِ» فَمَسَحَ عَلَيْهِمَا. [صحيح] - [متفق عليه]

(109) – Hadith yaturutse kwa Al Mughirat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Igihe kimwe nari kumwe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku rugendo, nuko nihutira kumwambura Khofu yari yambaye, maze irambwira iti: " Zireke kuko nazambaye ibirenge byanjye bifite isuku", nuko ihanagura Khofu. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Igihe kimwe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari iri muri rumwe mu ngendo zayo, iratawaza, Ubwo yari igeze ku birenge byayo Al Mughirat Ibun Shu'ubat (Imana imwishimire) yihutira kuziyambura kugira ngo ibone uko itawaza ku birenge! Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti: Zihorere ntuzinyambure, kubera ko nazambaye ibirenge byanjye bifite isuku. Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ihanagura hejuru yazo, aho kuziyambura ngo itawaze ku birenge.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Biremewe guhanagura kuri Khofu (ubwoko bw'amasogisi akoze mu ruhu) igihe uri gutawaza kugira ngo usali (Udhu), naho iyo usabwa kwiyuhagira umubiri wose, icyo gihe na Khofu uraziyambura ugakaraba ingingo zose z'umubiri.

2. Guhanagura kuri Khofu ni inshuro imwe gusa, unyuza ikiganza gitose hejuru yazo, ntuhanagure munsi (ni nk'uko bigenda no ku masogisi).
3. Kugira ngo guhanagura kuri Khofu byemerwe, nuko umuntu azambara yabanje gutawaza mu buryo bwuzuye, yabanje gukaraba ibirenge bye n'amazi, kandi nazo zikaba zifite isuku, zitwikiriye ikirenge cyose, kandi uko guhanagura kugakorwa mu gihe runaka cyemewe mu mategeko ari cyo amanywa n'ijoro ku muntu utari ku rugendo, n'iminsi itatu n'amajoro yayo ku muntu uri ku rugendo.
4. Amategeko agenga Khofu ni kimwe n'agenga ikindi umuntu yambaye mu birenge nk'amasogisi nayo biremewe kuyahanagura.
5. Imico myiza yarangaga Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) n'uburyo yigishagamo, aho yabujije Al Mughirat kumwambura Khofu ndetse amugaragariza n'impamvu yabyo ko yazambaye zisukuye kugira ngo Al Mughirat agire ituze, anamenye itegeko.

(3014)

(110) – عَنْ عَائِشَةَ أُمِّ المؤمنين رضي الله عنها أَنَّ فَاطِمَةَ بِنْتَ أَبِي حُبَيْشٍ سَأَلَتِ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَتْ: إِنِّي أُسْتَحَاضُ فَلاَ أَطْهُرُ، أَفَأَدَعُ الصَّلاَةَ؟ فَقَالَ: «لَا، إِنَّ ذَلِكِ عِرْقٌ، وَلَكِنْ دَعِي الصَّلاَةَ قَدْرَ الأَيَّامِ الَّتِي كُنْتِ تَحِيضِينَ فِيهَا، ثُمَّ اغْتَسِلِي وَصَلِّي». [صحيح] - [متفق عليه]

(110) – Hadith yaturutse kwa Aishat Nyina w'abemerana (Imana imwishimire) yavuze ko Fatwimat umukobwa wa Abi Hubayshi yabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ati: "Njya ngira uburwayi nyuma y'imihango

amaraso agakomeza kuza adkama, ese njye ndeka gusali? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: "Oya ayo ni amaraso aba avuye mu mutsi! Ahubwo jya ureka gusali iminsi usanzwe ugira mu mihango, nyuma yayo wiyuhagire usali." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Fatwimat umukobwa wa Abi Hubayshi yabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) agira ati: Amaraso yanjye y'imihango ntajya ahagarara, ahubwo nkomeza kuyabona no mu gihe kitari icy'imihango gisanzwe, ese nanjye itegeko rindeba ni nk'iry'umuntu uri mu mihango njye ndeka gusali? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: Ayo maraso ni ay'uburwayi aterwa no kuba haba hari umutsi wo muri nyababyeyi wacitse, ntabwo ari amaraso y'imihango.

Bityo igihe cy'imihango usanzwe uyiboneramo nikigera, ujye ureka iswalat no gusiba n'ibindi bikorwa umuntu uri mu mihango atemerewe; ariko icyo gihe nikirangira, uzaba utakibarwa nk'uri mu mihango, uzisukure inzira y'amaraso, hanyuma wiyuhagire umubiri wose, hanyuma usali.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni itegeko ko umugore yiyuhagira igihe iminsi ye y'imihango ayivuyemo.

2. Umugore ubona amaraso atari ay'imihango ayo aba ari ay'uburwayi aba ategetswe gusali.
3. Imihango: Ni amaraso ya kamere nyababyeyi isohora binyuze mu gitsina cy'umugore ukuze, ibyo bikaba bimubaho mu minsi runaka.
4. Amaraso y'uburwayi: Ni amaraso aza mu gihe kitari icy'imihango.
5. Itandukaniro riri hagati y'amaraso y'imihango n'ay'uburwayi nuko ay'imihango afite ibara ryirabura, arafashe ndetse aranuka, naho ay'uburwayi yo aratukura kandi ntafashe, ndetse nta n'impumuro inuka aba afite.

(3029)

(111) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «إِذَا وَجَدَ أَحَدُكُمْ فِي بَطْنِهِ شَيْئًا، فَأَشْكَلَ عَلَيْهِ أَخَرَجَ مِنْهُ شَيْءٌ أَمْ لَا، فَلَا يَخْرُجَنَّ مِنَ الْمَسْجِدِ حَتَّى يَسْمَعَ صَوْتًا، أَوْ يَجِدَ رِيحًا». [صحيح] - [رواه مسلم]

(111) – Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umwe muri mwe naba afite ikibazo mu nda, ntamenye niba hari icyamusohotsemo, ntazasohoke mu musigiti cyeretse abanje kumva ijwi cyangwa se akumva umwuka."
[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ko iyo umuntu uri gusali ashidikanyije niba hari icyamusohotsemo cyangwa se niba ntacyo, ntazave mu iswalat ye kugira ngo ajye gushaka indi Udhu cyeretse abanje kwizera neza ko ya suku atakiyifite nko kuba yakumva ijwi ry'umusuzi, cyangwa se akawumva umunukiye, kubera ko icy'umuntu adashidikanyaho ntabwo gikurwaho no gushidikanya, icyo adashidikanya aha ni uko afite isuku akaba ari gushidikanya niba atakiyifite.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Iyi Hadith ni imwe muri Hadithi shingiro z'ubuyisilamu, ikaba n'ihame mu mahame y'amategeko y'ubuyisilamu ari ryo rivuga riti: Ntabwo icyo udashidikanyaho gikurwaho no gushidikanya, n'ikizwi nuko ikintu gihama uko kimeze, cyeretse igihe wizeye mu buryo budashidikanywaho ikinyuranyo cyabyo.
2. Gushidikanya ntacyo bihungabanya ku isuku, n'umuntu akomezanya isuku ye, igihe cyose yizeye ko akiyifite atigeze ayibura.

(65083)

(112) – عن عمر بن الخطاب رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «إِذَا قَالَ الْمُؤَذِّنُ: اللهُ أَكْبَرُ اللهُ أَكْبَرُ، فَقَالَ أَحَدُكُمُ: اللهُ أَكْبَرُ اللهُ أَكْبَرُ، ثُمَّ قَالَ: أَشْهَدُ أَنْ لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ، قَالَ: أَشْهَدُ أَنْ لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ، ثُمَّ قَالَ: أَشْهَدُ أَنَّ مُحَمَّدًا رَسُولُ اللهِ، قَالَ: أَشْهَدُ أَنَّ مُحَمَّدًا رَسُولُ اللهِ، ثُمَّ قَالَ: حَيَّ عَلَى الصَّلَاةِ، قَالَ: لَا حَوْلَ وَلَا قُوَّةَ إِلَّا بِاللهِ، ثُمَّ قَالَ: حَيَّ عَلَى الْفَلَاحِ، قَالَ: لَا حَوْلَ وَلَا قُوَّةَ إِلَّا بِاللهِ، ثُمَّ قَالَ: اللهُ أَكْبَرُ اللهُ أَكْبَرُ، قَالَ: اللهُ أَكْبَرُ اللهُ أَكْبَرُ، ثُمَّ قَالَ: لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ، قَالَ: لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ مِنْ قَلْبِهِ دَخَلَ الْجَنَّةَ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(112) – Hadith yaturutse kwa Umar Ibun Al Khatwab (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Iyo umuhamagazi w'isengesho avuze ati: ALLAHU AKBAR, ALLAHU AKBAR: Allah asumba byose, Allah asumba byose, hanyuma umwe muri mwe akavuga ati: ALLAHU AKBAR, ALLAHU AKBAR: Allah asumba byose, Allah asumba byose, akongera akavuga ati: ASH'HADU AN LA ILAHA ILA LLAH: Ndahamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, nawe akavuga ati: ASH'HADU AN LA ILAHA ILA LLAH: Ndahamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, akongera akavuga ati: ASH'HADU ANA MUHAMADAN RASULULLAH: Ndahamya ko Muhamadi ari Intumwa y'Imana, nawe akavuga ati: ASH'HADU ANA MUHAMADAN RASULULLAH: Ndahamya ko Muhamadi ari Intumwa y'Imana, akongera akavuga ati: HAYYA ALA SWALATI: Mwitabire iswalat, nawe akavuga ati: LA HAWLA WALA QUWATA ILA BILLAH: Nta

bubasha nta n'ubushobozi usibye ko ari ku bwa Allah, akongera akavuga ati: HAYYA ALAL FALAH: Mwitabire intsinzi, nawe akavuga ati: LA HAWLA WALA QUWATA ILA BILLAH: Nta bubasha nta n'ubushobozi usibye ko ari ku bwa Allah, akongera akavuga ati: ALLAHU AKBAR, ALLAHU AKBAR: Allah asumba byose, Allah asumba byose, akongera akavuga ati: LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, nawe akavuga ati: LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, abikuye ku mutima azinjira mu ijuru." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Adhana ni umuhamagaro wo kumenyesha abantu ko igihe cy'iswalat cyageze, kandi amagambo akubiye muri Adhana niyo akusanyirije hamwe ukwemera.

Muri iyi Hadith, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko igikwiye igihe umuntu yumvise Adhana, akwiye gusubiramo amagambo umuhamagazi avuze, igihe avuze ati: Allah Akbar, nawe akayasubiramo, gukomeza gutyo, usibye igihe avuze HAYYA ALA SWALATIM HAYYA ALAL FALAH, umwumva aravuga ati: LA HAWLA WALA QUWATA ILA BILLAH. Bisobanuye: Nta bubasha nta n'ubushobozi usibye ko ari ku bwa Allah.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umuntu usubiyemo amagambo umuhamagazi ari kuvuga abikuye ku mutima azinjira mu ijuru. Naho ibisobanuro by'amagambo agize Adhana ni ibi bikurikira: ALLAHU AKBAR: Bisobanuye ko Allah Nyir'ubutagatifu ari we uhambaye, wubahitse, usumba buri icyo ari cyo cyose.

ASH'HADU AN LA ILAHA ILA LLAH: Bisobanuye ko nta wundi mugaragirwa w'ukuri usibye Allah.

ASH'HADU ANA MUHAMADAN RASULULLAH: Bisobanuye ngo ndahamya ku rurimi no mu mutima ko Muhamadi ari Intumwa ya Allah, Allah Nyir'ubutagatifu yamwohereje, kandi ko ari itegeko kumwumvira.

HAYYA ALA SWALATI: Nimuze mwitabire iswala, naho umwumvise kuba avuga ati: LA HAWLA WALA QUWATA ILA BILLAHl: Bisobanuye ngo nta bushobozi bwo kureka ibitubuza kumvira Allah, nta n'imbaraga zo kubigeraho usibye ko ari ukubishobozwa na Allah Nyir'ubutagatifu.

HAYYA ALAL FALAH: Bisobanuye ngo nimuze mwitabire icyatuma mugera ku ntsinzi, ariyo y'ijuru no kurokoka umuriro.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyiza byo gusubiramo amagambo umuhamagazi avuze, usibye igihe avuze HAYA ALA SWALATI, HAYA ALAL FALAH, icyo gihe we aravuga ati: LA HAWLA WALA QUWATA ILA BILLAH.

(65086)

(113) – عَنْ عَبْدِ اللهِ بْنِ عَمْرِو بْنِ الْعَاصِ رضي الله عنها أَنَّهُ سَمِعَ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَقُولُ: «إِذَا سَمِعْتُمُ الْمُؤَذِّنَ فَقُولُوا مِثْلَ مَا يَقُولُ، ثُمَّ صَلُّوا عَلَيَّ، فَإِنَّهُ مَنْ صَلَّى عَلَيَّ صَلَاةً صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ بِهَا عَشْرًا، ثُمَّ سَلُوا اللهَ لِيَ الْوَسِيلَةَ، فَإِنَّهَا مَنْزِلَةٌ فِي الْجَنَّةِ، لَا تَنْبَغِي إِلَّا لِعَبْدٍ مِنْ عِبَادِ اللهِ، وَأَرْجُو أَنْ أَكُونَ أَنَا هُوَ، فَمَنْ سَأَلَ لِيَ الْوَسِيلَةَ حَلَّتْ لَهُ الشَّفَاعَةُ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(113) – Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Amri Ibun Al Asw (Imana imwishimire) yavuze ko yumvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Nimwumva umuhamagazi w'isengesho mujye musubiramo amagambo avuze, hanyuma munsabire kwa Allah amahoro n'imigisha, kubera ko unsabiye amahoro n'imigisha inshuro imwe Allah nawe abimuha inshuro icumi. Hanyuma mujye mukurikizaho kunsabira ko Allah yanshyira mu rwego rushimishije, kubera ko ari urwego rwo mu ijuru nta wundi urukwiye usibye umwe mu bagaragu ba Allah, kandi niringiye ko uwo mugaragu yazaba njye.
Bityo unsabiye urwo rwego nawe azagerwaho n'ubuvugizi bwanjye. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratwigisha ko uwumvise umuhamagazi w'isengesho asubiramo amagambo avuze, usibye iyo ageze ahavuga ngo: HAYYA ALA SWALATI: Mwitabire isengesho, HAYYA ALAL FALAH: Mwitabire intsinzi, aho aravuga ati: LA HAWULA WALA QUWATA ILA BILLAH: Nta bushobozi nta n'ububasha usibye ko tubishobozwa na Allah. Yarangiza agasabira Intumwa y'Imana amahoro n'imigisha, umuhamagaro (Adhana) ukimara kurangira, kubera ko uyisabiye inshuro imwe, Allah nawe ayamuha inshuro icumi. No kuvuga ko Allah ayamuha bisobanuye ko amuvuga ibigwi mu bamalayika.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije itegeka ko tuyisabira kwa Allah urwego rwo mu ijuru ruruta izindi rudakwiye kugibwamo n'undi uwo ari we wese usibye umugaragu umwe gusa mu bagaragu ba Allah, kandi ko yiringiye ko yaba we. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ikaba yaravuze kuriya mu rwego rwo kwicisha bugufi, kubera ko urwo rwego niba nta wundi urukwiye usibye umugaragu umwe, uwo nta wundi warujyamo usibye we, kuko ari we mwiza kuruta ibindi biremwa byose.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije igaragaza ko uyisabiye urwo rwego nawe azagerwaho n'ubuvugizi bwayo ku munsi w'imperuka.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza gusubiramo amagambo umuhamagazi avuze.
2. Agaciro ko gusabira Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nyuma yo gusubiramo amagambo ya Adhana.
3. Gushishikariza gusabira Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) urwego ruruta izindi mu ijuru nyuma yo gusabira Intumwa y'Imana amahoro n'imigisha.
4. Kugaragaza ibisobanuro by'uru rwego, n'agaciro karwo aho tubona ko nta we urukwiye usibye umugaragu umwe.
5. Kugaragaza agaciro k'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) aho ari we wenyine wahawe ruriya rwego mu buryo bw'umwihariko.
6. Usabiye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) rurira rwego kuri Allah Nyir'ubutagatifu nawe azagerwaho n'ubuvugizi bwayo.
7. Kugaragaza kwicisha bugufi kw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), aho yasabye abayoboke bayo ko bayisabira ruriya rwego, kandi ariyo yaruhariwe.
8. Impuhwe za Allah ni ngari, kubera ko icyiza kimwe ukibonera ingororano zikubye inshuro icumi.

(65087)

(114) – عَنْ سَعْدِ بْنِ أَبِي وَقَّاصٍ رضي الله عنه عَنْ رَسُولِ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ أَنَّهُ قَالَ: «مَنْ قَالَ حِينَ يَسْمَعُ الْمُؤَذِّنَ أَشْهَدُ أَنْ لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ وَحْدَهُ لَا شَرِيكَ لَهُ، وَأَنَّ مُحَمَّدًا عَبْدُهُ وَرَسُولُهُ، رَضِيتُ بِاللهِ رَبًّا وَبِمُحَمَّدٍ رَسُولًا، وَبِالْإِسْلَامِ دِينًا، غُفِرَ لَهُ ذَنْبُهُ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(114) – Hadith yaturutse kwa Sa'ad Ibun Abi Waqasw (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzumva umuntu uhamagarira iswalat (Adhana) maze akavuga ati: ASHAHADU AN LA ILAHA ILA LLAHU WAHDAHU LA SHARIKA LAHU, WA ANA MUHAMADAN ABDUHU WA RASULUHU, RADWITU BILLAHI RABAN, WA BIMUHAMADIN RASULAN, WA BIL ISLAMI DINAN: Ndahamya ko ari nta wundi ukwiye kugaragirwa uretse Allah wenyine, udafite uwo abangikanye nawe, ndanahamya kandi ko Muhamadi ari umugaragu we ndetse akaba n'intumwa ye. Nishimiye ko Allah ari we Nyagasani wanjye, na Muhamadi akaba Intumwa yanjye, na Isilamu ikaba idini ryanjye", uzavuga aya magambo azababarirwa ibyaha bye. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko uzavuga aya magambo amaze kumva umuhamagaro w'iswalat (Adhana): "ASHAHADU AN LA ILAHA ILA LLAH WAHDAHU LA SHARIKA LAHU": Ndahamya kandi nemera ko nta wundi ukwiye

kugaragirwa by'ukuri uretse Allah, ndetse n'ibindi bigaragirwa bitari we ni ibinyoma. "WA ANA MUHADAN ABDUHU WA RASULUHU": Bisobanuye ko MUHAMAD ari umugaragu ugaragira, ntabwo we agaragirwa, ni n'Intumwa ya Allah ntibikwiye kumuhakana. "RADWITU BILLAHI RABAN", bisobanuye ngo nishimiye Allah ko ari we Nyagasani wenyine wihariye ibikorwa bye (nko kurema n'ibindi), no kuba ari we ukwiye kugaragirwa, ndetse no kuba afite mazina meza n'ibisingizo byuzuye. "WA BIMUHAMADIN RASULAN", bisobanuye ngo nishimiye ko Muhamad n'ubutumwa bwose yazanye akatugezaho. "WA BIL ISLAMI", bisobanuye ngo nishimiye ko ubusilamu ari idini ryanjye n'amategeko yose y'ubuyisilamu n'ibyo bubuza. "DINAN", bisobanuye ngo nishimiye ko ubuyisiamu buba idini ryanjye mu myemerere ndetse akaba ari nabwo nkurikira. "GHUFIRA LAHU DHANBUHU", ababarirwa ibyaha bye gusa ibigambiriwe aha ni ibito.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gusubiramo kenshi ubu busabe igihe wumvise umuhamagaro w'iswalat biba impamvu yo kubabarirwa ibyaha.

(6272)

(115) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: أَتَى النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ رَجُلٌ أَعْمَى، فَقَالَ: يَا رَسُولَ اللهِ، إِنَّهُ لَيْسَ لِي قَائِدٌ يَقُودُنِي إِلَى الْمَسْجِدِ، فَسَأَلَ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ أَنْ يُرَخِّصَ لَهُ فَيُصَلِّيَ فِي بَيْتِهِ، فَرَخَّصَ لَهُ، فَلَمَّا وَلَّى دَعَاهُ، فَقَالَ: «هَلْ تَسْمَعُ النِّدَاءَ بِالصَّلَاةِ؟» فَقَالَ: نَعَمْ، قَالَ: «فَأَجِبْ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(115) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umuntu utabona yaje agana Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), arayibwira ati: Yewe Ntumwa y'Imana, simfite undandata ngo anzane ku musigiti, asaba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko yamuha uburenganzira akajya asalira iwe mu rugo, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irabimwemerera, ariko akimara kugenda iramuhamagara iramubaza iti: Ese umuhamagaro w'iswalat (Adhana) ukugeraho ukawumva? Arayisubiza ati: Yego! Intumwa y'Imana iramubwira iti: Ujye uwitaba! **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Umuntu utabona yaje agana Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), arayibwira ati: Yewe Ntumwa y'Imana, simfite undandata ngo anzane ku musigiti kugira ngo nsalire ku musigiti iswalat eshanu; ashaka ko yamuha uburenganzira bwo kutajya aza gusali hamwe n'abandi, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irabimwemerera, ariko akimara kugenda iramuhamagara iramubaza iti: Ese umuhamagaro

w'iswalat (Adhana) ukugeraho ukawumva? Arayisubiza ati: Yego! Intumwa y'Imana iramubwira iti: Ujye uwitaba uze gusali hamwe n'abandi!

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni itegeko gusalira mu mbaga, kubera ko gusaba uburenganzira biba ku kintu cy'itegeko.
2. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kumubwira uti: Ujye uwitaba, ni kuwo ari we wese wumvise umuhamagaro, bikaba bigaragaza ko ari itegeko gusalira mu mbaga, kuko ikintu cy'itegeko kiba kigomba kubahirizwa.

(11287)

(116) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه أَنَّهُ سَمِعَ رَسُولَ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَقُولُ: «أَرَأَيْتُمْ لَوْ أَنَّ نَهَرًا بِبَابِ أَحَدِكُمْ يَغْتَسِلُ فِيهِ كُلَّ يَوْمٍ خَمْسًا، مَا تَقُولُ ذَلِكَ يُبْقِي مِنْ دَرَنِهِ؟» قَالُوا: لَا يُبْقِي مِنْ دَرَنِهِ شَيْئًا، قَالَ: «فَذَلِكَ مِثْلُ الصَّلَوَاتِ الخَمْسِ، يَمْحُو اللَّهُ بِهِ الخَطَايَا». [صحيح] - [متفق عليه]

(116) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko yumvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

"Mubibona mute, umugezi utemba uramutse unyura imbere y'umuryango w'inzu y'umwe muri mwe, buri munsi akajya awogamo inshuro eshanu, ese hari umwanda wasigara ku mubiri we? Baramusubiza bati: Nta mwanda wasigara ku mubiri we! Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irababwira iti: Ni nk'uko iswalat eshanu, ziba impamvu yuko Allah

ababarira umuntu ibyaha." [Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagereranyije iswalat eshanu za buri manywa na nijoro mu kubabarirwa ibyaha bito bito umuntu akora nk'umugenzi utemba imbere y'inzu y'umuntu akajya yogamo buri munsi iswalat eshanu, bituma nta mwanda usigara ku mubiri we.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibi byiza ni umwihariko mu kubabarirwa ibyaha bito, naho ibyaha bikuru byo bisaba ko umuntu yicuza bya nyabyo.
2. Ibyiza byo gukora iswalat eshanu no kuzitwararika, zikorwa uko bikwiye, hubahirizwa inkingi, amabwiriza, ibyangombwa, n'ibikorwa by'imigereka muri zo.

(4968)

(117) – عَنْ عَبْدِ اللَّهِ بن مَسْعُودٍ رضي الله عنه قَالَ: سَأَلْتُ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: أَيُّ العَمَلِ أَحَبُّ إِلَى اللهِ؟ قَالَ: «الصَّلاَةُ عَلَى وَقْتِهَا»، قَالَ: ثُمَّ أَيٌّ؟ قَالَ: «ثُمَّ بِرُّ الوَالِدَيْنِ» قَالَ: ثُمَّ أَيٌّ؟ قَالَ: «الجِهَادُ فِي سَبِيلِ اللَّهِ» قَالَ: حَدَّثَنِي بِهِنَّ، وَلَوِ اسْتَزَدْتُهُ لَزَادَنِي.

[صحيح] - [متفق عليه]

(117) – Hadith yaturutse kwa Abdillah Ibun Masud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nti: Ni ikihe gikorwa Allah akunda kuruta ibindi? Iransubiza iti:

"Ni iswalat ikorewe mu gihe cyayo." Ndongera ndayibaza nti: Nyuma yayo hakurikiraho ikindi kihe? Iransubiza iti: "Ni ukubaha ababyeyi bombi." Ndongera ndayibaza nti: Nyuma yayo hakurikiraho ikihe? Iransubiza iti: Ni uguharanira inzira ya Allah (Djihadi). Abdullah Ibun Mas'ud yaravuze ati: Yarabimbwiye, kandi n'iyo nyibaza ibindi bikurikiraho, yari kubimbwira. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarabajijwe iti: Ni ikihe gikorwa Allah akunda kuruta ibindi? Nuko irasubiza iti: Ni iswalat y'itegeko ikorewe mu gihe cyayo amategeko yagennye. Hanyuma hagakurikiraho kubaha ababyeyi bombi, no kubagirira neza, no kubakorera ibyo ubagomba, no kureka kubasuzugura. Nyuma yabyo ikurikizaho guharanira inzira ya Allah, kugira ngo ijambo rya Allah Nyir'ubutagatifu ryogere, no kurengera idini ry'ubuyisilamu n'abayisilamu, no kugaragaza amategeko yaryo, umuntu yitanga ubwe ndetse anatanga umutungo we.

Nuko Ibun Mas'ud (Imana imwishimire) aravuga iti: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yambwiye ibi bikorwa, kandi iyo nkomeza kuyibaza n'ibindi yari kubimbwira.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibikorwa birarutanwa hagati yabyo hashingiwe ku buryo Allah abikunda.

2. Gushishikariza umuyisilamu kwita ku bikorwa ahereye ku cyiza kurusha ibindi, bigakomeza bityo.
3. Ibisubizo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasubizaga ku kibazo cyerekeranye n'ibikorwa byiza kuruta ibindi, byagiye bitandukana kubera ko n'abantu batandukanye, ndetse inita kukureba igifitiye umuntu akamaro kuruta ikindi.

(3365)

(118) – عَنْ عُثْمَانَ رضي الله عنه قَالَ: سَمِعْتُ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَقُولُ: «مَا مِنَ امْرِئٍ مُسْلِمٍ تَحْضُرُهُ صَلَاةٌ مَكْتُوبَةٌ فَيُحْسِنُ وُضُوءَهَا وَخُشُوعَهَا وَرُكُوعَهَا، إِلَّا كَانَتْ كَفَّارَةً لِمَا قَبْلَهَا مِنَ الذُّنُوبِ، مَا لَمْ يُؤْتِ كَبِيرَةً، وَذَلِكَ الدَّهْرَ كُلَّهُ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(118) – Hadith yaturutse kwa Uth'man (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Nta muyisilamu n'umwe igihe cy'iswalat y'itegeko kigera agatawaza neza, akibombarika, akunama mu buryo bwiza, usibye ko biba icyiru cy'ibyaha yakoze mbere yaho igihe cyose atakoze ibyaha bikuru. bikagenda gutyo ibihe byose." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ko nta muyisilamu n'umwe igihe cyo gusali iswalat y'itegeko kigera, agatawaza neza mu buryo bwuzuye, nuko akibombarika igihe ari gusali n'umutima we wose ndetse n'ingingo ze zose, akerekera Allah, atekereza ku buhambare bwe. Agatunganya

ibikorwa byo mu iswalat nko kunama no kubama ndetse n'ibindi, usibye ko iyo swalat akoze muri ubwo buryo ituma ababarirwa ibyaha bito bito yakoze mbere yaho, igihe cyose yirinze gukora ibikomeye. Ibi byiza ni iby'ibihe byose, ndetse no muri buri swalat.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Iswalat ituma umuntu ababarirwa ibyaha, ni yayindi umugaragu akoze yabanje gutawaza neza, ndetse akanayikora yibombaritse ashaka kwishimirwa na Allah Nyir'ubutagatifu.
2. Agaciro ko guhozaho ibikorwa byo kwiyegereza Allah, kandi ko ari imwe mu mpamvu zo kubabarirwa ibyaha bito bito.
3. Agaciro ko gutawaza neza, no gusali mu buryo bwiza no kwibombarika.
4. Agaciro ko kwirinda ibyaha bikuru, ko bituma ubabarirwa ibyaha bito.
5. Ibyaha bikuru bibabarirwa umuntu ari uko abyicujije.

(6254)

(119) – عن أبي هريرة رضي الله عنه أن رسول الله صلى الله عليه وسلم كان يقول: «الصَّلَوَاتُ الْخَمْسُ، وَالْجُمُعَةُ إِلَى الْجُمُعَةِ، وَرَمَضَانُ إِلَى رَمَضَانَ، مُكَفِّرَاتٌ مَا بَيْنَهُنَّ إِذَا اجْتَنَبَ الْكَبَائِرَ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(119) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yajyaga ivuga iti: "Iswala eshanu kuri eshanu, n'idjuma kugera ku idjuma ndetse na

Ramadhan kugera kuri Ramadhan, bihanagura ibyaha wakora hagati aho igihe cyose wirinze ibyaha bikuru."
[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga ko gusali iswala eshanu z'itegeko ku manywa na nijoro, no gusali iswala y'idjuma buri cyumweru, no gusiba ukwezi kwa Ramadhan buri mwaka, bituma umuntu ababarirwa ibyaha bito igihe cyose yitandukanyije n'ibyaha bikuru. Naho ibyaha bikuru nk'ubusambanyi, kunywa ibisindisha byo bikurwaho no kubyicuza.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyaha birimo ibito ndetse n'ibikuru.
2. Kubabarirwa ibyaha bito bishingiye ku kwitandukanya n'ibikuru.
3. Ibyaha bikuru ni buri cyaha cyateganyirijwe igihano cyacyo ku isi , cyangwa se Allah akaba yaratanze isezerano ryo kuzagihanira ugikora cyangwa se akavuga ko amurakarira, cyangwa se Allah akaba yarihanangirije abantu kugikora cyangwa yaravuze ko abagikora yabavumye, nk'ubusambanyi, kunywa ibisindisha n'ibindi.

(3591)

(120) – عن عمرو بن شُعيب عن أبيه عن جدِّه قال: قال رسولُ الله صلى الله عليه وسلم: «مُرُوا أولادكم بالصلاةِ وهم أبناءُ سبعِ سِنينَ، واضرِبوهم عليها وهم أبناءُ عَشرٍ، وفرِّقوا بينهم في المَضاجِعِ». [حسن] - [رواه أبو داود]

(120) – Hadith yaturutse kwa Amri Ibun Shuayib nawe ayikuye kuri se nawe ayikuye kuri sekuru yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: 'Mujye mutoza abana banyu iswalat kuva bafite imyaka irindwi, munabakubite igihe bayiretse bageze ku myaka icumi, kandi mujye mubatandukanya mu buryamo. **[Hadithi nziza] - [Yakiriwe na Abu Dawudi]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umubyeyi w'umugabo akwiye gutoza abana be baba abahungu cyangwa se abakobwa iswalat igihe bagejeje imyaka irindwi, ndetse akanabigisha ibyo bacyeneye kugira ngo bayikore nk'uko bikwiye. Hanyuma baba bagejeje imyaka icumi, akarushaho akabakubitira kudusali, kandi akanabatandukanya mu buryamo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwigisha abana kuva bakiri bato amategeko y'idini, no mu y'ingenzi cyane harimo iswalat.
2. Kubakubita biba ari mu rwego rwo kubatoza no kubakebura, ntabwo ari mu rwego rwo kubahana; bityo no kubakubita bijyana n'uko bari.

3. Uburyo amategeko yitaye ku kubungabunga icyubahiro cy'abantu n'uburyo yafunze inzira iyo ari yo yose ishobora kujyana abantu mu bwangizi.

(5272)

(121) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رَضِيَ اللهُ عنه سَمِعْتُ رَسُولَ اللهِ صلى الله عليه وسلم يَقُولُ: «قَالَ اللهُ تَعَالَى: قَسَمْتُ الصَّلَاةَ بَيْنِي وَبَيْنَ عَبْدِي نِصْفَيْنِ، وَلِعَبْدِي مَا سَأَلَ، فَإِذَا قَالَ الْعَبْدُ: {الْحَمْدُ لِلهِ رَبِّ الْعَالَمِينَ}، قَالَ اللهُ تَعَالَى: حَمِدَنِي عَبْدِي، وَإِذَا قَالَ: {الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ}، قَالَ اللهُ تَعَالَى: أَثْنَى عَلَيَّ عَبْدِي، وَإِذَا قَالَ: {مَالِكِ يَوْمِ الدِّينِ}، قَالَ: مَجَّدَنِي عَبْدِي، -وَقَالَ مَرَّةً: فَوَّضَ إِلَيَّ عَبْدِي-، فَإِذَا قَالَ: {إِيَّاكَ نَعْبُدُ وَإِيَّاكَ نَسْتَعِينُ}، قَالَ: هَذَا بَيْنِي وَبَيْنَ عَبْدِي وَلِعَبْدِي مَا سَأَلَ، فَإِذَا قَالَ: {اهْدِنَا الصِّرَاطَ الْمُسْتَقِيمَ، صِرَاطَ الَّذِينَ أَنْعَمْتَ عَلَيْهِمْ غَيْرِ الْمَغْضُوبِ عَلَيْهِمْ وَلا الضَّالِّينَ}، قَالَ: هَذَا لِعَبْدِي وَلِعَبْدِي مَا سَأَلَ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(121) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: Allah Nyir'ubutagatifu yaravuze ati: Nagabanyije iswalat hagati yanjye n'umugaragu wanjye mo ibice bibiri; kandi umugaragu wanjye akwiye kubona ibyo yansabye; Iyo avuze ati: “ALHAMDULILLAHI RABIL ALAMIINA: Ishimwe n’ikuzo byose bikwiye Allah, Nyagasani w’ibiremwa byose; Allah Nyir'ubutagatifu aravuga ati: Umugaragu wanjye aransingije. N'iyo avuze ati: A-RAHMANI RAHIM: Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi, Allah Nyir'ubutagatifu aravuga ati: Umugaragu wanjye amvuze ibigwi.

N'iyo avuze ati: MALIKI YAWUMI DINI: Umwami w’ikirenga wo ku munsi w’imperuka, Allah

Nyir'ubutagatifu aravuga ati: Umugaragu wanjye ampaye icyubahiro, cyangwa se akavuga ati: Umugaragu wanjye anyeguriye ibye. N'iyo avuze ati: IYAKA NA'ABUDU WA IYAKA NAS'TA-IN: Ni wowe (wenyine) dusenga, kandi ni wowe (wenyine) twiyambaza, Allah Nyir'ubutagatifu aravuga ati: Ibi ni hagati yanjye n'umugaragu wanjye, kandi umugaragu wanjye akwiye kubona ibyo yansabye. N'iyo avuze ati: IHDINA SWIRATWAL MUS'TAQIM, SWIRATWALADHINA AN' AM'TA ALAY'HIM, GHAY'RIL MAGH'DWUBI ALAY'HIM WALA DWAALIINA: Tuyobore inzira igororotse, inzira y'abo wahundagajeho inema, itari iy'abo warakariye cyangwa abayobye, Allah Nyir'ubutagatifu aravuga ati: Ibi ni iby'umugaragu wanjye, kandi umugaragu wanjye akwiye kubona ibyo yansabye." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko Allah Nyir'ubutagatifu muri Hadithul Qud'siy yavuze ati: Suratul Fatihat umugaragu wanjye asoma ari gusali nayigabanyijemo ibice bibiri hagati yanjye na we, mfite kimwe cya kabiri nawe akagira ikindi.

Igice cyayo kibanza ni Ugushima no Gusingiza ndetse no kuvuga ibigwi Allah, nanjye nkabimuhembera ibihembo bishimishije.

Naho igice cyayo cya kabiri: Ni ukwicisha bugufi no kunsaba umugaragu akora, nkamwumva ndetse nkamuha ibyo ansabye. Iyo urimo gusali avuze ati: “ALHAMDULILLAHI RABIL ALAMIINA: Ishimwe n’ikuzo byose bikwiye Allah, Nyagasani w’ibiremwa byose; Allah Nyir'ubutagatifu aravuga ati: Umugaragu wanjye aransingije, anampaye ikuzo.

N'iyo avuze ati: A-RAHMANI RAHIM: Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi, Allah Nyir'ubutagatifu aravuga ati: Umugaragu wanjye amvuze ibigwi. N'iyo avuze ati: MALIKI YAWUMI DINI: Umwami w’ikirenga wo ku munsi w’imperuka, Allah Nyir'ubutagatifu aravuga ati: Umugaragu wanjye ampaye icyubahiro, kandi iki kikaba ari icyubahiro cyagutse.

Iyo avuze ati: IYAKA NA'ABUDU WA IYAKA NAS’TA-IN: Ni wowe wenyine dusenga, kandi ni wowe wenyine twiyambaza, Allah Nyir'ubutagatifu aravuga ati: Ibi ni hagati yanjye n'umugaragu wanjye, kandi umugaragu wanjye akwiye kubona ibyo yansabye.

Bityo igice kibanza muri iyi Ayat ni umwihariko wa Allah ari cyo cy'uko ari (Wowe wenyine tugaragira), hano hakaba harimo kwiyemerera ko ukwiye kugaragirwa ari Allah wenyine, ndetse akaba ari na we wenyine wakira ubusabe; aha hakaba ari ho igice cy'umwihariko wa Allah kirangiriye.

Naho igice cya kabiri umugaragu yihariye muri uyu murongo ni (Wowe wenyine dusaba inkunga), aha

hakaba harimo gusaba Allah ubufasha n'inkunga n'isezerano rye ry'uko agomba gutera inkunga.
N'iyo avuze ati: IHDINA SWIRATWAL MUS'TAQIM*, SWIRATWALADHINA AN' AM'TA ALAY'HIM, GHAY'RIL MAGH'DWUBI ALAY'HIM WALA DWAALIINA: Tuyobore inzira igororotse, inzira y'abo wahundagajeho inema, itari iy'abo warakariye cyangwa abayobye, Allah Nyir'ubutagatifu aravuga ati: Uku ni ugusaba no kwibombarika by'umugaragu wanjye, kandi umugaragu wanjye akwiye kubona ibyo yansabye, ndetse namaze no kumwakirira ubusabe bwe.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ubuhambare bwa Suratul Fatihat, aho Allah muri iyi mvugo yayise (Iswalat).
2. Kugaragaza uburyo Allah yita ku mugaragu we, aho yamuvuze ibigwi kubera ko nawe yamusingije akanamuvuga ikuzo, ndetse akanamusezeranya kumuha ibyo yamusabye.
3. Iyi surat ntagatifu ikubiyemo ikuzo n'ishimwe bya Allah, ndetse n'isezerano rye, no gusaba Allah, no kumwegurira ibikorwa byose, ndetse no kumusaba kuyoboka inzira igororotse, no kuturinda inzira z'ibinyoma.
4. Kuba umuntu uri gusali yatekereza kuri ibi bisobanuro byamwongerera kwibombarika mu iswalat ye.

(65099)

(122) – عن بريدة رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «إِنَّ الْعَهْدَ الَّذِي بَيْنَنَا وَبَيْنَهُمُ الصَّلَاةُ، فَمَنْ تَرَكَهَا فَقَدْ كَفَرَ». [صحيح] - [رواه الترمذي والنسائي وابن ماجه وأحمد]

(122) – Hadith yaturutse kwa Buraydat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Isezerano riri hagati yacu nabo ni iswalat, bityo uzarireka azaba ahakanye." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Tirmidhi na A-Nasa'iy na Ibun Madjah ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko isezerano n'igihango gitandukanya abayisilamu n'abatari bo b'abahakanyi n'indyarya ari iswalat, bityo uzayireka azaba ahakanye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ubuhambare bw'iswalat, ndetse ko ari yo tandukaniro riri hagati y'umwemera n'umuhakanyi.
2. Amategeko y'ubuyisilamu ku muntu ashingira ku bigaragara atari ibitagaragara.

(65094)

(123) – عن جابرٍ رضي الله عنه قال: سمعت النبي صلى الله عليه وسلم يقول: «إِنَّ بَيْنَ الرَّجُلِ وَبَيْنَ الشِّرْكِ وَالْكُفْرِ تَرْكَ الصَّلَاةِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(123) – Hadith yaturutse kwa Djabir (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Mu by'ukuri hagati y'umuntu n'ibangikanyamana n'ubuhakanyi ni ukuba yareka iswalat." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yihanangirije kureka iswalat y'itegeko, inagaragaza ko hagati y'umuntu no kuba yakora icyaha cy'ibangikanyamana n'ubuhakanyi ni ukuba yareka iswalat; Iswalat kandi ikaba ari n'inkingi ya kabiri mu nkingi zigize ubuyisilamu, kandi irahambaye mu buyisilamu. Uzayireka ahakana ko ari itegeko aba abaye umuhakanyi nk'uko abayisilamu bose babyemeranyijweho, n'uzayireka kubera ubunebwe nabwo aba abaye umuhakanyi, ndetse hari n'imvugo ivuga ko abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ari uko babyemeranyijweho. N'iyo ayikora igihe kimwe ubundi akayireka nawe ari mu bagerwaho n'ibyo bihano bihambaye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro k'iswalat no kuyitwararika, kuko ari ryo tandukaniro riri hagati y'ubuhakanyi n'ukwemera.
2. Kwihanangiriza kureka iswalat no kutayikora.

(65093)

(124) – عن سالم بن أبي الجَعْدِ قال: قال رجل: ليتني صَلَّيتُ فاسترحْتُ، فكأنّهم عابُوا ذلك عليه، فقال: سمعتُ رسولَ الله صلى الله عليه وسلم يقول: «**يا بلالُ، أقِمِ الصَّلاةَ، أرِحْنا بها**». [صحيح] - [رواه أبو داود]

(124) – Hadith yaturutse kwa Salim Ibun Abil Dja'adi yaravuze ati: Umugabo umwe yaravuze ati: Iyaba nari nsayi nkaruhuka! Bamwe baba nkaho babimunengeye, maze aravuga ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Yewe Bilali, tangaza ko iswalat itangiye, tuyiruhukiremo!" **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Abu Dawudi]**

Ibisobanuro birambuye:

Umwe mu basangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze ati: Iyaba igihe cyo gusali cyari kigeze nkaruhuka, abari bamuri iruhande bamera nkaho babimunengeye, maze aravuga ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: Yewe Bilali! Hamagarira iswalat (Adhana), unamenyesha abantu ko igiye gutangira gukorwa, kugira ngo tuyiruhukiremo,

kubera ko harimo kwinginga Allah Nyir'ubutagatifu, no kuruhuka kwa roho n'umutima!

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kuruhuka kw'umutima nta handi wabisanga uretse mu Iswalat, kubera ko igaragaramo gutakambira Allah Nyir'ubutagatifu!
2. Gucyaha umuntu wagize ubunebwe bwo gukora Ibadat.
3. Ukoze inshingano ategetswe, akayisohoza, bimuha kumva anezerewe kandi atekanye.

(65095)

(125) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه قَالَ: كَانَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ، إِذَا كَبَّرَ فِي الصَّلَاةِ، سَكَتَ هُنَيَّةً قَبْلَ أَنْ يَقْرَأَ، فَقُلْتُ: يَا رَسُولَ اللهِ بِأَبِي أَنْتَ وَأُمِّي أَرَأَيْتَ سُكُوتَكَ بَيْنَ التَّكْبِيرِ وَالْقِرَاءَةِ، مَا تَقُولُ؟ قَالَ «**أَقُولُ: اللهُمَّ بَاعِدْ بَيْنِي وَبَيْنَ خَطَايَايَ كَمَا بَاعَدْتَ بَيْنَ الْمَشْرِقِ وَالْمَغْرِبِ، اللهُمَّ نَقِّنِي مِنْ خَطَايَايَ كَمَا يُنَقَّى الثَّوْبُ الْأَبْيَضُ مِنَ الدَّنَسِ، اللهُمَّ اغْسِلْنِي مِنْ خَطَايَايَ بِالثَّلْجِ وَالْمَاءِ وَالْبَرَدِ**». [صحيح] - [متفق عليه]

(125) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Iyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabagaga iri gusali ikavuga Allah Akbar yacecekaga akanya gato, mbere y'uko igira ibindi isoma, nuko ndayibaza nti: Yewe Ntumwa y'Imana! Undutira Data na Mama, uribuka igihe wacecekaga akanya gato ubwo wari umaze kuvuga Allah Akbar na mbere yo gusoma ibindi, wavugaga iki? Iramusubiza iti: Ndavuga nti: ALLAHUMA BA'ID BAYNII WA BAYNA

KHATWAYAYA KAMA BA'ADTA BAYNAL MASH'RIQ WAL MAGHR'IB: Mana Nyagasani ntandukanya n'ibyaha byanjye nkuko watandukanyije hagati y'iburasirazuba n'iburengerazuba ALLAHUMA NAQINII MIN KHATWAYAYA KAMA YUNAQA A-THAWUBUL AB'YADWU MINA A-DANASI, ALLAHUMA GH'SILNII MIN KHATWAYAYA BITHAL'DJI WAL MA-I WAL BARADI: Mana Nyagasani nyeza untandukanye n'ibyaha byanjye nkuko wejeje umwambaro w'umweru uwurinda ikizinga. Mana Nyagasani nkesha unyeze ibyaha byanjye n'urubura n'amazi y'urubura. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yavugaga Allah Akbar igiye gusali, yacecekaga akanya gato mbere y'uko isoma Suratul Fatihat, igatangiza iswalat yayo amwe mu magambo yo gusingiza Allah. Amwe muri yo ni aho yavuze iti: "ALLAHUMA BA'ID BAYNII WA BAYNA KHATWAYAYA KAMA BA'ADTA BAYNAL MASH'RIQ WAL MAGHR'IB. ALLAHUMA NAQINII MIN KHATWAYAYA KAMA YUNAQA A-THAWUBUL AB'YADWU MINA A-DANASI, ALLAHUMA GH'SILNII MIN KHATWAYAYA BIL MA-I WATHAL'DJI WAL BARADI: Mana Nyagasani ntandukanya n'ibyaha byanjye nkuko watandukanyije hagati y'iburasirazuba n'iburengerazuba. Mana Nyagasani nyeza untandukanye n'ibyaha byanjye nkuko wejeje umwambaro w'umweru

uwurinda ikizinga. Mana Nyagasani nkesha unyeze ibyaha byanjye n'urubura n'amazi y'urubura."

Yajyaga asaba Allah Nyir'ubutagatifu ko yashyira intera ndende hagati ye n'ibyaha bye kugira ngo atabigwamo, ndetse ntazagire aho ahurira nabyo nkuko iburasirazuba butazigera buhura n'uburengerazuba na rimwe; kandi yanabigwamo agasaba Allah kumweza no kubimukiza nk'uko umwambaro wera uvamo ikizinga, ndetse akanamucyesha ibyaha, akanazimya kugurumana kwabyo muri we, yifashishije amazi n'urubura n'imbeho ikonje.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kuvuga amagambo yo gusingiza Allah duheraho bikorwa mu ibanga, kabone n'iyo yaba ari iswalat basari mu ijwi riranguriye.
2. Uburyo abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bari bashishikajwe no kumenya ibyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yakoraga cyangwa se yavugaga byose mu bihe byose.
3. Hari n'andi magambo yakoreshwaga, ariko ibyiza ni ugukoresha afitiwe gihamya yizewe yakoreshejwe koko n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), rimwe akavuga aya ubundi akavuga ayandi.

(3104)

(126) – عَن ابْنِ عُمَرَ رضي الله عنهما: أَنَّ رَسُولَ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ كَانَ يَرْفَعُ يَدَيْهِ حَذْوَ مَنْكِبَيْهِ إِذَا افْتَتَحَ الصَّلَاةَ، وَإِذَا كَبَّرَ لِلرُّكُوعِ، وَإِذَا رَفَعَ رَأْسَهُ مِنَ الرُّكُوعِ، رَفَعَهُمَا كَذَلِكَ أَيْضًا، وَقَالَ: «سَمِعَ اللَّهُ لِمَنْ حَمِدَهُ، رَبَّنَا وَلَكَ الحَمْدُ»، وَكَانَ لاَ يَفْعَلُ ذَلِكَ فِي السُّجُودِ. [صحيح] - [متفق عليه]

(126) – Hadith yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yavuze ko: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga izamura amaboko yayo kugeza ahareshya n'intugu zayo igihe itangiye gusali, n'igihe ivuze Allah Akbar yunamye (Ruku'u), n'igihe yunamutse (ivuye Ruku'u) nabwo yarayazamuraga maze ikavuga iti: "SAMI'ALLAHU LIMAN HAMIDAHU, RABANA WA LAKAL HAMDU: Allah yumva umusingije, Mana Nyagasani ni wowe ukwiye gushimwa no gusingizwa;" ariko ntiyajyaga ibigenza kuriya igihe igiye kubama. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga izamura amaboko yayo kugeza ahateganye n'intugu zayo iri gusali ahantu hatatu:

Aha mbere: Igihe yabaga itangiye gusali ivuze Allah Akbar yo gutangiza iswalat (Takbiratul Ih'ramu).

Aha kabiri: Iyo yabaga igiye kunama (Ruku'u)

Aha gatatu: Iyo yabaga yunamutse ivuye muri Ruku'u ndetse ikanavuga iti: "SAMI'ALLAHU LIMAN HAMIDAHU, RABANA WA LAKAL HAMDU: Allah yumva umusingije, Mana Nyagasani ni wowe

ukwiye gushimwa no gusingizwa. Ikindi nuko itajyaga izamura amaboko yayo igihe igiye kubama (Sudjud), cyangwa se yubamutse.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Mu mpamvu zo kuzamura amaboko igihe cyo gusali, nuko ari ikimenyetso cy'umutako w'iswalat, no kubahisha Allah Nyir'ubutagatifu.
2. Byashimangiwe biturutse ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko yazamuraga amaboko yayo ahandi ha kane nk'uko byaje mu mvugo ya Abu Humaydi A-Sa'idiy nkuko bimeze mu gitabo cya Abu Daud n'abandi, ariho igihe yabaga ihagurutse kuri Raka'at ya gatatu ivuye mu kwicara hagati ya Raka ebyiri, ku iswalat zifite Raka eshatu cyangwa se enye.
3. Byanashimangiwe kandi biturutse ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko yajyaga izamura ibiganza ikabiringaniza n'amatwi itayakozeho mu mvugo ya Malik Ibun Al Huwayrith mu bitabo bibiri bya Bukhari na Muslim (A-Swahihayni) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yavugaga Allah Akbar yazamuraga amaboko yayo kugeza aharaninganiye n'amatwi yayo."

4. Guhuriza hamwe kuvuga SAMIALLAHU LIMAN HAMIDAH ni umwihariko ku muntu uyoboye iswalat (Imam) cyangwa se asari ari wenyine, naho uyobowe mu iswalat we aravuga ati: RABANA WALAKAL HAMDU: Nyagasani wacu ni wowe Nyir'ugushimwa no gusingizwa.
5. Kuvuga aya magambo "RABANA WALAKAL HAMDU: Nyagasani Mana yacu ni wowe Nyir'ugushimwa na Nyir'ugusingizwa nyuma yo kuva Ruku, bikomoka ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) aho yabivuze mu buryo bune, ubu bukaba ari bumwe muri bwo; ariko ibyiza nuko umuntu akwiye kuyakurikiranya, rimwe akabivuga atya, ubundi akabivuga ukundi.

(3095)

(127) – عَنْ عُبَادَةَ بْنِ الصَّامِتِ رضي الله عنه أَنَّ رَسُولَ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «لَا صَلَاةَ لِمَنْ لَمْ يَقْرَأْ بِفَاتِحَةِ الكِتَابِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(127) – Hadith yaturutse kwa Ubadat Ibun A-Swamit (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Nta swalat y'umuntu utasomye Suratul Fatihat ibanziriza izindi surat muri Qur'an." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ko iswalat itakemerwa cyeretse isomewemo Suratul Fatihat, kubera ko ari imwe mu nkingi z'iswalat kuri buri raka.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ntibyemewe gusoma indi sura itari Suratul Fatihat kandi umuntu ashoboye kuyisoma.
2. Raka idasomewemo Suratul Fatihat, umuntu abikoze ku bushake, cyangwa se atabizi, cyangwa se yibagiwe, iyo rakat iba imfabusa, kubera ko ari imwe mu nkingi z'iswalat zigomba kubahirizwa.
3. Suratul Fatihat ntiba ikiri ngombwa ku muntu uyobowe mu iswalat, igihe asanze Imam yunamye (ari kuri ruku).

(5378)

(128) – عن أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه: أنه كَانَ يُكَبِّرُ فِي كُلِّ صَلَاةٍ مِنَ الْمَكْتُوبَةِ وَغَيْرِهَا، فِي رَمَضَانَ وَغَيْرِهِ، فَيُكَبِّرُ حِينَ يَقُومُ، ثُمَّ يُكَبِّرُ حِينَ يَرْكَعُ، ثُمَّ يَقُولُ: سَمِعَ اللهُ لِمَنْ حَمِدَهُ، ثُمَّ يَقُولُ: رَبَّنَا وَلَكَ الْحَمْدُ، قَبْلَ أَنْ يَسْجُدَ، ثُمَّ يَقُولُ: اللهُ أَكْبَرُ حِينَ يَهْوِي سَاجِدًا، ثُمَّ يُكَبِّرُ حِينَ يَرْفَعُ رَأْسَهُ مِنَ السُّجُودِ، ثُمَّ يُكَبِّرُ حِينَ يَسْجُدُ، ثُمَّ يُكَبِّرُ حِينَ يَرْفَعُ رَأْسَهُ مِنَ السُّجُودِ، ثُمَّ يُكَبِّرُ حِينَ يَقُومُ مِنَ الْجُلُوسِ فِي الِاثْنَتَيْنِ، وَيَفْعَلُ ذَلِكَ فِي كُلِّ رَكْعَةٍ، حَتَّى يَفْرُغَ مِنَ الصَّلَاةِ، ثُمَّ يَقُولُ حِينَ يَنْصَرِفُ: وَالَّذِي نَفْسِي بِيَدِهِ، إِنِّي لَأَقْرَبُكُمْ شَبَهًا بِصَلَاةِ رَسُولِ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ، إِنْ كَانَتْ هَذِهِ لَصَلَاتَهُ حَتَّى فَارَقَ الدُّنْيَا. [صحيح] - [متفق عليه]

(128) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko yajyaga avuga ALLAH AKBAR (Imana isumba byose) muri buri swalat y'itegeko no mu zindi mu kwezi kwa Ramadwan no mu bindi bihe, akavuga ALLAH AKBAR igihe ahagaze, n'igihe yunamye (Ruku'u), yarangiza akavuga ati: SAMI'ALLAHU LIMAN HAMIDAH: Allah yumva

umushimira anamusingiza; hanyuma akavuga ati: “RABANA WALAKAL HAMDU: Nyagasani wacu ni wowe ukwiye ishimwe n’ikuzo, mbere y'uko yubama, yarangiza akavuga ati: ALLAH AKBAR (Imana isumba byose) igihe agiye kubama, yarangiza akavuga ALLAH AKBAR igihe yubamutse, hanyuma akongera akavuga ALLAH AKBAR igihe yongeye kubama, akongera akavuga ALLAH AKBAR igihe yubamutse, hanyuma akongera akavuga ALLAH AKBAR igihe ahagurutse, akabigenza atyo kuri buri gice (raka) kugeza ubwo asoje iswalat ye, maze yaba arangije akavuga ati: Ndahiye k'ufite roho yanjye mu kuboko kwe, ko iswalat yanjye yegera gusa n'iy'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kubera ko iyi ari yo swalat yakoraga kugeza ubwo yavaga muri ubu buzima bw'iyi si. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Abu Hurayrat (Imana imwishimire) aratubwira bimwe mu byari bigize iswalat y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), akatubwira ko yajyaga avuga ALLAH AKBAR (Imana isumba byose) atangiye gusali buri swalat y'itegeko no mu zindi mu kwezi kwa Ramadwan no mu bindi bihe, akavuga ALLAH AKBAR igihe ahagaze, n'igihe yunamye (Ruku'u),n'igihe yubamye n'igihe yubamutse, n'igihe yubamye ku nshuro ya kabiri,

n'igihe yubamutse ku nshuro ya kabiri, n'igihe ahagurutse arangije Rakaa ebyira nyuma y'ikicaro avugiramo ubuhamya (A-Tahiyatu) bwa mbere mu iswalat ifite rakaa eshatu cyangwa enye, yarangiza akabigenza gutyo mu iswalat yose kugeza ayirangije, n'iyo yunamukaga avuye ruku'u yaravugaga ati: SAMI'ALLAHU LIMAN HAMIDAH: Allah yumva umusingiza; hanyuma akavuga ati: “RABANA WALAKAL HAMDU: Nyagasani wacu ni wowe ukwiye ishimwe n’ikuzo; Hanyuma Abu Hurayrat yamara gusari akavuga ati: Ndahiye k'ufite roho yanjye mu kuboko kwe, ko iswalat yanjye yegera gusa n'iy'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kubera ko iyi ari yo swalat yakoraga kugeza ubwo yavaga muri ubu buzima bw'iyi si.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ijambo ALLAH AKBAR mu iswalat rivugwa igihe cyose wubamye unubamutse, usibye igihe wunamutse uvuye ku mavi nibwo uvuga uti: SAMIALLAHU LIMAN HAMIDAH: Allah yumva umushimira unamusingiza.
2. Abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bari bashishikajwe no kwigana Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ndetse no kubungabunga imigenzo ye.

(65098)

(129) – عن ابنِ عَبَّاسٍ رضي الله عنهما عن النبيِّ صلى الله عليه وسلم قال: «أُمِرْتُ أَنْ أَسْجُدَ عَلَى سَبْعَةِ أَعْظُمٍ: عَلَى الْجَبْهَةِ وَأَشَارَ بِيَدِهِ عَلَى أَنْفِهِ، وَالْيَدَيْنِ، وَالرُّكْبَتَيْنِ، وَأَطْرَافِ الْقَدَمَيْنِ، وَلَا نَكْفِتَ الثِّيَابَ وَالشَّعَرَ». [صحيح] - [متفق عليه]

(129) – Hadith yaturutse kwa Ibun Abass (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Nategetswe kubama ku ngingo zirindwi: Agahanga, maze yerekana ikoresheje rwayo ku zuru, n'ibiganza byombi, amavi yombi, n'imitwe y'amano, no kutazamura imyambaro yacu n'imisatsi (tuyirinda kugera ku butaka). **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ko Allah yayitegetse ko igihe iri gusali izajya yubama ku ngingo z'umubiri zirindwi, ari zo:

Urwa mbere: Agahanga, ariko kari mu buranga hejuru y'izuru n'amaso yombi. Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yerekana no ku zuru nka rumwe muri izi ngingo zirindwi zitegetswe, no gushimangira ko uwubamye agomba kwizera neza ko izuru rye ryakoze ku butaka.

Urwa kabiri n'urwa gatatu: Ni ibiganza byombi.

Urwa kane n'urwa gatanu: Ni amavi yombi.

Urwa gatandatu n'urwa karindwi: Ni imitwe y'amano y'ibirenge byombi.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kandi yatubujije gupfundika imisatsi, cyangwa se kwegeranya imyambaro igihe tugiye kubama mu rwego rwo kuyirinda gukora hasi, ko ahubwo tugomba kuyireka ikagera hasi ikubamana hamwe na ziriya ngingo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni itegeko kubama ku ngingo zirindwi igihe urimo gusali.
2. Si byiza kwegeranya imyambaro n'imisatsi mu gihe uri mu iswalat.
3. Ni itegeko ku muntu uri gusali kugiramo ituze, ashyira ingingo zirindwi twavuze ku butaka, akarangwa no gutuza ku buryo avuga n'ubusabe yategetswe.
4. Kubuzwa gupfundika imisatsi uri mu iswalat, ibi ni umwihariko ku bagabo ntiharimo abagore, kubera ko umugore mu iswalat aba ategetswe kwikwiza.

(10925)

(130) – عن جَرِيْرِ بنِ عبدِ الله رضي الله عنه قال: كُنَّا عِنْدَ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ، فَنَظَرَ إِلَى الْقَمَرِ لَيْلَةً -يَعْنِي الْبَدْرَ- فَقَالَ: «إِنَّكُمْ سَتَرَوْنَ رَبَّكُمْ كَمَا تَرَوْنَ هَذَا الْقَمَرَ، لَا تُضَامُونَ فِي رُؤْيَتِهِ، فَإِنِ اسْتَطَعْتُمْ أَنْ لَا تُغْلَبُوا عَلَى صَلَاةٍ قَبْلَ طُلُوعِ الشَّمْسِ وَقَبْلَ غُرُوبِهَا فَافْعَلُوا» ثُمَّ قَرَأَ: «{وَسَبِّحْ بِحَمْدِ رَبِّكَ قَبْلَ طُلُوعِ الشَّمْسِ وَقَبْلَ الْغُرُوبِ}» [صحيح] - [متفق عليه]

(130) – Hadith yaturutse kwa Djarir Ibun Abdillah (Imana imwishimire) yaravuze ati: Twari turi ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ari mu ijoro, nuko ireba ukwezi -igihe kwabaye inzora-

maze iravuga iti: Mu by'ukuri muzabona Nyagasani wanyu nkuko mubona uku kwezi, kandi ntimuzigera mubyigana mugorwa no kumureba; nimushobora kutananirwa no gusali iswalat ya mbere y'uko izuba rirasa na mbere y'uko rirenga muzabikore." Irangije isoma umurongo ugira uti: {...unatagatifuze Nyagasani wawe umukuza mbere y'uko izuba rirasa na mbere y'uko rirenga...}. Twaha: 130. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ijoro rimwe yitegereje ukwezi -mu ijoro rya cumi na kane-, maze iravuga iti: Mu by'ukuri abemeramana bazabona Nyagasani wabo by'ukuri, nta gushidikanya, kandi ntibazigera bagorwa no kumubona ndetse ntibazabyigana.

Hanyuma Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije iravuga iti: Nimushobora gutsinda impamvu zose zababuza gusali iswalat yo mu rukerera (Al Faj'ri) n'iyo ku gicamunsi (Al Asw'ri) muzabikore, muzisali mu buryo bwuzuye ku gihe cyazo kandi mu mbaga, kuko gukora ibyo ari imwe mu mpamvu zo kuzabona uburanga bwa Allah Nyir'ubutagatifu. Hanyuma Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibasomera umurongo wa Qur'an ugira uti: {...unatagatifuze Nyagasani wawe umukuza mbere y'uko izuba rirasa na mbere y'uko rirenga,...} Twaha: 130.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Inkuru nziza ku bemeramana y'uko bazabona Allah Nyir'ubutagatifu mu ijuru.

2. Bumwe mu buryo bwo gukora ivugabutumwa: Ni ukwemeza no gushimangira, guhamagarira ndetse no gutanga ingero.

(5657)

(131) – عن أَبِي مُوسَى الأَشْعَرِيِّ رضي الله عنه: أَنَّ رَسُولَ اللهِ صلى الله عليه وسلم قَالَ: «مَنْ صَلَّى الْبَرْدَيْنِ دَخَلَ الْجَنَّةَ» [صحيح] - [متفق عليه]

(131) – Hadith yaturutse kwa Abu Mussa Al Ash'ariy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahroo n'imigisha) yavuze iti: "Uzasali iswalat ebyiri zo mu bihe by'imbeho, azinjira mu ijuru." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yashishikarije kugira umurava mu gusali iswalat ebyiri zo mu mbeho ari zo Swalatul Fajri na Swalatul Asri, ndetse inaha inkuru nziza uzazikora mu buryo bukwiye mu bihe byazo, mu mbaga, n'ibindi ko zizaba impamvu yo kujya mu ijuru.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro ko guhozaho Swalatul Fajri na Swalatul Asri, kubera ko Swalatul Fajri ikorwa mu gihe ibitotsi biba biryoshye, na Swalatul Asri igakorwa

mu gihe abantu baba bahugiye mu mirimo yabo, ucungana nazo biba bimworoheye ko n'izindi zisigaye acungana nazo.

2. Izi swalat zombi ziswe ko ari izo mu mbeho, kubera ko Swalatul Fajri ikorwa mu gihe cy'imbeho ya mu gitondo, na Swalatul Asri igakorwa mu gihe cy'imbeho yo ku manywa, n'iyo ikozwe mu bihe by'ubushyuhe usibye ko buba bwagabanyutse (kuri swalatul Asri) kuruta igihe cyabanje. Cyangwa se impamvu yabyo ni mu rwego rwo kuba kimwe muri byo kitiriwe ikindi kikiruse kigafata inyito yacyo nko kuvuga Qamarani (amezi abiri) bagamije kuvuga izuba n'ukwezi.

(4198)

(132) – عن جُندب بن عبد الله القَسْرِي رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «مَنْ صَلَّى صَلَاةَ الصُّبْحِ فَهُوَ فِي ذِمَّةِ اللهِ، فَلَا يَطْلُبَنَّكُمُ اللهُ مِنْ ذِمَّتِهِ بِشَيْءٍ، فَإِنَّهُ مَنْ يَطْلُبْهُ مِنْ ذِمَّتِهِ بِشَيْءٍ يُدْرِكْهُ، ثُمَّ يَكُبَّهُ عَلَى وَجْهِهِ فِي نَارِ جَهَنَّمَ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(132) – Hadithi yaturutse kwa Djun'dubi Ibun Abdillah Al Qas'riy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Uzasali iswalat yo mu rucyerera (A-Swub'hi) azaba ari mu burinzi bwa Allah Bityo Allah ibigendanye n'ubwo bwishingizi bwe, kuko uwo azabiryoza akabimubaza azabimuhanira, narangiza

amurundumurire mu muriro wa Jahanamu.” **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umuntu ukoze iswalat yo mu rukerera aba ari mu burinzi bwa Allah no mu bwishingizi bwe, aramutabara akanamurengera. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije yihanangiriza abica iryo sezerano ntibarikore, nko kuba batasali Al Fadj'ri, cyangwa se bakaba bagirira nabi usari Al Fadj'ri ko bakwiye ibihano bikomeye by'uko Allah azabaryoza impamvu batabikoze, kandi uwo Allah azabibaza azahura n'ibihano bye, hanyuma ajugunywe mu muriro wa Djahanamu.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kugaragaza agaciro k'iswalat yo mu rucyerera n'ibyiza byayo.
2. Kwihanangiriza mu buryo bukomeye kugirira nabi umuntu witwararika gusali iyi swalat yo mu rucyerera.
3. Allah Nyir'ubutagatifu ahorera abagaragu be bakora ibikorwa byiza.

(5435)

(133) – عن بريدة بن الحصيب رضي الله عنه أنه قال: بَكِّرُوا بِصَلَاةِ الْعَصْرِ، فَإِنَّ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «مَنْ تَرَكَ صَلَاةَ الْعَصْرِ فَقَدْ حَبِطَ عَمَلُهُ». [صحيح] - [رواه البخاري]

(133) – Hadithi yaturutse kwa Buraydat Ibun Al Huswayb (Imana imwishimire) yaravuze ati: "Mujye mwihutira gukora iswalat yo ku gicamunsi (Al Asr), kubera ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzareka gusali iswala yo ku gicamunsi (Al Asr) ibikorwa bye bizaba imfabusa!" **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irihanangiriza umuntu ucyereza Swalatul Asr ku bushake ntayisarire ku gihe cyayo, kandi ko ubikoze atyo ibikorwa bye biba imfabusa ntibigire icyo bimumarira.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza kwitwararika iswalat ya Al Asr, igakorerwa mu gihe cyayo cya mbere ndetse no kwihutira kuyikora.
2. Ibihano bihambaye kuri wa wundi ureka gusali iswalat yo ku gicamunsi (Swalatul Asr), ndetse no kuyikereza ibihano byabyo birakomeye kuruta gukereza indi itari yo, kubera ko ari yo swalat yo hagati yavuzwe ku buryo bw'umwihariko mu mvugo ya Allah igira iti: {Mujye muhozaho iswalat (z'itegeko), by'umwihariko iswalat yo hagati (al Aswir)... [Al Baqarat; 238].

(6261)

(134) – عن أنس بن مالك رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «مَنْ نَسِيَ صَلَاةً فَلْيُصَلِّ إِذَا ذَكَرَهَا، لَا كَفَّارَةَ لَهَا إِلَّا ذَلِكَ: {وَأَقِمِ الصَّلَاةَ لِذِكْرِي} [طه: ١٤]». [صحيح] - [متفق عليه]

(134) – Hadithi yaturutse kwa Anas Ibun Malik (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzibagirwa iswalat, azayisali igihe ayibukiye, nta kindi cyiru cyayo uretse icyo: {... Bityo, jya ungaragira kandi unahozeho iswalat kugira ngo unyibuke.} [Twaha: 14] **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umuntu wibagiwe iswalat y'itegeko kugeza ubwo igihe cyayo kirangiye, agomba kwihutira kuyishyura igihe ayibukiye, kubera ko nta cyakuraho icyo cyaha yakoze cyo kuyireka usibye kuyikora igihe ayibukiye. Allah mu gitabo cye gitagatifu yaravuze ati: {Bityo, jya ungaragira kandi unahozeho iswalat kugira ngo unyibuke.} [Twaha: 14]; bisobanuye ngo jya usenga iswala wibagiwe igihe uyibutse.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kugaragaza agaciro k'iswalat no kutayitesha agaciro mu kuyikora no kuyishyura.
2. Ntibyemewe gucyereza iswalat ku gihe cyayo ku bushake nta mpamvu.

3. Ni itegeko ku muntu wibagiwe iswalat kuyishyura igihe ayibutse, no ku muntu wari uryamye igihe akangutse.
4. Ni itegeko kwishyura iswalat ako kanya kabone n'iyo byaba mu bihe bibujijwe gukoramo iswalat.

(65088)

(135) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «إِنَّ أَثْقَلَ صَلَاةٍ عَلَى الْمُنَافِقِينَ صَلَاةُ الْعِشَاءِ وَصَلَاةُ الْفَجْرِ، وَلَوْ يَعْلَمُونَ مَا فِيهِمَا لَأَتَوْهُمَا وَلَوْ حَبْوًا، وَلَقَدْ هَمَمْتُ أَنْ آمُرَ بِالصَّلَاةِ فَتُقَامَ، ثُمَّ آمُرَ رَجُلًا فَيُصَلِّيَ بِالنَّاسِ، ثُمَّ أَنْطَلِقَ مَعِي بِرِجَالٍ مَعَهُمْ حُزَمٌ مِنْ حَطَبٍ إِلَى قَوْمٍ لَا يَشْهَدُونَ الصَّلَاةَ، فَأُحَرِّقَ عَلَيْهِمْ بُيُوتَهُمْ بِالنَّارِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(135) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mu by'ukuri iswalat iremerera indyarya ni iswalat ya nijoro (Al Isha-i) n'iya mu gitondo (Al Fadj'ri)! N'iyo baza kumenya ibyiza byazo bari kujya baza kuzisenga kabone n'iyo baba bakambakamba; nigeze kugira umugambi wo gutegeka ko abantu basali nkabahitiramo umuntu ubasengesha, njye nkajyana n'abagabo bitwaje inkwi tukajya gushaka abagabo batitabira iswalat, tukabatwikiraho amazu yabo!" **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga ku ndyarya n'ubunebwe zigira butuma zititabira iswalat y'imbaga by'umwihariko iya nijoro (Al Isha) n'iya mu gitondo (Al Fadj'ri), kandi ko iyo ziba zizi ibihembo n'ingororano byo kuza kuzisali hamwe n'abandi bayisilamu, zari kujya ziza kuzisali kabone n'iyo zaba zikambakamba nk'abana bato!

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yigeze no kugira umugambi wo gutegeka ko abantu basali, igahitamo ubayoborera iswalat, hanyuma yo n'abandi bagabo bakitwaza inkwi bakajya gutwikira mu mazu abagabo bataza gusali hamwe n'abandi kubera icyo cyaha bakoze, ariko ntabwo ari ko yabigenje kubera ko ayo mazu arimo abagore n'abana bato b'inzirakarengane ndetse n'abandi bafite impamvu zemewe, bo nta cyaha baba bazira.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ubuhambaree bwo kutifatanya n'abandi mu musigiti ngo mukorere hamwe iswalat yo mu mbaga.
2. Indyarya mu masenegsho yazo nta kindi ziba zigamije usibye gukorera ijisho no kugira ngo zivugwe, bityo ntizijya zitabira iswalat usibye igihe ziba zishaka ko abantu bazireba!

3. Ibihembo bihambaye byo gusali iswalat ya nijoro n'iyo mu rukerera mu musigiti mu mbaga, ndetse ko zikwiye kwitabirwa kabone n'iyo abantu baza kuzikora bakambakamba.
4. Kwitwararika guhozaho iswalat ya nijoro n'iya mu gitondo birinda umuntu kuba mu ndyarya, no kutazitwararika ni bimwe mu biranga indyarya.

(3366)

(136) – عَنِ ابْنِ أَبِي أَوْفَى رضي الله عنه قَالَ: كَانَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ إِذَا رَفَعَ ظَهْرَهُ مِنَ الرُّكُوعِ قَالَ: «سَمِعَ اللهُ لِمَنْ حَمِدَهُ، اللَّهُمَّ رَبَّنَا لَكَ الْحَمْدُ، مِلْءَ السَّمَاوَاتِ وَمِلْءَ الْأَرْضِ وَمِلْءَ مَا شِئْتَ مِنْ شَيْءٍ بَعْدُ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(136) – Hadith yaturutse kwa Ibun Abi Aw'fa (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yajyaga yubura umugongo wayo yunamutse (ivuye Ruku'u) yajyaga ivuga iti: SAMI-ALLAHU LIMAN HAMIDAH: Allah yumva umushimira anamusingiza ALLAHUMA RABANA WALAKAL HAMDU, MIL'A SAMAWATI WA MIL AL ARDWI WA MIL AMAA SHI-ITA MIN SHAY'IN BA'ADU" Mana Nyagasani wacu ni wowe ukwiye ishimwe n'ikuzo, bingana n'ibyuzuye ibirere n'isi n'ibindi washaka nyuma yaho. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yabaga yunamutse ivuye Ruku'u iri gusali yaravugaga iti: "SAMI'A ALLAHU LIMAN HAMIDAH: Allah yumva umushimira unamusingiza, bisobanuye ngo ushimiye Allah akanamusingiza Allah yumva akanakira ubusabe bwe, hanyuma akongeraho amagambo yo kumusingiza agira ati: ALLAHUMA RABANA WALAKAL HAMDU, MIL'A SAMAWATI WA MIL AL ARDWI WA MIL AMAA SHI-ITA MIN SHAY'IN BA'ADU" Mana Nyagasani wacu ni wowe ukwiye ishimwe n'ikuzo, bingana n'ibyuzuye ibirere n'isi n'ibindi washaka nyuma yaho.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kugaragaza amagambo usali akwiye kuvuga igihe yubuye umutwe we yunamutse avuye Ruku'u.
2. Ni itegeko kunamuka uvuye ruku'u ugahagarara wemye, kuko ntibyemewe kuvuga aya magambo cyeretse umaze guhagarara neza no guhagarara wemye kandi utuje.
3. Ubu busabe butegetswe mu iswalat zose zaba iz'itegeko cyangwa se iz'umugereka.

(65101)

(137) – عن حُذَيْفَةَ رضي الله عنه: أَنَّ النَّبِيَّ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ كَانَ يَقُولُ بَيْنَ السَّجْدَتَيْنِ: «رَبِّ اغْفِرْ لِي، رَبِّ اغْفِرْ لِي». [صحيح] - [رواه أبو داود والنسائي وابن ماجه وأحمد]

(137) – Hadith yaturutse kwa Hudhayfat (Imana imwishimire) yavuze ko: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) hagati y'ibyubamo bibiri yajyaga ivuga iti: “RABI GH’FIR’LI, RABI GH'FIR LII: Mana yanjye mbabarira, Mana yanjye mbabarira." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Abu Dawud na A-Nasa'iy na Ibun Madjah ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y 'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yabaga yicaye hagati y'ibyubamo bibiri yajyaga ikunda kuvuga iti: RABI GH’FIR’LI, RABI GH'FIR LII: Mana yanjye mbabarira, Mana yanjye mbabarira, ndetse ikanayasubiramo.

RABI GH'FIR LII, bisobanuye ko umugaragu asaba Nyagasani we ko amubabarira ibyaha ndetse akanamuhishira.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ubu busabe bwagenwe hagati yo kubama kubiri yaba mu iswalat y'itegeko cyangwa se iy'umugereka
2. Ni byiza gusubiramo aya magambo RABI GHFIR LII: Mana mbabarira, ariko kuyavuga rimwe ni byo by'itegeko.

(65104)

(138) – عن ابن عباس رضي الله عنهما: كان النبي صلى الله عليه وسلم يقول بين السجدتين: «اللَّهمَّ اغْفِرْ لي، وارْحَمْني، وعافِني، واهْدِني، وارزقْني». [حسن بشواهده - رواه أبو داود والترمذي وابن ماجه وأحمد]

(138) – Hadithi yaturutse kwa Ibun Abass (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) hagati yo kubama kombi (Sadj'datayni) yakundaga kuvuga iti: "ALLAHUMA GH'FIR LII, WAR'HAM'NII, WA AFINII, WAH'DINII, WAR'ZUQNII: Mana Nyagasani mbabarira, ungirire impuhwe, umpe ubuzima, unyobore, unampe amafunguro." **[Hadithi nziza ushingiye ku bandi bayakiriye] - [Yakiriwe na Abu Dawud, na Tirmidhi, na Ibun Madjah, ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga isaba hagati y'ukubama kubiri (Sadj'datayni) iri gusali igakoresha ubu busabe bw'ibintu bitanu umuyisilamu acyeneye mu buryo bukomeye. Bukaba bukusanyirije hamwe ibyiza byo muri iyi si ndetse no ku munsi w'imperuka, aribyo gusaba kubabarirwa, guhishirwa ibyaha no kubibabarirwa, guhabwa impuhwe za Allah, kurindwa irari n'ibiteye urujijo ndetse n'indwara n'ibyorezo, no gusaba Allah kuyoboka inzira y'ukuri no kuyishikamaho, no guhabwa ingabire z'ukwemera, n'ubumenyi ndetse n'ibikorwa byiza n'umutungo uziruye mwiza.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Biremewe gusabisha ubu busabe igihe wicaye hagati yo kubama kubiri uri gusali.
2. Ibyiza by'ubu busabe kubera ibyiza bukusanyirije hamwe bya hano mu isi no ku munsi w'imperuka.

(10930)

(139) – عَنْ حِطَّانَ بْنِ عَبْدِ اللهِ الرَّقَاشِيِّ قَالَ: صَلَّيْتُ مَعَ أَبِي مُوسَى الْأَشْعَرِيِّ صَلَاةً، فَلَمَّا كَانَ عِنْدَ الْقَعْدَةِ قَالَ رَجُلٌ مِنَ الْقَوْمِ: أُقِرَّتِ الصَّلَاةُ بِالْبِرِّ وَالزَّكَاةِ، قَالَ: فَلَمَّا قَضَى أَبُو مُوسَى الصَّلَاةَ وَسَلَّمَ انْصَرَفَ فَقَالَ: أَيُّكُمُ الْقَائِلُ كَلِمَةَ كَذَا وَكَذَا؟ قَالَ: فَأَرَمَّ الْقَوْمُ، ثُمَّ قَالَ: أَيُّكُمُ الْقَائِلُ كَلِمَةَ كَذَا وَكَذَا؟ فَأَرَمَّ الْقَوْمُ، فَقَالَ: لَعَلَّكَ يَا حِطَّانُ قُلْتَهَا؟ قَالَ: مَا قُلْتُهَا، وَلَقَدْ رَهِبْتُ أَنْ تَبْكَعَنِي بِهَا، فَقَالَ رَجُلٌ مِنَ الْقَوْمِ: أَنَا قُلْتُهَا، وَلَمْ أُرِدْ بِهَا إِلَّا الْخَيْرَ، فَقَالَ أَبُو مُوسَى: أَمَا تَعْلَمُونَ كَيْفَ تَقُولُونَ فِي صَلَاتِكُمْ؟ إِنَّ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ خَطَبَنَا فَبَيَّنَ لَنَا سُنَّتَنَا وَعَلَّمَنَا صَلَاتَنَا، فَقَالَ:

«إِذَا صَلَّيْتُمْ فَأَقِيمُوا صُفُوفَكُمْ، ثُمَّ لِيَؤُمَّكُمْ أَحَدُكُمْ فَإِذَا كَبَّرَ فَكَبِّرُوا، وَإِذْ قَالَ: {غَيْرِ الْمَغْضُوبِ عَلَيْهِمْ وَلا الضَّالِّينَ} [الفاتحة: ٧]، فَقُولُوا: آمِينَ، يُجِبْكُمُ اللهُ، فَإِذَا كَبَّرَ وَرَكَعَ فَكَبِّرُوا وَارْكَعُوا، فَإِنَّ الْإِمَامَ يَرْكَعُ قَبْلَكُمْ، وَيَرْفَعُ قَبْلَكُمْ»، فَقَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «فَتِلْكَ بِتِلْكَ، وَإِذَا قَالَ: سَمِعَ اللهُ لِمَنْ حَمِدَهُ، فَقُولُوا: اللَّهُمَّ رَبَّنَا لَكَ الْحَمْدُ، يَسْمَعِ اللهُ لَكُمْ، فَإِنَّ اللهَ تَبَارَكَ وَتَعَالَى قَالَ عَلَى لِسَانِ نَبِيِّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: سَمِعَ اللهُ لِمَنْ حَمِدَهُ، وَإِذَا كَبَّرَ وَسَجَدَ فَكَبِّرُوا وَاسْجُدُوا، فَإِنَّ الْإِمَامَ يَسْجُدُ قَبْلَكُمْ وَيَرْفَعُ قَبْلَكُمْ»، فَقَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «فَتِلْكَ بِتِلْكَ، وَإِذَا كَانَ عِنْدَ الْقَعْدَةِ فَلْيَكُنْ مِنْ أَوَّلِ قَوْلِ أَحَدِكُمْ: التَّحِيَّاتُ الطَّيِّبَاتُ الصَّلَوَاتُ لِلهِ، السَّلَامُ عَلَيْكَ أَيُّهَا النَّبِيُّ وَرَحْمَةُ اللهِ وَبَرَكَاتُهُ، السَّلَامُ عَلَيْنَا وَعَلَى عِبَادِ اللهِ الصَّالِحِينَ، أَشْهَدُ أَنْ لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ وَأَشْهَدُ أَنَّ مُحَمَّدًا عَبْدُهُ وَرَسُولُهُ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(139) – Hadith yaturutse kwa Hitwana Ibun Abdillah A-Raqashiyu yaravuze ati: Nasenganye na Abu Mussa Al Ash'ariyu iswalat, ubwo yari ageze

aho yicara, umwe mu bantu yaravuze ati: Iswalat (muri Qur'an) yavuzwe ihujwe n'ibyiza no gutanga amaturo y'itegeko (Zakat)! Hitwan yaravuze ati: Ubwo Abu Mussa yari amaze gusali no kuvuga indamutso yo gusoza yaragiye maze arabaza ati: Ninde muri mwe wavuze gutya na gutya?

Hitwan aravuga ati: Nuko abantu baraceceka, Abu Mussa arongera arabaza ati: Ninde muri mwe wavuze gutya na gutya? Nuko abantu baraceceka, maze aravuga ati: Wasanga ari wowe yewe Hitwan wabivuze? Aramusubiza ati: Ntabwo ari njye wabivuze, natinye ko wavuga ko ari njye wabivuze, nuko umwe mu bari aho aravuga ati: Ninjye wabivuze, ariko nta kindi nari ngamije usibye ibyiza, nuko Abu Mussa aravuga ati: Ese ntimuzi ibyo muvuga igihe muri gusali? Mu by'ukuri Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaduhaye inyigisho, itugaragariza imigenzo yacu, itwigisha uko tuzajya dusali igira iti: "Nimuba mugiye gusali, mujye muhagarara ku mirongo yanyu, hanyuma umwe muri mwe abayobore, navuga Allah Akbar namwe muvuge muti: Allah Ak'bar, navuga ngo GHAYRIL MAGHDWUBI ALAYHIM WA LA DWALINA: Inzira itari iy'abo warakariye cyangwa se abayobye [Al Fatihat: 7}, mujye muvuga muti: AAMINA: Mana akira ubusabe, Allah azajya abasubiza. Navuga Allah Akbar akunama, namwe mujye mubivuga mwuname, kandi ubayoboye agomba kunama mbere yanyu, akanunamuka mbere yanyu."

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije iravuga iti: Mujye mukora nk'uko akoze, ubayoboye navuga ati: SAMI'ALLAHU LIMAN HAMIDAH: Allah yumva abamushimira bakanamuvuga ibigwi. Mujye muvuga muti: RABANA WA LAKAL HAM'DU: Nyagasani ni wowe ukwiye gushimwa no kuvugwa ibigwi. Allah arabumva kubera ko Allah abinyujije mu mvugo y'Intumwa ye yaravuze ati: Allah yumva abamushimira bakanamuvuga ibigwi, nanavuga ati: Allah Ak'bar akubama namwe muzajye mubivuga munubame, kubera ko Imam yubama mbere yanyu ndetse akanubamuka mbere yanyu. "Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: "Mujye muko nk'uko akoze" Ubayoboye niyicara, ibyo umwe muri mwe azajya aheraho ajye avuga ati: A-TAHIYATU A-TWAYIBATU, A-SWALAWATU LILLAHI, A-SALAMU ALAYKA AYUHA A-NABIYU WA RAHMATULLAH WA BARAKATUH, A-SALAMU ALAYNA WA ALA IBADILLAHI SWALIHINA, A-SHAHADU AN LA ILAHA ILA LLAH WA ASHAHADU ANA MUHAMADAN ABDUHU WA RASULUHU: : Ibyubahiro byose, amasengesho ndetse n’ibyiza byose ni ibya Allah, amahoro n’imigisha n’impuhwe z’Imana bikubeho yewe ntumwa, amahoro y’Imana n’imbabazi zayo bitubeho, zibe no ku bagaragu b’Imana bakora ibyiza. Ndahamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by’ukuri uretse Imana imwe rukumbi. Nkanahamya ko na Muhamad ari umugaragu w’Imana ndetse akaba n’Intumwa ye."

[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Umusangirangendo Abu Mussa Al Ash'ariyu (Imana imwishimire) yari ari gusali, ubwo yari ageze aho yicara ngo avuge ubuhamya, umwe mu bari bari gusengana nawe inyuma ye yaravuze ati: Iswalat muri Qur'an yavuzwe ihujwe no gukora ibikorwa byiza ndetse no gutanga amaturo.

Ubwo Abu Mussa (Imana imwishimire) yari amaze gusali yerekeye kubo basenganaga maze arababaza ati: Ninde muri mwe wavuze ko Iswalat muri Qur'an yavuzwe ihujwe no gukora ibikorwa byiza ndetse no gutanga amaturo? Bose baraceceka ntihagira n'umwe uvuga, arongera abasubiriramo ikibazo, ntihagira n'umwe umusubiza, Abu Mussa aravuga ati: Cyangwa ni wowe wabivuze yewe Hitwan? Kubera gushirika ubwoba kwe no kuba isano bari bafitanye, ku buryo atari kubangamirwa n'ibyo Abu Mussa amuvuzeho, no kugira ngo uwabivuze w'ukuri yigaragaze, nuko Hitwan arabihakana aravuga ati: Nari natinye ko wabingayira ucyeka ko ari njye wabivuze! Aha niho umwe mu bari aho yavuze ati: Ninjye wabivuze, ariko ntabwo nari ngamije ikibi, nuko Abu Mussa amusubiza amwigisha amubwira ati: Ese ntimuzi ibyo muzajya muvuga igihe muri gusali?

Ibi byari mu rwego rwo kubahwitura! Abu Mussa arangije ababwira ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igihe kimwe yabahaye inyigisho ibereka amategeko y'idini ryabo, inabigisha uko bazajya basali irababwira iti: Nimuba mugiye gusali, mujye muhagarara ku

mirongo yanyu mwemye neza, hanyuma umwe muri mwe abayobore, navuga Allah Akbar atangiye kubasalisha namwe muyivuge, nasoma Suratul Fatihat akagera ahagira hati:

{GHAYRIL MAGHDWUBI ALAYHIM WA LA DWALINA: Inzira itari iy'abo warakariye cyangwa se abayobye} [Al Fatihat: 7], mujye muvuga muti: AAMINA: Mana akira ubusabe bwacu, ibyo nimubikora Allah azajya yakira ubusabe bwanyu. Navuga Allah Akbar akunama, namwe mujye mubivuga mwuname, kandi ubayoboye agomba kunama mbere yanyu, akanunamuka mbere yanyu, muramenye ntimukamutange." Igihe Imam avuze ngo Sami'Allahu Liman Hamidah bisobanuye: Allah yumva abamushimira banamusingiza. Namwe muzavuge muti: Rabana Wa Lakal Ham'du: Nyagasana ukwiye ishimwe n'ikuzo. Iyo abari gusari bavuze batyo na Allah yumva ubusabe bwabo ndetse n'ibyo bavuga, kandi Allah nyir'ubutagitifu abinyujije mu mvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze ati: Allah yumva ubusabe bw'umushimira akanamukuza. Hanyuma iyo Imam avuze ngo Allah Akbar hanyuma akubama, abari gusengana nawe baba bagomba kuvuga bati: Allah Akbar maze nabo bakunama, kubera ko Imam yubama mbere yabo ari gusengesha ndetse akanubamuka mbere yabo. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije iravuga iti: Ubayoboye niyicara, ibyo umwe muri mwe azajya aheraho ajye avuga ati: A-TAHIYATU A-TWAYIBATU, A-SWALAWATU LILLAHI, A-SALAMU ALAYKA AYUHA A-NABIYU WA RAHMATULLAH WA

BARAKATUH, A-SALAMU ALAYNA WA ALA IBADILLAHI SWALIHINA, A-SH'HADU AN LA ILAHA ILA LLAH WA ASHAHADU ANA MUHAMADAN ABDUHU WA RASULUHU: Ibyubahiro byose, amasengesho ndetse n'ibyiza byose ni ibya Allah, amahoro n'imigisha n'impuhwe z'Imana bikubeho yewe ntumwa, amahoro y'Imana n'imbabazi zayo bitubeho, zibe no kubagaragu b'Imana bakora ibyiza. Ndahamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Imana imwe rukumbi. Nkanahamya ko na Muhamad ari umugaragu w'Imana ndetse akaba n'Intumwa ye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kugaragaza uko ubuhamya buvugwamo
2. Ibikorwa bikorwa mu iswalat n'imvugo ziyivugwamo, bigomba kuba bifite inkomoko ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bityo ntibyemewe ku wo ari we wese kwihimbira ibye byaba imvugo cyangwa se ibikorwa adakomora mu migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).
3. Ntibyemewe gutanga Imam uyoboye iswalat, cyangwa se gucyereza ibyo amaze gukora, ibiri itegeko n'uko uyobowe mu iswalat akurikira umuyoboye mu byo akoze byose.
4. Kugaragaza uburyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari ishishikajwe no kwigisha abayoboke bayo amategeko y'idini.
5. Uyoboye iswalat (Imam), niwe abo ayoboye baba bagomba kureberaho, ntabwo byemewe kumutanga mubyo akora mu iswalat, cyangwa

se kugendana nawe cyangwa se gucyererwa ibyo amaze gukora, ahubwo ni ukumukurikiza ibyo avuze cyangwa se akoze nawe ukabikora, kandi umugenzo w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ni ukumukurikiza.

6. Ni ngombwa guhagarara ku mirongo mu iswalat.

(65097)

(140) – عَنِ ابْنَ مَسْعُودٍ رضي الله عنه قَالَ: عَلَّمَنِي رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ، وَكَفِّي بَيْنَ كَفَّيْهِ، التَّشَهُّدَ، كَمَا يُعَلِّمُنِي السُّورَةَ مِنَ القُرْآنِ: «التَّحِيَّاتُ لِلَّهِ، وَالصَّلَوَاتُ وَالطَّيِّبَاتُ، السَّلاَمُ عَلَيْكَ أَيُّهَا النَّبِيُّ وَرَحْمَةُ اللَّهِ وَبَرَكَاتُهُ، السَّلاَمُ عَلَيْنَا وَعَلَى عِبَادِ اللَّهِ الصَّالِحِينَ، أَشْهَدُ أَنْ لاَ إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ، وَأَشْهَدُ أَنَّ مُحَمَّدًا عَبْدُهُ وَرَسُولُهُ». وفي لفظ لهما: «إِنَّ اللهَ هُوَ السَّلَامُ، فَإِذَا قَعَدَ أَحَدُكُمْ فِي الصَّلَاةِ فَلْيَقُلْ: التَّحِيَّاتُ لِلَّهِ وَالصَّلَوَاتُ وَالطَّيِّبَاتُ السَّلَامُ عَلَيْكَ أَيُّهَا النَّبِيُّ وَرَحْمَةُ اللهِ وَبَرَكَاتُهُ، السَّلَامُ عَلَيْنَا وَعَلَى عِبَادِ اللهِ الصَّالِحِينَ، فَإِذَا قَالَهَا أَصَابَتْ كُلَّ عَبْدٍ لِلَّهِ صَالِحٍ فِي السَّمَاءِ وَالْأَرْضِ، أَشْهَدُ أَنْ لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ، وَأَشْهَدُ أَنَّ مُحَمَّدًا عَبْدُهُ وَرَسُولُهُ، ثُمَّ يَتَخَيَّرُ مِنَ الْمَسْأَلَةِ مَا شَاءَ». [صحيح] - [متفق عليه]

(140) – Hadith yaturutse kwa Ibun Mas'ud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yanyigishije uburyo bw'ubuhamya bwo mu iswala (A-Tashahud) ikiganza cyanjye kiri mu cyayo , nk'uko inyigisha isurat muri Qur'an igira iti: "A-TAHIYATU LILAHI WA SWALAWATU WA TWAYIBATU, A-SALAMU ALAYKA AYUHA NABIYU WA RAHMATULLAH WA BARAKATUHU. A-SALAMU ALAYNA WA ALA IBADILLAHI A-SWALIHINA A-SHAHADU AN LA ILAHA ILA LLAH,

WA A-SHAHADU ANA MUHAMADAN ABDUHU WA RASULUHU: Ibyubahiro byose n'imigisha n'ibyiza ni ibya Allah. Amahoro, impuhwe n'imigisha bya Allah bikubeho yewe Ntumwa, ayo mahoro natwe atubeho ndetse abe no ku bagaragu ba Allah bakora ibikorwa byiza.

Ndahamya ko nta yindi mana ikwiye kugaragirwa usibye Allah wenyine, nkanahamya ko Muhamadi ari umugaragu wa Allah ndetse akaba n'Intumwa ye." Iyo avuze ubu busabe bugera kuri buri mugaragu wa Allah wese, ukora ibikorwa byiza yaba mu kirere cyangwa se mu isi." Hanyuma nyuma y'ibi akaba yasaba ubusabe bwose yifuza. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yigishije Ibun Mas'uud (Imana imwishimire) uburyo azajya avugamo ubuhamya bwo mu iswalat (A-Tashahud), icyo gihe yari yashyize ikiganza cyayo mu cye, kugira ngo Ibun Mas'ud amakurikire neza nk'uko amwigisha isurat muri Qur'an, bikaba biri mu bigaragaza uburyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yitaye cyane kuri ubu buhamya byaba mu magambo abugize no mu bisobanuro byabwo. Nuko iramubwira iti: "A-TAHIYATU LILLAHI": Ni buri mvugo cyangwa se igikorwa kigaragaza kubaha no gukuza, ibyo byose bikaba

bikwiye Allah Nyir'ubutagatifu. "A-SWALAWATU": Ni iswalat zizwi zaba iz'itegeko n'iz'umugereka zose zikorerwa Allah Nyir'ubutagatifu. "A-TWAYIBATU": Ni imvugo n'ibikorwa n'ibisingizo byiza bigaragaza ubutungane, ibyo byose ni Allah ubikwiye.

"A-SALAM ALAYKA AYUHA NABIYU WA RAHMATULLAHI WA BARAKATUH": Ni ugusabira Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko Allah ayirinda buri ikibi cyose, no kongererwa ibyiza byinshi.

"A-SALAM ALAYNA WA ALA IBADILLAHI SWALIHINA:" Usali aba yisabira amahoro ndetse anayasabira buri mugaragu wese mwiza haba mu isi no mu birere. "A-SH'HADU AN LA ILAHA ILA LLAH:" Ndiyemerera nkanahamya ko nta wundi ukwiye kugaragirwa by'ukuri uretse Allah. "WA ANA MUHAMADAN ABDUHU WA RASULUHU": Ndiyemerera ko Muhamadi yari umugaragu akaba n'Intumwa ya Allah yasoreje izindi. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ishishikariza umuntu usali gusaba ubusabe bwose ashatse.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Umwanya ubu buhamya buvugwamo ni igihe wicaye wubamutse bwa nyuma muri buri Swalat na nyuma yuko wubamutse wicaye muri Rakat ya kabiri mu iswalat za rakat eshatu n'iza rakat enye.

2. Ni itegeko kuvuga A-TAHIYATU mu buhamya, kandi biremewe kuvuga ubuhamya ukoresheje imvugo iyo ari yo yose mu mvugo z'ubuhamya zizewe zifite inkomoko ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).
3. Biremwe kuvuga ubusabe ushatse mu iswalat igihe hatari mo gusaba ibyaha.
4. Ni byiza kubanza kwisabira igihe uri gusaba.

(3096)

(141) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ قَالَ: كَانَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَدْعُو وَيَقُولُ: «اللَّهُمَّ إِنِّي أَعُوذُ بِكَ مِنْ عَذَابِ القَبْرِ، وَمِنْ عَذَابِ النَّارِ، وَمِنْ فِتْنَةِ المَحْيَا وَالمَمَاتِ، وَمِنْ فِتْنَةِ المَسِيحِ الدَّجَّالِ». وفِي لَفْظٍ لِمُسْلِمٍ: «إِذَا فَرَغَ أَحَدُكُمْ مِنَ التَّشَهُّدِ الْآخِرِ، فَلْيَتَعَوَّذْ بِاللهِ مِنْ أَرْبَعٍ: مِنْ عَذَابِ جَهَنَّمَ، وَمِنْ عَذَابِ الْقَبْرِ، وَمِنْ فِتْنَةِ الْمَحْيَا وَالْمَمَاتِ، وَمِنْ شَرِّ الْمَسِيحِ الدَّجَّالِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(141) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga isaba ubusabe igira iti: "ALLAHUMA INI AUDHU BIKA MIN ADHABIL QAB'RI, WA MIN ADHABI NARI, WA MIN FATINATIL MAH'YA WAL MAMATI, WA MIN FITINATIL MASIHI DADJALI: Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde ibihano byo mu mva, n'ibihano by'umuriro, n'ibigeragezo byo mu buzima no mu gupfa, n'ibigeragezo bya Masihi A-Dadjali."

No mu mvugo ya Muslim iragira iti: "Umwe muri mwe najya amara kuvuga ubuhamya bwa nyuma, ajye yikinga kuri Allah amusaba kumurinda ibintu bine:

Ibihano by'umuriro, n'ibihano byo mu mva, n'ibigeragezo byo mu buzima no mu gupfa, ndetse n'ikigeragezo cya Masihi A-Dadjali." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga isaba Allah ngo ayirinde ibintu bine: Nyuma y'ubuhamya bwa nyuma, na mbere y'indamutso isoza iswalat, anadutegeka kwikinga kuri Alalh ngo aturinde ibi bintu bikurikira:

Icya mbere: Ibihano byo mu mva.

Icya kabiri: Ibihano by'umuriro ku munsi w'imperuka.

Icya gatatu: Ibigeragezo byo mu buzima nk'irari ryo mu isi riziririjwe, n'ibindi biteye urujijo biyobya, ndetse n'ibigeragezo byo mu gupfa igihe umuntu aba avamo roho, akaba yatana inzira y'ubuyisilamu cyangwa se imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), cyangwa se ibigeragezo byo mu mva nk'ibibazo upfuye azabazwa n'abamalayika babiri akimara gupfa.

Icya kane: Ni ibigeragezo bya Masihi A-Dadjali uzaza mu bihe bya nyuma, Allah akamugeragеresha abagaragu be, hano Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yamuvuze ku buryo bw'umwihariko kubera ubuhambare bw'ibigeragezo bye n'uburyo azaba ayobya abantu.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ubu busabe bwo kwirinda ibi bintu biri mu busabe bw'ingenzi kandi bukusanyirije hamwe ibintu byinshi, kuko bikusanyirije hamwe ibibi byo muri iyi si n'ibyo ku munsi w'imperuka.
2. Ibihano byo mu mva nta kabuza biriho kandi ni ukuri.
3. Ubuhambare bw'ibigeragezo n'agaciro ko gusaba inkunga Allah no ku musaba kuzabirokoka.
4. Gushimangira ko Masihi A-Dadjali azabaho n'ubuhambare bw'ibigeragezo bye.
5. Gushishikariza gusaba ubu busabe nyuma y'ubuhamya bwa nyuma.
6. Gushishikariza ubusabe nyuma yo gukora ibikorwa byiza.

(3103)

(142) – عَنْ مَعْدَانَ بْنِ أَبِي طَلْحَةَ الْيَعْمَرِيُّ قَالَ: لَقِيتُ ثَوْبَانَ مَوْلَى رَسُولِ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ، فَقُلْتُ: أَخْبِرْنِي بِعَمَلٍ أَعْمَلُهُ يُدْخِلُنِي اللهُ بِهِ الْجَنَّةَ؟ أَوْ قَالَ قُلْتُ: بِأَحَبِّ الْأَعْمَالِ إِلَى اللهِ، فَسَكَتَ. ثُمَّ سَأَلْتُهُ فَسَكَتَ. ثُمَّ سَأَلْتُهُ الثَّالِثَةَ فَقَالَ: سَأَلْتُ عَنْ ذَلِكَ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ، فَقَالَ: «**عَلَيْكَ بِكَثْرَةِ السُّجُودِ لِلَّهِ، فَإِنَّكَ لَا تَسْجُدُ لِلَّهِ سَجْدَةً، إِلَّا رَفَعَكَ اللهُ بِهَا دَرَجَةً، وَحَطَّ عَنْكَ بِهَا خَطِيئَةً**» قَالَ مَعْدَانُ: ثُمَّ لَقِيتُ أَبَا الدَّرْدَاءِ فَسَأَلْتُهُ فَقَالَ لِي: مِثْلَ مَا قَالَ لِي: ثَوْبَانُ. [صحيح] - [رواه مسلم]

(142) – Hadith yaturutse kwa Ma'adana Ibun Abi Twal'hat Al Ya'amariyu yaravuze ati: Nahuye na

Thawbani, waheshejwe ubwigenge n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), nuko ndamubwira nti: Mbwira igikorwa nakora Allah akazanyinjiza mu ijuru? Cyangwa se yaravuze ati: Naravuze nti: Igikorwa Allah akunda kuruta ibindi, nuko araceceka, ndongera ndabimubaza araceceka, ndongera ndabimubaza bwa gatatu araceceka, maze arambwira ati: Ibyo umbajije nabibajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) maze irambwira iti:

"Jya uhozaho kubamira Allah kenshi, kubera ko ntabwo uzubamira Allah inshuro imwe usibye ko azakuzamura mu ntera, akanakubabarira ibyaha" Ma'adanu yaravuze ati: Hanyuma naje guhura na Abu A-Darda-i ndabimubaza maze ambwira nk'ibyo Thawban yambwiye. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabajijwe igikorwa cyaba impamvu y'uko umuntu azinjira mu ijuru cyangwa se yabajijwe igikorwa Allah akunda kuruta ibindi?

Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibwira uwari uyibajije iti: Jya uhozaho kubamira Allah mu iswalat, kubera ko iyo wubamye kubera Allah akuzamura mu ntera, ndetse akanakubabarira ibyaha.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza umuyisilamu gushishikarira gusali kenshi iswalat z'itegeko n'iz'umugereka, kuko zikubiyemo kuriya kubama.
2. Kugaragaza uburyo abasangirangendo bari basobanukiwe n'uburyo bamenye ko ijuru nta kindi cyarikwinjizamo usibye ibikorwa, nyuma y'impuhwe za Allah.
3. Kubama mu iswalat ni imwe mu mpamvu zikomeye zo kuzamurwa mu ntera no kubabarirwa ibyaha.

(3732)

(143) – عن عَائِشَةَ رضيَ الله عنها قالت: إِنِّي سمعْتُ رسولَ الله صلى الله عليه وسلم يقول: «لَا صَلَاةَ بِحَضْرَةِ الطَّعَامِ، وَلَا هُوَ يُدَافِعُهُ الْأَخْبَثَانِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(143) – Hadith yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Nta swalat ibyo kurya byamaze gutegurwa, cyangwa se umuntu yakubwe (yifuza kujya mu bwiherero." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irabuza gusali igihe ibyo kurya byamaze kugera ku meza, kuko usali yabirarikira n'umutima we ukabishaka.

Ni nk'uko bitemewe gusali, umuntu yakubwe ashaka kwihagarika cyangwa se kwituma, kuko nibyo ahugiramo (ntiyite kugutekereza iswalat!)

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni ngombwa ko umuntu usali yirinda ibyatuma atagira ituze mu iswalat ye mbere y'uko ayitangira.

(3088)

(144) – عن عُثْمَانَ بْنَ أَبِي الْعَاصِ رضي الله عنه: أنه أَتَى النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ فَقَالَ: يَا رَسُولَ اللهِ، إِنَّ الشَّيْطَانَ قَدْ حَالَ بَيْنِي وَبَيْنَ صَلَاتِي وَقِرَاءَتِي يَلْبِسُهَا عَلَيَّ، فَقَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «ذَاكَ شَيْطَانٌ يُقَالُ لَهُ خِنْزَبٌ، فَإِذَا أَحْسَسْتَهُ فَتَعَوَّذْ بِاللهِ مِنْهُ، وَاتْفُلْ عَلَى يَسَارِكَ ثَلَاثًا»، قَالَ: فَفَعَلْتُ ذَلِكَ فَأَذْهَبَهُ اللهُ عَنِّي. [صحيح] - [رواه مسلم]

(144) – Hadith yaturutse kwa Uth'man Ibun Abil Aswi (Imana imwishimire) yavuze ko: Yagiye kureba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) maze arayibaza ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Mu by'ukuri Shitani iza hagati yanjye n'iswalat yanjye ndetse n'igisomo cyanjye ikanteza urujijo, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: "Iyo ni Shitani yitwa Khin'zabu, nujya uyumva ujye wikinga kuri Allah kugira ngo ayikurinde, maze uvume ibumoso bwawe inshuro eshatu, Uthman yaravuze ati: Nuko mbigenza ntyo Allah arayindinda. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Uth'man Ibun Abil Asw (Imana imwishimire) yavuze ko yagiye kureba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) maze arayibaza ati: Yewe Ntumwa

y'Imana! Mu by'ukuri Shitani iza hagati yanjye n'iswalat yanjye ndetse n'igisomo cyanjye ikanteza urujijo no gushidikanya, igatuma ntibombarika!

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: "Iyo ni Shitani yitwa Khin'zabu, nujya uyumva ujye wikinga kuri Allah kugira ngo ayikurinde, maze uvume ibumoso bwawe inshuro eshatu, Uthman yaravuze ati: Nuko mbigenza ntyo Allah arayindinda.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni ngombwa kwibombarika no gusali ubikuye ku mutima, kandi ko Shitani ikora ibishoboka byose kugira ngo ishuke umuntu ndetse inamutere gushidikanya muri we.
2. Ni byiza kwikinga kuri Allah ngo akurinde Shitani n'amoshya ye mu iswalat, no kuvuma ibumoso inshuro eshatu.
3. Kugaragaza uburyo abasangirangendo b'Intumwa y'Imana, bajyaga bagaruka ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kugira ngo bayisobanuze bimwe mu bibazo bibagoye bahura nabyo.
4. Uburyo imitima y'abasangirangendo yari ifite ubuzima, n'uburyo bari bashishikajwe no gushaka impera nziza.

(65105)

(145) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «أَسْوَأُ النَّاسِ سَرَقَةً الَّذِي يَسْرِقُ صَلَاتَهُ» قَالَ: وَكَيْفَ يَسْرِقُ صَلَاتَهُ؟ قال: «لَا يُتِمُّ رُكُوعَهَا، وَلَا سُجُودَهَا». [صحيح] - [رواه ابن حبان]

(145) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umujura mubi kuruta abandi bantu bose ni uwiba iswalat ye", baramubaza bati: Ni gute yiba iswalat ye? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irasubiza iti: "Ntiyuzuza kunama (Ruku) cyangwa se kubama (Sudjud)." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Ibun Hiban]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko abantu babi kuruta abandi bose ari abiba mu iswalat yabo, kubera ko uwiba imitungo y'abandi hari ubwo yagira icyo imumarira hano ku isi, bitandukanye n'uwiba iswalat ye, aba yiyibye anihuguje mu bihembo yari kuzabona ku munsi w'imperuka. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) barayibajije bati: Yewe Ntumwa y'Imana!

Ni gute umuntu yiba mu iswalat ye? Irabasubiza iti: Ni utuzuza kunama no kubama, bisobanuye kwihuta mu kunama kwe no kubama kwe, ntabikore mu buryo bukwiye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro ko gutunganya iswalat no kuyikora wuzuza inkingi zayo, ufite ituze kandi unibombarika.
2. Kuba umuntu utubama cyangwa se ngo yuname mu buryo bukwiye yaragereranyijwe n'umujura ni mu rwego rwo kugira ngo abantu babyirinde, no kwihanangiriza ko ari ikizira.
3. Ni itegeko kunama no kubama mu iswalat mu buryo bwuzuye, no kubitunganya.

(65100)

(146) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه عَنِ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «أَمَا يَخْشَى أَحَدُكُمْ - أَوْ: لاَ يَخْشَى أَحَدُكُمْ - إِذَا رَفَعَ رَأْسَهُ قَبْلَ الإِمَامِ، أَنْ يَجْعَلَ اللَّهُ رَأْسَهُ رَأْسَ حِمَارٍ، أَوْ يَجْعَلَ اللَّهُ صُورَتَهُ صُورَةَ حِمَارٍ». [صحيح] - [متفق عليه]

(146) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ese umwe muri mwe atinya ko cyangwa se umwe muri mwe ntatinya ko yakubura umutwe we atanze umuyoboye mu iswala (Imam) ko Allah umutwe we yawugira nk'uw'indogobe, cyangwa se Allah akagira ishusho ye nk'iy'indogobe?" **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ibihano bikomeye by'umuntu wubura

umutwe atanze umuyoboye mu iswalat ko Allah umutwe we yawuhindura nk'uw'indogobe cyangwa se ishusho ye akayigira nk'iy'indogobe!

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Uyobowe mu iswalat hamwe n'umuyoboye ari mu buryo bune: Butatu muri bwo burabujijwe, ari bwo: Kuba yatanga umuyoboye, kuba yahuza cyangwa agacyererwa gukora ibyo umuyoboye akoze. Ariko ibyo uyobowe yemerewe ni ugukurikira umuyoboye.
2. Ni itegeko k'uyobowe gukurikira umuyoboye mu iswalat.
3. Kuba Allah yahindura ishusho y'uwakubura umutwe mbere y'umuyoboye mu Iswalat akayigira nk'iy'indogobe ni ibintu bishoboka.

(3086)

(147) – عَنْ أَبِي سَعِيدٍ الْخُدْرِيِّ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «إِذَا شَكَّ أَحَدُكُمْ فِي صَلَاتِهِ، فَلَمْ يَدْرِ كَمْ صَلَّى ثَلَاثًا أَمْ أَرْبَعًا، فَلْيَطْرَحِ الشَّكَّ، وَلْيَبْنِ عَلَى مَا اسْتَيْقَنَ، ثُمَّ يَسْجُدُ سَجْدَتَيْنِ قَبْلَ أَنْ يُسَلِّمَ، فَإِنْ كَانَ صَلَّى خَمْسًا شَفَعْنَ لَهُ صَلَاتَهُ، وَإِنْ كَانَ صَلَّى إِتْمَامًا لِأَرْبَعٍ كَانَتَا تَرْغِيمًا لِلشَّيْطَانِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(147) – Hadith yaturutse kwa Abi Saidi Al Khud'riy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umwe muri mwe nashidikanya mu iswalat ye, ntamenye

umubare wa rakaa yasayi niba ari eshatu cyangwa se enye, azirukane uko gushidikanya kwe yubakire ku byo yizeye neza adashidikanyaho, narangiza yubame ibyubamo bibiri mbere y'uko avuga indamutso isoza iswalat, naba yasayi raka eshanu ibyo byubamo bibiri bizatuma asali izitari igiharwe, naba yasayi yujuje umubare, ibyo byubamo bibiri bizaba ari ukumwaza Shitani!" **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko iyo umuntu uri gusali agize gushidikanya mu iswalat ye akaba atazi umubare wa rakaa yasayi niba ari eshatu cyangwa se enye, azirengagiza iyo yiyongereyeho ashidikanyaho, kubera ko eshatu ari zo yizeye neza, hanyuma asali raka ya kane, narangiza yubame ibyubamo bibiri mbere y'uko avuga indamutso y'amahoro (A-Salamu) yo gusoza iswala.

Ariko niba rakaa yasaye by'ukuri ari enye, azongereho indi rakaa zibe eshanu, hanyuma yubame ibyubamo bibiri byo kwibagirwa biri mu mwanya wa raka yindi, ubwo zibarwe ko atari igiharwe: Ariko raka yasayi nituma izo amaze gusali ziba enye, azaba akoze ibyo yari akwiye gukorwa nta cyo yongeyeho cyangwa se ngo agabanye.

Ibyubamo bibiri bikorwa umuntu yibagiwe biba bigamije gusuzuguza Shitani no kumutera

ikimwaro, no kumutambamira ngo ntagere ku cyo yashakaga, kubera ko yamuteye urujijo mu iswalat, ndetse aharanira kuyangiza. Iswalat ya mwene Adamu rero iruzura iyo yubahirije itegeko rya Allah ryo kubama, mu gihe Ibilisi yigometse kuri Allah yanga kumwubamira, ubwo Allah yari abimutegetse ngo yubamire Adamu.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Umuntu uri gusali iyo ashidikanyije mu iswalat ye, ntamenye kimwe mu bintu bibiri, icyo gihe yirukana uko gushidikanya kwe ahubwo akubakira ku byo yizeye neza, ari wo mubare muto, hanyuma akabona kuzuza iswalat ye, no kubama ibyubamo bibiri byo kwibagirwa mbere y'uko avuga indamutso y'amahoro isoza iswalat, nyuma yayo akabona kuvuga iyo ndamutso isoza iswalat.
2. Ibi byubamo bibiri byo kwibagirwa ni mu rwego rwo kuzuza iswalat aho itari yuzuye, no kuburizamo imigambi ya Shitani isuzuguritse, ndetse itanageze ku ntego yayo.
3. Gushidikanya kwavuzwe muri iyi Hadith n'ukubura umwanzuro uhagararaho hagati y'ibintu bibiri, iyo hatabayeho gushidikanya, usali ashingira kuri ibyo adashidikanyaho.

4. Gushishikariza kurwanya ibiteye urujijo no kubikumira ukurikiza ibyo amategeko y'idini.

(11231)

(148) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه أَنَّ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «خَيْرُ يَوْمٍ طَلَعَتْ عَلَيْهِ الشَّمْسُ يَوْمُ الْجُمُعَةِ، فِيهِ خُلِقَ آدَمُ، وَفِيهِ أُدْخِلَ الْجَنَّةَ، وَفِيهِ أُخْرِجَ مِنْهَا، وَلَا تَقُومُ السَّاعَةُ إِلَّا فِي يَوْمِ الْجُمُعَةِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(148) – Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Umunsi mwiza izuba ryarasheho ni umunsi wa gatanu (Idjuma), kuri wo niho Adamu yaremwe, ni nawo yinjijwe mu ijuru, ni nawo yarisohowemo, kandi imperuka ntizaba uretse ko bizaba ari ku munsi wa gatanu (wa Idjuma)." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umunsi mwiza izuba ryarasheho ari umunsi wa gatanu (Idjuma). No mu mwihariko wawo nuko ari nawo Allah yaremyeho Adamu (Amahoro ya Allah amubeho), ndetse ni nawo yarimusohoyemo amuzana ku isi, kandi imperuka ntizaba usibye ko bizaba ari ku munsi wa gatanu (wa Idjuma)!

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro k'umunsi wa gatanu (wa Idjuma), n'icyo urusha indi minsi igize icyumweru.
2. Gushishikariza no kongera ibikorwa byiza by'umwihariko ku munsi wa gatatu, no kwitegurira kwakira impuhwe za Allah, no kurindwa ibihano bye.
3. Uyu mwihariko w'umunsi wa gatanu wavuzwe muri iyi Hadith, byavuzwe ko atari mu rwego rwo kugaragaza agaciro k'uyu munsi, kuko gusohora Adamu mu ijuru no kuba kw'imperuka, ibi ntibigaragaza agaciro kawo. Byanavuzwe kandi ko ibyavuzwe byose muri iyi Hadith ari iby'agaciro, no gusohorwa kwa Adamu mu ijuru byabaye impamvu yo kororoka kwe, ndetse no gukomokwaho n'Intumwa n'abahanuzi ndetse n'abandi bakora ibikorwa byiza. Naho kuzaba kw'imperuka kuri uyu munsi ni impamvu yo kwihutisha kugororera abakoze ibikorwa byiza, no kubona ingororano Allah yabateganyirije n'ibindi byiza byinshi.
4. Umunsi wa gatanu wavuzweho indi myihariko itari iyi yavuzwe; nko kuba ari wo munsi Adamu yababariweho, ndetse aba ari nawo apfiraho, ndetse uwo munsi ni nawo uriho isaha iyo umugaragu w'umwemeramana ahuje

nayo ari gusali, afite icyo ari gusaba Allah, Allah arakimuha.

5. Umunsi mwiza kuruta iyindi igize umwaka ni umunsi wa Arafat (wa 9 w'ukwezi kwa Dhul Hija), byanavuzwe ko ari umunsi w'igitambo (wa 10 z'ukwezi kwa Dhul Hija), naho uruta iyindi mu yigize icyumweru ni uwa gatanu (wa Idjuma), n'ijoro ryiza kuruta ayandi ni ijoro ry'igeno (rya Laylatul Qad'ri).

(3711)

(149) – عن ثَوْبَانَ رضي الله عنه قال: كَانَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ إِذَا انْصَرَفَ مِنْ صَلَاتِهِ اسْتَغْفَرَ ثَلَاثًا، وَقَالَ: «اللَّهُمَّ أَنْتَ السَّلَامُ، وَمِنْكَ السَّلَامُ، تَبَارَكْتَ ذَا الْجَلَالِ وَالْإِكْرَامِ»، قَالَ الْوَلِيدُ: فَقُلْتُ لِلْأَوْزَاعِيِّ: كَيْفَ الْاسْتِغْفَارُ؟ قَالَ: تَقُولُ: أَسْتَغْفِرُ اللهَ، أَسْتَغْفِرُ اللهَ. [صحيح] - [رواه مسلم]

(149) – Hadithi yaturutse kwa Thawbani (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yasozaga gusali, yasabaga Allah imbabazi inshuro eshatu hanyuma ikavuga iti: ALLAHUMA ANTA A-SALAM, WA MINKA SALAM, TABARAKTA YA DHAL DJALALI WAL IKRAM: Mana Nyagasani niwowe muziranenge, n'amahoro aturuka iwawe, uburagatifu n'ikuzo ni ibyawe, yewe Nyir'icyubahiro Nyir'ikuzo" Al Walid yaravuze ati: Nuko mbwira Al Awza'iy nti: Gusaba Allah imbabazi bikorwa bite? Aransubiza ati: Ujye uvuga uti: ASTAGH'FIRULLAH: Mana mbabarira,

ASTAGH'FIRULLAH: Mana mbabarira,..." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yasozaga gusali yajyaga ivuga iti: ASTAGH'FIRULLAH: Mana mbabarira, ASTAGH'FIRULLAH: Mana mbabarira, ASTAGH'FIRULLAH: Mana mbabarira.

Yarangiza igasingiza ubuhambare bwa Allah Nyagasani we igira iti: ALLAHUMA ANTA A-SALAM, WA MINKA SALAM, TABARAKTA YA DHAL DJALALI WAL IKRAM: Mana Nyagasani niwowe muziranenge, n'amahoro aturuka iwawe, ubutagatifu n'ikuzo ni ibyawe, yewe Nyir'icyubahiro Nyir'ikuzo. Kandi Allah ingororano ze ntizigira ingano hano mu isi no ku munsi w'imperuka, Nyir'ubuhambare Nyir'ubuntu.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza gusaba Allah imbabazi nyuma ya buri swala, ndetse no kubihozaho.
2. Gushishikariza gusaba Allah imbabazi mu rwego rwo kuziba icyuho n'aho umuntu yadohotse mu bikorwa byo kwiyegereza Allah.

(10947)

(150) – عَنْ أَبِي الزُّبَيْرِ قَالَ: كَانَ ابْنُ الزُّبَيْرِ يَقُولُ فِي دُبُرِ كُلِّ صَلَاةٍ حِينَ يُسَلِّمُ: «لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ وَحْدَهُ لَا شَرِيكَ لَهُ، لَهُ الْمُلْكُ وَلَهُ الْحَمْدُ وَهُوَ عَلَى كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ، لَا حَوْلَ وَلَا قُوَّةَ إِلَّا بِاللهِ، لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ، وَلَا نَعْبُدُ إِلَّا إِيَّاهُ، لَهُ النِّعْمَةُ وَلَهُ الْفَضْلُ وَلَهُ الثَّنَاءُ الْحَسَنُ، لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ مُخْلِصِينَ لَهُ الدِّينَ وَلَوْ كَرِهَ الْكَافِرُونَ» وَقَالَ: «كَانَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يُهَلِّلُ بِهِنَّ دُبُرَ كُلِّ صَلَاةٍ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(150) – Hadithi yaturutse kwa Abi A-Zubayr yaravuze ati: Buri nyuma ya buri swala, Ibun A-Zubayr asoje iswala yajyaga akunda kuvuga ati: LA ILAHA ILA LLAHU WAH'DAHU LA SHARIKA LAHU, LAHUL MULKU WA LAHUL HAMDU WA HUWA ALA KULI SHAY'IN QADIIR.

LA HAWLA WA LA QUWATA ILA BILLAH, LA ILAHA ILA LLAH, WALA NA'ABUDU ILA IYAHU, LAHU NI'IMATU WA LAHUL FADW'LU WA LAHU A-THANA-UL HASAN. LA ILAHA ILA LLAHU MUKH'LISWIINA LAHU DINA WA LAW KARIHAL KAFIRUNA: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye Allah we udafite uwo abangikanye nawe, niwe Nyir'ubwami akaba Nyir'ikuzo, kandi akaba ari we Nyir'ubushobozi kuri buri kintu. Nta bubasha, nta n'ubushobozi usibye ko ari ku bwa Allah. Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye Allah, kandi nta wundi tugaragira usibye we, niwe nyir'ingabire akaba na nyir'inema ndetse ni nawe ukwiye ibisingizo byiza. Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah ndetse ni na we twiyeguriye wenyine, kabone n'iyo byababaza abahakanyi." Yajyaga anavuga ati: "Intumwa

y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga ivuga aya magambo nyuma ya buri swalat." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga ikoresha aya magambo y'ubusabe nyuma y'indamutso isoza buri swalat y'itegeko; ibisobanuro byayo bikaba ari ibi bikurikira: LA ILAHA ILA LLAH: Bisobanuye ngo nta wundi ukwiye kugaragirwa by'ukuri usibye Allah.

WAHDAHU LA SHARIKA LAHU: We wenyine udafite uwo abangikanye nawe mu kuba ari we ukwiye gusengwa, ndetse akaba ari we wenyine Mana Mugenga, ndetse akaba ari we wenyine ufite amazina n'ibisingizo bihebuje.

"LAHUL MULKU": Niwe Nyir'ubwami bwose rusange, ubwami bw'ibirere n'isi n'ibibirimo.

"WA LAHUL HAMDU": Ni nawe wuzuye utarangwa n'inenge iyo ari yo yose, usingizwa mu buryo bwuzuye kubera kumukunda no kumwubaha uko byaba bimeze kose, haba mu ibanga cyangwa se ku mugaragaro.

"WA HUWA ALA KULI SHAY'IN QADIIR": Ubushobozi bwe buruzuye kandi buratunganye mu buryo ubwo ari bwo bwose, nta cyamunanira, nta n'ikidashoboka kuri we uko cyaba kimeze kose.

"LA HAWULA WALA QUWATA ILA BILLAHI": Nta cyahinduka cyaba ari ukuva mu byaha ujya mu gukora

ibikorwa byo kumvira Allah, nta mbaraga zibidushoboza usibye ku bwa Allah, kuko ari we muterankunga, ndetse akaba ari nawe wo kwiringirwa.

"LA ILAHA ILA LLAH, WALA NA'ABUDU ILA IYAHU": Ni ugushimangira ibisobanuro by'uko Allah ari we wo kugaragirwa ndetse no guhakana ibangikanyamana, kandi ko nta wundi ukwiye kugaragirwa usibye we.

"LAHU NI'IMAT WA LAHUL FADW'LU": Niwe waremye ingabire ndetse ni nawe nyirazo, kandi azigabira uwo ashatse mu bagaragu be.

"WA LAHU THANA-UL HASAN": Ni nawe ufite ibisingizo byiza, byaba kuri we ubwe cyangwa se ku bisingizo bye, cyangwa se ku bikorwa bye ndetse n'ingabire ze, no mu bindi bihe byose.

"LA ILAHA ILA LLAHU MUKH'LISWIINA LAHU DIIN: Bisobanuye ngo turagaragira Allah wenyine tudakorera ijisho cyangwa se kuvugwa cyangwa se gushimwa.

"WA LAW KARIHAL KAFIRUNA"; Bisobanuye ngo dushikamye kuri uko kugaragira Allah wenyine no kumuharira amasengesho yacu, kabone n'iyo byababaza abahakanyi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni byiza kwitwararika ubu busabe nyuma ya buri swalat y'itegeko.

2. Umuyisilamu aterwa ishema n'idini rye, ndetse akanagaragaza ibirango byaryo kabone n'iyo bitashimisha abahakanyi.
3. Igihe cyose muri Hadithi hagaragayemo ijambo "Nyuma y'iswalat", iyo ibivugwa muri Hadithi ari amagambo yo gusingiza Allah, haba hagamijwe kuyavuga nyuma y'indamutso isoza iswalat, iyo ari ubusabe haba hagamijwe ko buvugwa mbere y'indamutso isoza iswalat.

(6203)

(151) – عَنْ وَرَّادٍ كَاتِبِ الْمُغِيرَةِ بْنِ شُعْبَةَ قَالَ: أَمْلَى عَلَيَّ الْمُغِيرَةُ بْنُ شُعْبَةَ فِي كِتَابٍ إِلَى مُعَاوِيَةَ: أَنَّ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ كَانَ يَقُولُ فِي دُبُرِ كُلِّ صَلَاةٍ مَكْتُوبَةٍ: «لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ وَحْدَهُ لَا شَرِيكَ لَهُ، لَهُ الْمُلْكُ وَلَهُ الْحَمْدُ، وَهُوَ عَلَى كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ، اللَّهُمَّ لَا مَانِعَ لِمَا أَعْطَيْتَ، وَلَا مُعْطِيَ لِمَا مَنَعْتَ، وَلَا يَنْفَعُ ذَا الْجَدِّ مِنْكَ الْجَدُّ». [صحيح] - [متفق عليه]

(151) – Hadith yaturutse kwa Warrad, wari umwanditsi w'umusangirangendo Al Mughirat Ibun Shu'ubat, yaravuze ati: Al Mughirat Ibun Shu'ubat yambwiye ibyo nandika ubwo yandikiraga Mu'awiyat avuga ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nyuma ya buri swalat y'itegeko yajyaga ivuga iti:

"LA ILAHA ILA ALLAH WAHDAHU LA SHARIKALAHU, LAHUL MULKU WA LAHUL HAMDU WA HUWA ALA KULI SHAYI'IN QADIRU:

Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye Allah, ni umwe utabangikanywa n'ikindi icyo aricyo

cyose, niwe Nyir'ubwami, niwe ukwiye gushimwa n'ibisingizo, ni nawe ufite ubushobozi bw'icyo ari icyo cyose. ALLAHUMA LA MANI'A LIMA A'ATWAYITA, WALA MU'UTWIYA LIMA MANA'ATA, WA LA YAN'FAU DHAL DJADI MI'NIKAL DJADU: Mana Nyagasani ntawakwima uwo wahaye, nta n'uwaha uwo wimye, n'umunyabushobozi hano ku isi, nta cyo bwamumarira usibye ibikorwa byiza yakoze. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nyuma ya buri swalat y'itegeko yajyaga ivuga iti: "LA ILAHA ILA ALLAH WAHDAHU LA SHARIKALAHU, LAHUL MULKU WA LAHUL HAMDU WA HUWA ALA KULI SHAYI'IN QADIRU: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye Allah, ni umwe utabangikanywa n'ikindi icyo aricyo cyose, niwe Nyir'ubwami, niwe ukwiye gushimwa no gusingizwa, ni nawe ufite ubushobozi bw'icyari icyo cyose. ALLAHUMA LA MANI'A LIMA A'ATWAYITA, WALA MU'UTWIYA LIMA MANA'ATA, WA LA YAN'FAU DHAL DJADI MI'NIKAL DJADU: Mana Nyagasani ntawakwima uwo wahaye, nta n'uwaha uwo wimye, n'umunyabushobozi hano ku isi, nta cyo bwamumarira usibye ibikorwa byiza yakoze.

Bisobanuye ngo: Nemera nkanahamya ijambo ry'ukwemera ari ryo LA ILAHA ILA LLAH, ibikorwa

byose mbikora kubera Allah, nkanahakana undi wabikorerwa utari we, nta wundi ukwiye kugaragirwa by'ukuri usibye we. Ndaniyemerera ko ubwami bw'ukuri bwuzuye ari ubwa Allah, n'ikuzo n'ishimwe bikorwa n'abo mu birere no mu isi nta wundi ubikwiye usibye Allah, kuko ari we ufite ubushobozi kuri buri kintu, kandi ko ibyo Allah yagennye mu kugaba no kwima nta wabisubiza inyuma, nta n'umunyabubasha ububasha bwe bwagira icyo bumarira, ahubwo ibyagira icyo bimumarira ni ibikorwa bye byiza yakoze.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ubu busabe bwa nyuma y'iswalat bukubiyemo amagambo ashimangira ko Imana ari imwe ikwiye no gusingizwa.
2. Kwihutira gushyira mu bikorwa imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), no kuyikwiza ahantu hose.

(65102)

(152) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه عَنْ رَسُولِ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «مَنْ سَبَّحَ اللهَ فِي دُبُرِ كُلِّ صَلَاةٍ ثَلَاثًا وَثَلَاثِينَ، وَحَمِدَ اللهَ ثَلَاثًا وَثَلَاثِينَ، وَكَبَّرَ اللهَ ثَلَاثًا وَثَلَاثِينَ، فَتِلْكَ تِسْعَةٌ وَتِسْعُونَ، وَقَالَ: تَمَامَ الْمِائَةِ: لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ وَحْدَهُ لَا شَرِيكَ لَهُ، لَهُ الْمُلْكُ وَلَهُ الْحَمْدُ وَهُوَ عَلَى كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ غُفِرَتْ خَطَايَاهُ وَإِنْ كَانَتْ مِثْلَ زَبَدِ الْبَحْرِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(152) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana

iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzasingiza Allah buri nyuma y'iswalat inshuro mirongo itatu n'eshatu, akanamusingiza inshuro mirongo itatu n'eshatu, akanavuga Allah Akbar (Imana isumba byose) inshuro mirongo itatu n'eshatu, zizaba zibaye inshuro mirongo icyenda n'icyenda, hanyuma ku nshuro y'ijana akavuga ati: LA ILAHA ILA LLAHU WAHDAHU LA SHARIKA LAHU, LAHUL MULKU WA LAHUL HAMDU WA HUWA ALA KULI SHAY'IN QADIIR: Nta yindi mana ikwiye kugaragirwa uretse Allah, niwe ufite ukwiye ubwami no gusingizwa, kandi niwe Nyir'ubushobozi kuri buri kintu, azababarirwa ibyaha bye kabone n'iyo byangana n'ifuro ryo ku nyanja.
[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umuntu uvuze nyuma yo gusali iswalat z'itegeko aya magambo: SUBHANALLAH: Ubutagatifu ni ubwa Allah inshuro mirongo itatu n'eshatu
ALHAMDULILLAH: Ikuzo n'ishimwe ni ibya Allah, akamusingiza mu bisingizo byuzuye hamwe n'urukundo amufitiye no kumwubaha, inshuro mirongo itatu n'eshatu.
ALLAHU AKBAR: Allah asumba byose, ni n'uw'ikirenga kuruta byose, inshuro mirongo itatu n'eshatu.
Akuzuza inshuro y'ijana avuga ati: "LA ILAHA ILAHA ILA LLAHU WAHDAHU LA SHARIKA LAHU, LAHUL

MULKU WA LAHUL HAMDU WA HUWA ALA KULI SHAY'IN QADIIR; ari byo bisobanuye ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye Allah wenyine udafite uwo abangikanye nawe, kandi ko ari we Nyir'ubwami bwuzuye n'ibisingizo bimukwiye, akayavuga hamwe n'urukundo n'icyubahiro akwiye we wenyine, kandi akavuga ko ariwe Nyir'ubushobozi kuri buri kintu, nta na kimwe cyamunanira;
Uvuze ibi byose tumaze kuvuga, ababarirwa ibyaha bye, kabone n'iyo byaba bingana n'ifuro ryo ku nyanja.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza kuvuga aya magambo yo gusingiza Allah nyuma y'iswalat z'itegeko.
2. Aya magambo ni imwe mu mpamvu zo kubabarirwa ibyaha.
3. Ineza ya Allah n'impuhwe ze ndetse n'imbabazi bye birahambaye.
4. Aya magambo yo gusingiza Allah ni imwe mu mpamvu zo kubabarirwa ibyaha. Ariko ibyaha bigamijwe ni ibyaha bito, naho ibikuru byo nta kindi cyatuma ubibabarirwa usibye kwicuza.

(10948)

(153) – عَنْ أَبِي أُمَامَةَ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «مَنْ قَرَأَ آيَةَ الْكُرْسِيِّ فِي دُبُرِ كُلِّ صَلَاةٍ مَكْتُوبَةٍ لَمْ يَمْنَعْهُ مِنْ دُخُولِ الْجَنَّةِ إِلَّا أَنْ يَمُوتَ». [صحيح] - [رواه النسائي في الكبرى]

(153) – Hadith yaturutse kwa Abi Umamat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa

y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Uzasoma Ayatul Kursiy nyuma ya buri swalat y'itegeko, nta kizamubuza kwinjira mu ijuru usibye urupfu." **[Hadithi y'impamo]** –

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umuntu usomye Ayatul Kursiy amaze gusali iswalat y'itegeko nta kindi cyamubuza kwinjira mu ijuru usibye urupfu; iyi Ayatul Kusiy iherereye muri Suratul Baqarat, aho Allah yavuze ati: {ALLAHU LA ILAHA ILA HUWAL HAYUL QAYUM, LA TA'AKHUDHUHU SINATUN WALA NAWUM, LAHU MA FI SAMAWATI WAMA FIL AR'DWI, MAN DHA LADHI YASH'FA'U IN'DAHU ILA BI IDHINIHI, YA'ALAMU MA BAYNA AYDIHIM WAMA KHAL'FAHUM, WALA YUHITWUNA BISHAY'IN MIN IL'MIHI ILA BIMA SHA'A, WASI'A KUR'SIYUHU SAMAWATI WAL AR'DWA, WALA YA'UDUHU HIF'DHWUHUMA WA HUWAL ALIYUL ADHWIIM: Allah (ni we Mana y'ukuri) nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse We, Uhoraho (Nyirubuzima bwuzuye buzira inenge), Uwigize, akanabeshaho ibiriho byose.

Ntafatwa no guhunyiza habe n'ibitotsi. Ibiri mu birere n'ibiri mu isi ni ibye. Ni inde wagira uwo avuganira iwe uretse ku burenganzira bwe? Azi ibyababayeho (ku isi) n'ibizababaho (ku mperuka). Kandi nta n'icyo bamenya mu bumenyi bwe uretse

icyo ashaka. Kursiyu ye ikwiriye ibirere n'isi, kandi ntananizwa no kubirinda (ibirere n'isi). Ni na We Uwikirenga, Uhambaye.} [Al Baqarat: 255.]

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro gahambaye k'uyu murongo wa Qur'an uhambaye, kubera Ibiwukubiyemo byerekeranye n'amazina ya Allah meza ndetse n'ibisingizo bye bihebuje.
2. Gushishikariza gusoma uyu murongo uhambaye nyuma ya buri swalat y'itegeko.
3. Ibikorwa byiza ni imwe mu mpamvu yo kuzinjira mu ijuru.

(10950)

(154) – عَنِ ابْنِ عُمَرَ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُمَا قَالَ: حَفِظْتُ مِنَ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ عَشْرَ رَكَعَاتٍ: رَكْعَتَيْنِ قَبْلَ الظُّهْرِ، وَرَكْعَتَيْنِ بَعْدَهَا، وَرَكْعَتَيْنِ بَعْدَ المَغْرِبِ فِي بَيْتِهِ، وَرَكْعَتَيْنِ بَعْدَ العِشَاءِ فِي بَيْتِهِ، وَرَكْعَتَيْنِ قَبْلَ صَلاَةِ الصُّبْحِ، وَكَانَتْ سَاعَةً لاَ يُدْخَلُ عَلَى النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ فِيهَا، حَدَّثَتْنِي حَفْصَةُ أَنَّهُ كَانَ إِذَا أَذَّنَ المُؤَذِّنُ وَطَلَعَ الفَجْرُ صَلَّى رَكْعَتَيْنِ، وَفِي لَفْظٍ: أَنَّ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ كَانَ يُصَلِّي بَعْدَ الْجُمُعَةِ رَكْعَتَيْنِ.

[صحيح] - [متفق عليه بجميع رواياته]

(154) – Hadith yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Nafashe mumutwe Rakat icumi nzikuye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) : Ebyiri za mbere yo gusali iswalat yo ku manywa (Adhuhuri) n'ebyiri za nyuma yayo, ebyiri za nyuma y'iswalat ya nimugoroba (Al Maghrib)

igeze mu rugo iwayo, n'ebyiri za nyuma y'iswalat ya nijoro (Al Isha) igeze mu rugo iwayo, n'ebyiri mbere yo gusali Iswalat yo mu rucyerera (Al Fadj'ri). Ariko iyi saha ya mbere yo mu gusari Iswalat yo mu rukerera nta muntu wajyaga yinjira ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nabiganirijwe, naganirijwe na Haf'swat ko iyo umuhamagazi w'iswalat yayihamagariraga, umuseke utambitse, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga isali rakat ebyiri. No mu yindi mvugo ivuga ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga isali rakat ebyiri nyuma y'iswala y'imbaga (y'idjuma).

[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim mu mpererekane zose z'abayakiriye]

Ibisobanuro birambuye:

Abdullah Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yavuze ko mu iswalat z'umugereka yize ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) akanitwararika ari ugusali rakat icumi zizwi ku izina rya "Sunan A-Rawatib".

Ebyiri za mbere ya Adhuhuri, n'ebyiri za nyuma yayo. Ebyiri za nyuma y'iswala ya Maghrib iwayo mu rugo. Ebyiri za nyuma y'iswala ya Al Isha mu rugo. N'ebyiri za mbere y'iswala ya Al Fadj'ri. Rakat icumi zikaba zuzuye. Naho ku iswala ya Idjuma, ni ugusali rakat ebyiri nyuma yayo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza gusali izi suna zizwi ku izina rya Rawatib, no kuzitwararika.
2. Biremewe gusalira iswalat z'umugereka mu rugo.

(3062)

(155) – عَنْ أَبِي قَتَادَةَ السَّلَمِيِّ رضي الله عنه أَنَّ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «إِذَا دَخَلَ أَحَدُكُمُ الْمَسْجِدَ فَلْيَرْكَعْ رَكْعَتَيْنِ قَبْلَ أَنْ يَجْلِسَ». [صحيح] - [متفق عليه]

(155) – Hadith yaturutse kwa Abi Qatadat A-Salamiy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ati: "Umwe muri mwe niyinjira mu musigiti, ajye asali raka ebyiri mbere y'uko yicara." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irashishikariza umuntu wese ugeze ku musigiti akawinjiramo igihe icyo ari cyo cyose, no ku mpamvu iyo ari yo yose, ko agomba kubanza gusali raka ebyiri mbere y'uko yicara. Izo raka ebyiri nizo zitwa izo "Gusuhuza umusigiti (Tahiyyatul Masjid)."

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyiza byo gusali raka ebyiri mu rwego rwo gusuhuza umusigiti mbere y'uko wicara.
2. Iri tegeko rirareba wa wundi ushatse kwicara, ariko uwinjiye mu musigiti agasohoka ataricara, ntabwo iri tegeko rimureba.

3. Iyo umuntu yinjiye mu musigiti agasanga abantu bari gusali akifatanya nabo, icyo gihe biba bimuhagirije ntibiba bikiri ngombwa ko asali za raka ebyiri.

(65091)

(156) – عن أَبِي هُرَيرَةَ رضي الله عنه أَنَّ رسول الله صلى الله عليه وسلمَ قال: «إذا قُلْتَ لِصَاحِبِكَ: أَنْصِتْ، يومَ الجمعةِ، والإِمامُ يَخْطُبُ، فَقَدْ لَغَوْتَ». [صحيح] - [متفق عليه]

(156) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

"Nubwira mugenzi wawe uti: Ceceka, ku munsi wa Idjuma Imam ari gutanga inyigisho, uzaba ukinnye (mu iswala)." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko mu myifatire y'itegeko ikwiye kuranga umuntu ukurikiye inyigisho zo ku munsi wa gatanu (Idjuma) ari: Ugutega amatwi uri kuzitanga, kugira ngo uzitekerezeho, kandi ko uvuzemo kabone n'iyo byaba ijambo rimwe, Imam ari gutanga inyigisho akabwira mugenzi we ati: Ceceka cyangwa se akamubwira ati: kurikira inyigisho, uwo azaba ahombye ibyiza by'iyo swalat ya Idjuma.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kuvuga mu gihe cy'inyigisho zo ku munsi wa Idjuma ni ikizira, kabone n'iyi waba ubuza ikibi umuntu ari gukora, cyangwa se kwikiriza

indamutso, cyangwa se kwifuriza impuhwe uwitsamuye.
2. Ariko ibi ntibireba uri kugira icyo abwira Imam cyangwa se Imam nawe ari kumubwira.
3. Biremwe kuvuga hagati y'ibice bibiri by'inyigisho zo ku munsi wa Idjuma ku bw'impamvu runaka.
4. Iyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuzwe hagati muri izi nyigisho, uyisabira amahoro n'imigisha mu ibanga, ni cyo kimwe no kuvuga Amina uri kwikiriza ubusabe.

(3107)

(157) – عن عمران بن حصين رضي الله عنه قال: كَانَتْ بِي بَوَاسِيرُ، فَسَأَلْتُ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ عَنِ الصَّلَاةِ، فَقَالَ: «صَلِّ قَائِمًا، فَإِنْ لَمْ تَسْتَطِعْ فَقَاعِدًا، فَإِنْ لَمْ تَسْتَطِعْ فَعَلَى جَنْبٍ». [صحيح] - [رواه البخاري]

(157) – Hadithi yaturutse kwa Imran Ibun Huswayni (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nari ndwaye uburwayi bwa Hemorroides, nuko mbaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku bijyanye n'uburyo nasali, irambwira iti: "Jya usali uhagaze, nutabishobora wicare, nutabishobora usali uryamiye urubavu." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko ubusanzwe gusali umuntu abikora ahagaze, cyeretse igihe atabishoboye akicara, nabyo yaba atabishoboye agasali aryamiye urubavu.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gusali ntibijya bihagarara igihe cyose umuntu agifite ubwenge, ava mu buryo bumwe ajya mu bundi bijyanye n'ubushobozi bwe.
2. Uburyo Isilamu yoroshye aho yemerera umugaragu gusali uko ashoboye.

(10951)

(158) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رَضِيَ اللهُ عَنْهُ: أَنَّ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «صَلَاةٌ فِي مَسْجِدِي هَذَا خَيْرٌ مِنْ أَلْفِ صَلَاةٍ فِيمَا سِوَاهُ إِلَّا الْمَسْجِدَ الْحَرَامَ». [صحيح] - [متفق عليه]

(158) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Iswalat isengewe muri uyu musigiti wanjye ni nziza kuruta iswalat igihumbi zikorewe ahandi usibye izikorewe mu musigiti mutagatifu (w'i Makat)." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza agaciro k'iswalat ikorewe mu musigiti wayo, kandi ko irusha ibihembo igihumbi izindi zikorewe ahandi mu yindi misigiti yo ku isi, usibye umusigiti mutagatifu w'i Makat, kubera ko ari wo urusha imigisha uw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwiyongera kw'ibihembo by'iswalat ikorewe mu musigiti mutagatifu w'i Maka no mu w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).
2. Iswalat ikorewe mu musigiti mutagatifu w'i Makat ni nziza iruta iswalat ibihumbi ijana zikorewe mu yindi misigiti.

(65090)

(159) – عَنْ مَحْمُودِ بْنِ لَبِيدٍ رضي الله عنه: أَنَّ عُثْمَانَ بْنَ عَفَّانَ أَرَادَ بِنَاءَ الْمَسْجِدِ فَكَرِهَ النَّاسُ ذَلِكَ، وَأَحَبُّوا أَنْ يَدَعَهُ عَلَى هَيْئَتِهِ، فَقَالَ: سَمِعْتُ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَقُولُ: «مَنْ بَنَى مَسْجِدًا لِلهِ بَنَى اللهُ لَهُ فِي الْجَنَّةِ مِثْلَهُ». [صحيح] - [متفق عليه]

(159) – Hadith yaturutse kwa Mahmud Ibun Labid (Imana imwishimire) yavuze ko: Uth'man Ibun Afan yashatse kuvugurura umusigiti w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), abantu ntibabyishimira ahubwo bahitamo ko yawurekera uko uri, nuko arababwira ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Uzubaka umusigiti kubera Allah, Allah azamwubakira umeze nkawo mu ijuru." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Uth'man Ibun Afan (Imana imwishimire) yashatse kuvugurura umusigiti w'Intumwa y'Imana (Imana

iyihe amahoro n'imigisha) mu buryo bwiza buruta ubwo wari wubatswemo, abantu barabyanga, kubera ko byagaragara nko guhindura uburyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yawusize.

Kubera ko wari wubakishije amatafari, usakaje ibishishwa by'itende, Uthman ashaka kuwubakisha amabuye n'ibindi bikoresho bigezweho, ababwira ko yumvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Uzubaka umusigiti agamije gushaka kwishimirwa na Allah atagamije gukorera ijisho no gushimwa n'abantu, Allah azamugororera ibimeze nkabyo, aho azamwubakira ingoro mu ijuru.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza kubaka imisigiti n'agaciro kabyo.
2. Kwagura umusigiti no kuwuvugurura nabyo byinjira muri ibi byiza byo kubaka umusigiti.
3. Agaciro ko kwegurira Allah Nyir'ubutagatifu ibikorwa byose.

(65089)

(160) – عن أبي هريرة رضي الله عنه عن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «مَا نَقَصَتْ صَدَقَةٌ مِنْ مَالٍ، وَمَا زَادَ اللهُ عَبْدًا بِعَفْوٍ إِلَّا عِزًّا، وَمَا تَوَاضَعَ أَحَدٌ لِلهِ إِلَّا رَفَعَهُ اللهُ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(160) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ntabwo ituro (Sadaqat) rigira icyo rigabanya mu mutungo, kandi Allah ntacyo

yongerera umugaragu we urangwa no kubabarira usibye kurushaho kumwubahisha, kandi nta n'umwe uca bugufi kubera Allah, usibye ko amwubahisha
[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko ituro ritajya rigabanya umutungo ahubwo riwurinda ibyawuhungabanya, ndetse Allah ashumbusha uyitanze ibyiza byinshi, bityo rirawongera aho kuwugabanya.

Kandi nta mugaragu ubabarira kandi ashoboye no kwihorera cyangwa se kwihanira, usibye ko Allah amwongerera imbaraga n'icyubahiro. Kandi nta mugaragu wicisha bugufi kubera Allah, atabikoze kubera uwo atinya, cyangwa se kwigaragaza, cyangwa se kwiyoberanya afite icyo ashaka, usibye ko ingororano ze ziba kumwubahisha no kumuzamura mu ntera.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyiza byose n'intsinzi biri mu kubahiriza amategeko, no gukora ibyiza, kabone n'iyo bamwe mu bantu bacyeka ibinyuranye n'ibyo.

(5512)

(161) – عن أبي هريرة رضي الله عنه أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «قَالَ اللهُ: أَنْفِقْ يَا ابْنَ آدَمَ أُنْفِقْ عَلَيْكَ». [صحيح] - [متفق عليه]

(161) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Allah yaravuze ati: Yewe mwene Adamu, jya utanga mu byo naguhaye, nanjye nzajya nguha ibyo ucyeneye." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko Allah Nyir'ubutagatifu yavuze ati: Yewe mwene Adamu jya witanga - byaba iby'itegeko cyangwa se ibyo ushishikarizwa gukora-, nanjye nzakwagurira mu byawe, nguhe ingurane y'ibyo watanze, ndetse nabigushyiriremo imigisha.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza gutanga amaturo no kwitanga mu nzira ya Allah.
2. Kwitanga mu nzira zitandukanye z'ibyiza ni imwe mu mpamvu zizana imigisha mu mafunguro ndetse no kwiyongera kwayo, ndetse no kuba Allah aguha ingurane y'ibyo watanze.
3. Iyi Hadithi ni imwe mu zo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yakuye kwa

Nyagasani wayo, ari zo zitwa Hadithul Qud'siyu cyangwa se Ilahiyu, ari zo zisobanuye ko imvugo zazo n'ibisobanuro byazo byaturutse kwa Allah, usibye ko zo zidafite umwihariko nk'uwa Qur'an itandukaniyeho n'ibindi, nko kuba kuyisomerwa ari kimwe mu bikorwa by'amasengesho (Ibadat), no kuyisoma wabanje gukora isuku (Twaharat), no kuba yarategeye abantu kuzana ikimeze nkayo kandi ikaba ari igitangaza, ndetse n'ibindi.

(5805)

(162) – عن أبي مسعود رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «إِذَا أَنْفَقَ الرَّجُلُ عَلَى أَهْلِهِ يَحْتَسِبُهَا فَهُوَ لَهُ صَدَقَةٌ». [صحيح] - [متفق عليه]

(162) – Hadithi yaturutse kwa Abi Masuud (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Iyo umugabo ahaye ab'iwe ibibatunga yiringiye kuzabihemberwa na Allah, yandikirwa ko atanze ituro." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko iyo umugabo atanze ibitunga umuryango we ashinzwe nk'umugore we, ababyeyi be bombi, n'abana be ndetse n'abandi, akabikora yumva ko yiyegereza Allah Nyir'ubutagatifu, ndetse ari nawe atezeho ibihembo, yandikirwa ibihembo nk'iby'utanze ituro.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Utanze ibitunga umuryango we yandikirwa ibihembo n'ingororano.
2. Umwemeramana ibyo akoze byose aba agamije kwishimirwa na Allah, ndetse arangamiye n'ibihembo bye ndetse n'ingororano ze.
3. Ni ngombwa kugira umugambi mwiza muri buri gikorwa; no muri ibyo harimo gushakira ibitunga umuryango wawe.

(6460)

(163) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «مَنْ أَنْظَرَ مُعْسِرًا، أَوْ وَضَعَ لَهُ، أَظَلَّهُ اللهُ يَوْمَ الْقِيَامَةِ تَحْتَ ظِلِّ عَرْشِهِ يَوْمَ لَا ظِلَّ إِلَّا ظِلُّهُ». [صحيح] - [رواه الترمذي وأحمد]

(163) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Uzihanganira umufitiye ideni agomba kumwishyura cyangwa akamukuriraho iryo deni (akamusonera), ku munsi w'imperuka Allah azamushyira munsi y'igicucu cya Arshi ye, umunsi nta kindi gicucu kizaba gihari usibye icya Arshi ye." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Tirmidhi na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko uwihanganiye umufitiye ideni cyangwa se akanarimubabarira, igihembo cye nta kindi usibye ko ku munsi w'imperuka Allah azamushyira mu gicucu cya Arshi ye, ubwo izuba rizaba ryegerejwe hafi y'imitwe y'abagaragu ba Allah, n'ubushyuhe bwaryo bwabaye bwinshi cyane. Bityo nta n'umwe uzabona igicucu usibye uwo Allah azagiha.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro ko korohera abagaragu ba Allah Nyir'ubutagatifu, ndetse ko ari imwe mu mpamvu zo kuzarokoka ibihano byo ku munsi w'imperuka.
2. Ineza yiturwa indi, kandi ibyo ukoreye abandi nawe urabikorerwa.

(4186)

(164) – عن جابر رضي الله عنه أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «رَحِمَ اللهُ رَجُلًا سَمْحًا إِذَا بَاعَ، وَإِذَا اشْتَرَى، وَإِذَا اقْتَضَى». [صحيح] - [رواه البخاري]

(164) – Hadithi yaturutse kwa Djabir (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Allah agirire impuhwe umuntu woroha igihe agurisha, woroha igihe agura, woroha igihe yishyuza." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irasabira impuhwe za Allah buri uwo ari we wese woroha, w'umunyabuntu, mu bucuruzi bwe; Bityo ntagora umuguzi mu biciro, ahubwo aramworohera akanamwitwaraho neza mu muco uboneye. Araroha akagira ubuntu igihe nawe ari umuguzi, bityo nta muhuguza cyangwa se ngo ateshe agaciro ibicuruzwa. Araroha akagira ubuntu igihe yishyuza abamufitiye umwenda; ntagore umukene n'undi ubabaye, ahubwo amwishyuza harimo kumworohera no kumugirira impuhwe, ndetse akanihanganira uwananiwe kwishyura.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Mu ntego z'amategeko y'idini y'ubuyisilamu harimo kubungabunga ibituma umubano hagati y'abantu utungana kandi ugahoraho.
2. Gushishikariza kurangwa n'imico myiza mu migirire n'imibanire hagati y'abantu byaba mu kugura no kugurisha ndetse no mu bindi.

(3716)

(165) – عن أبي هريرة رضي الله عنه أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «كان رجلٌ يُدَايِنُ الناسَ، فكان يقول لفتاه: إذا أتيتَ مُعسِرًا فتجاوز عنه، لعل اللهَ يَتجاوزُ عنا، فلقي اللهَ فتجاوز عنه». [صحيح] - [متفق عليه]

(165) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Hari umugabo umwe wajyaga aguriza abantu, yajyaga abwira umukozi we

ati: Nujya ujya kwishyuza hakagira uwo usanga yananiwe kwishyura jya umwihanganira umudohorere, kugira ngo natwe Allah azatubabarire, nuko aza gupfa ahura na Allah aramubabarira." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga ku mugabo umwe wajyaga aguriza abantu cyangwa se akabagurisha bakazamwishyura nyuma; Yajyaga abwira umukozi we wamwishyurizaga amadeni abantu bamufitiye ati: Nujya ujya kwishyuza ugasanga uwo wishyuza ntafite ubushobozi bwo kukwishyura, ujye umworohera umwihanganire utamushyizeho igitutu mu kumwishyuza. Cyangwa se kwakira ibyo umusanganye kabone n'iyo byaba bituzuye, ibyo byose uwo mugabo yabikoraga kubera gushaka ko Allah nawe yazamwakirira ibyo azaba afite akamubabarira. Ubwo wa mugabo yari amaze gupfa, Allah yaramubabariye, ndetse ntiyamuhanira ibyaha bye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kugirira neza abantu no kubababarira ndetse no korohera ukomerewe muri bo ni imwe mu mpamvu zizatuma umugaragu arokoka ibihano ku munsi w'imperuka.
2. Kugirira neza ibiremwa no kubikora kubera Allah wiringiye impuhwe ze ni imwe mu mpamvu zo kubabarirwa ibyaha.

(3753)

(166) – عن خَولة الأنصاريةِ رضي الله عنها قالت: سمعت النبي صلى الله عليه وسلم يقول: «إِنَّ رِجَالًا يَتَخَوَّضُونَ فِي مَالِ اللهِ بِغَيْرِ حَقٍّ، فَلَهُمُ النَّارُ يَوْمَ الْقِيَامَةِ». [صحيح] - [رواه البخاري]

(166) – Hadithi yaturutse kwa Khawlat Al Answariyat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Abantu bakoresha umutungo wa Allah uko bishakiye bitari mu kuri, ku munsi w'imperuka icyicaro cyabo ni mu muriro." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira abantu bakoresha imitungo y'abayisilamu mu buryo butari bwo, bakayifata batayemerewe. Iki kikaba ari cyo gisobanuro rusange cy'umutungo ku bijyanye no kuwukusanyiriza no kuwugeraho mu buryo butemewe, ndetse no kuwutanga aho bitemewe kuwutanga.

Aha hinjiramo no kurya imitungo y'imfubyi, cyangwa se imitungo ya Waqf, no kwirengagiza indagizo, no gufata imitungo rusange ku batayikwiye.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ivuga ko ku munsi w'imperuka ibihembo byabo ari umuriro.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Imitungo abantu bafite ni iya Allah yabaragije kugira ngo bayikoreshe mu nzira zemewe n'amategeko, ndetse bareke kuyitwaramo mu buryo butemewe; ibi bikaba ari rusange ku bayobozi n'abandi batari bo.
2. Amategeko y'idini yashyize umukazo ku mutungo rusange, ndetse anavuga ko uzawuragizwa azawubazwa ku munsi w'imperuka uburyo yawusarujemo n'ibyo yawutanzemo.
3. Ibi bihano bireba n'undi wawukoresheje mu nzira zitemewe n'amategeko, waba ari umutungo we cyangwa se utari uwe.

(5331)

(167) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «مَنْ صَامَ رَمَضَانَ إِيمَانًا وَاحْتِسَابًا غُفِرَ لَهُ مَا تَقَدَّمَ مِنْ ذَنْبِهِ» [صحيح] - [متفق عليه]

(167) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Uzasiba ukwezi kwa Ramadwan afite ukwemera no kwiringira ibihembo kwa Allah, azababarirwa ibyaha yakoze mbere yaho. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko usibye ukwezi kwa Ramadhan akabikora yemera Allah, anemera ko ari itegeko kuri we gusiba, no

kwiringira kubona ibihembo byateganyirijwe abazagusiba, akabikora kubera Allah wenyine atabitewe no gukorera ijisho cyangwa se kugira ngo avugwe, azababarirwa ibyaha bye yakoze mbere (y'icyo gisibo).

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro ko gukora ibikorwa nta wundi ubikoreye usibye Allah, n'akamaro kabyo mu gisibo cy'ukwezi kwa Ramadwan n'ibindi bikorwa byiza.

(4196)

(168) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «مَنْ يَقُمْ لَيْلَةَ الْقَدْرِ إِيمَانًا وَاحْتِسَابًا غُفِرَ لَهُ مَا تَقَدَّمَ مِنْ ذَنْبِهِ» [صحيح] - [متفق عليه]

(168) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Uzasali iswala y'igihagararo mu ijoro ry'igeno (Laylatul Qadri) abitewe n'ukwemera afite ndetse no kwiringira ibihembo kwa Allah, azababarirwa ibyaha yakoze mbere." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ibyiza byo gukora igihagararo mu ijoro ry'igeno (Laylatul Qadr) kiba mu minsi icumi ya nyuma y'ukwezi kwa Ramadhan, kandi ko ugize umuhate muri iryo joro asali, asaba ubusabe, asoma

Qur'an, asingiza Allah, abyemera, yemera n'ibyavuzwe ku byerekeranye n'ibyiza byaryo, yiringiye ibihembo by'ibyo akora kwa Allah Nyir'ubutagatifu, adakorera ijisho cyangwa se kuvugwa, uwo abarirwa ibyaha bye yakoze mbere.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro k'ijoro ry'igeno (Laylatul Qadri) no gushishikariza kurikoramo ibihagararo by'ijoro.
2. Ibikorwa byiza ntibyakirwa cyeretse ibikoranywe umugambi w'ukuri
3. Ibyiza bya Allah n'impuhwe ze; kubera ko umuntu ukoze igihagararo mu ijoro ry'igeno afite ukwemera no kwiringira ibihembo byaryo kwa Allah, ababarirwa ibyaha byose yakoze mbere.

(4202)

(169) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: سمعت النبي صلى الله عليه وسلم يقول: «مَنْ حَجَّ لِلهِ فَلَمْ يَرْفُثْ وَلَمْ يَفْسُقْ رَجَعَ كَيَوْمِ وَلَدَتْهُ أُمُّهُ». [صحيح] - [متفق عليه]

(169) – Hadithi yaturutse kuri Abi Hurayirat (Imana imwishimire) yaravuze ati: "Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Uzakora umutambagiro (Hadj), akirinda imvugo mbi n'ibindi bikorwa bibi, agaruka mu be

ameze nk'umunsi Nyina yamubyayeho (nta cyaha afite)." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umuntu ukoze umutambagiro mutagatifu kubera Allah Nyir'ubutagatifu, akirinda kuba yakora ibizirirjwe mu mutambagiro, birimo imibonano mpuzabitsina n'ibiyibanziriza nko gusomana, no gukorakoranaho, cyangwa se amagambo mabi n'izindi mvugo mbi, akora ibyaha. No mu bikorwa bibi harimo gukora ibyo ubujijwe wamaze kugira umugambi wo gukora umutambagiro mutagatifu, icyo gihe ukubuka mu mutambagiro wakoze wababariwe ibyaha, nkuko umwana avuka nta cyaha kimurangwaho.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibikorwa bibi n'ubwo bibujijwe ibihe byose, ariko birushaho kuba ikizira mu gihe cy'umutambagiro mutagatifu kubera kubaha ibikorwa n'imihango bikorerwa mu mutambagiro mutagatifu.
2. Umuntu avuka nta byaha afite, ari umuziranenge, bityo ntiyikorera ibyaha by'undi.

(2758)

(170) – عن ابن عباس رضي الله عنهما قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «ما مِنْ أيَّامٍ العمَلُ الصَّالِحُ فيها أحبُّ إلى اللهِ مِن هذه الأيام» يعني أيامَ العشر، قالوا: يا رسُولَ الله، ولا الجهادُ في سبيلِ الله؟ قال: «ولا الجهادُ في سبيلِ الله، إلا رجلٌ خَرَجَ بنفسِه ومالِه فلم يَرْجِعْ من ذلك بشيءٍ». [صحيح] - [رواه البخاري وأبو داود، واللفظ له]

(170) – Hadithi yaturutse kwa Ibun Abass (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Nta munsi mu minsi wakoramo igikorwa cyiza Allah akakishimira kuruta icyo wakora muri iyi minsi." Igamije kuvuga iminsi icumi! Abasangirangendo barayibaza bati: No guharanira inzira y'Imana? Intumwa y'Imana irabasubiza iti: No guharanira inzira y'Imana, cyeretse umuntu wajya ku rugamba we ubwe n'umutungo we, ntihagire na kimwe muri byo kigaruka!" **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhariy na Abu Dawud, n'iyi mvugo ni iye]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko igikorwa cyiza gikozwe mu minsi icumi ibanza yo mu kwezi kwa cumi na biri (Dhul Hidjat) kiruta icyo wakora mu yindi minsi isanzwe igize umwaka. Abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bayibajije niba no guharanira inzira y'Imana (Djihadi) wakora mu minsi itari iyi icumi nabyo byarutwa n'ibikorwa byiza wakora muri iyi minsi? Kubera ko bari basanzwe bazi ko guharanira inzira ya Allah ari cyo gikorwa kiruta ibindi byose.

Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibasubiza ko igikorwa cyiza muri iyi minsi kiruta no guharanira inzira y'Imana mu yindi minsi, usibye wenda umuntu wajya kuyiharanira akigirayo we ubwe ndetse n'umutungo we, akagwayo ndetse n'umutungo we ntugaruke. Guharanira inzira y'Imana muri ubu buryo niko kwaza kuruta igikorwa cyiza wakora muri iyi minsi myiza.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyiza by'ibikorwa byiza bikorwa mu minsi icumi ya Dhul Hidjat. Niyo mpamvu umuyisilamu agomba gufatirana iyi minsi, agakoramo ibikorwa byinshi bitandukanye asingiza Allah, asoma Qur'an, avuga amagambo yo gusingiza Allah nka TAKBIIR (Kuvuga ALLAH AKBAR), TAHLIIL (Kuvuga LA ILAHA ILA LLAH), TAHMID (Kuvuga ALHAMDULILLAH), gusali, gutanga amaturo, gusiba, ndetse no gukora ibindi bikorwa byiza muri rusange.

(6255)

(171) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «إِنَّ اللهَ لَا يَنْظُرُ إِلَى صُوَرِكُمْ وَأَمْوَالِكُمْ، وَلَكِنْ يَنْظُرُ إِلَى قُلُوبِكُمْ وَأَعْمَالِكُمْ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(171) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: “Imana ntireba ubwiza bw’uburanga bwanyu cyangwa imitungo yanyu, ahubwo ireba imitima yanyu ndetse n'ibikorwa byanyu.” **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko Allah Nyir'ubutagatifu atita ku buranga bw'abagaragu be cyangwa se imibiri yabo, cyangwa se niba ari beza cyangwa se niba ari babi, cyangwa se niba ari banini cyangwa se ni ba ari bato, cyangwa se niba ari bazima cyangwa se niba barwaye? Nta n'ubwo yita ku mitungo yabo, niba ari myinshi cyangwa se ari micye. Bityo Allah ntabiryoza abagaragu be cyangwa se ngo abibahore n'uburyo batandukanye muri byo, ahubwo icyo yitaho ni imitima yabo n'ibiyirimo bijyanye no gutinya Allah no kwizera, n'ukuri no kumwegurira ibikorwa byabo byose, cyangwa se gukorera ijisho no kuvugwa neza. Inita cyane ku kureba ibikorwa byabo uburyo bitunganye cyangwa se bidatunganye, bityo akaba ari byo atangira ingororano ndetse akabihembera.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwita ku gutunganya umutima no kuwusukura icyo ari cyo cyose kibi.
2. Gutunganya umutima duharira Allah ibikorwa, no gutunganya ibikorwa tubikora twigana Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ibi byombi ni ibyo Allah Nyir'ubutagatifu yitaho ndetse aha n'agaciro.
3. Umuntu ntagashukwe n'umutungo we cyangwa se ubwiza bwe, cyangwa se umubiri we, cyangwa se ikindi icyo ari cyo cyose cyo mu mitako y'isi.
4. Kwihanangiriza kwiringira ibigaragara hirengagijwe gutunganya igice kitagaragara.

(4555)

(172) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه قال: قال رَسُولُ الله صلى الله عليه وسلم: «إِنَّ اللهَ يَغَارُ، وَإِنَّ الْمُؤْمِنَ يَغَارُ، وَغَيْرَةُ اللهِ أَنْ يَأْتِيَ الْمُؤْمِنُ مَا حَرَّمَ عَلَيْهِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(172) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mu by'ukuri Allah arafuha, n'umwemeramana arafuha, ariko gufuha kwa Allah kubaho igihe umwemeramana akoze ibyo yamuziririje." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko Allah afuha akananga ndetse akarakara, nk'uko umwemeramana afuha akanga akanarakara, kandi ko impamvu yo gufuha kwa Allah ari igihe umwemeramana akoze ibyo yamuziririje akora ibyaha nk'ubusambanyi, ubutinganyi, ubujura, kunywa inzoga n'ibindi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwihanangiriza kurakarirwa na Allah, ndetse n'ibihano bye igihe habayeho kurengera amategeko ye.

(3354)

(173) – عن أبي هريرة رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «اجْتَنِبُوا السَّبْعَ الْمُوبِقَاتِ»، قَالُوا: يَا رَسُولَ اللهِ وَمَا هُنَّ؟ قَالَ: «الشِّرْكُ بِاللهِ، وَالسِّحْرُ، وَقَتْلُ النَّفْسِ الَّتِي حَرَّمَ اللهُ إِلَّا بِالْحَقِّ، وَأَكْلُ الرِّبَا، وَأَكْلُ مَالِ الْيَتِيمِ، وَالتَّوَلِّي يَوْمَ الزَّحْفِ، وَقَذْفُ الْمُحْصَنَاتِ الْمُؤْمِنَاتِ الْغَافِلَاتِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(173) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mwirinde ibyaha birindwi birimbura." Baramubaza bati: Ni ibihe yewe ntumwa y'Imana? Intumwa y'Imana iravuga iti "Kubangikanya Imana, gukoresha uburozi (ubupfumu), kwica umuntu Imana yaziririje ko yicwa, nta mpamvu yemewe n'amategeko, kurya riba, kurya umutungo w'imfubyi, guhunga urugamba igihe cy'itabaro no kubeshyera ubusambanyi abagore b'abemera bifata b'abere." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irategeka abayoboke bayo kugendera kure ibyaha birindwi byoreka ubikora; ubwo yabazwaga ibyo ari byo yagaragaje ko ari ibi bikurikira:

Icya mbere: Kubangikanya Allah n'undi cyangwa se umureshyeshya n'ikindi uko cyaba kimeze kose, no kugira undi ukorera igikorwa cyo kugaragira Allah (Ibadat) utari

we . Intumwa yahereye ku ibangikanyamana, kuko ari cyo cyaha kiruta ibindi.

Icya kabiri: Kuroga- bikorwa mu buryo butandukanye nko guhuhira mu mapfundo, gutongera imiti n'ibyatsi, imyotsi, bikaba byagira ingaruka mu mubiri w'uwarozwe bikamwica cyangwa se bikamurwaza, cyangwa se bigatanya hagati ya babiri bashakanye. Iki kikaba ari kimwe mu bikorwa bya Shitani, kandi benshi mu baroga ntibakigeraho batabanje gukora ibangikanyamana, ndetse no kwiyegereza imyuka mibi uyitambira kimwe mu byo ikunda.

Icya gatatu: Ni ukwica roho y'inzirakarengane Allah yaziririje kwica, cyeretse ari ku bw'impamvu yemewe mu mategeko (nk'uwishe undi, umugizi wa nabi,...), ariko ibyo bikorwa n'umuyobozi.

Icya kane: Gukoresha Riba byaba ari ukuyirya cyangwa se ubundi buryo bwose wakoresha bwakugirira umumaro.

Icya gatanu: Ni ukwigarurira umutungo w'umwana w'imfubyi utarakura wapfushije se.

Icya gatandatu: Guhunga urugamba abayisilamu basakiranyemo n'umwanzi.

Icya karindwi: Guhimbira abagore b'abere batiyandarika igikorwa cy'ubusambanyi, ni nk'uko bimeze ku guhimbira abagabo batiyandarika.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyaha bikuru ntabwo ari birindwi gusa, naho kuvugwa kw'ibi birindwi ni ukubera ko bikomeye ndetse bikaba binateye inkeke kurusha ibindi.
2. Biremewe kwica umuntu ku mpamvu z'ukuri nko guhora (igihe nawe hari uwo yishe), kuva mu dini ry'ubuyisilamu, no gusambana warashatse, ariko ushyira mu bikorwa ibyo bihano ni umuyobozi wemewe n'amategeko.

(3331)

(174) – عن أبي بكرة رضي الله عنه قال: قال النبي صلى الله عليه وسلم: «أَلَا أُنَبِّئُكُمْ بِأَكْبَرِ الْكَبَائِرِ؟» ثَلَاثًا، قَالُوا: بَلَى يَا رَسُولَ اللهِ، قَالَ: «الْإِشْرَاكُ بِاللهِ، وَعُقُوقُ الْوَالِدَيْنِ» وَجَلَسَ وَكَانَ مُتَّكِئًا، فَقَالَ: «أَلَا وَقَوْلُ الزُّورِ»، قَالَ: فَمَا زَالَ يُكَرِّرُهَا حَتَّى قُلْنَا: لَيْتَهُ سَكَتَ. [صحيح] - [متفق عليه]

(174) – Hadithi yaturutse kwa Abi Bak'rat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarabajije iti: "Ese mbabwire ibyaha bikuru kuruta ibindi?" Ibibabaza inshuro eshatu; barayisubiza bati: Yego yewe Ntumwa y'Imana! Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irabasubiza iti: "Ni ukubangikanya Imana, no gusuzugura ababyeyi!" Yari yegamye maze ireguka iricara, maze iravuga iti: "No kuvuga imvugo z'ikinyoma!" Yakomeje kubisubiramo kugeza ubwo tuvuga tuti: Iyaba yari icecetse! **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragariza abasangirangendo bayo ibyaha bihambaye kuruta ibindi, maze ivuga ibi bitatu:

1. Kubangikanya Imana: Ari byo bisobanuye gufata bumwe mu bwoko bw'amasengesho ukabukorera undi utari Allah, cyangwa se gufata ikindi ukakinganya na Allah mu kuba ari we Mana yonyine ikwiye guharirwa amasengesho, n'ibikorwa byayo yihariye bidakorwa n'undi uwo ari we wese, ndetse no kuba ari we Mana yonyine mu mazina yayo yihariye n'ibisingizo byayo.
2. Gusuzugura ababyeyi: Ni ukubakorera icyo ari cyo cyose cyababangamira, cyaba mu mvugo cyangwa se ibikorwa, no kureka kubakorera ineza ubagomba.
3. Ni ukuvuga ibinyoma, harimo no kubihamya: Bikaba ari buri mvugo mpimbano y'ikinyoma umuntu avuga agamije gutesha agaciro uwo ari kuvuga kugira ngo atware umutungo we, cyangwa se amuhemukire ku cyubahiro cye cyangwa se n'ibindi.

   Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasubiyemo kenshi iri jambo rigira riti no kuvuga ibinyoma, igamije kuburira abantu kureka kuvuga amagambo y'ibinyoma, no kubagaragariza ko ari ibibi ndetse n'ingaruka zabyo mbi ku muryango mugari, kugeza ubwo abasangirangendo bavuze bati: Iyaba yari icecetse, mu rwego rwo kuyigirira impuhwe, no kutishimira ibyayibangamira.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Icyaha gihambaye kuruta ibindi ni ukubangikanya Allah, kubera ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagishyize imbere y'ibindi byaha byose ndengakamere, ibi nabyo bigashimangirwa n'imvugo ya Allah Nyir'ubutagatifu igira iti: {Mu by'ukuri, Allah ntababarira icyaha cyo kumubangikanya, ahubwo ababarira (ibindi) bitari icyo k'uwo ashaka...} [A-Nisa'u: 48]
2. Ubuhambare bw'uburenganzira bw'ababyeyi bombi, aho Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabuhuje n'uburenganzira bwa Allah Nyir'ubutagatifu.
3. Ibyaha birimo amoko abiri: Hari ibikuru n'ibito; ibikuru ni icyo ari cyo cyose mu byaha cyateganyirijwe igihano ku isi nk'ibihano mpanabyaha cyangwa se umuvumo cyangwa se isezerano ku munsi w'imperuka ryo kuzajya mu muriro. Kandi ko ibyaha bikuru birutanwa, bimwe muri byo birakomeye kuruta ibindi ku bijyanye n'uko biziririjwe, naho ibyaha bito ni ibyaha bitari ibikuru.

(2941)

(175) – عن عبد الله بن عمرو بن العاص رضي الله عنهما عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «الْكَبَائِرُ: الْإِشْرَاكُ بِاللهِ، وَعُقُوقُ الْوَالِدَيْنِ، وَقَتْلُ النَّفْسِ، وَالْيَمِينُ الْغَمُوسُ». [صحيح] - [رواه البخاري]

(175) – Hadithi yaturutse kwa Abdillah Ibun Amri Ibun Al Asw (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ibyaha bikuru ni: Ukubangikanya Imana, no gusuzugura ababyeyi bombi, no kwica inzirakarengane, n'indahiro irindimurira nyirayo mu muriro." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ibyaha bikuru, bikaba ari bya bindi uwabikoze yateganyirijwe ibihano bihambaye hano ku isi cyangwa se ku munsi w'imperuka.

Ikibanziriza ibindi ni Ibangikanyamana: Ari byo bisobanuye gufata bumwe mu bwoko bw'amasengesho ukabukorera undi utari Allah, cyangwa se kureshyeshya Allah n'uwo ari we wese mu bintu by'umwihariko kuri Allah gusa, mu kuba ari we mana wenyine, cyangwa se mu bikorwa yihariye wenyine, cyangwa se mu mazina ye matagatifu n'ibisingizo bye byuzuye.

Icya kabiri muri byo: Ni ugusuzugura ababyeyi ari byo bisobanuye kubakorera icyo ari cyo cyose cyababangamira, cyaba mu mvugo cyangwa se ibikorwa, no kureka kubakorera ineza ubagomba

Icya gatatu muri byo: Ni ukwica inzirakarengane bitari mu kuri, nko kwica umuntu mu mahugu n'ubugome.

Icya kane muri byo: Ni indahiro irindimurira nyirayo mu muriro; ni indahiro ikozwe mu binyoma kandi ubikoze abizi ko abeshya; yiswe gutyo kubera ko ishyira nyirayo mu byaha cyangwa se mu muriro.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Indahiro irindimurira nyirayo mu muriro nta cyiru igira, kubera ububi bwayo, ahubwo ni ngombwa kwicuza.
2. Kuvuga ibi byaha bine muri iyi Hadithi ihambaye nuko ari byo bikomeye kuruta ibisigaye, ntabwo ari uko ari byo byonyine gusa.
3. Ibyaha birimo amoko abiri: Hari ibikuru n'ibito; ibikuru ni icyo ari cyo cyose mu byaha cyateganyirijwe igihano ku isi nk'ibihano cyangwa se umuvumo cyangwa se isezerano ku munsi w'imperuka ryo kuzajya mu muriro. Kandi ko ibyaha bikuru birutanwa, bimwe muri byo birakomeye kuruta ibindi ku bijyanye n'uko biziririjwe, naho ibyaha bito ni ibyaha bitarimo ibikuru.

(2962)

(176) – عَنْ عَبْدِ اللهِ بنِ مَسْعُودٍ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «أَوَّلُ مَا يُقْضَى بَيْنَ النَّاسِ يَوْمَ الْقِيَامَةِ فِي الدِّمَاءِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(176) – Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Mas'ud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Urubanza rwa mbere na mbere ruzacibwa hagati y'abantu ku munsi w'imperuka ni urugendanye

n'amaraso." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko ku munsi w'imperuka urubanza rwa mbere ruzacibwa hagati y'abantu ari urugendanye n'amaraso nko kwica no gukomeretsa.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ubuhambare bwo kubungabunga amaraso y'abantu, no kuba ari rwo rubanza rwa mbere ruzacibwa ku munsi w'imperuka bigaragaza ubuhambare bwabyo.
2. Ibyaha bikomera hashingiwe ku ngaruka zabyo, no kuvutsa ubuzima abantu ni bwo bwangizi buhambaye, ndetse ntakibiruta usibye ubuhakanyi no kubangikanya Allah Nyir'ubutagatifu.

(2962)

(177) – عن عبد الله بن عمرو رضي الله عنهما عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «مَنْ قَتَلَ مُعَاهَدًا لَمْ يَرَحْ رَائِحَةَ الْجَنَّةِ، وَإِنَّ رِيحَهَا تُوجَدُ مِنْ مَسِيرَةِ أَرْبَعِينَ عَامًا».

[صحيح] - [رواه البخاري]

(177) – Hadithi yaturutse kwa Abdillah Ibun Amri (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: Uzica Mu'ahad (umuntu ufitanye n'abayisilamu isezerano ryo kumurindira

umutekano) ntazigera yumva impumuro y'ijuru, kandi iyo mpumuro yumvirwa mu ntera ingana n'urugendo rw'imyaka mirongo ine. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ibihano bihambaye by'umuntu wica Mu'ahid (ni uwo ari we wese mu bahakanyi ubana n'abayisilamu ku bw'amasezerano yo kurindirwa umutekano, ko uwamwica atazigera yumva impumuro y'ijuru, kandi yumvikanira mu ntera y'ahangana n'urugendo rw'imyaka mirongo ine.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni icyizira kwica Muahad, cyangwa se Dhimiy, cyangwa se Al Musta'aman mu bahakanyi, kandi ko ari kimwe mu byaha bikuru.
2. Al Mu'ahad: Ni umuhakanyi wahawe isezerano ryo kurindirwa umutekano, akaba ari mu gihugu cye atarwanya abayisilamu cyangwa se ngo nabo bamurwanye. Naho A-Dhimiy ni uwutuye hamwe n'abayisilamu akaba yishyura umusoro (Djiziyat). Naho uwitwa Al Musta'aman: Ni uwubana n'abayisilamu mu gihugu kimwe ku bw'amasezerano y'igihe runaka bagiranye yo kumurinda umutekano.
3. Kuburira abayisilamu kwirinda ubuhemu no kwica amasezerano tuba twaragiranye n'abatari abayisilamu.

(64637)

(178) – عن جُبَير بن مُطْعِم رضي الله عنه أنه سمع النبي صلى الله عليه وسلم يقول: «لَا يَدْخُلُ الْجَنَّةَ قَاطِعُ رَحِمٍ». [صحيح] - [متفق عليه]

(178) – Hadithi yaturutse kwa Djubayr Ibun Mutw'im (Imana imwishimire) yavuze ko yumvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: “Uwaciye amasano n’ubuvandimwe ntazinjira mu ijuru” **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko uciye isano n'abanyamuryango be abima ibyo abagomba, cyangwa se akababuza amahoro, uwo akwiye kutazinjira mu ijuru.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Guca amasano n'ubuvandimwe ni kimwe mu byaha bikuru.
2. Kunga amasano n'ubuvandimwe bikorwa mu buryo busanzwe buzwi, niyo mpamvu butandukana bitewe n'ahantu n'ibihe ndetse n'abantu.
3. Kunga isano n'ubuvandimwe bikorwa umuntu abasura, ababa amaturo, abagirira neza, asura abarwayi muri bo, ababwiriza gukora ibyiza, anababuza gukora ibibi, n'ibindi nk'ibyo.
4. Buri uko uciye isano n'uwa bugufi niko icyaha kirushaho gukomera.

(5367)

(179) – عن أنس بن مالك رضي الله عنه أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «مَنْ أَحَبَّ أَنْ يُبْسَطَ لَهُ فِي رِزْقِهِ، وَيُنْسَأَ لَهُ فِي أَثَرِهِ، فَلْيَصِلْ رَحِمَهُ». [صحيح] - [متفق عليه]

(179) – Hadithi yaturutse kwa Anas Ibun Malik (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ushaka ko Allah amwagurira amafunguro ye, cyangwa se akazabaho igihe kirekire, ajye yunga ubuvandimwe n'abo bafitanye isano mu muryango we." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iradushishikariza kunga amasano n'abacu ba bugufi tubasura tunabagirira neza mu mitungo no ku mibiri ndetse n'ibindi, kuko biri mu byongera amafunguro y'umuntu kandi akabaho igihe kirekire.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Abanyamuryango umuntu yunga amasano nabo ni abo mu ruhande rwa se n'urwa nyina, na buri uko baba aba bugufi niko kunga nabo isano biba ari ngombwa kuruta abandi.
2. Ineza yiturwa indi, uwunze isano n'umuryango we abagirira neza, Allah nawe yongera igihe cye cyo kubaho ndetse n'amafunguro ye.
3. Kunga isano ry'imiryango ni imwe mu mpamvu zo kwagurirwa amafunguro no kwiyongera, ni n'imwe mu mpamvu zo kwongererwa igihe cyo kubaho.

Nubwo bwose igihe cyo kubaho n'amafunguro byagenwe, ariko Allah abishyiramo imigisha; ukaba wakora mu gihe ukiriho ibirenze kandi bifite umumaro kuruta ibyo undi yakora. Binavugwa ko kongererwa amafunguro n'igihe cyo kubaho ari ibya nyabyo, ariko Allah niwe Mumenyi uhebuje.

(5372)

(180) – عن عبد الله بن عمرو رضي الله عنهما عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «لَيْسَ الْوَاصِلُ بِالْمُكَافِئِ، وَلَكِنِ الْوَاصِلُ الَّذِي إِذَا قُطِعَتْ رَحِمُهُ وَصَلَهَا».

[صحيح] - [رواه البخاري]

(180) – Hadithi yaturutse kwa Abdillah Ibun Amri (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uwunga isano ry'umuryango wa nyawe ntabwo ari wawundi ubikora agamije nawe kubikorerwa, ahubwo uryunga by'ukuri ni wa wundi iyo abanyamuryango be baciye isano we araryunga."

[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igamije kuvuga ko Umuntu wunga isano ry'abagize umuryango we mu buryo bwa nyabwo, akanabagirira neza nabwo ari wawundi ubikora aagamije ko bazamwishyura. Ahubwo uryunga by'ukuri ni wa wundi n'iyo abanyamuryango be baciye isano we araryunga kabone n'iyo baba baramuhemukiye, we abitura kubagirira neza no kubabanira neza.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kunga isano ry'umuryango bihabwa agaciro cyane mu idini ry'ubuyisilamu ni ukuryunga n'uwariciye, no kubabarira uwaguhemukiye, no guha uwakwimye, ntabwo ari ukubikora kugira ngo nabo bazakwiture cyangwa se ngo nabo bazakwishyure.
2. Kunga isano ry'umuryango n'abawugize bikorwa umuntu akora ibyo ashoboye mu byiza nko gutanga umutungo, kubasabira ibyiza, kubabwiriza gukora ibyiza no kubabuza gukora ibibi n'ibindi nkabyo, ndetse no kubarinda ibibi bishobora kubageraho.

(3854)

(181) – عن أبي هريرة رضي الله عنه أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «أَتَدْرُونَ مَا الْغِيبَةُ؟»، قَالُوا: اللهُ وَرَسُولُهُ أَعْلَمُ، قَالَ: «ذِكْرُكَ أَخَاكَ بِمَا يَكْرَهُ»، قِيلَ: أَفَرَأَيْتَ إِنْ كَانَ فِي أَخِي مَا أَقُولُ؟ قَالَ: «إِنْ كَانَ فِيهِ مَا تَقُولُ فَقَدِ اغْتَبْتَهُ، وَإِنْ لَمْ يَكُنْ فِيهِ فَقَدْ بَهَتَّهُ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(181) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: “Ese muzi gusebanya icyo ari cyo? Baravuga bati: Imana n’Intumwa yayo ni bo babizi. Iravuga iti: Ni ukuvuga umuvandimwe wawe ibyo atishimira. Baravuga bati: Ese n’iyo naba muvuga ibimuriho? Iravuga iti: Iyo ibyo uvuga bimuriho uba umusebeje, naho iyo ibyo umuvuga bitamuriho uba umuharabitse. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza gusebanya kuziririjwe icyo ari cyo, ari byo bisobanuye kuvuga ku muyisilamu ibyo atishimiye byaba mu miterere ye ndetse n'imico ye nko kuvuga ko arebesha ijisho rimwe, ari umubeshyi n'ibindi mu bidashimishije, kabone n'iyo yaba ari uko ameze.

Ariko iyo umuvuzeho ibyo adafite ibyo biba birenze kumusebya , ndetse ni n'ikinyoma no kumuhimbira.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Uburyo bwiza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yigishagamo, aho yigishaga mu buryo bwo kubaza.
2. Imico myiza yarangaga abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ubwo babaga bari kumwe n'Intumwa y'Imana aho bayisubije ubwo yari ibabajije bati: Allah n'Intumwa ye nibo babizi.
3. Ubajijwe ibyo atazi aba akwiye kuvuga ati: Allah niwe Mumenyi uhebuje.
4. Uburyo amategeko yabungabunze umuryango mugari binyuze mu kurinda uburenganzira bw'abawugize ndetse n'ubuvandimwe hagati yabo.
5. Gusebanya ni ikizira usibye mu bihe bimwe na bimwe nabwo bitewe n'inyungu runaka; nko gukumira amahugu, icyo gihe uwahugujwe akavuga uwamuhuguje amubwira ushobora kumurenganura, akaba yavuga ati: Nahugujwe

na kanaka, cyangwa se yankoreye ibi n'ibi; harimo n'aho umuntu yasebya mugenzi we nk'igihe agishijwe inama ku muntu runaka igihe cyo kurongora, cyangwa se ubufatanye mu bucuruzi, cyangwa se guturana nawe n'ibindi.

(5326)

(182) – عن ابن عمر رضي الله عنهما قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «كل مُسْكِرٍ خَمْرٌ، وكل مُسْكِرٍ حرام، ومن شرِب الخمر في الدنيا فمات وهو يُدْمِنُهَا لَمْ يَتُبْ، لَمْ يَشْرَبْهَا في الآخرة». [صحيح] - [رواه مسلم وأخرج البخاري الجملة الأخيرة منه]

(182) – Hadith yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Buri gisindisha cyose ni inzoga, na buri nzoga ni ikizira. N'uzanywa inzoga hano ku isi agapfa ari uko akimeze ataricujije, mu ijuru ntazayinywa. [Hadithi y'impamo] - []

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko buri icyo ari cyo cyose kiyobya ubwenge kiba ari inzoga ari ikiyobyabwenge, yaba yakinyweye cyangwa se yakiriye cyangwa se yagishoreje cyangwa se yabigenje ukundi. Kandi ko buri gisindisha cyose kiyobya ubwenge Allah yakiziririje ndetse aranakibuza, cyaba gicye cyangwa se cyinshi. Kandi ko buri wese unyweye bumwe muri

ubu bwoko bw'ibisindisha, akanabihozaho ntiyicuze kugeza ubwo apfuye, uwo aba akwiye ibihano bya Allah no kuzamwima iriya nzoga mu ijuru.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Impamvu inzoga yagizwe ikizira nuko isindisha, na buri gisindisha cyose mu bwoko ubwo ari bwo bwose cyaba gikozemo ni ikizira.
2. Allah Nyir'ubutagatifu yaziririje inzoga, kubera ko ikubiyemo ibibi n'ingorane nyinshi kandi zihambaye.
3. Kuba inzoga izanywebwa mu ijuru ni mu rwego rwo gukomeza kugira umunezero n'uburyohe bwuzuye, n'ingabire zuzuye.
4. Utazifata ngo areke kunywa inzoga hano ku isi, Allah azazimuziriza ku munsi w'imperuka mu ijuru. Kandi ineza yiturwa indi.
5. Gushishikariza kwihutira kwicuza ibyaha mbere y'urupfu.

(58259)

(183) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: لَعَنَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ الرَّاشِيَ وَالْمُرْتَشِيَ فِي الْحُكْمِ. [صحيح] - [رواه الترمذي وأحمد]

(183) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavumye utanga ruswa ndetse n'uyakira agamije kugoreka ubutabera. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Tirmidhi na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasabiye kwirukanwa mu mpuhwe za Allah Nyir'ubutagatifu, utanga ruswa n'uyakira. No muri byo harimo ibihabwa abacamanza, kugira ngo babogame mu guca urubanza, bityo uwayitanze agere ku cyo yifuza kandi atari we ugikwiye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kirazira gutanga ruswa, kuyakira cyangwa kuba umuhuza mu itangwa ryayo, no gufasha kuyibona kubera ko ari bimwe mu gufatanya mu bibi.
2. Ruswa ni kimwe mu byaha bikuru, kubera ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavumye uyitanga n'uyakira.
3. Gutanga ruswa mu bijyanye n'ubutabera ni icyaha gihambaye, kandi gikomeye, kubera ko harimo amahugu no guca urubanza bihabanye n'ibyo Allah yategetse.

(64689)

(184) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه عَنِ النَّبِيِّ صلى الله عليه وسلم قَالَ: «إِيَّاكُمْ وَالظَّنَّ؛ فَإِنَّ الظَّنَّ أَكْذَبُ الْحَدِيثِ، وَلَا تَحَسَّسُوا، وَلَا تَجَسَّسُوا، وَلَا تَحَاسَدُوا، وَلَا تَدَابَرُوا، وَلَا تَبَاغَضُوا، وَكُونُوا عِبَادَ اللهِ إِخْوَانًا». [صحيح] - [متفق عليه]

(184) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mujye mwirinda gucyeka; kubera ko gucyeka ari ikinyoma kiruta ibindi, ntimugashakishe inenge za

bagenzi banyu, ntimukanekane, ntimukagirirane amashyari, ntimukagambanirane, ntimukagirane inzangano, kandi mujye muba abagaragu ba Allah b'abavandimwe." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irihanangiriza abantu inababuza kurangwa na bimwe mu byateza umwiryane n'urwango hagati y'abayisilamu. Bimwe muri byo ni ibi bikurikira:

Gucyeka, ari byo gutecyerereza mugenzi wawe ibyo udafitiye gihamya, ndetse Intumwa yanagaragaje ko ibyo ari ikinyoma kigaragara.

Gushakisha inenge z'abandi, ucukumbura inenge zabo waba ukoresheje ijisho (kureba) cyangwa se ugutwi (Kumviriza).

Kuneka, ari byo bisobanuye gushakisha ibitagaragarira amaso, akenshi bikorwa hagamijwe ikibi.

Ishyari ari byo kubabazwa n'ibyiza n'ingabire zageze ku bandi.

Kugambanirana, ari byo kuba buri wese yaba nyamwigendaho ntasuhuze mugenzi we w'umuyisilamu cyangwa se ngo amusure.

Kugirirana urwango ari byo kwanga no kwitarura abandi no kubabangamira, no kubazingira umunya, no kubuka inabi.

Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ivuga ijambo rikomeye rihuriza hamwe

abasilamu ndetse rigatuma nta n'ikibazo bagirana hagati yabo iravuga iti: (Kandi mujye muba abagaragu ba Allah b'abavandimwe). Bityo ubuvandimwe ni ryo pfundo ribungabunga imibanire hagati y'abantu, rikongera urukundo n'ubumwe hagati yabo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gucyecyera umuntu nabi, igihe yagaragaweho n'ibimenyetso ntacyo bitwara, ariko umwemeramana aba akwiye kuba umunyabwenge ndetse akagira n'ubushishozi, ntashukwe n'abagizi ba nabi n'abangizi.
2. Ikigamijwe mu kwihanangiriza abantu ni ugushinjanya umuntu yishyiramo, ndetse ugasanga anabikomeyeho. Naho ibyo umuntu yatekereza kuri mugenzi we ariko ntabitindeho , ntibimutindemo byo ntacyo bitwaye.
3. Ni ikizira impamvu zose zatera amacakubiri n'inzangano hagati y'abagize umuryango mugari wa Kisilamu, nko kunekana, no kugirirana amashyari n'ibindi nkabyo.
4. Inama yo kubanira neza umuyisilamu mugenzi wawe no kumufata nk'umuvandimwe umugira inama ndetse unamukunda.

(5332)

(185) – عن حذيفة رضي الله عنه قال: سمعت النبي صلى الله عليه وسلم يقول: «لَا يَدْخُلُ الْجَنَّةَ قَتَّاتٌ». [صحيح] - [متفق عليه]

(185) – Hadithi yaturutse kwa Hudhayfat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Umuntu ubunza amagambo ntazinjira ijuru." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko ubunza amagambo hagati y'abantu agamije kubateranya no gukwiza inzangano hagati yabo akwiye ibihano by'uko atazajya mu ijuru.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kubunza amagambo ni kimwe mu byaha bikuru.
2. Kubuza kubunza amagambo kubera ko harimo kubiba inzangano n'umwiryane hagati y'abantu ku giti cyabo ndetse n'abantu muri rusange.

(5368)

(186) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه قَالَ: سَمِعْتُ رَسُولَ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَقُولُ: «كُلُّ أُمَّتِي مُعَافًى إِلَّا المُجَاهِرِينَ، وَإِنَّ مِنَ المُجَاهَرَةِ أَنْ يَعْمَلَ الرَّجُلُ بِاللَّيْلِ عَمَلًا، ثُمَّ يُصْبِحَ وَقَدْ سَتَرَهُ اللَّهُ عَلَيْهِ، فَيَقُولَ: يَا فُلَانُ، عَمِلْتُ البَارِحَةَ كَذَا وَكَذَا، وَقَدْ بَاتَ يَسْتُرُهُ رَبُّهُ، وَيُصْبِحُ يَكْشِفُ سِتْرَ اللَّهِ عَنْهُ». [صحيح] - [متفق عليه]

(186) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Abayoboke

banjye bose bazababarirwa usibye abakora ibyaha ku mugaragaro, kandi gukora ibyaha ku mugaragaro ni igihe umuntu akoze igikorwa mu ijoro Allah akamuhishira, bwacya akavuga ati: Yewe kanaka! Mu ijoro ryashize nakoze ibi n'ibi, kandi Nyagasani we yari yamuhishiriye, bugacya amena ibanga Allah yari yamugiriye." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ko umuyisilamu ukoze icyaha, hiringiwe ko Allah azamubabarira, cyeretse wa wundi ushyira ibyaha bye ku mugaragaro akivamo agamije kwigamba no kwiyemera ku bandi, uwo nta mbabazi akwiye; nk'igihe akoze icyaha mu ijoro Allah akamuhishira, bwacya akaramuka yigamba abiratira abandi avuga ko yaraye akoze ibyaha runaka, kandi Nyagasani we yari yamuhishiriye, ibyo Nyagasani we yari yamuhishiriyeho akabishyira ku mugaragaro!

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni bibi kwigamba ibyaha nyuma y'uko Allah Nyir'ubutagatifu yaguhishiriye.
2. Kwigamba ibyaha, ni bumwe mu buryo bwo gukwiza ubwangizi mu bemeramana.
3. Uwo Allah yahishiriye hano ku isi, no ku munsi w'imperuka azamuhishira; ibi bikaba

ari bimwe mu bigaragaza impuhwe za Allah Nyir'ubutagatifu zagutse ku bagaragu be.

4. Uwo Allah agerageje agakora icyaha, aba akwiye kwihishira kandi akicuza kuri we.
5. Ubuhambare bw'icyaha cya ba bandi bagambira gushyira ku mugaragaro ibyaha, ndetse bikanabaviramo kutababarirwa na Allah.

(3756)

(187) – عَنِ ابْنِ عُمَرَ رضي الله عنهما: أَنَّ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ خَطَبَ النَّاسَ يَوْمَ فَتْحِ مَكَّةَ، فَقَالَ: «يَا أَيُّهَا النَّاسُ، إِنَّ اللهَ قَدْ أَذْهَبَ عَنْكُمْ عُبِّيَّةَ الْجَاهِلِيَّةِ وَتَعَاظُمَهَا بِآبَائِهَا، فَالنَّاسُ رَجُلَانِ: بَرٌّ تَقِيٌّ كَرِيمٌ عَلَى اللهِ، وَفَاجِرٌ شَقِيٌّ هَيِّنٌ عَلَى اللهِ، وَالنَّاسُ بَنُو آدَمَ، وَخَلَقَ اللهُ آدَمَ مِنْ تُرَابٍ، قَالَ اللهُ: {يَا أَيُّهَا النَّاسُ إِنَّا خَلَقْنَاكُمْ مِنْ ذَكَرٍ وَأُنْثَى وَجَعَلْنَاكُمْ شُعُوبًا وَقَبَائِلَ لِتَعَارَفُوا إِنَّ أَكْرَمَكُمْ عِنْدَ اللهِ أَتْقَاكُمْ إِنَّ اللهَ عَلِيمٌ خَبِيرٌ} [الحجرات: ١٣]». [صحيح] - [رواه الترمذي وابن حبان]

(187) – Hadith yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yavuze ko ku munsi w'ibohozwa ry'umujyi wa Maka, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahaye abantu inyigisho iravuga iti: "Yemwe bantu! Mu by'ukuri Allah yabakuriyeho ubwibone bwa kijiji no kwiratana ibisekuru; bityo abantu ni babiri: Uwumvira Allah, umutinya, w'umunyabuntu, n'umuntu w'umwangizi, w'inkozi y'ibibi, usuzuguritse imbere ya Allah. Kandi abantu bose ni bene Adamu, kandi Allah yaremye Adamu mu itaka. Allah aragira ati: {*Yemwe bantu! Twabaremye tubakomoye ku mugabo n'umugore,*

nuko tubagira amahanga n'amoko (atandukanye) kugira ngo mumenyane. Mu by'ukuri ubarusha icyubahiro imbere ya Allah ni ubarusha kugandukira (Allah). Rwose Allah ni Umumenyi uhebuje, Uzi byose}." [Qur'an 49: 13]. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Tirmidhiy na Ibun Hiban]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahaye abantu inyigisho ku munsi w'ifatwa ry'umujyi wa Makat irababwira iti: Yemwe bantu! Mu by'ukuri Allah yabakuriyeho ubwibone bwa kijiji n'ubwirasi, no kwiratana ibisekuru, kandi ko abantu barimo ingeri ebyiri: Uwumvira Allah, umutinya, ugaragira Allah Nyir'ubutagatifu wenyine, uwo nawe aba ari umuntu wubahitse imbere ya Allah, kabone n'iyo nta butunzi cyangwa se umuryango yaba afite.

Cyangwa se umwangizi, w'inkozi y'ibibi, uyu akaba asuzuguritse imbere ya Allah, ndetse nta n'icyo avuze, kabone n'iyo yaba afite ubutunzi cyangwa se icyubahiro cyangwa se ubutware. Kandi ko abantu bose ari bene Adamu, ndetse Allah yaremye Adamu mu gitaka. Bityo ntibikwiye ko umuntu ufite inkomoko mu gitaka ko yakwibona cyangwa se akumva ko ari igitangaza. Ibi bikaba bishimangirwa n'imvugo ya Allah igira ati: {Yemwe bantu! Twabaremye tubakomoye ku mugabo n'umugore, nuko tubagira amahanga n'amoko (atandukanye) kugira ngo mumenyane. Mu by'ukuri ubarusha icyubahiro imbere ya Allah ni ubarusha kugandukira (Allah). Rwose Allah ni Umumenyi uhebuje, Uzi byose}." [Qur'an 49: 13].

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kubuza kwiratana isano ry'amasano n'ibyubahiro runaka.

(65074)

(188) – عن عائشة رضي الله عنها عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «إِنَّ أَبْغَضَ الرِّجَالِ إِلَى اللهِ الْأَلَدُّ الْخَصِمُ». [صحيح] - [متفق عليه]

(188) – Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mu by'ukuri umuntu Allah yanga kuruta abandi ni umunyamwaga w'umunyempaka nyinshi." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) aratubwira ko Allah Nyir'ubutagatifu yanga umuntu w'umunyamwaga ujya impaka cyane, utemera kwicisha bugufi imbere y'ukuri, akanga kukwumva kubera kujya impaka kwe, cyangwa se akajya impaka ariko akarengera akarenza urugero, ndetse akajya impaka mu byo adafitiye ubumenyi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kujya impaka zitemewe ntihinjiramo umuntu wahugujwe akurikirana ibye yambuwe, kabone n'ubwo yajya mu manza.
2. Kujya impaka n'intonganya ni zimwe mu ndwara z'ururimi zitera amacakubiri no kugambanirana hagati y'abayisilamu.

3. Impaka zemewe ni zazindi zikozwe mu buryo bwiza no mu nzira nziza, izitemewe ni za zindi zanga kumva ukuri no gushimangira ikinyoma, cyangwa se izidafite gihamya zishingiyeho.

(5474)

(189) – عن أبي بَكرة رضي الله عنه قال: سمعت رسول الله صلى الله عليه وسلم يقول: «إِذَا الْتَقَى الْمُسْلِمَانِ بِسَيْفَيْهِمَا فَالْقَاتِلُ وَالْمَقْتُولُ فِي النَّارِ»، فَقُلْتُ: يَا رَسُولَ اللهِ هَذَا الْقَاتِلُ، فَمَا بَالُ الْمَقْتُولِ؟ قَالَ: «إِنَّهُ كَانَ حَرِيصًا عَلَى قَتْلِ صَاحِبِهِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(189) – Hadithi yaturutse kwa Abi Bak'rat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Igihe abayisilamu babiri basakiranye mu mirwano bafite inkota, icyo gihe uwishe n'uwishwe bose bajya mu muriro", ndavuga nti: Yewe Ntumwa y'Imana! Uyu ni uwishe birumvikana, none uwishwe we bimeze bite? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iransubiza iti: Uyu nawe yari ashishikajwe no kwica mugenzi we." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko igihe abayisilamu babiri basakiranye barwana bafite intwaro, buri wese agambiriye kwica mugenzi we, icyo gihe uwishe ajya mu muriro, kubera kwica mugenzi we; Abasangirangendo ntibiyumvisha ukuntu n'uwishwe azajya mu muriro maze barayibaza bati: Uwishwe ni gute yajya mu muriro? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)

ibasubiza ko nawe azajya mu muriro kubera ko nawe yari ashishikariye kwica mugenzi we usibye ko yamutanze kubigeraho.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ugambiriye gukora icyaha mu mutima akanaharanira kugikora aba akwiye kubihanirwa.
2. Kubuza mu buryo bukomeye imirwano hagati y'abayisilamu, ndetse n'ibihano bihambaye by'umuriro bibategereje.
3. Kurwana hagati y'abayisilamu binyuze mu kuri byo ntabwo umuntu abihanirwa; nko kurwanya no kwica abagizi ba nabi ndetse n'abangizi.
4. Umuntu ukoze icyaha gikuru, ntikimuhindura umuhakanyi kuko agikoze, kubera ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yise abarwana hagati yabo ko ari abayisilamu!
5. Abayisilamu babiri basakiranye bitwaje icyo ari cyo cyose cyamugeza ku kwica mugenzi we, icyo gihe uwishe n'uwishwe bose bazajya mu muriro. No kuba inkota ari yo yavuzwe muri iyi Hadithi byari mu rwego rwo gutanga urugero. (Intwaro iyo ari yo yose wakoresha ukica mugenzi wawe nayo yinjira mu gisobanuro cy'iyi mvugo).

(4304)

(190) – عن أبي موسى الأشعري رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «مَنْ حَمَلَ عَلَيْنَا السِّلَاحَ فَلَيْسَ مِنَّا». [صحيح] - [متفق عليه]

(190) – Hadith yaturutse kwa Abi Mussa Al Ash'ariy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana

(Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzadutunga intwaro cyangwa se akayitubanguraho, uwo ntabwo ari muri twe." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irahanangiriza umuntu utunga intwaro abayisilamu agamije kubatera ubwoba, cyangwa se kubanyaga; ubikoze bitari mu kuri, aba akoze icyaha gikomeye kandi ndengakamere, ndetse nawe aba akwiye ibihano bikomeye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwihanangiriza bikomeye umuyisilamu kuba yakica bagenzi be b'abayisilamu.
2. Mu byaha bikomeye kandi bihambaye hano ku isi, ni umuyisilamu kuba yatunga intwaro abayisilamu bagenzi be, no kuba yabica.
3. Ibihano byavuzwe ntibigamije imirwano ikozwe mu kuri, nko kwica abangizi n'inkozi z'ibibi ndetse n'abandi.
4. Ni ikizira gutera ubwoba abayisilamu ubatungaho intwaro cyangwa se n'ibindi, kabone n'iyo waba wikinira.

(2997)

(191) – عن عائشة رضي الله عنها قالت: قال النبي صلى الله عليه وسلم: «لَا تَسُبُّوا الْأَمْوَاتَ، فَإِنَّهُمْ قَدْ أَفْضَوْا إِلَى مَا قَدَّمُوا». [صحيح] - [رواه البخاري]

(191) – Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ntimugatuke abapfuye kuko bo bamaze kubona ingororano cyangwa ibihano by'ibyo bakoze." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko ari ikizira gutuka abapfuye, no kubahuka ibyubahiro byabo, kandi ko ari imwe mu mico mibi, kubera ko bamaze kubona ingororano z'ibikorwa byiza bakoze cyangwa se ibihano by'ibikorwa bibi bakoze, kandi nk'uko kubatuka bitabageraho ahubwo bibangamira abazima.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Iyi Hadithi iragaragaza ko ari ikizira gutuka abapfuye.
2. Kureka gutuka abapfuye harimo kurengera inyungu z'abazima, no kubungabunga umutekano w'abantu muri rusange kugira ngo hataba ubushyamirane n'umwiryane.
3. Ubugenge buri mu kubuza kubatuka ni ukubera ko bamaze kugera mu byo bakoze, kubatuka rero

ntacyo byaba bimaze, kandi harimo no kubangamira abanyamuryango babo basigaye.

4. Ntibikwiye ko umuntu avuga ibitarimo inyungu.

(5364)

(192) – عن أبي أيوب الأنصاري رضي الله عنه أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «لَا يَحِلُّ لِرَجُلٍ أَنْ يَهْجُرَ أَخَاهُ فَوْقَ ثَلَاثِ لَيَالٍ، يَلْتَقِيَانِ، فَيُعْرِضُ هَذَا وَيُعْرِضُ هَذَا، وَخَيْرُهُمَا الَّذِي يَبْدَأُ بِالسَّلَامِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(192) – Hadithi yaturutse kwa Abu Ayub Al Answariy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ntibyemewe ku muyislamu kwangana n'umuvandimwe we w'umuyislamu igihe kirenze amajoro atatu, bahura buri wese akirengagiza undi. Umwiza muri bombi ni ubanza gusuhuza undi." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irabuza umuyisilamu kwanga mugenzi we no wanga kuvugana igihe kirenze amajoro atatu, buri wese ahura na mugenzi we ntamusuhuze cyangwa se ngo amuvugishe. Kandi umwiza muri aba bagiranye ubushyamirane ni uharanira kubuhosha, akabanza gusuhuza mugenzi we.

Kwangana kugamijwe hano ni ukwangana kuyobowe n'amarangamutima, naho kwangana gukozwe mu kuri kubera Allah nko kwanga inkozi z'ibibi n'abanyabihimbano n'izindi nshuti mbi, uku kwanga ntikugenerwa igihe, ahubwo gushingira ku

nyungu ziri mu kwanga abantu nk'abo, kandi uko kubanga kurekera aho igihe nabo babiretse.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Biremewe kwanga umuntu mu gihe kitarenze iminsi itatu, kubera kamere ya kimuntu, yemerewe iyo minsi kugira ngo iyo kamere irangire.
2. Ibyiza by'indamutso y'amahoro, ndetse ko ikuraho ibiri mu mitima y'abantu ndetse ikaba ari n'ikimenyetso cy'urukundo.
3. Isilamu yashishikaje kwita ku buvandimwe, n'ubumwe hagati y'abayoboke babwo.

(5365)

(193) – عن سهل بن سعد رضي الله عنه عن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «مَنْ يَضْمَنْ لِي مَا بَيْنَ لَحْيَيْهِ وَمَا بَيْنَ رِجْلَيْهِ أَضْمَنْ لَهُ الْجَنَّةَ». [صحيح] - [رواه البخاري]

(193) – Hadithi yaturutse kwa Sah'li Ibun Sa'adi (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzansezeranya kurinda ikiri hagati y'iminwa ye yombi, n'ikiri hagati y'amaguru ye yombi, nanjye musezeranyije ijuru." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga ku bintu bibiri umuyisilamu aramutse abyitwararitse, yazinjira mu ijuru.

Icya mbere: Ni ukurinda ururimi rwe yirinda kuruvugisha amagambo arakaza Allah Nyir'ubutagatifu.

Icya kabiri: Ni ukurinda igitsina cye ubusambanyi n'ibindi bikorwa bibi by'urukozasoni.

Kubera ko izi ngingo ebyiri ari zo zigwa mu byaha cyane kurusha izindi zisigaye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kurinda ururimi n'igitsina ni imwe mu nzira zinjiza uwabirinze mu ijuru.
2. Ururimi n'igitsina byavuzwe mu buryo bw'umwihariko kubera ko ari byo mvano y'ibyago by'umuntu hano ku isi no ku munsi w'imperuka.

(3475)

(194) – عَنْ أَبِي سَعِيدٍ الخُدْرِيِّ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ -وَكَانَ غَزَا مَعَ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ ثِنْتَيْ عَشْرَةَ غَزْوَةً- قَالَ: سَمِعْتُ أَرْبَعًا مِنَ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ، فَأَعْجَبْنَنِي، قَالَ: «لاَ تُسَافِرِ المَرْأَةُ مَسِيرَةَ يَوْمَيْنِ إِلَّا وَمَعَهَا زَوْجُهَا أَوْ ذُو مَحْرَمٍ، وَلاَ صَوْمَ فِي يَوْمَيْنِ: الفِطْرِ وَالأَضْحَى، وَلاَ صَلاَةَ بَعْدَ الصُّبْحِ حَتَّى تَطْلُعَ الشَّمْسُ، وَلاَ بَعْدَ العَصْرِ حَتَّى تَغْرُبَ، وَلاَ تُشَدُّ الرِّحَالُ إِلَّا إِلَى ثَلاَثَةِ مَسَاجِدَ: مَسْجِدِ الحَرَامِ، وَمَسْجِدِ الأَقْصَى، وَمَسْجِدِي هَذَا». [صحيح] - [متفق عليه]

(194) – Hadith yaturutse kwa Abi Said Al KHud'riy (Imana imwishimire), akaba yari yaritabiriye urugamba hamwe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) inshuro cumi n'ebyiri yaravuze ati: Numvise ibintu bine ku ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) birantangaza, yaravuze iti: "Umugore ntazakore urugendo rw'iminsi ibiri cyeretse ari kumwe n'umugabo we cyangwa se n'undi uziririjwe

kumurongora, nta gisibo cyakorwa muri iyi minsi ibiri ngo cyemerwe: Umunsi mukuru w'irayidi yo gusiburuka (Eidul Fitri), n'umunsi mukuru w'irayidi y'igitambo (Eidul Adw'ha), nta n'iswalat yakemerwa ikozwe nyuma y'iswalat ya mu gitondo (Asw'buhi) kugeza izuba rirashe, nta n'iyakemerwa ikozwe nyuma y'iswalat yo ku gicamunsi (Al Asri) kugeza izuba rimaze kurenga, kandi ntabwo byemewe gukora urugendo rw'igihe runaka ugiye ku musigiti keretse imisigiti itatu: Umusigiti mutagatifu wa Makat, n'umusigiti wa Al Aq'swa (Yeruzalemu), no kuri uyu musigiti wanjye (wa Madinat)." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije ibintu bine:

Icya mbere: Yabujije umugore gukora urugendo rw'iminsi ibiri atari hamwe n'umugabo we cyangwa se umwe mu babujijwe ku murongora ku buryo bwa burundu mu bo mu muryango we ba hafi nk'umwana we, se, umwana wa musaza we, umwana wa mukuru we cyangwa se murumuna we, se wabo na nyirarume, n'abandi.

Icya kabiri: Kubuza gusiba ku minsi mikuru y'irayidi yo gusiburuka n'irayidi y'igitambo, umuyisilamu yaba yayisibye kubera umuhigo

yagize, cyangwa se by'umugereka, cyangwa se ari kwishyura ikiru.

Icya gatatu: Kubuza gusali iswalat y'umugereka nyuma y'iswalat yo ku gicamunsi (Al Asri) kugeza izuba rirenze, na nyuma y'iswalat ya mu gitondo kugeza izuba rirashe.

Icya kane: Kubuza gukorera urugendo ahantu ubona ko ari heza kuruta ahandi cyangwa se wizeye ko wongererwa ibihembo usibye ku misigiti itatu; nta handi wemerewe gukorera urugendo ushaka kuhasalira, kubera ko ibihembo nta handi byongerwa usibye ku misigiti itatu: Umusigiti mutagatifu (wa Makat), uw'Intumwa y'Imana (wa Madinat), n'umusigiti wa Al Aq'swa (wa Yeruzalemu).

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ntibyemewe ko umugore akora urugendo atari kumwe n'uziririjwe kumurongora (Mahram, cyangwa se umugabo we).
2. Umugore ntiyaba Mahram w'umugore mugenzi we.
3. Icyitwa urugendo cyose, umugore ntacyemerewe cyeretse ari kumwe n'umugabo we cyangwa se Mahram; iyi Hadith yari itewe n'ubajije ikibazo ndetse n'aho aherereye.
4. Mah'ram w'umugore ni umugabo we cyangwa se uziririjwe kumurongora mu buryo bwa burundu kubera isano ry'amaraso bafitanye nka se, umuhungu we, se wabo, na nyirarume; cyangwa se isano ry'uko bonse ibere rimwe nka se umugabo w'umugore wamwonkeje, na se wabo uvukana

n'umugabo w'umugore wamwonkeje, cyangwa se ku bw'isano ryo gushyingiranwa nka sebukwe, kandi akaba ari umuyisilamu ufite ubwenge, ukuze, w'umwizerwa kandi w'inyangamugayo, kubera ko ikigamijwe kuri Mahram ni mu rwego rwo kurinda umugore no kumubungabunga, no kumuhagararira.

5. Uburyo amategeko y'ubuyisilamu yitaye ku mugore, ndetse aranamubungabunga.
6. Iswalat y'umugereka iyo ari yo yose ikozwe nyuma ya Swalatul fajri na Swalatul Asw'ri ntiba yemewe; ariko aha ntihavugwamo kwishyura iswalat z'itegeko zatambutse ku muntu, cyangwa se izifite impamvu zazo zihariye nk'iswalat y'umugereka igihe winjiye mu musigiti (Tahiyatul Masjidi) n'izindi nkazo.
7. Ni ikizira gusali nyuma y'uko izuba rirashe ako kanya, ahubwo ni ngombwa ko ribanza rikarasaho gato ahangana n'umuheto, nk'iminota icumi cyangwa se cumi n'itanu tugereranyije.
8. Igihe cy'iswalat yo ku gicamunsi ni ugukomeza kugeza izuba rirenze.
9. Muri iyi Hadith harimo ko byemewe gukora urugendo ku misigiti itatu yavuzwe muri Hadith.
10. Agaciro k'imisigiti itatu n'umwihariko wayo irusha iyindi.
11. Ntibyemewe gukora urugendo ugiye gusura imva kabone n'iyo yaba imva y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha),

ariko biremewe ku muntu uri i Madinat kuyisura, cyangwa se uhageze ku bw'iyindi mpamvu yemewe n'amategeko.

(10603)

(195) – عن أسامة بن زيد رضي الله عنهما عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «مَا تَرَكْتُ بَعْدِي فِتْنَةً أَضَرَّ عَلَى الرِّجَالِ مِنَ النِّسَاءِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(195) – Hadithi yaturutse kwa Usamat Ibun Zayd (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ntacyo nasize nyuma yanjye mu bigeragezo kigora abagabo nk'abagore." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko nta kigeragezo yasize nyuma yo gupfa kwayo kigora abagabo kwigobotora nk'abagore; iyo uwo mugore ari umwe mu banyamuryango be, umugabo ashobora kumukurikira mu guca ukubiri n'amategeko y'idini, naho iyo umugore atari uwo mu muryango we, guhura nawe no kwihererana nawe bitera ingaruka mbi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Umuyisilamu akwiye kwirinda ikigeragezo cy'abagore, ndetse agafunga inzira zose zamuganisha muri cyo.

2. Umwemeramana akwiye kwishingikiriza Allah no kuba ari we arangamira kugira ngo arokoke ibigeragezo.

(5830)

(196) – عَنْ أَبِي سَعِيدٍ الْخُدْرِيِّ رضي الله عنه عَنِ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «إِنَّ الدُّنْيَا حُلْوَةٌ خَضِرَةٌ، وَإِنَّ اللهَ مُسْتَخْلِفُكُمْ فِيهَا، فَيَنْظُرُ كَيْفَ تَعْمَلُونَ، فَاتَّقُوا الدُّنْيَا وَاتَّقُوا النِّسَاءَ، فَإِنَّ أَوَّلَ فِتْنَةِ بَنِي إِسْرَائِيلَ كَانَتْ فِي النِّسَاءِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(196) – Hadith yaturutse kwa Abu Said Al Khud'riy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mu by'ukuri isi iraryoshye kandi ni icyatsi kibisi, kandi Allah yayibagizeho abasigire, kugira ngo arebe uko mwitwara! Bityo nimutinye isi kandi mutinye abagore, kubera ko ikigeragezo cya mbere bene Isiraheli bahuye nacyo cyari icy'abagore." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko isi iryohereye, kandi iyo uyireba ubona ifite ibara ry'icyatsi, ishuka umuntu akarangazwa nayo, akaba ariyo arangamira. Allah Nyir'ubutagatifu yagize bamwe muri twe abazungura b'abandi muri ubu buzima bw'iyi si, kugira ngo arebe uko twitwara, niba tuzamwumvira cyangwa se tuzamwigomekaho? Intumwa irangije iravuga iti: Nimwirinde gushukwa n'umunezero

w'isi n'imitako yayo, bitazatuma mureka ibyo Allah yabategetse, mukaba mwagwa mubyo yababujije.
No mu byo dukwiye kwirinda kuruta ibindi mu bigeragezo byo kuri iyi si, ni ikigeragezo cy'abagore, kandi nicyo kigeragezo bene Isiraheli bahuye nacyo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza guhozaho gutinya Allah, no kutarangarira imitako y'isi n'ibindi biyigaragaraho.
2. Kwirinda ibigeragezo by'abagore, nko kubareba, cyangwa se kubona ko ntacyo bitwaye kuba abagore bakwivanga n'abagabo badafitanye isano n'ibindi nkabyo.
3. Ibigeragezo by'abagore ni mu bigeragezo bihambaye byo muri iyi si.
4. Gukura inyigisho ku babayeho mbere yacu, kubera ko ibyabaye kuri bene Isiraheli bishobora no kuba ku bandi.
5. Mu bigeragezo by'abagore, twavugamo nk'umugore w'umugabo kuba yasaba umugabo ibyo adashoboye, akamurangaza ntakorere idini rye, bigatuma atwarwa n'ibyisi. Iyo ari undi mugore badafitanye isano amushuka amurangaza bigatuma adakurikira ukuri by'umwihariko igihe basohotse mu mazu yabo bakivanga n'abagabo, nk'igihe baba batambaye bikwije. Ibi bikaba byatuma bagwa mu cyaha cy'ubusambanyi uko bwakabaye; niyo mpamvu umwemera aba akwiye

kwiringira Allah akaba ari nawe ahungiraho ngo amurokore ibishuko by'abagore.

(3053)

(197) – عن أبي موسى رضي الله عنه أن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «لا نِكَاحَ إِلَّا بِوَلِيٍّ». [صحيح] - [رواه أبو داود والترمذي وابن ماجه وأحمد]

(197) – Hadith yaturutse kwa Abi Mussa (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Nta gushyingiranwa kwakemerwa cyeretse hari uhagarariye umugore (Waly)." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Abu Dawud, na Tirmidhi, na Ibun Madjah, ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko gushyingira umugore bitakemerwa cyeretse hari umuhagararizi we (Waly) muri iryo sezerano."

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Umuhagararizi w'umugore ni kimwe mu bisabwa kugira ngo gushyingiranwa kwemerwe, iyo ibayeho nta muhagararizi, cyangwa se umugore akishyingira, ntabwo iryo sezerano riba ryuzuye.
2. Umuhagararizi w'umugore aba ari umuntu w'igitsinagabo uri bugufi y'umugore, bityo uwakure ntiyamushyingira igihe hari uwa bugufi ye.

3. Umuhagararizi agomba kuba ageze igihe cy'ubukure cyo kurebwa n'amategeko, ari igitsinagabo, azi kumenya inyungu ziri mu gushyingiranwa, ndetse akaba ahuje idini n'uwo agiye guhagararira muri iryo sezerano, bityo rero utujuje ibi tuvuze uwo ntabwo yemerewe kuba umuhagararizi w'umugore mu ishyingiranwa.

(58066)

(198) – عن عقبة بن عامر رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «أَحَقُّ الشُّرُوطِ أَنْ تُوفُوا بِهِ مَا اسْتَحْلَلْتُمْ بِهِ الْفُرُوجَ». [صحيح] - [متفق عليه]

(198) – Hadithi yaturutse kwa Uq'bat Ibun Amir (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Amabwiriza akwiye kubahirizwa no gushyirwa mu bikorwa kuruta ayandi, ni ayazirura kugirana imibonano n'abagore." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko amabwiriza akwiye kubahirizwa no gushyirwa mu bikorwa kuruta ayandi ari ya yandi yatumye abantu bazirurirwa abagore babo; ayo nayo akaba ari amabwiriza yemewe umugore asaba ko yubahiriza mu gihe cy'amasezerano yo gushyingiranwa.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni itegeko kubahiriza amabwiriza n'amasezerano buri wese yemereye mugenzi we kuzubahiriza hagati y'abashakanye, cyeretse ya yandi aziririza ibiziruye cyangwa se akazirura ibiziririje.
2. Kubahiriza ayo mabwiriza n'amasezerano yo mu gushyingiranwa niyo arusha ayandi gukomera, kuko niyo azirura imibonano hagati y'abashyingiranywe.
3. Urwego rukomeye gushyingiranwa bifite mu idini ry'ubuyisilamu, aho byashimangiye ko ari ngombwa kubahiriza amasezerano yatangiwemo.

(6021)

(199) – عن عبد الله بن عمرو رضي الله عنهما أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال:

«الدُّنْيَا مَتَاعٌ، وَخَيْرُ مَتَاعِ الدُّنْيَا الْمَرْأَةُ الصَّالِحَةُ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(199) – Hadithi yaturutse kwa Abdillah Ibun Amri (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Isi ni ahantu ushobora kubonera ibyishimo n'umunezero, ariko umunezero waho uruta iyindi ni ukugira umugore utunganye ukora ibikorwa byiza." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko isi n'ibiyikubiyemo ari ibintu by'umunezero

winezezamo igihe runaka, hanyuma bikarangira, kandi ko umunezero waho uruta iyindi ari ukuba ufite umugore ukora ibikorwa byiza, ari we wa wundi ureba akakunezeza, wamutegeka akakumvira, waba udahari akaguhishira, ndetse akirinda akanarinda umutungo wawe.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. BIremewe kwinezeza mu byiza byo muri iyi si Allah yaziruriye abagaragu be nta kwaya cyangwa se kugundira.
2. Gushishikariza gutoranya umugore ukora ibikorwa byiza, kubera ko afasha umugabo we kumvira Nyagasani we.
3. Kwinezeza kwiza muri iyi si ni ugutuma wumvira Allah, cyangwa se ukugufasha kumvira Allah.

(5794)

(200) – عَن عَبْدِ الرَّحْمَنِ بْنِ أَبِي لَيْلَى أَنَّهُمْ كَانُوا عِنْدَ حُذَيْفَةَ، فَاسْتَسْقَى فَسَقَاهُ مَجُوسِيٌّ، فَلَمَّا وَضَعَ القَدَحَ فِي يَدِهِ رَمَاهُ بِهِ، وَقَالَ: لَوْلاَ أَنِّي نَهَيْتُهُ غَيْرَ مَرَّةٍ وَلاَ مَرَّتَيْنِ - كَأَنَّهُ يَقُولُ: لَمْ أَفْعَلْ هَذَا-، وَلَكِنِّي سَمِعْتُ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَقُولُ: «لاَ تَلْبَسُوا الحَرِيرَ وَلاَ الدِّيبَاجَ، وَلاَ تَشْرَبُوا فِي آنِيَةِ الذَّهَبِ وَالفِضَّةِ، وَلاَ تَأْكُلُوا فِي صِحَافِهَا، فَإِنَّهَا لَهُمْ فِي الدُّنْيَا وَلَنَا فِي الآخِرَةِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(200) – Hadith yaturutse kwa Abdu Rahman Ibun Abi Layla yavuze ko igihe kimwe bari kwa Hudhayfat, asaba amazi yo kunywa maze ayazanirwa n'umuntu usenga umuriro (Majusiy), ubwo yamuherezaga icyo kunyweramo yarakimujugunyiye maze aravuga ati: Iyo nza kubireka abivuga rimwe cyangwa se kabiri,

agamije kuvuga ati: Iyo ntabikora-, ariko numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Ntimuzambare ihariri, cyangwa se Dibadji (Dibadj nabwo ni ubwoko bw'ihariri), kandi ntimuzanywere mu bikoze muri Zahabu na Feza, nimuzanarire no ku masiniya akoze muri byo, kubera ko ari ibyabo hano ku isi, bikazaba ibyacu ku munsi w'imperuka." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije abagabo kwambara imyambaro ikoze mu ihariri uko yaba imeze kose. Yanabujije kandi abagabo n'abagore kurira no kunywera mubikoresho bikozwe muri Zahabu na Feza.

Ndetse inavuga ko ari umwihariko w'abemeramana ku munsi w'imperuka, kubera ko babyirinze hano ku isi mu rwego rwo kumvira Allah, Naho abahakanyi, ku munsi w'imperuka ntabyo bazaba bafite, kuko bagize ubwira bwo kwishimisha mu byiza bya hano ku isi ubwo bigomekaga kuri Allah.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni ikizira kwambara imyambaro ikose mu ihariri na Dibaji ku gitsinagabo, ndetse hanateganyijwe ibihano bihambaye ku muntu uzabyambara.
2. Abagore bemerewe kwambara ihariri na Dibaji.

3. Ni ikizira kurira no kunywera mu bikoze muri Zahabu na Feza ku gitsinagabo n'igitsinagore.
4. Hudhayfat (Imana imwishimire) yihanangirije mu buryo bukomeye ibi tumaze kuvuga, anagaragaza impamvu ko yabimubujije kenshi gukoresha ibikoresho bikoze muri Zahabu na Feza, ariko ntiyabireka.

(2985)

(201) – عن ابن عمر رضي الله عنهما: أَنَّ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ نَهَى عَنِ الْقَزَعِ. [صحيح] - [متفق عليه]

(201) – Hadithi yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije kogosha igisage. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije kogosha igice kimwe ku mutwe ugasigaza ikindi. Uku kubuza ni rusange ku gitsinagabo baba abana bato n'abakuru. Naho ku gitsinagore, singombwa ko bogosha umusatsi wabo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Isilamu yitaye k'uko umuntu agaragara.

(8914)

(202) – عن ابن عمر رضي الله عنهما عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «أَحْفُوا الشَّوَارِبَ وأَعْفُوا اللِّحَى». [صحيح] - [متفق عليه]

(202) – Hadith yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mujye mugabanya ubwanwa bwo hejuru, mutereke ubwo hasi." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irategeka kugabanya ubwanwa bwo hejuru no kutabureka.
Mu gihe ubwo hasi itegeka kubutereka no kubwihorera.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni ikizira kogosha ubwanwa bwo hasi.

(3279)

(203) – عَن أَبِي سَعِيدٍ الْخُدْرِيِّ رضي الله عنه أَنَّ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «لَا يَنْظُرُ الرَّجُلُ إِلَى عَوْرَةِ الرَّجُلِ، وَلَا الْمَرْأَةُ إِلَى عَوْرَةِ الْمَرْأَةِ، وَلَا يُفْضِي الرَّجُلُ إِلَى الرَّجُلِ فِي ثَوْبٍ وَاحِدٍ، وَلَا تُفْضِي الْمَرْأَةُ إِلَى الْمَرْأَةِ فِي الثَّوْبِ الْوَاحِدِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(203) – Hadith yaturutse kwa Abu Said Al Khud'riy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Umugabo ntakarebe ubwambure bwa mugenzi we, n'umugore

ntakarebe ubwambure bwa mugenzi we, kandi umugabo ntakiyorose ishuka imwe na mugenzi we, n'umugore ntakiyorose ishuka imwe na mugenzi we."
[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije umugabo kuba yareba ubwambure bw'umugabo mugenzi we, cyangwa se ngo umugore abe yareba ubwambure bw'umugore mugenzi we.

Ubwambure: Ni buri hantu hose ku mubiri hatera isoni iyo hagaragaye; ku mugabo ni hagati y'umukundo n'amavi ye; Naho umugore ni umubiri we wose by'umwihariko ku bagabo badafitanye isano; naho ku bagore bagenzi be n'abagabo baziririjwe kumurongora, bemerewe kubona ingingo n'ubusanzwe zigaragara igihe ari mu mirimo yo mu rugo.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaziririje kuba umugabo yakiherera na mugenzi we bari bonyine mu mwambaro umwe, cyangwa se bakiyorosa ishuka imwe bambaye ubusa; inabuza umugore kuba yakiherera na mugenzi we ari bonyine cyangwa se bakiyorosa ishuka imwe bambaye ubusa, kubera ko bishobora kuba byatuma umwe akora ku bwambure bwa mugenzi we, kandi kubukoraho bibujijwe nk'uko kubureba bibujijwe, ndetse bikaba ari nabyo bibi cyane, kuko biteza ingaruka zihambaye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Birabujijwe kureba ubwambure usibye hagati y'umugabo n'umugore we.
2. Ubuyisilamu bwashishikariye gusukura umuryango mugari, bunafunga inzira zose zatuma abantu bagwa mu bikorwa by'urukozasoni.
3. Biremewe kureba ubwambure igihe bibaye ngombwa nk'ubuvuzi n'ibindi, ariko bigakorwa bitarimo ko umuntu yifuje mugenzi we.
4. Umuyisilamu ategetswe guhishira ubwambure bwe, no kubika amaso kugira ngo atareba ubwambure bwa mugenzi we.
5. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabibujije abagabo ku bagabo n'abagore ku bagore ku buryo bw'umwihariko, kubera ko bituma umwe areba ubwambure.

(8904)

(204) – عن عبد الله بن عمرو رضي الله عنهما قال: لَمْ يَكُنِ النَّبِيُّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ فَاحِشًا وَلَا مُتَفَحِّشًا، وَكَانَ يَقُولُ: «إِنَّ مِنْ خِيَارِكُمْ أَحْسَنَكُمْ أَخْلَاقًا».

[صحيح] - [متفق عليه]

(204) – Hadithi yaturutse kwa Abdillah Ibun Amri (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ntiyari umunyamvugo mbi, cyangwa se ngo ibe yarangwa no kuvuga nabi, ahubwo yahoraga ivuga iti: "Umwiza muri

mwe ni ubarusha imico myiza." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Mu mico y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ntihari harimo kurangwa n'imvugo mbi, cyangwa se ibikorwa bibi, nta n'ubwo yajyaga ibigambirira, kubera ko yarangwaga n'imico myiza kandi ihambaye.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kandi yajyaga ivuga iti: Umwiza kwa Allah kubarusha ni ubarusha imico myiza; ukora ibikorwa byiza, acya mu buranga ntazingire abantu umunya, yirinda icyabangamira abantu ndetse akabihanganira, ndetse akabana n'abantu mu byiza.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Umwemeramana agomba kwirinda imvugo mbi ndetse n'ibikorwa bibi.
2. Uburyo imico yaranze Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari itunganye kandi yuzuye, bityo ntacyo yakoraga cyangwa se ngo ivuge usibye ibyiza.
3. Imico myiza ni ho hantu ho kurushanwa, urushije abandi akaba abaye umwe mu bemeramana beza kandi bafite ukwemera kuzuye kurusha abandi.

(5803)

(205) – عن عائشة رضي الله عنها قالت: سمعت رسول الله صلى الله عليه وسلم يقول: «إِنَّ المُؤْمِنَ لَيُدرِكُ بِحُسْنِ خُلُقِهِ دَرَجَةَ الصَّائِمِ القَائِمِ». [صحيح بشواهده] - [رواه أبو داود وأحمد]

(205) – Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Mu by'ukuri Umwemeramana kubera imico ye myiza, ituma agera ku rwego rw'uwasibye ndetse wakoze igihagararo cyo mu ijoro." **[Hadithi y'impamo ushingiye ku bandi bayakiriye] - [Yakiriwe na Abu Dawud na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko imico myiza igeza nyirayo ku rwego nk'urw'uhozaho igisibo ku manywa, agakora igihagararo cya nijoro, kandi ibikusanyiriza hamwe imico myiza ni: Ugukora ibikorwa byiza, kuvuga amagambo meza, gucya mu buranga, no kwirinda icyabangamira abantu ndetse no kubihanganira.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ubuhambare bw'uburyo Isilamu yitaye ku mico myiza kandi yuzuye.
2. Ibyiza byo kurangwa n'imico myiza, kugeza ubwo bigeza umugaragu wa Allah ku rwego rw'uwasibye adasiburuka, n'uwakoze igihagararo abutaruhuka.
3. Gusiba ku manywa no gukora igihagararo cya nijoro, ibi bikorwa byombi bihambaye birimo

imvune ku babikora, ku buryo umuntu urangwa n'imico myiza ishobora ku mugeza kuri uru rwego kubera kugira umuhate wo kubanira abantu neza.

(5799)

(206) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «أَكْمَلُ الْمُؤْمِنِينَ إِيمَانًا أَحْسَنُهُمْ خُلُقًا، وَخَيْرُكُمْ خَيْرُكُمْ لِنِسَائِهِمْ». [حسن] - [رواه أبو داود والترمذي وأحمد]

(206) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umwemeramana urusha abandi ukwemera kuzuye ni ubarusha imico myiza, n'umwiza muri mwe kubarusha ni ubanira neza abagore be." **[Hadithi nziza] - [Yakiriwe na Abu Dawud, na Tirmidhiy, ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umwemeramana urusha abandi ukwemera ari ubarusha imico myiza, ugaragariza abandi uburanga bucyeye, akora ibikorwa byiza, avuga amagambo meza, yirinda kubangamira abandi.

Kandi ko umwemeramana mwiza kuruta abandi ari ubarusha kubanira neza abagore b'abanyamuryango be nk'umugore we, abakobwa be, bashiki be, n'abandi bagore bafitanye isano rya bugufi kubera ko ari bo bakwiye kubanirwa neza kuruta abandi bantu.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyiza byo kurangwa n'imico myiza, kandi ko ari kimwe mu biranga ukwemera.
2. Gukora ni kimwe mu bigize ukwemera, kandi ukwemera kuriyongera ndetse kukanagabanyuka.
3. Isilamu iha agaciro ab'igitsinagore, ndetse ikanashishikariza kubabanira neza.

(5792)

(207) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: سُئِلَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ عَنْ أَكْثَرِ مَا يُدْخِلُ النَّاسَ الْجَنَّةَ، فَقَالَ: «تَقْوَى اللهِ وَحُسْنُ الْخُلُقِ»، وَسُئِلَ عَنْ أَكْثَرِ مَا يُدْخِلُ النَّاسَ النَّارَ فَقَالَ: «الْفَمُ وَالْفَرْجُ». [حسن صحيح] - [رواه الترمذي وابن ماجه وأحمد]

(207) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabajijwe impamvu izinjiza abantu benshi mu ijuru, maze irasubiza iti: "Ni ugutinya Allah no kurangwa n'imico myiza", hanyuma irongera ibazwa impamvu izinjiza abantu benshi mu muriro irasubiza iti: "Ni umunwa n'igitsina." **[Hadithi y'impamo kandi nziza] - [Yakiriwe na Tirmidhiy na Ibun Madjah ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza impamvu ziruta izindi zizinjiza abantu mu ijuru, ari zo:

Gutinya Allah no kurangwa n'imico myiza.

Gutinya Allah ni ukuba hagati yawe n'ibihano bya Allah wakora ikizabikurinda, ukora ibyo Allah yagutegetse, wirinda ibyo yakubujije.

Naho imico myiza: Ni ukurangwa n'uburanga bucyeye, no gukora ibyiza, no kwirinda kubangamira abandi.

Kandi ko imwe mu mpamvu zikomeye zizatuma abantu bajya mu muriro ari: “Ururimi n'igitsina.”

Bimwe mu byaha ururimi rukora ni: Ukubeshya, gusebanya, kubunza amagambo n'ibindi.

Naho ibyaha by'igitsina ni ubusambanyi n'ubutinganyi n'ibindi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kuzinjira mu ijuru bizaterwa n'impamvu zimwe zerekeye Allah Nyir'ubutagatifu nko ku mutinya, izindi zerekeye abantu nko kurangwa n'imico myiza.

2. Ubuhambare bw'ururimi kuri nyirarwo, kandi ko ruzaba imwe mu mpamvu izajyana abantu mu muriro.
3. Ubuhambare bw'irari n'ibindi bikorwa bibi ku muntu, kandi ko ari bimwe mu bizinjiza abantu benshi mu muriro.

(5476)

(208) – عن أنس بن مالك رضي الله عنه قال: كَانَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ أَحْسَنَ النَّاسِ خُلُقًا. [صحيح] - [متفق عليه]

(208) – Hadithi yaturutse kwa Anas Ibun Malik (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari ifite imico myiza kuruta abandi bantu bose. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari ifite imico yuzuye kandi ihebuje, ndetse yanayirushaga abandi, nko kurangwa n'imvugo nziza, gukora ibyiza, gucya mu buranga, kwirinda icyabangamira abandi ndetse no kubihanganira ku kibi cyabaturukaho.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Imico y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari ihebuje.
2. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari urugero rwiza mu mico n'imyifatire.
3. Gushishikariza kugera ikirenge mu cy'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu kurangwa n'imico myiza!

(6180)

(209) – قال سعد بن هشام بن عامر -عندما دخل على عائشة رضي الله عنها-: يَا أُمَّ الْمُؤْمِنِينَ، أَنْبِئِينِي عَنْ خُلُقِ رَسُولِ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ، قَالَتْ: أَلَسْتَ تَقْرَأُ الْقُرْآنَ؟ قُلْتُ: بَلَى، قَالَتْ: فَإِنَّ خُلُقَ نَبِيِّ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ كَانَ الْقُرْآنَ.

[صحيح] - [رواه مسلم في جملة حديثٍ طويلٍ]

(209) – Sa'ad Ibun Hisham Ibun Amir ubwo yajyaga kwa Aishat (Imana imwishimire) yaramubajije ati: Yewe Nyina w'abemera! Mbwira imico y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) uko yari imeze? Aishat aramusubiza ati: Ese ntusoma Qur'an/ Ndamusubiza nti: Yego! Arambwira ati: Imico y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)

yari Qur'an. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim muri Hadithi ndende]**

Ibisobanuro birambuye:

Aishat Nyina w'abemera (Imana imwishimire) yabajijwe ku mico n'imyifatire yarangaga Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), nuko asubiza igisubizo kibumbatiye hamwe, ayobora uwari umubajije kuri Qur'an Ntagatifu yo ikusanyirije hamwe indangagaciro zuzuye, aramubwira ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarangwaga n'imico igaragara muri Qur'an, ibyo yategetse n'ibyo yabujije yarabyubahirizaga. Bityo imico ye yaranzwe no gushyira mu bikorwa Qur'an, no kwitwararika amategeko yayo, no kurangwa n'indangagaciro zayo, no gutekereza ku ngero zayo n'inkuru zayo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza kugera ikirenge mu cy'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) turangwa n'imico ya Qur'an.
2. Gushima imico y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kandi ko yari ifite inkomoko mu butumwa Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahishuriwe!
3. Qur'an niyo soko y'imico myiza yose ndetse n'ingeso nziza.

4. Imico muri Isilamu iba ikubiyemo idini ryose uko ryakabaye, ukora ibyo ryategetse, ukareka ibyo ryabujije.

(8265)

(210) – عن شداد بن أوس رضي الله عنه قال: ثِنْتَانِ حَفِظْتُهُمَا عَنْ رَسُولِ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «إِنَّ اللهَ كَتَبَ الْإِحْسَانَ عَلَى كُلِّ شَيْءٍ، فَإِذَا قَتَلْتُمْ فَأَحْسِنُوا الْقِتْلَةَ، وَإِذَا ذَبَحْتُمْ فَأَحْسِنُوا الذِّبْحَ، وَلْيُحِدَّ أَحَدُكُمْ شَفْرَتَهُ، فَلْيُرِحْ ذَبِيحَتَهُ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(210) – Hadithi yaturutse kwa Shadad Ibun Aw'si (Imana imwishimire) yaravuze ati: Ibintu bibiri nazirikanye mbikuye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), arangije aravuga ati: "Mu by'ukuri Allah yategetse kugirira neza buri kintu; nimuramuka mwishe mujye mwica neza. Nimunabaga, mujye mubaga neza. Kandi buri wese muri mwe ajye atyaza icyuma cye neza kandi ajye yorohereza itungo agiye kubaga!" **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko Allah Nyir'ubutagatifu yadutegetse kugira neza mu bintu byose; kandi kugira neza ni ukuzirikana Allah ku buryo buhoraho mu bikorwa byo kumwiyegereza, mu gukora ibyiza, mu kwirinda

kugirira nabi ibiremwa bye, tutibagiwe no kugira neza mu kwica ndetse no kubaga.

Kugira neza mu kwica ni nk'igihe cyo guhora (kwica uwishe nawe undi), umuntu agahitamo inzira yihuse kandi yoroshye itarimo kurenza urugero rw'ibyakorewe uwishwe.

Kugira neza igihe cyo kubaga itungo; ni igihe ugiriye impuhwe itungo ugiye kubaga utyaza neza icyuma, kandi ukaba ugomba kutagityariza imbere y'iryo tungo rikureba, kandi ko udakwiye kuribaga hari andi matungo akureba.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Impuhwe za Allah Nyir'ubutagatifu n'ubuntu bwe agirira ibiremwa bye.
2. Kwica no kubaga mu buryo bwiza, ukabikora mu buryo amategeko yagennye.
3. Amategeko y'idini ry'ubuyisilamu aruzuye kandi aratunganye, kandi abumbatiye ibyiza byose, no muri byo harimo no kugirira impuhwe inyamaswa no kuyorohera.
4. Birabujijwe gushinyagurira umuntu wishwe.
5. NI ikizira kwica urw'agashinyaguro inyamaswa.

(4319)

(211) – عن عبد الله بن عمرو رضي الله عنهما قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «إِنَّ الْمُقْسِطِينَ عِنْدَ اللهِ عَلَى مَنَابِرَ مِنْ نُورٍ، عَنْ يَمِينِ الرَّحْمَنِ عَزَّ وَجَلَّ، وَكِلْتَا يَدَيْهِ يَمِينٌ، الَّذِينَ يَعْدِلُونَ فِي حُكْمِهِمْ وَأَهْلِيهِمْ وَمَا وَلُوا». [صحيح] - [رواه مسلم]

(211) – Hadithi yaturutse kwa Abdillah Ibun Am'ri (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Abarangwa n'ubutabera bazaba bari kuri Min'bar z'urumuri, iburyo bwa Allah Nyir'impuhwe, n'ubwo amaboko ye yose ari indyo; abo ni babandi batabogama mu guca imanza kwabo, no ku miryango yabo ndetse no mu bo bashinzwe kuyobora." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko abantu barangwa n'ukuri ndetse n'ubutabera hagati y'abantu bashinzwe kuyobora ndetse n'abantu bo mu miryango yabo, ku munsi w'imperuka ibyicaro byabo bizaba ahantu hirengeye hakoze mu rumuri mu rwego rwo kububahisha. Izo Min'bar zihereye iburyo bwa Allah Nyir'impuhwe, kandi amaboko ye yombi ni iburyo!

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro ko kurangwa n'ubutabera ndetse no gushishikariza kurangwa nabwo.

2. Ubutabera ni rusange bukusanyirije hamwe inshingano zitandukanye no gucira abantu imanza, kugeza no ku butabera hagati y'abagore b'umuntu ndetse n'abana n'ibindi.
3. Kugaragaza agaciro k'abantu barangwa n'ubutabera ku munsi w'imperuka.
4. Ku munsi w'imperuka abantu baranzwe n'ubutabera bazaba bari mu ngeri zitandukanye buri wese bijyanye n'ibikorwa bye.
5. Uburyo bwo gushishikariza no gukundisha abantu ibyiza ni bumwe mu buryo bw'ivugabutumwa, bushishikariza urikorerwa kurushaho kumvira Allah.

(4935)

(212) – عن أبي سعيد الخدري رضي الله عنه أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «لَا ضَرَرَ وَلَا ضِرَارَ، مَنْ ضَارَّ ضَرَّهُ اللَّهُ، وَمَنْ شَاقَّ شَقَّ اللَّهُ عَلَيْهِ». [صحيح بشواهده] - [رواه الدارقطني]

(212) – Hadithi yaturutse kwa Abi Said Al Khud'riy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ntabwo bikwiye ko umuntu agirira nabi mugenzi we, nta n'ubwo bikwiye ko abantu bagirirana nabi, uzagira nabi mugenzi we Allah nawe azamuteza ingorane, n'uzamugora Allah nawe azamugora." **[Hadithi y'impamo ushingiye ku bandi bayakiriye] - [Yakiriwe na A-Daraqutw'niy]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko ari itegeko gukumira icyabangamira abandi uko cyaba kimeze kose, n'uko cyaba kigaragara kose ku muntu ku giti cye no ku bandi; niyo mpamvu nta n'umwe wemerewe kwigirira nabi cyangwa se ngo abikorere abandi.

Nta n'ubwo kandi byemewe ko yakitura ikibi yakorewe, kubera ko ikibi ntigikurwaho n'ikibi cyeretse igihe cyo kwihorera (nko kwica uwishe) nabwo hatabayemo kurengera.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije igaragaza ingaruka z'uwagiriye abandi nabi no kuba azagerwaho n'ingorane kubera kuziteza abandi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kubuza kwihorera birenze ibyo wakorewe.
2. Allah ntiyategetse abagaragu be ibibagiraho ingaruka mbi.
3. Ni ikizira kubangamira mugenzi wawe no kubangamirana byaba mu mvugo mu bikorwa cyangwa se kugira ibyo ureka.
4. Inabi yiturwa indi, ugiriye nabo mugenzi we Allah nawe azamubangamira, n'uteje abandi ingorane Allah nawe azazimuteza.
5. Mu mategeko y'idini avuga ko: Ikibangamye gikurwaho", kubera ko amategeko atemera kubangama, ndetse ntanemere kubangamirana.

(4711)

(213) – عَنْ أَبِي مُوسَى رضي الله عنه عَنِ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «إِنَّمَا مَثَلُ الْجَلِيسِ الصَّالِحِ وَالْجَلِيسِ السَّوْءِ كَحَامِلِ الْمِسْكِ وَنَافِخِ الْكِيرِ، فَحَامِلُ الْمِسْكِ: إِمَّا أَنْ يُحْذِيَكَ، وَإِمَّا أَنْ تَبْتَاعَ مِنْهُ، وَإِمَّا أَنْ تَجِدَ مِنْهُ رِيحًا طَيِّبَةً، وَنَافِخُ الْكِيرِ: إِمَّا أَنْ يُحْرِقَ ثِيَابَكَ، وَإِمَّا أَنْ تَجِدَ رِيحًا خَبِيثَةً». [صحيح] - [متفق عليه]

(213) – Hadith yaturutse kwa Abu Mussa (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mu by'ukuri urugero rw'inshuti nziza n'inshuti mbi, ni nko kwicarana n'umuntu ucuruza imibavu n'umucuzi, ufite imibavu arayikumvisha ukaba wanayimuguraho, cyangwa se ukaba wamukuraho impumuro nziza, naho umucuzi agucira imyambaro, cyangwa se ukamukuraho umunuko!" **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatanze urugero rw'amoko abiri mu bantu:

Uwa mbere: Ni ukugira inshuti cyangwa se kwicarana n'umuntu mwiza ukwibutsa Allah ndetse n'ibishimisha Allah, akagufasha gukora ibikorwa byo kumvira Allah. Urugero rwe ni nk'urw'umucuruzi w'imibavu ushobora kuguhaho, cyangwa se ukamugurira, cyangwa se ukamukuraho impumuro nziza.

Uwa kabiri: Ni inshuti mbi no kugendana n'inshuti mbi, igukumira kugana inzira ya Allah, ndetse akanagufasha kwigomeka kuri Allah, nta kindi

umubonaho uretse ibikorwa bibi, ndetse nawe ukabarwa nk'abameze nkawe. Urugero rwe ni nk'urugero rw'umucuzi ucura yifashishije umuriro, agutwikira imyenda kubera ibishashi byawo, cyangwa se ukamukuraho umunuko.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Biremewe kwigisha utanga ingero kugira ngo ibisobanuro birusheho gusobanuka kuwo uri kubwira.
2. Gushishikariza kwicarana n'abantu beza bakora ibikorwa byiza, kandi batunganye, no kwirinda kugira inshuti mbi no kwicarana n'abantu babi n'abandi bafite imico mibi.

(3127)

(214) – عن أبي هريرة رضي الله عنه: أَنَّ رَجُلًا قَالَ لِلنَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: أَوْصِنِي، قَالَ: «**لَا تَغْضَبْ**» فَرَدَّدَ مِرَارًا قَالَ: «لَا تَغْضَبْ». **[صحيح] - [رواه البخاري]**

(214) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire), yavuze ko umuntu umwe yabwiye Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ati: "Mpa impanuro." Intumwa iramusubiza iti: "Ntukarakare!" Asubiramo ikibazo cye kenshi, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti: Ntukarakare!"
[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]

Ibisobanuro birambuye:

Umwe mu basangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yayisabye ko yamuha impanuro ikamubwira ikintu kimwe cyamugirira akamaro, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imubwira ko atagomba kurakara. Bisobanuye ko agomba kwirinda impamvu zose zatuma arakara, akihangana igihe bibayeho ko arakara, ntiyihutire kugira icyo akora mu burakari bwe ngo abe yakica cyangwa se ngo akubite, cyangwa se ngo atuke undi n'ibindi byose yamukorera.

Wa mugabo ayisubiriramo kenshi ikibazo cye, ariko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ntiyagira ikindi imwongereraho usibye kumubwira iti: "Ntukarakare!"

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwihanangiriza kurangwa n'uburakari n'impamvu zibutera, kuko ari bwo bukusanyije ibibi byose, kandi kubwirinda nibyo bikubiyemo ibyiza byose.
2. Kurakara kubera Allah nk'igihe habayeho kuvogera amategeko ya Allah ni bumwe mu burakari bwo gushima.
3. Gusubiramo kenshi ibyo umuntu avuga kugira ngo umuteze amatwi abisobanukirwe, anamenye agaciro kabyo.
4. Ni byiza gusaba umumenyi inama n'impanuro.

(4709)

(215) – عن أبي هريرة رضي الله عنه أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «لَيْسَ الشَّدِيدُ بِالصُّرَعَةِ، إِنَّمَا الشَّدِيدُ الَّذِي يَمْلِكُ نَفْسَهُ عِنْدَ الْغَضَبِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(215) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Umunyembaraga si wawundi wihutira kurwana n'abantu, ahubwo umunyembaraga nyakuri ni wawundi ubasha kwifata (agatsinda uburakari) igihe arakaye." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko umunyembaraga nyakuri atari uw'umubiri, cyangwa se gusagarira abandi banyembaraga, ahubwo umunyembaraga nyakuri ni urwanya umutima we akawunesha igihe arakaye, kubera ko ibi bigaragaza imbaraga afite muri we no kunesha kwe Shitani.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyiza byo kudahubuka no kwihangana mu gihe cy'uburakari, kandi ko ari bimwe mu bikorwa byiza Isilamu yashishikarije.
2. Kurwanya umutima mu gihe cy'uburakari nibyo bikomeye kuruta kurwanya umwanzi.
3. Isilamu yahinduye igisobanuro cy'imbaraga mu gihe cy'ubujiji ahubwo ihamagarira kurangwa

n'imigirire myiza, bityo umunyembaraga kuruta abandi ni wa wundi ubasha kwifata no kwirinda.

4. Kwirinda kugira uburakari kubera ingaruka bugira ku bantu ku giti cyabo ndetse n'umuryango mugari.

(5351)

(216) – عن عبد الله بن عمر رضي الله عنهما قال: سَمِعَ النَّبِيُّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ رَجُلًا يَعِظُ أَخَاهُ فِي الْحَيَاءِ، فَقَالَ: «الْحَيَاءُ مِنَ الْإِيمَانِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(216) – Hadithi yaturutse kwa Abdillah Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yumvise umuntu umwe ari guha inyigisho mugenzi we zo kureka kurangwa n'isoni, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: "Kurangwa n'isoni ni kimwe mu bigize ukwemera." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yumvise umuntu ugira inama mugenzi we z'uko akwiye kureka kugira isoni! Nuko Intumwa imubwira ko kugira isoni ari kimwe mu bimenyetso by'ukwemera, kandi ko igihe cyose isoni zizana ibyiza. Kugira isoni kandi ni umuco utuma nyirawo akora ibikorwa byiza akareka ibibi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Icyakubuza gukora ibyiza ntikitwa isoni, ahubwo ni ubwoba, cyangwa se ubugwari, cyangwa se kuba utabishoboye,...
2. Kugirira Allah isoni ni ugukora ibyo yagutegetse, ukirinda ibyo yakubujije.
3. Kugirira isoni abantu ni ukububaha, no kubashyira mu mwanya wabo, no kwirinda ibyo adakunda.

(5478)

(217) – عن المِقدام بن معدي كرب رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «إِذَا أَحَبَّ الرَّجُلُ أَخَاهُ فَلْيُخْبِرْهُ أَنَّهُ يُحِبُّهُ». [صحيح] - [رواه أبو داود والترمذي والنسائي في السنن الكبرى وأحمد]

(217) – Hadithi yaturutse kwa Al Miqdam Ibun Ma'adiy Karib (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Umuntu nakunda mugenzi we ajye abimubwira ko amukunda." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Abu Dawud na Tirmidhi, na A-Nasa'iy mu gitabo cye A-Sunani Al Kubra, ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza imwe mu mpamvu zituma ubuvandimwe hagati y'abayisilamu bukomera, ndetse zikanasakaza urukundo hagati yabo. Iyo mpamvu nta yindi ni ukubwira umuvandimwe wawe ukunda ko umukunda.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyiza byo gukundana kuzira uburyarya kubera Allah Nyir'ubutagatifu, bitari ku zindi nyungu z'isi.
2. Ni byiza kubwira uwo ukunda kubera Allah ko umukunda, kugira ngo byongere urukundo no kwiyumvanamo.
3. Gukwiza urukundo hagati y'abemeramana bikomeza ubuvandimwe bwabo bushingiye kukwemera kimwe, bukanarinda umuryango mugari kuba wasenyuka, cyangwa se ngo uzemo amacakubiri.

(3017)

(218) – عن جابر بن عبد الله رضي الله عنهما عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «كُلُّ مَعْرُوفٍ صَدَقَةٌ». [صحيح] - [رواه البخاري من حديث جابر، ورواه مسلم من حديث حذيفة]

(218) – Hadithi yaturutse kwa Djabir Ibun Abdillah (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: “Buri gikorwa cyose cyiza ni ituro” **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhariy muri Hadithi yaturutse kwa Djabir, na Muslim yayakiriye muri Hadithi iturutse kwa Hudhayfat]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko buri cyiza icyo ari cyo cyose, n'ikigirira abandi umumaro cyaba mu mvugo n'ibikorwa kiba ari ituro, kandi gifite ibihembo n'ingororano.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Mu by'ukuri ituro ntirigarukira mu byo umuntu atanga mu mutungo we, ahubwo rigera no kuri buri gikorwa cyose cyiza umuntu akoze cyangwa se avuze kiri bugere ku bandi.
2. Muri iyi Hadithi harimo gushishikariza gukora ibyiza no gukora buri icyo ari cyo cyose gifitiye abandi umumaro .
3. Kudasuzugura icyiza icyo ari cyo cyose kabone n'iyo cyaba ari gito.

(5346)

(219) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «كُلُّ سُلَامَى مِنَ النَّاسِ عَلَيْهِ صَدَقَةٌ، كُلَّ يَوْمٍ تَطْلُعُ فِيهِ الشَّمْسُ يَعْدِلُ بَيْنَ الِاثْنَيْنِ صَدَقَةٌ، وَيُعِينُ الرَّجُلَ عَلَى دَابَّتِهِ فَيَحْمِلُ عَلَيْهَا أَوْ يَرْفَعُ عَلَيْهَا مَتَاعَهُ صَدَقَةٌ، وَالكَلِمَةُ الطَّيِّبَةُ صَدَقَةٌ، وَكُلُّ خُطْوَةٍ يَخْطُوهَا إِلَى الصَّلَاةِ صَدَقَةٌ، وَيُمِيطُ الأَذَى عَنِ الطَّرِيقِ صَدَقَةٌ». [صحيح] - [متفق عليه]

(219) – Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Buri ngingo zigize umuntu aba akwiye kuzitangira ituro; buri munsi izuba rirasaho, iyo yunze hagati y'ababiri aba atanze ituro, iyo afashije umuntu akamutwara ku ndogobe ye cyangwa se akamutwazaho ibintu bye aba atanze ituro, n'ijambo ryiza ni ituro, na buri rutambwe ateye ajya gusali biba ari ituro atanze, no gukura kwe mu nzira icyasitaza abantu aba atanze ituro." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko buri muyisilamu wese urebwa n'amategeko buri munsi aba ategetswe gutanga ituro ringana n'ingingo zigize amagufa ye, akaritanga kubera Imana, no kubera kumushimira iyo ngabire y'ubuzima yamuhaye, n'izo ngingo zamuhaye zimushoboza kugira icyo akora. Kandi iryo turo rikomereza no ku bindi byiza bitandukanye, ntirigarukira ku gutanga umutungo gusa.

No muri byo harimo: Kunga ababiri bashyamiranye ni ituro Gufasha udashoboye umufasha kuriraikigenderwaho cye cyangwa ukamuzamuraho umutwaro we ni ituro. Ijambo ryiza nko gusingiza Allah, ubusabe, indamutso y'amahoro n'ibindi ni ituro. Buri rutambwe utera ujya gusali ni ituro. Gukura mu nzira icyatuma abantu basitara ni ituro.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Uburyo ingingo n'amagufa ziremetse mu mubiri w'umuntu ni imwe mu nema za Allah zihambaye, buri rugingo rukwiye gutangirwa ituro mu rwego rwo gushimira iyo nema.
2. Gushishikariza guhora umuntu ashimira buri munsi kubera izo nema.
3. Gushishikariza guhora umuntu ahozaho buri munsi gukora iswalat z'umugereka no gutanga amaturo.
4. Agaciro ko kunga abashyamiranye.

5. Gushishikariza ko umuntu akwiye gufasha mugenzi we, kuko kumufasha ari ituro.
6. Gushishikariza kwitabira iswalat z'imbaga mu misigiti.
7. Kubaha inzira abayisilamu banyura ni itegeko, no kwirinda ibyabagirira nabi cyangwa se bikababangamira.

(4568)

(220) – عَنْ أَبِي بَرْزَةَ الأَسْلَمِيِّ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «لَا تَزُولُ قَدَمَا عَبْدٍ يَوْمَ القِيَامَةِ حَتَّى يُسْأَلَ عَنْ عُمُرِهِ فِيمَا أَفْنَاهُ، وَعَنْ عِلْمِهِ فِيمَ فَعَلَ، وَعَنْ مَالِهِ مِنْ أَيْنَ اكْتَسَبَهُ وَفِيمَ أَنْفَقَهُ، وَعَنْ جِسْمِهِ فِيمَ أَبْلَاهُ». [صحيح] - [رواه الترمذي]

(220) – Hadithi yaturutse kwa Abi Bar'zata Al As'lamiyi (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ku munsi w'imperuka, umugaragu ntazatsimbura ibirenge bye atabanje kubazwa imyaka yabaye ku isi n'icyo yayimarishije, ubumenyi bwe n'icyo yabumarishije, inkomoko y'umutungo we n'ibyo yawukoresheje, ndetse n'imbaraga z'umubiri we n'ibyo yazikoresheje." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Tirmidhiy]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko ku munsi w'imperuka, nta wuzatsimbura ibirenge bye ku rubuga rw'ibarura ngo ajye mu ijuru cyangwa se mu muriro cyeretse abanje kubazwa kuri ibi bikurikira:

Icya mbere: Ubuzima bwe n'icyo yabukoresheje?
Icya kabiri: Ubumenyi bwe ese yaba yabwize kubera Allah? Ese yaba yarabushyize mu ngiro? Ese yaba yarabugejeje ku bandi?
Icya gatatu: Umutungo we; inkomoko yawo niba ari mu nzira ziziruye cyangwa se ziziririjwe? N'inzira yawutanzemo niba ari izishimisha Allah cyangwa se izimurakaza?
Icya kane: Imbaraga z'umubiri we, n'ubuzima bwe buzira umuze. n'ubusore bwe icyo yabikoresheje?

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza gufatirana igihe umuntu afite ubuzima, agakora ibishimisha Allah Nyir'ubutagatifu.
2. Ingabire za Allah yahundagaje ku bagaragu be ni nyinshi, kandi umugaragu azabazwa buri ngabire yahawe n'icyo yazimarishije; niyo mpamvu akwiye gukoresha izo ngabire mu bishimisha Allah.

(4950)

(221) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ قَالَ: قَالَ النَّبِيُّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «السَّاعِي عَلَى الأَرْمَلَةِ وَالمِسْكِينِ، كَالْمُجَاهِدِ فِي سَبِيلِ اللَّهِ، أَوِ القَائِمِ اللَّيْلَ الصَّائِمِ النَّهَارَ». [صحيح] - [متفق عليه]

(221) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Uharanira gucyemura ibibazo by'umupfakazi n'umukene, aba ameze nk'uharanira inzira ya Allah, cyangwa se uhora akora ibihagararo by'ijoro asali ndetse n'amanywa akaba asibye." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko umuntu uharanira gucyemura ikibazo cy'umugore wapfushije umugabo, akaba adafite undi wakimucyemurira, cyangwa se umukene ubabaye, akabacyemurira ibibazo bafite yiringiye ingororano kwa Allah, mu bihembo aba ameze nk'uharanira inzira ya Allah cyangwa se usali ijoro ryose ubutaruhuka, cyangwa se usiba amanywa yose buri gihe.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza ubufatanye no gufashanya ndetse no gucyemura ibibazo by'abatishoboye.
2. Kugaragira Allah hakubiyemo igikorwa icyo ari cyo cyose cyiza, no muri byo harimo gucyemura ibibazo by'umupfakazi n'umucyene.
3. Ibun Habirat yaravuze ati: N'ikigamijwe muri ibi nuko Allah Nyir'ubutagatifu azamukusanyiriza hamwe ibihembo by'uwasibye n'uwakoze igihagararo mu ijoro, ndetse n'uharanira inzira ye; kubera ko yafashije umupfakazi nkaho ari umugabo we... anafasha utishoboye udashobora kugira icyo yimarira, aritanga ubwe ndetse n'umutungo we, niyo mpamvu yaje anganya n'aba twavuze mu bihembo.

(3135)

(222) – عن أبي هريرة رضي الله عنه عن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «مَنْ كَانَ يُؤْمِنُ بِاللهِ وَالْيَوْمِ الْآخِرِ فَلْيَقُلْ خَيْرًا أَوْ لِيَصْمُتْ، وَمَنْ كَانَ يُؤْمِنُ بِاللهِ وَالْيَوْمِ الْآخِرِ فَلْيُكْرِمْ جَارَهُ، وَمَنْ كَانَ يُؤْمِنُ بِاللهِ وَالْيَوْمِ الْآخِرِ فَلْيُكْرِمْ ضَيْفَهُ». [صحيح] - [متفق عليه]

(222) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzaba yemera Imana n'umunsi w'imperuka, ajye avuga amagambo meza cyangwa yicecekere, n'uzaba yemera Imana n'umunsi w'imperuka ajye abanira neza umuturanyi we, n'uzaba yemera Imana n'umunsi w'imperuka, ajye yakira neza umushyitsi we." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umugaragu wemera Allah akemera n'umunsi w'imperuka, azagarurwaho agahemberwa ibikorwa bye, iramushishikariza gukora ibi bikorwa bikurikira:

Icya mbere: Kurangwa n'imvugo nziza; avuga ubutagatifu bwa Allah (Subhanallah) anavuga ijambo La ilaha Ila llah nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri uretse Allah, agategeka ibyiza ndetse akanabuza ibibi, agaharanira kunga abantu bashyamiranye, ibyo atabikora agahitamo guceceka, akirinda kubangamira abantu akoresheje ururimi rwe.

Icya kabiri: Kubanira neza umuturanyi, umugirira neza wirinda kumubangamira.

Icya gatatu: Kwakira neza umushyitsi uje agusura, umubwira amagambo meza, ukamuzimanira n'ibindi bikorwa byiza wamukorera.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwemera Allah n'umunsi w'imperuka ni yo ntangiriro ya buri icyiza icyo ari cyo cyose, kandi ni nabyo bituma umuntu akora ibikorwa byiza.
2. Kwihanangiriza abantu gukora ibyaha bikorwa n'ururimi.
3. Idini ry'ubuyisilamu ni idini ryigisha urukundo no kugira ubuntu.
4. Ibi bintu bitatu ni bimwe mu bigize ukwemera, ndetse ni bimwe mu bigize imico myiza.
5. Amagambo menshi hari ubwo aganisha ku bibi cyangwa se ibiziririjwe, aho wagirira amahoro rero ni mu kureka ayo magambo cyeretse amagambo arimo ibyiza.

(5437)

(223) – عن أبي ذر رضي الله عنه قال: قال لي النبي صلى الله عليه وسلم: «لَا تَحْقِرَنَّ مِنَ الْمَعْرُوفِ شَيْئًا، وَلَوْ أَنْ تَلْقَى أَخَاكَ بِوَجْهٍ طَلْقٍ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(223) – Hadithi yaturutse kwa Abi Dhariy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarambwiye iti: "Ntuzagire igikorwa cyiza usuzugura kabone n'iyo cyaba ari

uguhura n'umuvandimwe wawe umumwenyuriye." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iradushishikariza gukora ibikorwa byiza, no kutabisuzugura kabone n'iyo byaba bito; no muri ibyo harimo kumwenyurira umuntu no kumwereka uburanga bucyeye igihe muhuye; ni nabyo umuyisilamu akwiye gushishikarira, kubera ko bituma umuvandimwe w'umuyisilamu akwisangaho ndetse no kumutera ibyishimo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyiza byo gukundana hagati y'abameramana, no kwimwenyura no gukwiza akanyamuneza igihe hari uwo uhuye nawe mu bemeramana.
2. Uburyo amategeko y'idini atunganye kandi ari rusange, ndetse ko yaje azanye icyo ari cyo cyose gifitiye akamaro abayisilamu ndetse no kubahuriza hamwe.
3. Gushishikariza gukora ibikorwa byiza kabone n'iyo byaba bicye.
4. Gukundisha gutera ibyishimo abayisilamu; kubera ko bigira uruhare mu gukwiza urukundo hagati yabo.

(5348)

(224) – عن جرير بن عبد الله رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «مَنْ لَا يَرْحَمِ النَّاسَ لَا يَرْحَمْهُ اللهُ عَزَّ وَجَلَّ». [صحيح] - [متفق عليه]

(224) – Hadithi yaturutse kwa Djarir Ibun Abdillah (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Utagiriye impuhwe abantu, Allah Nyir'ubutagatifu nawe ntazazimugirira." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko utagirira impuhwe abantu, Allah nawe atazazimugirira; kubera ko impuhwe umugaragu agirira ibiremwa ni imwe mu mpamvu zikomeye zatuma ugera ku mpuhwe za Allah.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Impuhwe ziracyenewe ku biremwa byose, ariko abantu hano bavuzwe ku buryo bw'umwihariko mu rwego rwo kubitaho.
2. Allah niwe Munyempuhwe bihebuje, kandi impuhwe ze agirira bagarugu be nabo barangwa nazo, kubera ko ineza yiturwa indi.
3. Kugirira impuhwe abantu hakubiyemo kubaha ibyiza, no kubarinda ibibi, ndetse no kubabanira neza.

(5439)

(225) – عن عبد الله بن عمرو رضي الله عنهما أن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «الرَّاحِمُونَ يَرْحَمُهمُ الرَّحمنُ، ارحَمُوا أهلَ الأرضِ يَرْحَمْكُم مَن في السّماء». [صحيح - [رواه أبو داود والترمذي وأحمد]

(225) – Hadith yaturutse kwa Abdillah Ibun Amri (Imana ibishimire bombi) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Abagira impuhwe Allah Nyir'impuhwe nawe azazibagirira; mujye mugirira impuhwe abo ku isi, kugira ngo uri mu ijuru nawe azazibagirire." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Abu Dawud, na Tirmidhiy, ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko babandi bagirira abandi impuhwe, na Allah Nyir'impuhwe azazibagirira ku bw'impuhwe ze zikwiye kuri buri kintu, nk'inyishyu y'impuhwe zabaranze.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije itegeka kugirira impuhwe ibiri mu isi byose byaba abantu cyangwa se inyamaswa, cyangwa se ibiguruka, cyangwa se n'ibindi biremwa, ingororano zabyo zikaba kugirirwa impuhwe na Allah we uri hejuru y'ibirere.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Idini ry'ubuyisilamu ni idini ry'impuhwe, rikaba ryubakiye ku kumvira Allah no kugirira neza ibiremwa bye.

2. Allah Nyir'ubutagatifu arangwa n'impuhwe, ndetse akaba ari na Nyir'impuhwe Nyir'imbabazi, ari nawe uzigirira abagaragu be.
3. Ineza yiturwa indi, bityo n'abarangwa n'impuhwe Allah nawe azazibagirira.

(8289)

(226) – عَنْ عَبْدِ اللَّهِ بْنِ عَمْرٍو رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُمَا عَنِ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «المُسْلِمُ مَنْ سَلِمَ المُسْلِمُونَ مِنْ لِسَانِهِ وَيَدِهِ، وَالمُهَاجِرُ مَنْ هَجَرَ مَا نَهَى اللَّهُ عَنْهُ». [صحيح] - [متفق عليه]

(226) – Hadith yaturutse kwa Abdillah Ibun Amri (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Umuyisilamu nyawe ni wa wundi abayisilamu batekana kubera ururimi rwe n'ukuboko kwe, n'uwimuka nyawe ni wawundi wimutse ibyo Allah yamuziririje." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ko umuyisilamu ufite ubuyisilamu bwuzuye ari wa wundi abayisilamu batekanye bigizwemo uruhare n'ururimi rwe, akirinda kubatuka, no kubavuma, no kubavuga igihe badahari; bityo ntakwize muri bo icyo ari cyo cyose cyababangamira bitewe n'ururimi rwe. Bakanatekana kandi biturutse ku kuboko kwe, akirinda kubagirira nabi, no gufata imitungo yabo bitari mu kuri, n'ibindi nkabyo. Naho

uwimutse nyawe ni wa wundi wazibukiriye akareka ibyo Allah yamubujije.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ubuyisilamu bw'umuntu ntibwakuzura cyeretse yirinze kubangamira bagenzi be, byaba mu buryo bugaragara n'ubutagaragara.
2. Ururimi n'ukuboko byavuzwe ku buryo bw'umwihariko, kubera ko ari ibyo bikora amakosa kenshi ndetse bikanabangamira abandi; kandi n'ibyo soko y'ibibi byinshi dukora.
3. Gushishikariza kureka ibyaha, no kwitwararika ibyo Allah yategetse.
4. Umuyisilamu mwiza kuruta abandi ni wa wundi wubahiriza ibyo Allah yamutegetse ndetse n'ibyo abayisilamu bamugomba.
5. Kugirira nabi abandi hari ubwo byaba mu mvugo cyangwa se mu bikorwa.
6. Kwimuka kuzuye ni ukwimuka no kureka ibyo Allah yaziririje.

(10101)

(227) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: سمعت رسول الله صلى الله عليه وسلم يقول: «حَقُّ الْمُسْلِمِ عَلَى الْمُسْلِمِ خَمْسٌ: رَدُّ السَّلَامِ، وَعِيَادَةُ الْمَرِيضِ، وَاتِّبَاعُ الْجَنَائِزِ، وَإِجَابَةُ الدَّعْوَةِ، وَتَشْمِيتُ الْعَاطِسِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(227) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Uburenganzira bw'umuyisilamu kuri mugenzi we buri

mu byiciro bitanu: Kwikiriza indamutso (A-Salaam, igihe agusuhuje), kumusura yarwaye, kumuherekeza bagiye kumushyingura yapfuye, kwitabira ubutumire bwe igihe yagutumiye, no kumusabira impuhwe za Allah igihe yitsamuye." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza bumwe mu burenganzira bw'umuyisilamu kuri mugenzi we w'umuyisilamu. Uburenganzira bwe bwa mbere ni ukwikiriza indamutso ye y'amahoro akwifurije igihe agusuhuje.

Ubwa kabiri: Ni ukumusura igihe yarwaye.

Ubwa gatatu: Ni ukumuherekeza igihe bagiye kumushyingura igihe yapfuye, kuva mu rugo rwe, aho bamukoreye isengesho ry'uwapfuye kugeza amaze gushyingurwa.

Uburenganzira bwa kane: Kwitabira ubutumire bwe igihe yagutumiye mu birori by'ubukwe no mu bindi. Uburenganzira bwa gatanu: Nuko igihe yitsamuye agashimira Allah, umwifuriza impuhwe ukamubwira uti: YAR'HAMKA LLAH: Allah akugirire impuhwe, nawe akamusubiza ati: YAHDIIKUMU LLAH WA YUSW'LIH BALAKUM: Allah abayobore kandi abatunganyirize ibyanyu.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ubuhambare bw'idini y'ubuyisilamu mu gushimangira uburenganzira abayisilamu bafite kuri bagenzi babo, no gushimangira ubuvandimwe n'urukundo hagati yabo.

(3706)

(228) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «لَا تَدْخُلُونَ الْجَنَّةَ حَتَّى تُؤْمِنُوا، وَلَا تُؤْمِنُوا حَتَّى تَحَابُّوا، أَوَلَا أَدُلُّكُمْ عَلَى شَيْءٍ إِذَا فَعَلْتُمُوهُ تَحَابَبْتُمْ؟ أَفْشُوا السَّلَامَ بَيْنَكُمْ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(228) – Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ntimuzigera mwinjira mu ijuru mutabanje kwemera, kandi ntimuzigera mwemera mutabanje gukundana! Ese mbabwire icyo mwakora kugira ngo mukundane? Mujye musakaza indamutso y'amahoro hagati yanyu." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko nta bandi bazinjira mu ijuru uretse abemeramana, kandi ko ukwemera kutakuzura, ndetse imibereho y'umuryango mugari wa Kisilamu ntiyatungana kugeza bamwe bakunze bagenzi babo. Hanyuma Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ituyobora ku bikorwa byiza bituma urukundo rusagamba, ivuga ko ari ugukwiza

indamutso y'amahoro hagati y'abayisilamu, Allah yahisemo ko iba iy'abagaragu be.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwinjira mu ijuru ntibizashoboka ku badafite ukwemera.
2. Mu bigaragaza ukwemera kwuzuye ni ukuba umuyisilamu yakifuriza umuvandimwe we nk'ibyo yiyifuriza.
3. Ni byiza gukwiza indamutso y'amahoro no kuyikwiza mu bayisilamu, kubera ko hakubiyemo gukwiza urukundo n'amahoro hagati y'abantu.
4. Indamutso y'amahoro nta wundi ihabwa uretse umuyisilamu; kubera ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Hagati yanyu."
5. Guhana indamutso y'amahoro bikuraho umwiryane, no kwangana, ndetse n'amakimbirane.
6. Agaciro k'urukundo hagati y'abayisilamu kandi ko ari kimwe mu bituma ukwemera kuzura.
7. Byavuzwe mu yindi Hadith ko uburyo bwuzuye indamutso y'amahoro ivugwamo ari ukuvuga uti : 'A-SALAMU ALAYKUM WA RAHMATULLAHI WA BARAKATUHU: Amahoro ya Allah n'impuhwe ze ndetse n'imigisha ye bibabeho', ariko kuba wavuga ngo: A-SALAM ALAYKUM birahagije.

(3361)

(229) – عَنْ عَبْدِ اللَّهِ بْنِ عَمْرٍو رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُمَا: أَنَّ رَجُلًا سَأَلَ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: أَيُّ الإِسْلاَمِ خَيْرٌ؟ قَالَ: «تُطْعِمُ الطَّعَامَ، وَتَقْرَأُ السَّلاَمَ عَلَى مَنْ عَرَفْتَ وَمَنْ لَمْ تَعْرِفْ». [صحيح] - [متفق عليه]

(229) – Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Amri (Imana imwishimire we na se) yavuze ko: Umugabo umwe yabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ati: Ni ubuhe buyisilamu bwiza? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: Jya usangira ibyo kurya n'abandi, usuhuze indamutso y'amahoro uwo uzi n'uwo utazi. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarabajijwe iti: Ni iyihe mico myiza mu buyisilamu kuruta indi? Nuko ivuga ibintu bibiri:

Icya mbere: Ni ukugaburira abacyene, haninjiramo gutanga amaturo, cyangwa se impano, cyangwa se amazimano igihe bagusuye, cyangwa se kwakira abantu igihe wakoze ubukwe. By'umwihariko kugaburira abantu biba byiza cyane mu bihe by'amapfa n'inzara n'ibiciro by'ibiribwa bihenze.

Icya kabiri: Kwifuriza indamutso y'amahoro buri muyisilamu waba uzi cyangwa se utazi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Uburyo abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bashishikariraga kumenya ibikorwa byiza bibafitiye akamaro hano ku isi no ku munsi w'imperuka.
2. Gusuhuzanya indamutso y'amahoro, no kugaburira abantu ibyo kurya ni bimwe mu bikorwa biruta ibindi muri Isilamu, kubera ko ari iby'agaciro, no kuba abantu babicyenera ibihe byose.
3. Iyi mico ibiri ibumbatiye hamwe kugira neza byaba mu mvugo ndetse no mu bikorwa, ndetse ni nako kugira neza byuzuye.
4. Iyi mico myiza yerekeranye no gufatanya hagati y'abayisilamu ubwabo ku bwabo, hari n'iyindi yerekeranye n'umugaragu na Nyagasani we.
5. Gutangira gusuhuza indamutso y'amahoro ni umwihariko ku bayisilamu, ariko utari umuyisilamu ntabanza gusuhuzwa indamutso y'amahoro.

(5808)

(230) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه أَنَّ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «أَلَا أَدُلُّكُمْ عَلَى مَا يَمْحُو اللهُ بِهِ الْخَطَايَا، وَيَرْفَعُ بِهِ الدَّرَجَاتِ؟» قَالُوا بَلَى يَا رَسُولَ اللهِ قَالَ: «إِسْبَاغُ الْوُضُوءِ عَلَى الْمَكَارِهِ، وَكَثْرَةُ الْخُطَا إِلَى الْمَسَاجِدِ، وَانْتِظَارُ الصَّلَاةِ بَعْدَ الصَّلَاةِ، فَذَلِكُمُ الرِّبَاطُ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(230) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ese mbereke

ibyatuma Allah abababarira ibyaha byanyu, ndetse akanabazamura mu ntera? Barayisubiza bati: Yego yewe Ntumwa y'Imana! Nuko irababwira iti: "Gutawaza neza mu bihe bigoye, no gutera intambwe nyinshi ugana ku musigiti, no gutegereza iswalat nyuma y'iyindi; ibyo muzabe ari byo mukomeraho." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabajije abasangirangendo bayo niba bashaka ko ibereka ibikorwa bazakora bikaba impamvu yo kubabarirwa ibyaha, no gusibwa mu bitabo byanditsemo, ndetse no kuzamurwa mu ntera z'ijuru?

Abasangirangendo barayisubiza bati: Yego turabishaka! Nuko irababwira iti:

Icya mbere: Ni ugutawaza neza ubitunganya mu bihe bigoye nk'imbeho, cyangwa se amazi ari ingume, cyangwa se uburibwe ku mubiri, cyangwa se amazi ashyushye.

Icya kabiri: Ni ugutera intambwe nyinshi ujya ku misigiti itakwegereye, no kubikora kenshi.

Icya gatatu: Ni ugutegereza iswalat, no kuyitekereza ku mutima, no kuyitegura, no kwicara mu musigiti uyitegereje kugira ngo uyisali hamwe n'abandi, yamara kuyisali agahama aho yasariye ategereje iyindi.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije igaragaza ko ibi imaze kubabwira ari byo bakwiye gukomeraho, kuko ari byo byugarira inzira za Shitani ku mutima, bikanatsinda irari, bikanayibuza ibishuko; bityo abari mu itsinda rya Allah nibyo bifashisha batsinda Shitani n'ingabo ze; ibi bikaba ari nabyo byo guharanira inzira ya Allah mu buryo bukomeye (Djihadul Akbar); bityo bikaba bimeze nk'ibirindiro ingabo zihamamo zikaba maso igihe ziba zihanganye n'umwanzi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro ko kwitwararika iswalat yo mu mbaga mu musigiti, no kwita ku iswalat zose, no kutagira ikindi kiturangaza usibye zo.
2. Uburyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yigishaga neza, ikanatera amatsiko abasangirangendo bayo, aho yahereye ibagaragariza ibihembo bihambaye binyuze mu kubabaza ikibazo; ubu bukaba ari bumwe mu buryo bwo kwigisha.
3. Inyungu zo kwigisha isomo runaka binyuze mu kibazo n'igisubizo nuko ibyo uvuze bisigara mu mutima, kubera uburyo byasobanuwemo.
4. Imam A-Nawawiy (Allah amugirire impuhwe) yaravuze ati: Ibyo ni byo birindiro mukwiye kugumaho; ubundi ibirindiro ni ukuguma ahantu no kutahava ugahama hamwe, bisobanuye uba wiziritse ku gikorwa Allah yishimira, ntukiveho. Byanavuzwe ko ari byo

birindiro byiza, nanone byavuzwe ko guharanira inzira y'Imana (Djihadi) kwiza ari ukurwana n'irari ry'umutima, nabyo ni mu bwoko bwo kuguma mu birindiro.

5. Ijambo ibirindiro ryasubiwemo inshuro irenze imwe, mu rwego rwo kugaragaza ubuhambare n'uburemere bw'ibikorwa.

(3574)

(231) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «الْمُؤْمِنُ الْقَوِيُّ، خَيْرٌ وَأَحَبُّ إِلَى اللهِ مِنَ الْمُؤْمِنِ الضَّعِيفِ، وَفِي كُلٍّ خَيْرٌ، احْرِصْ عَلَى مَا يَنْفَعُكَ، وَاسْتَعِنْ بِاللهِ وَلَا تَعْجَزْ، وَإِنْ أَصَابَكَ شَيْءٌ، فَلَا تَقُلْ لَوْ أَنِّي فَعَلْتُ كَانَ كَذَا وَكَذَا، وَلَكِنْ قُلْ قَدَرُ اللهِ وَمَا شَاءَ فَعَلَ، فَإِنَّ (لَوْ) تَفْتَحُ عَمَلَ الشَّيْطَانِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(231) – Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umwemeramana w'umunyembaraga niwe mwiza kandi akunzwe na Allah kuruta umwemeramana w'umunyantege ncye, ariko bombi ni beza ; haranira gukora ibigufitiye akamaro, kandi ujye usaba Allah ubufasha cyane ntugacike intege. Kandi nihagira ikikubaho ntuzavuge uti: Iyo nza kubikora byari kugenda uku n'uku, ahubwo ujye uvuga uti: Ibi ni igeno rya Allah, kandi ibyo ashatse nibyo biba, kubera ko iryo ijambo (Iyo) ni intangiriro y'ibikorwa bya Shitani." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umwemeramana wese ari mwiza, ariko umwemeramana ufite imabraga mu kwemera kwe, mu migambi ye, mu mitungo ye ndetse n'ibindi bituma agira imbaraga ari we mwiza kandi ukunzwe imbere ya Allah Nyir'ubutagatifu kuruta umunyantege nke. Hanyuma Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije igira inama umwemeramana yo gukora ibyamugirira umumaro mu buzima bwe bwo muri iyi si, ndetse n'ubwo ku munsi w'imperuka. Hamwe no kwiringira Allah Nyir'ubutagatifu, no kumusaba inkunga, no kumwiringira wenyine. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ibuza kugira ubunebwe, no gucika intege, no kugenda gahora mu gukora ibifitiye umuntu akamaro hano ku isi no ku munsi w'imperuka.

Bityo iyo umwemeramana agize umuhate mu gukora ibikorwa, no gukora impamvu, no gusaba Allah inkunga ndetse n'ibindi byiza; nyuma yaho rero nta kindi aba asabwa usibye ko ibye byose abiharira Allah, kandi akamenya ko ibyo Allah amuhitiyemo ari byo byiza.

Bityo iyo agezweho n'ibyago, nta kavuge ati: "Iyo mbigenza gutya, byari kugenda gutya..." Kubera ko ijambo (Iyo) ryugururira amarembo Shitani, kugira ngo umuntu ahinyuze igeno rya Allah, cyangwa se aterwe agahinda n'ibyamutambutseho, ahubwo

aba akwiye kuvuga ati: Ibi ni igeno rya Allah, kandi ibyo ashatse ni byo biba." Bityo ibibaho biba bihuye n'ubushake bwa Allah, kubera ko ari we ukora ibyo ashatse, kandi ntawahinyura ugushaka kwe, ndetse nta n'uwavuguruza itegeko rye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Abantu ntibari ku rwego rumwe mu kwemera.
2. Ni byiza kurangwa n'imbaraga mu bikorwa, kuko bigira umumaro utabona mu kurangwa n'intege nke.
3. Umuntu aba akwiye guharanira gukora ibimufitiye akamaro, akareka ibitamufitiye akamaro.
4. Umwemeramana akwiye gusaba inkunga Allah muri gahunda ze zose, ntiyirare ngo yumve ko yihagije.
5. Gushimangira igeno rya Allah, kandi ko bitabuza umuntu gukora impamvu no guharanira gushaka ibyiza.
6. Kubuza gukoresha ijambo (Iyo) umuntu agamije kwicuza ku byo yakoze cyangwa se byamubayeho igihe cy'ibigeragezo, no kubuza guhinyura igeno rya Allah.

(5493)

(232) – عن ابن عمر رضي الله عنهما قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «مَا زَالَ يُوصِينِي جِبْرِيلُ بِالْجَارِ، حَتَّى ظَنَنْتُ أَنَّهُ سَيُوَرِّثُهُ». [صحيح] - [متفق عليه]

(232) – Hadithi yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Jibril ntiyigeze ahwema kungira inama yo kubanira neza umuturanyi wanjye, kugeza ubwo nacyetse ko azamugira umwe mu bazanzungura." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko Malayika Djibril yakomeje kujya ayibwira kwita ku muturanyi we wa bugufi, yaba umuyisilamu cyangwa se yaba umuhakanyi, imwitaho ndetse yirinda kumubangamira, imugirira neza kandi yihanganira ibyayibangamira bimuturutseho, kugeza ubwo kubera ibyo icyeka ko izahishurirwa ubutumwa bugira uwo muturanyi wayo umwe mu bayizungura nyuma y'urupfu rwayo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ubuhambare bw'uburenganzira bw'umuturanyi n'itegeko ryo kubwubahiriza.
2. Gushimangira uburenganzira bw'umuturanyi bugaragaza ko ari ngombwa kumubanira neza, no kumugirira neza, no kumurinda ikibi cyose,

no kumusura igihe yarwaye, no kumwifuriza ishya n'ihirwe mu byiza yagize, ndetse no kumufata mu mugongo mu byago yagize.

3. Buri uko umuryango w'inzu y'umuturanyi uba bugufi niko n'uburenganzira bwe buba ari ngombwa kuri wowe.
4. Ubutungane bw'amategeko y'ubuyisilamu, akubiyemo ibituma umuryango mugari utungana ukanabaho mu mahoro nko kugirira neza abaturanyi no kubarinda ikibi cyose.

(4965)

(233) – عن أبي الدرداء رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «مَنْ رَدَّ عَنْ عِرْضِ أَخِيهِ رَدَّ اللهُ عَنْ وَجْهِهِ النَّارَ يَوْمَ الْقِيَامَةِ». [صحيح] - [رواه الترمذي وأحمد]

(233) – Hadithi yaturutse kwa Abi Dar'da-i (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzarinda icyubahiro cy'umuvandimwe we, Allah nawe azarinda umuriro uburanga bwe ku munsi w'imperuka." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Tirmidhi na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko urinze icyubahiro cy'umuvandimwe w'umuyisilamu igihe batari kumwe, akabuza abantu kumutuka cyangwa se kumugirira nabi, Allah nawe azamurinda ibihano byo ku munsi w'imperuka.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kubuza amagambo yibasira icyubahiro cy'abayisilamu.
2. Ineza yiturwa indi, bityo urengeye umuvandimwe we Allah nawe azamurinda umuriro.
3. Isilamu ni idini ry'ubuvandimwe n'ubufatanye no gutabarana hagati y'ababubarizwamo.

(5514)

(234) – عن عائشة رضي الله عنها زوج النبي صلى الله عليه وسلم عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «إِنَّ الرِّفْقَ لَا يَكُونُ فِي شَيْءٍ إِلَّا زَانَهُ، وَلَا يُنْزَعُ مِنْ شَيْءٍ إِلَّا شَانَهُ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(234) – Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire), akaba yari n'umugore w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:
"Igihe cyose habayeho koroha mu kintu bikigira cyiza, kandi n'igihe nta koroha kubayemo bikigira kibi." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko igihe cyose habayeho koroha mu kintu bituma kiba cyiza ndetse kikanuzura, ndetse n'uranzwe nabyo akagera ku ntego ye; Ariko iyo hatabayeho koroha bikigira kibi, ndetse

bikanabuza nyiracyo kugera kucyo ashaka, yanakigeraho akakigeraho bimugoye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza kurangwa n'umuco wo koroha.
2. Umuco wo koroha utuma umuntu agaragara neza, ndetse bikaba n'impamvu ya buri icyiza icyo ari cyo cyose muri gahunda ze z'imibereho ndetse n'iz'idini.

(5796)

(235) – عن أنس بن مالك رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «يَسِّرُوا وَلَا تُعَسِّرُوا، وَبَشِّرُوا وَلَا تُنَفِّرُوا». [صحيح] - [متفق عليه]

(235) – Hadithi yaturutse kwa Anas Ibun Malik (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mujye mworoshya ibintu, ntimukabikomeze, mutange inkuru nziza ntimutange izitera kwiheba." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irategeka abantu kworoshya no kworohereza abantu no kutabagora muri byose bireba idini ryabo n'imibereho yabo, ariko ntibirenge imbibi z'ibyo Allah yabaziruriye ndetse akanabategeka.

Iyi Hadithi irashishikariza kubwira abantu inkuru nziza z'ibyiza, no kutababwira izituma biheba, bakanahunga.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni itegeko ko umwemeramana akundisha abantu Allah, akanabashishikariza gukora ibyiza.
2. Ni ngombwa ko umuvugabutumwa uhamagarira abantu kugana Allah agomba kurebana ubushishozi inzira iboneye akwiye guhamagariramo abantu kugana Allah.
3. Gutanga inkuru nziza bitera akanyamuneza n'ibyishimo, umuvugabutumwa mu byo ahamagarira abantu.
4. Kugora abantu no kubakomereza bituma biheba, bagahunga ndetse bakanashidikanya mu byo umuvugabutumwa abahamagarira.
5. Impuhwe za Allah ku bagaragu be ziragutse, kandi yabahitiyemo idini ryoroshye n'amategeko aborohoye.
6. Koroshya dutegetswe ni kwa kundi kwavuzwe mu mategeko y'idini.

(5866)

(236) – عن أنس رضي الله عنه قال: كُنَّا عِنْدَ عُمَرَ فَقَالَ: «نُهِينَا عَنِ التَّكَلُّفِ».

[صحيح] - [رواه البخاري]

(236) – Hadithi yaturutse kwa Anas (Imana imwishimire) yaravuze ati; Igihe kimwe twari hamwe na Umar, maze aravuga ati: "Twabujijwe kwigora!"

[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]

Ibisobanuro birambuye:

Umar (Imana imwishimire) aragaragaza ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)

yababujije gukora ibibagoye bitari ngombwa, byaba mu mvugo cyangwa se mu bikorwa.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ukwigora kubujijwe ni nko kubaza ibibazo byinshi, cyangwa se umuntu akaba yakigora akora ibyo adafitiye ubumenyi, cyangwa se agakomeza ibyo Allah atakomeje!
2. Umuyisilamu akwiye kwimenyereza koroshya no kutigora mu mvugo no mu bikorwa: Mu mirire ye, iminywere ye, imvugo ze ndetse n'ibindi byose akora.
3. Isilamu ni idini ryoroshye.

(8945)

(237) – عن ابن عمر رضي الله عنهما أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال:

«إِذَا أَكَلَ أَحَدُكُمْ فَلْيَأْكُلْ بِيَمِينِهِ، وَإِذَا شَرِبَ فَلْيَشْرَبْ بِيَمِينِهِ، فَإِنَّ الشَّيْطَانَ يَأْكُلُ بِشِمَالِهِ، وَيَشْرَبُ بِشِمَالِهِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(237) – Hadith yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Umwe muri mwe naramuka ariye, ajye arisha ukuboko kwe kw'indyo, nananywa ajye anywesha ukuboko kwe kw'indyo, kubera ko Shitani irisha imoso ikananywesha imoso." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irategeka ko umuyisilamu akwiye kurya ndetse akanywa akoresheje ukuboko kwe kw'indyo, ndetse ikabuza kurya no kunywa akoresheje imoso, kubera ko Shitani arya ndetse akanywesha imoso.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kubuza kwisanisha na Shitani yo irisha ndetse ikananywesha imoso.

(58122)

(238) – عن عُمر بن أبي سلمة رضي الله عنه قال: كُنْتُ غُلَامًا فِي حَجْرِ رَسُولِ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ، وَكَانَتْ يَدِي تَطِيشُ فِي الصَّحْفَةِ، فَقَالَ لِي رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «يَا غُلَامُ، سَمِّ اللهَ، وَكُلْ بِيَمِينِكَ، وَكُلْ مِمَّا يَلِيكَ» فَمَا زَالَتْ تِلْكَ طِعْمَتِي بَعْدُ. [صحيح] - [متفق عليه]

(238) – Hadith yaturutse kwa Umar Ibun Abi Salamat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nari nkiri umwana muto nderwa n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), mu gihe cyo kurya nakoraga hirya no hino ku isahani, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irambwira iti: "Yewe mwana, jya uvuga ku izina rya Allah, urishe ukuboko kwawe kw'indyo ndetse unarye ibiri imbere yawe". Kuva icyo gihe natangiye kujya ndya gutyo. **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Umar Ibun Abi Salamat (Imana imwishimire we na se), akaba yari umwana w'umwe mu bagore b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) witwaga Umu Salamat (Imana imwishimire), icyo gihe yarererwaga ku Ntumwa y'Imana; avuga ko igihe cyo kurya yajyaga arya mu mpande zose z'isahani, maze Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imwigisha imyifatire itatu iranga uri kurya:

Uwa mbere: Kuvuga Bismillah: Ku izina rya Allah atangiye kurya.

Uwa kabiri: Kurisha ukuboko kwe kw'indyo.

Uwa gatatu: Kurya ahereye imbere ye akarya ibimwegereye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Mu myifatire myiza ikwiye kuranga ugiye kurya ndetse no kunywa ni ukuvuga Bismillah ugitangira.
2. Kwigisha abana by'umwihariko abo umuntu ashinzwe kurera imyifatire myiza igihe cyo kurya.
3. Impuhwe no koroha byaranze Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), n'uburyo yisanzuraga ku bana bato ibigisha ndetse inabaha uburere.
4. Mu myifatire myiza igihe cyo kurya harimo kuba umuntu yarya ibiri imbere ye, cyeretse

wenda ari amoko atandukanye y'ibiribwa, icyo gihe nibwo yemerewe no gufata ahandi.

5. Abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bubahirizaga imico n'uburere bigishijwe nayo, ibi tukaba tubikura mu mvugo ya Umar igira iti: Uko niko nakomeje kujya ndya na nyuma yaho.

(58120)

(239) – عن أنس بن مالك رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «إِنَّ اللهَ لَيَرْضَى عَنِ الْعَبْدِ أَنْ يَأْكُلَ الْأَكْلَةَ فَيَحْمَدَهُ عَلَيْهَا، أَوْ يَشْرَبَ الشَّرْبَةَ فَيَحْمَدَهُ عَلَيْهَا». [صحيح] - [رواه مسلم]

(239) – Hadithi yaturutse kwa Anas Ibun Malik (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mu by'ukuri Allah yishimira umugaragu wafata icyo kurya akabishimira Allah, cyangwa se agafata icyo kunywa akabimushimira." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko umugaragu gushimira Nyagasani we ku byiza yamukoreye n'inema yamuhundagajeho biri mu bintu bituma yishimirwa na Allah; yarya akavuga ati: Ishimwe ni irya Allah, ndetse akanywa ibyo kunywa akavuga ati: Ishimwe ni irya Allah.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ineza ya Allah Nyir'ubutagatifu, utanga amafunguro akanishimira umusingije.
2. Kwishimirwa na Allah bigerwaho ku mpamvu yoroheje, nko gushimira Allah nyuma yo kurya no kunywa.
3. Imwe mu mico myiza ikwiriye kuranga urya n'unywa ni ugushimira Allah Nyir'ubutagatifu nyuma yo kubikora.

(5798)

(240) – عَنْ سَلَمَةَ بْنِ الْأَكْوَعِ رضي الله عنه: أَنَّ رَجُلًا أَكَلَ عِنْدَ رَسُولِ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ بِشِمَالِهِ، فَقَالَ: «كُلْ بِيَمِينِكَ»، قَالَ: لَا أَسْتَطِيعُ، قَالَ: «لَا اسْتَطَعْتَ»، مَا مَنَعَهُ إِلَّا الْكِبْرُ، قَالَ: فَمَا رَفَعَهَا إِلَى فِيهِ. [صحيح] - [رواه مسلم]

(240) – Hadith yaturutse kwa Salamat Ibun Al Ak'wa-i (Imana imwishimire) yavuze ko Umugabo umwe yariye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) arisha imoso, nuko Intumwa y'Imana iramubwira iti: "Jya urusha indyo", wa mugabo arayisubiza ati: Sinabishobora! Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti: "Ntukabishobore!" Nta kindi cyabimubujije usibye ubwibone! Salamat yaravuze ati: Ntiyigeze abasha kuzamura ukuboko kwe ngo akugeze ku munwa we!
[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabonye umugabo umwe urisha imoso, imutegeka ko arisha indyo, Wa mugabo ayisubizanya ubwibone no kubeshya avuga ko atabishobora! Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imusabira ubusabe bwo kutazashobora kurisha indyo Nuko Allah yakira ubusabe bwayo ukuboko kwe kw'indyo akugira pararize, ntiyashobora nyuma yaho kukuzamura ngo akugeze ku munwa we yaba agiye kurya cyangwa se kunywa.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:
1. Ni itegeko kurisha indyo, ni n'ikizira kurisha imoso.
2. Umuntu ugira ubwibone akanga gukurikiza amategeko y'idini yategetswe aba akwiye ibihano.
3. Allah yubahishije Intumwa ye ubwo yakiraga ubusabe bwayo.
4. Biremewe kubwirizanya ibyiza no kubuzanya ibibi mu bihe byose haba no mu gihe cyo kurya.

(3372)

(241) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: كان رسولُ الله صلى الله عليه وسلم إذا عَطَس وضَعَ يَدَه -أو ثوبَهُ- على فيه، وخَفَضَ -أو غضَّ- بها صوتَهُ. [صحيح] - [رواه أبو داود والترمذي وأحمد]

(241) – Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Iyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yitsamuraga,

yashyiraga ikiganza cyayo cyangwa se umwambaro wayo ku munwa, ndetse ikanitsamura mu ijwi ryoroheje. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Abu Dawud, na Tirmidhiy, ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yitsamuraga;

Icya mbere: Yashyiraga ikiganza cyayo cyangwa se umwambaro wayo ku munwa, kugira ngo hatagira igisohoka mu kanwa kayo cyangwa se mu mazuru yayo kikaba cyabangamira uwo bari kumwe.

Icya kabiri: Yagabanyaga ijwi ryayo ntirizamure.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kugaragaza umuyoboro w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku bijyanye no kwitsamura, no kuyikurikiza muri byo.
2. Ni byiza gushyira umwambaro cyangwa se agatambaro n'ibindi ku munwa igihe witsamuye, kugira ngo hatagira icyasohokamo kikabangamira abo muri kumwe.
3. Koroshya ijwi igihe witsamuye biracyenewe, ni na bimwe mu biranga ikinyabupfura n'imico myiza.

(3317)

(242) – عَنِ ابْنِ عَبَّاسٍ رضي الله عنهما قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «إِنَّ اللَّهَ يُحِبُّ أَنْ تُؤْتَى رُخَصُهُ، كَمَا يُحِبُّ أَنْ تُؤْتَى عَزَائِمُهُ». [صحيح] - [رواه ابن حبان]

(242) – Hadithi yaturutse kwa Ibun Abas (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: Mu by'ukuri Allah akunda ko abantu bubahiriza uburenganzira yatanze, nkuko akunda ko bubahiriza amategeko ye." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Ibun Hiban]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) muri iyi Hadithi yavuze ko Allah akunda abashyira mu bikorwa uburenganzira yatanze ku bintu bimwe nk'amategeko yoroheje n'ibikorwa byo kumwiyegereza (Ibadat), no koroheza abarebwa n'amategeko bafite impamvu nko kugabanya umubare wa raka z'iswala, ndetse no kuzifatanya mu gihe umuntu ari ku rugendo; Nkuko akunda abantu bubahiriza amategeko yategetse, kubera ko itegeko rya Allah mu mpushya yatanze n'amategeko yategetse ari rimwe.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Impuhwe za Allah ku bagaragu be, kandi ko akunda ko abantu bubahiriza impushya yatanze.
2. Uburyo amategeko y'ubuyisilamu yuzuye, ndetse n'uburyo yagiye yorohereza umuyisilamu.

(65017)

(243) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم:

«مَنْ يُرِدِ اللهُ بِهِ خَيْرًا يُصِبْ مِنْهُ». [صحيح] - [رواه البخاري]

(243) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Uwo Allah ashakiye ibyiza, aramugerageza." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko iyo Allah ashakiye ibyiza abagaragu abagerageza, muri bo ubwabo no mu mitungo yabo ndetse no mu miryango yabo, kuko bituma uwageragejwe agarukira Allah amusaba, ndetse akanamubabarira ibyaha bye, akanamuzamura mu ntera.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Umwemeramana agerwaho n'amoko atandukanye y'ibigeragezo.
2. Kugeragezwa bishobora kuba ikimenyetso cy'uko Allah akunda umugaragu we, kugira ngo Allah amuzamuye mu ntera ndetse akanamubabarira ibyaha bye.
3. Gushishikariza kwihangana mu gihe cy'ibigeragezo no kutijujuta.

(4204)

(244) – عَنْ أَبِي سَعِيدٍ الْخُدْرِيِّ وَعَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنهما عَنِ النَّبِيِّ صلى الله عليه وسلم قَالَ: «مَا يُصِيبُ الْمُسْلِمَ مِنْ نَصَبٍ وَلَا وَصَبٍ وَلَا هَمٍّ وَلَا حُزْنٍ وَلَا أَذًى وَلَا غَمٍّ حَتَّى الشَّوْكَةِ يُشَاكُهَا إِلَّا كَفَّرَ اللهُ بِهَا مِنْ خَطَايَاهُ». [صحيح] - [متفق عليه]

(244) – Hadith yaturutse kwa Abi Said Al Khud'riy na Abi Hurayrat (Imana ibishimire bombi) bavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: ""Nta muyisilamu ugerwaho n'ibyago cyangwa se ingorane cyangwa se umubabaro, cyangwa se agahinda, cyangwa se n'ikindi icyo ari cyo cyose cyamubuza amahoro, kabone n'iyo ryaba ihwa rimujombye, usibye ko Allah abigira impamvu yo kubabarirwa ibyaha bye." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko ikibaye ku muyisilamu cyose cyaba uburwayi, cyangwa se imibabaro, cyangwa se agahinda, ndetse n'ibindi bigeragezo, cyangwa se ubwoba, cyangwa se inzara, kugeza no ku ihwa ryamujomba rikamubabaza, biba impamvu yo kubabarirwa ibyaha bye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kugaragaza ingabire za Allah aha abagaragu be b'abemeramana, n'impuhwe ze kuri bo, aho abababarira ibyaha byabo kubera impamvu nto cyane yababababaje.

2. Birakwiye ko umuyisilamu yiringira ingororano za Allah ku byago bimubayeho, ndetse akanihangana ku gito n'ikinini kimubayeho, kugira ngo bizabe impamvu yo kuzamurwa mu ntera no kubabarirwa ibyaha.

(3701)

(245) – عَنْ صُهَيْبٍ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «عَجَبًا لِأَمْرِ الْمُؤْمِنِ، إِنَّ أَمْرَهُ كُلَّهُ خَيْرٌ، وَلَيْسَ ذَاكَ لِأَحَدٍ إِلَّا لِلْمُؤْمِنِ، إِنْ أَصَابَتْهُ سَرَّاءُ شَكَرَ، فَكَانَ خَيْرًا لَهُ، وَإِنْ أَصَابَتْهُ ضَرَّاءُ صَبَرَ، فَكَانَ خَيْرًا لَهُ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(245) – Hadith yaturutse kwa Swuhayb (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Iby'umwemeramana biratangaje!

Ibye byose kuri we biba ari byiza! Ariko nta wundi bijya bishobokera uretse umwemeramana, iyo agezweho n'ibishimishije arashimira, bikaba byiza kuri we, n'iyo agezweho n'ibidashimishije arihangana nabyo bikaba byiza kuri we." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratangarira umwemeramana n'ibyo byose mu rwego rwo kwerekana ko ari byiza; kuko ibihe bye byose kuri we biba ari byiza, ariko ibi nta wundi ubigira uretse umwemeramana. Iyo hari ikimubayeho kimushimishije arashimira, akabibonera ibihembo n'ingororano; N'iyo

hari ikitamushimishije kimubayeho arihangana, nabyo akabibonera ibihembo n'ingororano, bityo ibimubayeho byose arabihemberwa.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro ko gushimira mu byiza no kwihangana mu bigeragezo, ukoze ibyo abona ibyiza by'aha ku isi no ku munsi w'imperuka, n'udashimiye ingabire cyangwa se ngo yihanganire ikigeragezo, aba ahombye ingabire nyinshi.
2. Agaciro ko kwemera, kandi ko ingororano zabyo mu bihe byose nta bandi bazibona uretse abafite ukwemera.
3. Gushimira mu byiza, no kwihangana mu bibi ni bimwe mu biranga abemeramana.
4. Kwemera igeno rya Allah bituma umwemeramana ahora anezerewe mu bimubaho byose; bitandukanye n'utari umwemeramana, uhora ababaye igihe hari ikibi kimubayeho; iyo hari ikimugezeho mu ngabire za Allah Nyir'ubutagatifu aba ari icyo ahugiraho akareka kumvira Allah, tutirengagije no kuba cyatuma yigomeka kuri Allah.

(3298)

(246) – عن أبي موسى الأشعري رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «إِذَا مَرِضَ الْعَبْدُ أَوْ سَافَرَ كُتِبَ لَهُ مِثْلُ مَا كَانَ يَعْمَلُ مُقِيمًا صَحِيحًا». [صحيح] - [رواه البخاري]

(246) – Hadithi yaturutse kwa Abi Mussa Al Ash'ari (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Iyo umugaragu arwaye cyangwa agiye mu rugendo,

yandikirwa ibihembo by'ibikorwa yajyaga akora ari muzima, ndetse n'igihe atari no ku rugendo." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) muri iyi Hadith iravuga ku byiza bya Allah n'impuhwe ze, ndetse ko umuyisilamu iyo asanzwe akora ibikorwa byiza ari muzima ndetse atari no mu rugendo, hanyuma akagira impamvu nk'iy'uburwayi cyangwa se urugendo ntabashe kubikora, cyangwa se n'indi mpamvu iyo ari yo yose, yandikirwa ibihembo byuzuye nk'uko yabyandikirwaga ari muzima ndetse atari no ku rugendo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kuba ingabire za Allah ari nyinshi ku bagaragu be.
2. Gushishikariza kugira umuhate mu bikorwa byo kwiyegereza Allah, no gufatirana ibihe umuntu ari muzima kandi afite n'umwanya.

(3553)

(247) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه أَنَّ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «بَادِرُوا بِالْأَعْمَالِ فِتَنًا كَقِطَعِ اللَّيْلِ الْمُظْلِمِ، يُصْبِحُ الرَّجُلُ مُؤْمِنًا وَيُمْسِي كَافِرًا، أَوْ يُمْسِي مُؤْمِنًا وَيُصْبِحُ كَافِرًا، يَبِيعُ دِينَهُ بِعَرَضٍ مِنَ الدُّنْيَا». [صحيح] - [رواه مسلم]

(247) – Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mwihutire gukora

ibikorwa byiza mbere y'uko mugerwaho n'ibigeragezo bigoye bizaba bimeze nk'ijoro ry'umwijima, aho umuntu azajya aramuka ari umwemeramana bukajya kugoroba yabaye umuhakanyi, cyangwa se bukagoroba ari umwemeramana bukajya gucya yabaye umuhakanyi, ukwemera kwe akakugurana iby'isi. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irashishikariza umwemeramana kwihuta gukora ibikorwa byiza byinshi mbere y'uko ibigeragezo biza ngo bitume adakora ibyo bikorwa, kandi bizaza bimeze nk'umwijima w'ijoro, aho ukuri n'ikinyoma byivanga, bikagora benshi kubitandukanya. No kubera ubuhambare bwabyo, umuntu arahuzagurika kugeza ubwo bucya ari umwemeramana bukajya kwira yabaye umuhakanyi, cyangwa se bukira ari umwemeramana bugacya yabaye umuhakanyi, ukwemera kwe akakugurana indonke z'isi zishira.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni itegeko gushikama ku idini, no kwihutira gukora ibikorwa byiza mbere y'uko tugerwaho n'ibitubuza kubikora.
2. Kugaragaza ko mu bihe bya nyuma ibigeragezo biyobya bizaza bikurikiranye, kandi ko buri uko ikigeragezo kizajya kirangira kizajya gikurikirwa n'ikindi.

3. Iyo umuntu agize intege nke mu kwemera kwe akagera no ku rwego akureka kubera indonke z'isi n'ibindi, biba impamvu y'uko atana, agata ukwemera kwe akishora mu bigeragezo.
4. Muri iyi Hadith harimo kugaragaza ko ibikorwa byiza ari impamvu yo kurokoka ibigeragezo.
5. Ibigeragezo birimo ibice bibiri: Hari ibiza bitewe n'urujijo, n'umuti wabyo ni ukugira ubumenyi, hari n'ibiza bitewe n'irari n'umuti wabyo ni ukugira ukwemera ndetse no kwihangana.
6. Muri iyi Hadith harimo kugaragaza ko uwo ubikorwa bye bibaye bicye, ibigeragezo kuri we bimusanga byihuta, n'uwo ibikorwa bye bibaye byinshi aba akwiye kudashukwa nabyo ahubwo agaharanira kubyongera.

(3138)

(248) – عن معاوية رضي الله عنه قال: سمعت النبي صلى الله عليه وسلم يقول: «مَنْ يُرِدِ اللهُ بِهِ خَيْرًا يُفَقِّهْهُ فِي الدِّينِ، وَإِنَّمَا أَنَا قَاسِمٌ، وَاللهُ يُعْطِي، وَلَنْ تَزَالَ هَذِهِ الْأُمَّةُ قَائِمَةً عَلَى أَمْرِ اللهِ، لَا يَضُرُّهُمْ مَنْ خَالَفَهُمْ، حَتَّى يَأْتِيَ أَمْرُ اللهِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(248) – Hadithi yaturutse kwa Muawiyat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Uwo Allah ahitiyemo ibyiza amuha gusobanukirwa mu idini kandi nanjye ndi ugabanya abantu (imitungo) uko nategetswe na Allah, ndetse Allah niwe Mugaba, kandi mu bayoboke banjye (Umat) hari abazakomeza gushikama ku idini, ku buryo uzanyuranya nabo ntacyo bizabatwara, kugeza ubwo itegeko rya Allah

rizasohorera." [Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko uwo Allah ahitiyemo ibyiza, imuha gusobanukirwa idini rye, kandi ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igabanya ingabire z'ibyo Allah yayihaye byaba mu mafunguro cyangwa se ubumenyi ndetse n'ibindi, kandi ko ugaba ingabire w'ukuri ari Allah, naho abandi batari we bo ni impamvu ntibagira icyo bakumarira usibye ku burenganzira bwa Allah, kandi mu bayoboke b'Intumwa y'Iman hari abazakomeza gushikama ku dini rya Allah, ku buryo uzanyuranya nabo ntacyo yabatwara kuzageza ku munsi w'imperuka w'imperuka.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ubuhambare n'ibyiza by'ubumenyi bw'idini no kubwiga ndetse no kubushishikariza abandi.
2. Ni ngombwa ko mu bayoboke b'Intumwa y'Imana hagomba kubamo abahagaze ku kuri, bamwe nibataguhagararaho hagomba kuza bandi baguhagararaho.
3. Kugira ubumenyi bw'idini biri mu byiza Allah ahitiramo umugaragu we.
4. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igaba ku itegeko rya Allah no ku bushake bwe, kandi yo ubwayo ntacyo itunze.

(5518)

(249) – عَنْ جَابِرِ بْنِ عَبْدِ اللَّهِ رضي الله عنهما أَنَّ النَّبِيَّ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: «لَا تَعَلَّمُوا الْعِلْمَ لِتُبَاهُوا بِهِ الْعُلَمَاءَ، وَلَا لِتُمَارُوا بِهِ السُّفَهَاءَ، وَلَا تَخَيَّرُوا بِهِ الْمَجَالِسَ، فَمَنْ فَعَلَ ذَلِكَ، فَالنَّارُ النَّارُ». [صحيح] - [رواه ابن ماجه]

(249) – Hadithi yaturutse kwa Djabir Ibun Abdillah (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ntimuzige ubumenyi mugamije kubwiratana mu bandi bamenyi, cyangwa se kugirango mujye mugisha impaka injinji cyangwa ngo bajye babibubahira mu byicaro babahe ijambo, uzabirengaho, yitegure umuriro, yitegure umuriro." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Ibun Madjah]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaburiye abantu biga bashaka kwiratana ibyo bazi, cyangwa se kugira ngo bitwe ko ari abamenyi, ngo babereke ko nabo ari abamenyi nkabo, cyangwa se kugira ngo bazajye bagisha impaka injiji n'abandi b'ubwenge bucye, cyangwa se abize kugira ngo ari bo bajya babanza mu byicaro, bababanze mbere y'abandi. Kubera ko ibyo uzabirengaho nta kindi kimukwiye usibye umuriro kubera gukorera ijisho no kudashaka ubumenyi abikoze kubera Allah!

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibihano bikomeye by'umuriro bitegereje wa wundi wiga agamije kubyiratana no kubigisha impaka abo abirusha, cyangwa se ngo bajye babimwubahira mu byicaro n'izindi mpamvu.
2. Agaciro ko gukora ugambiriye kunezeza Allah wenyine kuri wawundi wize ubumenyi bw'ibigendanye n'idini, akanabwigisha.
3. Umugambi mwiza niwo shingiro ry'ibindi bikorwa, n'ibihembo byabyo niho bishingira.

(65047)

(250) – عن عثمان رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «خَيْرُكُمْ مَنْ تَعَلَّمَ الْقُرْآنَ وَعَلَّمَهُ». [صحيح] - [رواه البخاري]

(250) – Hadithi yaturutse kwa Uthman (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Umwiza muri mwe kubarusha ni uwize Qur'an ndetse akanayigisha abandi." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umwiza kuruta abandi imbere ya Allah, ndetse akaba anabarusha urwego ari uwize Qur'an akaba ayisoma yarayifashe mu mutwe, anasobanukiwe amategeko ayikubiyemo, ndetse akanabyigisha abandi, hiyongereyeho no kuyishyira mu bikorwa.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kugaragaza agaciro ka Qur'an ndetse ko ariyo magambo meza, kubera ko ari amagambo ya Allah.
2. Umunyeshuri mwiza kuruta abandi ni uwigisha abandi, ibyo azi ntibibe ari we bigarukiraho gusa.
3. Kwiga Qur'an ndetse no kuyigisha hakubiyemo kuyisoma no gusobanukirwa ibisobanuro byayo hamwe n'amategeko ayikubiyemo.

(5913)

(251) – عَنْ أَبِي عَبْدِ الرَّحْمَنِ السُّلَمِي رحمه الله قَالَ: حَدَّثَنَا مَنْ كَانَ يُقْرِئُنَا مِنْ أَصْحَابِ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ أَنَّهُمْ كَانُوا يَقْتَرِئُونَ مِنْ رَسُولِ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ عَشْرَ آيَاتٍ، فَلَا يَأْخُذُونَ فِي الْعَشْرِ الْأُخْرَى حَتَّى يَعْلَمُوا مَا فِي هَذِهِ مِنَ الْعِلْمِ وَالْعَمَلِ، قَالُوا: فَعَلِمْنَا الْعِلْمَ وَالْعَمَلَ. **[حسن] - [رواه أحمد]**

(251) – Hadithi yaturutse kwa Abi Abdi Rahman A-Sulamiy (Allah amugirire impuhwe) yaravuze ati: Umwe mu basangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bajyaga badusomera Qur'an yatubwiye ko bajyaga biga ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha imirongo icumi, ntibagire indi mirongo bongeraho batarayifata mu mutwe ngo bayishyire no mu bikorwa. Baravuze bati: Byatumye tumenya ubumenyi tubushyira no mu bikorwa. **[Hadithi nziza] - [Yakiriwe na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Abasangirangendo b'Intumwa y'Imana bajyaga biga ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)

imirongo icumi muri Qur'an ntibimukire ku yindi iyo batarayiga neza ngo bayisobanukirwe banayishyire mu bikorwa, bituma bagira ubumenyi banashyira mu bikorwa icya rimwe.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyiza by'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) no kwita kwabo ku kwiga Qur'an.
2. Kwiga Qur'an bijyana no gushyira mu bikorwa ibiyikubiyemo, ntabwo ari ukuyisoma no kuyifata mu mutwe gusa.
3. Ubumenyi buza mbere yo kubutanganza no kubushyira mu bikorwa.

(65058)

(252) – عن عبد الله بن مسعود رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «مَنْ قَرَأَ حَرْفًا مِنْ كِتَابِ اللهِ فَلَهُ بِهِ حَسَنَةٌ، وَالْحَسَنَةُ بِعَشْرِ أَمْثَالِهَا، لَا أَقُولُ {الم} حَرْفٌ، وَلَكِنْ {أَلِفٌ} حَرْفٌ، وَ{لَامٌ} حَرْفٌ، وَ{مِيمٌ} حَرْفٌ». [حسن] - [رواه الترمذي]

(252) – Hadithi yaturutse kwa Abdullah Ibun Masuud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Uzasoma inyuguti imwe mu gitabo cya Allah, azayibonera igihembo kingana n'icyiza kimwe, kandi icyiza kimwe kingana n'ibyiza icumi Ntabwo mvuze ko {Alif Laam Miim) ari inyuguti imwe, ahubwo {Alif} ni inyuguti, {Lam} ni inyuguti, na {Miim) ni inyuguti." **[Hadithi nziza] - [Yakiriwe na Tirmidhiy]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko buri muyisilamu usomye inyuguti mu gitabo cya Allah, ayihemberwa icyiza kimwe, kandi akaba yanabyongererwa kugeza ku byiza icumi.

Nyuma irangije kuvuga ibi isobanura ko (Alifu Laam Miim) atari inyuguti imwe, ahubwo Alifu ni inyuguti imwe, Lamu ni inyuguti imwe, na Miimu ni indi nyuguti: Bityo zikaba ari inyuguti eshatu n'ibyiza byazo ni mirongo itatu.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza gusoma kenshi Qur'an.
2. Buri nyuguti umusomyi asomye ayihemberwa icyiza kimwe gishobora gukubwa inshuro icumi.
3. Impuhwe za Allah n'ubuntu bwe biragutse, aho abagaragu bakubirwa ibihembo kubera ineza ye n'ubuntu bwe.
4. Agaciro Qur'an irusha andi magambo, ndetse no kwiyegereza Allah uyisoma, kubera ko ari amagambo ya Allah Nyir'ubutagatifu.

(6275)

(253) – عن عبد الله بن عمرو رضي الله عنهما قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «يقالُ لصاحبِ القرآن: اقرَأ وارتَقِ، ورتِّل كما كُنْتَ ترتِّل في الدُنيا، فإن منزِلَكَ عندَ آخرِ آية تقرؤها». [حسن] - [رواه أبو داود والترمذي والنسائي في الكبرى وأحمد]

(253) – Hadithi yaturutse kwa Abdillah Ibun Am'ri (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: Umuntu wakundaga kwitwararika

Qur'an azabwirwa ati: Yisome, uzamuke mu ntera, unayisome witonze nkuko wajyaga uyisoma ukiri ku isi, kubera ko urwego rwawe rwa nyuma n'urw'umurongo wa nyuma iri bugarukireho uri gusoma." **[Hadithi nziza] - [Yakiriwe na Abu Dawud na Tirmidhi ndetse na A-Nasa'iy mu gitabo cye Sunanul Kubra ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko umuntu wajyaga yitwararika Qur'an agakunda kuyisoma, ndetse akagerageza no kuyishyira mu bikorwa, akagerageza no kuyifata mu mutwe niyinjira mu ijuru: Bazamubwira bati soma Qur'an ukomeze kuzamuka mu ntera, unayisome utuje witonze nkuko wajyaga uyisoma ukiri mu isi, kubera ko urwego rwawe rwa nyuma ruraba umurongo wa nyuma uri busome.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibihembo bigendana n'ibikorwa kubera ingano yabyo n'uburyo ubitunganya.
2. Gushishikariza gusoma Qur'an no kuyinonosora no kuyifata mu mutwe unatekereza ku bisobanuro byayo, unagerageza kuyishyira mu bikorwa.
3. Ijuru ririmo inzego nyinshi, abantu ba Qur'an bazahabwa urwego ruruta izindi.

(65054)

(254) – عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «أَيُحِبُّ أَحَدُكُمْ إِذَا رَجَعَ إِلَى أَهْلِهِ أَنْ يَجِدَ فِيهِ ثَلَاثَ خَلِفَاتٍ عِظَامٍ سِمَانٍ؟» قُلْنَا: نَعَمْ. قَالَ: «فَثَلَاثُ آيَاتٍ يَقْرَأُ بِهِنَّ أَحَدُكُمْ فِي صَلَاتِهِ خَيْرٌ لَهُ مِنْ ثَلَاثِ خَلِفَاتٍ عِظَامٍ سِمَانٍ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(254) – Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ese umwe muri mwe yanezezwa n'uko yasubira mu bantu be agasanga ingamiya eshatu nini zihaka zibyibushye? Turavuga tuti: Yego, ntawabyanga! Intumwa y'Imana iravuga iti: Umwe muri mwe kuba yasoma Ayat eshatu gusa mu iswalat ari gusali byaba byiza kuri we kuruta izo ngamiya. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iri kugaragaza ibihembo byo gusoma imirongo itatu muri Qur'an uri gusali ko ari byo byiza kuruta kuba umuntu yasanga iwe ingamiya eshatu zihaka kandi zibyibushye atari yahasize.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kugaragaza agaciro n'ibyiza byo gusoma Qur'an mu iswalat.
2. Ibikorwa byiza ni byo byiza kandi bizahoraho kuruta imitako y'isi ishira.

3. Ibi byiza si ukuvuga ko ari ibyo gusoma imirongo itatu gusa, ahubwo buri uko uyongereye uri mu iswalat, ibihembo byayo biriyongera kuruta na za ngamiya.

(65053)

(255) – عن أبي موسى الأشعري رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «تَعَاهَدُوا هَذَا الْقُرْآنَ، فَوَالَّذِي نَفْسُ مُحَمَّدٍ بِيَدِهِ لَهُوَ أَشَدُّ تَفَلُّتًا مِنَ الْإِبِلِ فِي عُقُلِهَا». [صحيح] - [متفق عليه]

(255) – Hadithi yaturutse kwa Abi Mussa Al Ash'ariy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mujye mwita kuri Qur'an, kuko ndahiye k'ufite roho ya Muhamadi mu kuboko kwe ko icika nyirayo kuruta uko ingamiya itoroka nyirayo iciye ikiziriko." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yategetse guhozaho gusoma Qur'an no kuyitwararika kugira ngo umuntu wari warayifashe mu mutwe atayibagirwa. Ibi ikaba yarabishimangiye ubwo yarahiraga ko Qur'an icika nyirayo byihuse kuruta uko ingamiya yari iziritse icika nyirayo igihe ayirekuye.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Umuntu wafashe Qur'an mu mutwe iyo ahojejeho kuyisoma inshuro nyuma y'inshuro,

imuhama mu gituza cye, iyo atabigenje atyo iramucika ndetse akanayibagirwa.

2. Mu nyungu zo kwitwararika Qur'an ni ibihembo n'ingororano, no kuzazamurwa mu ntera ku munsi w'imperuka.

(5907)

(256) – عن أبي هريرة رضي الله عنه: أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «لَا تَجْعَلُوا بُيُوتَكُمْ مَقَابِرَ، إِنَّ الشَّيْطَانَ يَنْفِرُ مِنَ الْبَيْتِ الَّذِي تُقْرَأُ فِيهِ سُورَةُ الْبَقَرَةِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(256) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Amazu yanyu ntimuzayagire nk'amarimbi, kubera ko Shay'twani ihunga inzu isomerwamo Suratul Baqarat." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irabuza abantu badasalira mu mazu yabo bakayagira nk'amarimbi kubera ko ari yo adakorerwamo iswalat.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ivuga ko Shaytwani ahunga inzu isomerwamo Suratul Baqarat.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni byiza kongera iswalat z'imigereka dukorera mu mazu yacu.

2. Gukorera iswala ku marimbi ntibyemewe, kubera ko ari bumwe mu buryo bwo gukora ibangikanyamana ndetse no gukabiriza abayashyinguyemo, usibye gusa iswalat ikorerwa uwapfuye.
3. Kubuza gukorera iswalat ku marimbi, byanakomeje kubuzwa no ku gihe cy'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha); niyo mpamvu Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije kugira amazu yacu nk'amarimbi atajya akorererwaho iswalat.

(6208)

(257) – عَنْ أُبَيِّ بْنِ كَعْبٍ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «يَا أَبَا الْمُنْذِرِ، أَتَدْرِي أَيُّ آيَةٍ مِنْ كِتَابِ اللهِ مَعَكَ أَعْظَمُ؟» قَالَ: قُلْتُ: اللهُ وَرَسُولُهُ أَعْلَمُ. قَالَ: «يَا أَبَا الْمُنْذِرِ، أَتَدْرِي أَيُّ آيَةٍ مِنْ كِتَابِ اللهِ مَعَكَ أَعْظَمُ؟» قَالَ: قُلْتُ: {اللهُ لا إِلَهَ إِلا هُوَ الْحَيُّ الْقَيُّومُ} [البقرة: ٢٥٥]. قَالَ: فَضَرَبَ فِي صَدْرِي، وَقَالَ: «وَاللهِ لِيَهْنِكَ الْعِلْمُ، أَبَا الْمُنْذِرِ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(257) – Hadithi yaturutse kwa Ubay Ibun Kaab (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Yewe Abul Mundhir! Waba uzi mu gitabo cya Allah wafashe umurongo uhambaye kuruta iyindi? Abul Mundhir arayisubiza ati: Allah n'Intumwa ye nibo bawuzi! Intumwa y'Imana irongera irambaza iti: Yewe Abul Mundhir, waba uzi mu gitabo cya Allah wafashe umurongo uhambaye kuruta indi isigaye? Abul Mundhir yaravuze ati: Maze ndayibwira nti ni

(ALLAHU LA ILAHA ILA HUWAL HAYYUL QAYUM) [Al Baqarat; 255.] Abul Mundhir yaravuze ati: Nuko ankomanga mu gituza arambwira ati: Ubumenyi buzakorohere yewe Abul Mundhir!" **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabajije Ubayy Ibun Kaab umurongo uhambaye kuruta iyindi mu gitabo cya Allah, ariko ashidikanya ku gisubizo, arangije aravuga ati: Ni Ayatul; Kursiy (ALLAHU LA ILAHA ILA HUWAL HAYYUL QAYUM), Intumwa y'Imana (imana iyihe amahoro n'imigisha) iramushyigikira imukomanga mu gituza igaragaza ko cyuzuyemo ubumenyi n'ubushishozi, inamusabira ko yazahirwa n'ubumenyi afite kandi Allah akanamworohereza kubugeraho!

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibigwi bihambaye bya Ubayy Ibun Kaab (Imana imwishimire)
2. Ayatul Kursiy ni yo Ayat iruta izindi mu gitabo cya Allah, niyo mpamvu tugomba kuyifata mu mutwe, no kwiga ibisobanuro byayo, ndetse tukanayishyira mu bikorwa.

(65059)

(258) – عن أبي مسعود رضي الله عنه قال: قال النبي صلى الله عليه وسلم: «مَنْ قَرَأَ بِالْآيَتَيْنِ مِنْ آخِرِ سُورَةِ الْبَقَرَةِ فِي لَيْلَةٍ كَفَتَاهُ». [صحيح] - [متفق عليه]

(258) – Hadithi yaturutse kwa Abi Mas'ud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana imwishimire) yaravuze iti: "Uzasoma imirongo ibiri isoza Suratul Baqarat mu ijoro, izaba imuhagirije." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umuntu usomye mu ijoro imirongo ibiri ya nyuma yo muri Suratul Baqarat, Allah aba amuhagije kuba yamurinda ikibi icyo ari cyo cyose. Hari imvugo isobanura ko iyo mirongo iba imuhagirije isengesho ry'igihagararo cyo mu ijoro. Hari n'indi mvugo isobanura ko iyo mirongo iba imuhagirije andi magambo yo gusingiza Allah akoresha. Hari n'indi mvugo ivuga ko iyo mirongo ari yo micye ishoboka wasoma mu mirongo ya Qur'an muri iryo joro. Hari n'izindi zitari izi tuvuze. Izi mvugo zose zishobora no kuba ari ukuri, kuko iyi mvugo zose zikubiyemo.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kugaragaza ibyiza byo gusoma imirongo ya nyuma yo muri Suratul Baqarat ari yo itangira ivuga iti: (AMANA RASULU….) kugera ku mpera z'iyi surat.

2. Impera za Suratul Baqarat zirinda uzisomye mu ijoro ibibi n'inabi bya Shaytwani.
3. Ijoro ritangira izuba rikimara kurenga, rikarangira umuseke utambitse.

(6274)

(259) – عن النعمان بن بَشِير رضي الله عنه قال: سمعت النبيَّ صلى الله عليه وسلم يقول: «الدُّعَاءُ هُوَ الْعِبَادَةُ»، ثُمَّ قَرَأَ: «{وَقَالَ رَبُّكُمُ ادْعُونِي أَسْتَجِبْ لَكُمْ إِنَّ الَّذِينَ يَسْتَكْبِرُونَ عَنْ عِبَادَتِي سَيَدْخُلُونَ جَهَنَّمَ دَاخِرِينَ} [غافر: ٦٠]». [صحيح] - [رواه أبو داود والترمذي وابن ماجه وأحمد]

(259) – Hadithi yaturutse kwa A-Nuuman Ibun Bashir (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Ubusabe niko kugaragira Allah Irangije isoma umurongo wa Qur'an ugira uti: {Kandi Nyagasani wanyu yaravuze ati “Nimunsabe, ndabasubiza. Mu by’ukuri ba bandi bibona bakanga kunsenga (kunsaba), bazinjira mu muriro basuzuguritse.” [Surat Ghafir: 60.] **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Abu Dawud, na Tirmidhi, na Ibun Madjah, ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko gusaba ari ko kugaragira Allah; ni itegeko ko gusaba biharirwa Allah, byaba ari ugusaba Allah ibyo ucyeneye, cyangwa se ngo agukurireho

ibikubangamiye mu buzima ndetse no ku munsi w'imperuka, cyangwa se ari ugusaba byo mu rwego rwo kugaragira Allah ukora ibyo akunda kandi yishimira, byaba mu mvugo, mu bikorwa, ibigaragara ndetse n'ibitagaragara, byaba ibikorwa ukorera ku mutima cyangwa se ku mubiri cyangwa se mu mutungo.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ibitangira gihamya aho yavuze umurongo wa Qur'an aho Allah agira ati: {Kandi Nyagasani wanyu yaravuze ati “Nimunsabe, ndabasubiza. Mu by’ukuri ba bandi bibona bakanga kunsenga (kunsaba), bazinjira mu muriro basuzuguritse.”} [Qur'an 40: 60].

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gusaba ni byo shingiro ryo kugaragira Allah, kandi ntibyemewe kugira undi ubikorerwa utari Allah.
2. Gusaba bikubiyemo kugaragira by'ubukuri, no kwiyemerera ko Nyagasani ari we mukungu kandi ko ari we ufite ubushobozi, ndetse ko umugaragu umusaba amucyeneye.
3. Ibihano bihambaye biteganyirijwe abigomeka ku kugaragira Allah banga kumusaba, kandi ko abo bamwigomekaho banga kumusaba bazinjira mu muriro basuzuguritse.

(5496)

(260) – عن عائشة رضي الله عنها قالت: كَانَ النَّبِيُّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَذْكُرُ اللهَ عَلَى كُلِّ أَحْيَانِهِ. [صحيح] - [رواه مسلم]

(260) – Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yibukaga (yasingizaga) Allah mu bihe byayo byose. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Aishat Nyina w'abemera (Imana imwishimire) aravuga ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yashishikazwaga cyane no gusingiza Allah, kandi ko yibukaga Allah ibihe byose ahantu hose mu buryo ubwo ari bwo bwose.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ntabwo isuku (Twaharat) yaba iyo koga cyangwa se gutawaza ari ngombwa igihe ushaka gusingiza Allah!
2. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahozagaho gusingiza Allah Nyir'ubutagatifu!
3. Gushishikariza guhozaho gusingiza Allah ibihe byose mu rwego rwo kwigana Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), usibye igihe bitemewe nk'igihe uri kwiherera.

(8402)

(261) – عن أبي هريرة رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «لَيْسَ شَيْءٌ أَكْرَمَ عَلَى اللهِ تَعَالَى مِنَ الدُّعَاءِ». [حسن] - [رواه الترمذي وابن ماجه وأحمد]

(261) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Nta kintu cy'agaciro imbere ya Allah kiruta ubusabe." **[Hadithi nziza] - [Yakiriwe na Tirmidhiy na Ibun Madjah ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko mu bikorwa byo kwiyegereza Allah nta kirusha agaciro kumusaba, kubera ko mu kuyisaba harimo kwemera ko Allah ari we Mukungu, no kwemera ko umugaragu ntacyo yishoboreye kandi ko acyeneye Allah.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Agaciro k'ubusabe, kandi ko usaba Allah aba amurutishije byose, aniyemereye ko Allah ari ukungahaye kuri byose, naho umugaragu akaba ari we umucyeneye, kubera ko ukennye atasabwa, ndetse unumva bihebuje kubera ko utumva atasabwa, kandi ko Allah ari umunyabuntu kuko umunyabugugu ntasabwa, kandi ko Allah ari Nyir'impuhwe kuko utagira impuhwe ntiyasabwa, kandi ko Allah afiye ubushobozi kubera ko

utabufite atasabwa. No kwiyemerera ko Allah ari bugufi bw'umugaragu kuko uri kure ntiyakumva! N'ibindi bisingizo bigaragaza ubuhambare n'ubwiza bya Allah Nyir'ubutagatifu.

(5509)

(262) – عَنْ عَبْدِ اللَّهِ بْنِ عَمْرِو بْنِ الْعَاصِ رضي الله عنهما قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «إِنَّ الْإِيمَانَ لَيَخْلَقُ فِي جَوْفِ أَحَدِكُمْ كَمَا يَخْلَقُ الثَّوْبُ الْخَلِقُ، فَاسْأَلُوا اللَّهَ أَنْ يُجَدِّدَ الْإِيمَانَ فِي قُلُوبِكُمْ». [صحيح] - [رواه الحاكم والطبراني]

(262) – Hadithi yaturutse kwa Abdillah Ibun Amr Ibun Al Asw (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mu by'ukuri ukwemera kw'umwe muri mwe kurasaza nk'uko umwambaro usaza! Mujye musaba Allah avugurure ukwemera kwanyu mu mitima yanyu.' **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Al Hakim na A-Twabaraniy]**

Ibisobanuro birambuye:

Muri iyi Hadithi Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko ukwemera k'uwo ari we wese mu bantu gusaza, kugacika intege nk'uko umwambaro mushyashya usaza iyo ukoreshejwe igihe kinini! Kubera gucika intege mu bikorwa byo kugaragira Allah cyangwa se gukora ibyaha, no kwijandika mu byo irari riba rimuhamagarira gukora. Niyo impamvu Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)

yatweretse ko tugomba gusaba Allah ko yatuvugururira ukwemera kwacu, twubahiriza amategeko twategetswe, dusingiza Allah kenshi tunamwicuzaho.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikarira gusaba Allah kuduha gushikama no kuvugurura ukwemera mu mitima yacu.
2. Ukwemera kugaragarira mu mvugo, mu ngiro no mu myizerere, kongerwa n'ibikorwa byo kwumvira Allah, kukagabanywa n'ibyaha.

(65020)

(263) – عن أبي هريرة رضي الله عنه أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «أَقْرَبُ مَا يَكُونُ الْعَبْدُ مِنْ رَبِّهِ وَهُوَ سَاجِدٌ، فَأَكْثِرُوا الدُّعَاءَ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(263) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ahantu umugaragu aba ari bugufi ya Nyagasani we ni igihe aba yubamye, bityo mujye mwongera ubusabe." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko ahantu umugaragu aba ari bugufi ya Nyagasani we ari igihe aba yubamye, kubera ko umuntu uri gusali ashyira urugingo rwubahitse ku mubiri we kuruta izindi ku butaka kubera kwiyoroshya no kwicisha bugufi imbere ya

Allah akubama. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kandi yategetse abantu kongera ubusabe igihe bubamye, hakaba ari ho hahurira kwicisha bugufi mu mvugo no mu ngiro.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kumvira Allah byongerera umugaragu kwiyegereza Allah Nyir'ubutagatifu.
2. Ni byiza kongera ubusabe igihe wubamye kuko hari mu hantu Allah asubiza umusabye.

(5382)

(264) – عَنْ أَنَسٍ رضي الله عنه قَالَ: كَانَ أَكْثَرُ دُعَاءِ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «اللَّهُمَّ رَبَّنَا آتِنَا فِي الدُّنْيَا حَسَنَةً، وَفِي الآخِرَةِ حَسَنَةً، وَقِنَا عَذَابَ النَّارِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(264) – Hadith yaturutse kwa Anas (Imana imwishimire) yaravuze ati: Ubusabe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga isaba kenshi bwari: "ALLAHUMA RABANA ATINA FI DUN'YA HASANATAN, WAFIL AKHIRATI HASANATAN, WA QINA ADHABA NARI: Mana Nyagasani duhe ibyiza muri iyi si, uzanaduhe ibyiza ku munsi w'imperuka, kandi uzaturinde ibihano by'umuriro." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kenshi yajyaga isaba ubusabe bufite

ibisobanuro byagutse; no muri bwo ni ubu bukurikira: "Mana Nyagasani duhe ibyiza muri iyi si, uzanaduhe ibyiza ku munsi w'imperuka, kandi uzaturinde ibihano by'umuriro."

Ubu busabe bukusanyirije hamwe ibyiza byo muri iyi si nk'amafunguro meza, aziruye, n'umugore mwiza, n'abana ugiriraho ituze, n'umutekano, ndetse n'ubumenyi bufite akamaro, n'ibikorwa byiza ndetse n'ibindi umuntu acyeneye byemewe.

Naho ibyiza byo ku munsi w'imperuka ni ukurindwa ibihano byo mu mva, no ku rubuga rw'ibaruro, umuriro, no kwishimirwa na Allah, ndetse n'intsinzi y'ijuru ihoraho, no kuzaba bugufi ya Allah Nyir'impuhwe.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni byiza gusaba ubusabe bukusanyirije hamwe ibintu byinshi, mu rwego rwo gukurikira Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).
2. Mu buryo butunganye nuko mu busabe umuntu yasaba ibyiza byo muri iyi si n'ibyo ku munsi w'imperuka.

(5502)

(265) – عَنْ أَبِي الدَّرْدَاءِ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ النَّبِيُّ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «أَلاَ أُنَبِّئُكُمْ بِخَيْرِ أَعْمَالِكُمْ، وَأَزْكَاهَا عِنْدَ مَلِيكِكُمْ، وَأَرْفَعِهَا فِي دَرَجَاتِكُمْ وَخَيْرٌ لَكُمْ مِنْ إِنْفَاقِ الذَّهَبِ وَالوَرِقِ، وَخَيْرٌ لَكُمْ مِنْ أَنْ تَلْقَوْا عَدُوَّكُمْ فَتَضْرِبُوا أَعْنَاقَهُمْ وَيَضْرِبُوا أَعْنَاقَكُمْ؟» قَالُوا: بَلَى. قَالَ: «ذِكْرُ اللهِ تَعَالَى». [صحيح] - [رواه الترمذي وابن ماجه وأحمد]

(265) – Hadith yaturutse kwa Abu A-Dar'da-i (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: Ese mbabwire ibyiza mu bikorwa byanyu n'ibitunganye muri byo ku Mana Nyagasani wanyu, ndetse bikanaba hejuru ya byose mu kubazamura inzego zanyu, ibyo bikanaba byiza kuri mwe kurenza kuba mwatanga Zahabu na Feza, ndetse ni na byiza kuri mwe kuruta kuba mwahura n'umwanzi wanyu mukarwana, mukamwica cyangwa se nawe akabica?
Barayisubiza bati: Yego bitubwire yewe Ntumwa y'Imana! Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irababwira iti: "Ni ukwibuka Imana no kuyisingiza". **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Tirmidhiy na Ibun Madjah ndetse na Ahmad]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabajije abasangirangendo bayo iti: Ese murashaka ko mbabwira nkanabigisha ibikorwa byiza byubahitse, bitubuka kandi bisukuye kwa Allah Nyir'ubutagatifu biruta ibindi bikorwa byanyu mukora? Ndetse bikaba

byazanabazamura mu ntera z'ijuru? Ndetse bikaba byaba byiza kuri mwe kuruta gutanga amaturo ya Zahabu na Feza? Ndetse bikaba byanaba byiza muri mwe kuruta kuba mwahura n'abahakanyi mu mirwano, mukabica nabo bakabica? Abasangirangendo barayisubiza bati: Turabishaka yewe Ntumwa y'Imana! Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irababwira iti: Ni ukwibuka Allah Nyir'ubutagatifu no ku musingiza mu bihe byose, no mu buryo ubwo ari bwo bwose.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Guhozaho kwibuka Allah no kumusingiza mu buryo bugaragaragara n'ubutagaragara ni kimwe mu bikorwa byo kwiyegereza Allah, kandi bifite umumaro kwa Allah Nyir'ubutagatifu.
2. Ibikorwa byose byategetswe mu rwego rwo kuzirikana Allah Nyir'ubutagatifu. Allah aragira ati: {Kandi ujye uhozaho iswalat mu rwego rwo kunyibuka no kunzirikana.} [Twaha: 14]
3. Umumenyi Al Izz Ibun Abdusalam mu gitabo cye (Al Qawa'id) yaravuze ati: Iyi Hadith iragaragaza ko ibihembo bidashingira ku mvune gusa mu bikorwa byose by'amasengesho, ahubwo Allah ashobora no kuguhemba byinshi ku bikorwa bicye, kuruta ibyo yahembera uwakoze byinshi! Ibihembo rero bishingira ku busumbane bw'ibikorwa n'uburyo byubahitse.

4. Umumenyi Al Munawiy mu gitabo cye Faydwul Qadiir yaravuze ati: Iyi Hadith ishatse kuvuga ko gusingiza Allah ari byo byari byiza kubabibwirwaga, n'iyo iza kuba ibwirwa intwari yo ku rugamba bari kuyibwira guharanira inzira ya Allah (Djihadi), cyangwa se iyo iza kubwirwa umukungu ufasha abacyene mu mutungo we bari kumubwira amaturo, n'iyo iza kubwira ushoboye kujya mu mutambagiro mutagatifu, niwo bari kumubwira, cyangwa se iyo iza kubwirwa ufite ababyeyi bombi bari kumubwira kubagirira neza. Ubu nibwo buryo bwo guhuza hagati ya za Hadith.
5. Gusingiza Allah byuzuye ni ibikorewe ku rurimi n'umutima ukabitekerezaho; hagakurikiraho ibikorewe ku mutima gusa nko gutekereza, hagakurikiraho ibikozwe n'ururimi rwonyine, na buri aho bikorewe hafite ibihembo byaho ku bushobozi bwa Allah.
6. Umuyisilamu akwiye kwitwararika amagambo yo gusingiza Allah bijyanye n'ibihe avugiwemo, nka mu gitondo na nimugoroba, igihe yinjiye mu musigiti cyangwa se mu rugo, igihe agiye mu bwiherero cyangwa se asohotsemo... n'ahandi bigatuma abarwa mu basingiza Allah kenshi.

(3575)

(266) – عَنْ عَائِشَةَ رضي الله عنها: أَنَّ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ كَانَ إِذَا أَوَى إِلَى فِرَاشِهِ كُلَّ لَيْلَةٍ جَمَعَ كَفَّيْهِ، ثُمَّ نَفَثَ فِيهِمَا فَقَرَأَ فِيهِمَا: {قُلْ هُوَ اللهُ أَحَدٌ}، وَ{قُلْ أَعُوذُ بِرَبِّ الْفَلَقِ}، وَ{قُلْ أَعُوذُ بِرَبِّ النَّاسِ}، ثُمَّ يَمْسَحُ بِهِمَا مَا اسْتَطَاعَ مِنْ جَسَدِهِ، يَبْدَأُ بِهِمَا عَلَى رَأْسِهِ وَوَجْهِهِ وَمَا أَقْبَلَ مِنْ جَسَدِهِ، يَفْعَلُ ذَلِكَ ثَلَاثَ مَرَّاتٍ. [صحيح] - [رواه البخاري]

(266) – Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yabaga yerekeye mu buriri bwayo buri joro yahuzaga ibiganza byayo ikabihuhamo igasoma (QUL HUWALLAHU AHAD) na (QUL AUDHU BIRABIL FALAQ), ndetse na (QUL AUDHU BIRABI NASI), yarangiza ikabihanaguza umubiri wayo ihereye ku mutwe no mu buranga n'igihimba cy'imbere, ikabikora inshuro eshatu. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Mu muyoborao w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yabaga igiye kuryama yahuzaga ibiganza byayo ikabizamura nk'usaba iduwa ikabihuhamo mu buryo bworoheje inaciramo uducandwe duke maze igasoma ziriya surat eshatu (QUL HUWALLAHU AHAD), na (QUL AUDHU BIRABIL FALAQ), na (QUL AUDHU BIRABI NAS), maze igafata bya biganza byayo ikabihanaguza aho ishobora kugera hose ku mubiri wayo iturutse mu mutwe no mu buranga ndetse n'igihimba cyayo cy'imbere, ikabikora inshuro eshatu.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni byiza gusoma Suratul Ikhlasw na Suratul Falaq na Surat A-Naas buri mbere yo kuryama ukanahuha mu biganza noneho ukabihanaguza aho ushobora kugarukira ku mubiri wawe.

(65060)

(267) – عَنْ شَدَّادِ بْنِ أَوْسٍ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ عَنِ النَّبِيِّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «سَيِّدُ الِاسْتِغْفَارِ أَنْ تَقُولَ: اللَّهُمَّ أَنْتَ رَبِّي لاَ إِلَهَ إِلَّا أَنْتَ، خَلَقْتَنِي وَأَنَا عَبْدُكَ، وَأَنَا عَلَى عَهْدِكَ وَوَعْدِكَ مَا اسْتَطَعْتُ، أَعُوذُ بِكَ مِنْ شَرِّ مَا صَنَعْتُ، أَبُوءُ لَكَ بِنِعْمَتِكَ عَلَيَّ، وَأَبُوءُ لَكَ بِذَنْبِي فَاغْفِرْ لِي، فَإِنَّهُ لاَ يَغْفِرُ الذُّنُوبَ إِلَّا أَنْتَ» قَالَ: «وَمَنْ قَالَهَا مِنَ النَّهَارِ مُوقِنًا بِهَا، فَمَاتَ مِنْ يَوْمِهِ قَبْلَ أَنْ يُمْسِيَ، فَهُوَ مِنْ أَهْلِ الجَنَّةِ، وَمَنْ قَالَهَا مِنَ اللَّيْلِ وَهُوَ مُوقِنٌ بِهَا، فَمَاتَ قَبْلَ أَنْ يُصْبِحَ، فَهُوَ مِنْ أَهْلِ الجَنَّةِ». [صحيح] - [رواه البخاري]

(267) – Hadith yaturutse kwa Shadad Ibun Awsi (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ubusabe bwo gusaba imbabazi buhatse ubundi ni umuntu gusaba ubusabe bugira buti: ALLAHUMA ANTA RABI LA ILAHA ILA ANTA, KHALAQTANI WA ANA ABDUKA, WA ANA ALA AHDIKA WA WA'ADIKA MA STATWA'ATU, AUDHU BIKA MIN SHARI MA SWANA'ATU, ABU-U LAKA BINI'IMATIKA ALAYA, WA ABU-U BIDHAN'BII FAGH'FIR LII, FA INAHU LA YAGH'FIRU DHUNUBA ILA ANTA: Mana Nyagasani ni wowe Nyagasani wanjye, nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri uretse wowe, warandemye kandi nanjye ndi umugaragu wawe, kandi ndi ku

isezerano ryawe uko mbishoboye; nkwikinzeho ngo undinde ibibi by'ibyo nakoze.

Ndemera ingabire wampaye, nkanemera ibyaha byanjye, bityo mbabarira, kubera ko nta wundi ubabarira ibyaha utari wowe." Intumwa y'Imana yaravuze iti: Uzavuga aya magambo ku manywa ari ko ayizera, agapfa kuri ayo manywa mbere y'uko bugoroba azaba abaye umwe mu bazajya mu ijuru. N'uzayavuga ari ko ayizera mu ijoro, agapfa mbere y'uko bucya azaba abaye umwe mu bazajya mu ijuru. **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Bukhari]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratugaragariza ko hari amagambo runaka akoreshwa mu kwicuza, kandi ko ameza ayaruse ndetse anayarusha ibihembo ari uko umugaragu yavuga ati: Mana Nyagasani ni wowe Nyagasani wanjye, nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri uretse wowe, warandemye kandi nanjye ndi umugaragu wawe, kandi ndi ku isezerano ryawe uko mbishoboye; nkwikinzeho ngo undinde ibibi by'ibyo nakoze, Ndemera ingabire wampaye, nkanemera ibyaha byanjye, bityo mbabarira, kubera ko nta wundi ubabarira ibyaha utari wowe. Bityo umugaragu agahamya mbere na mbere ko Allah ari umwe, kandi ko ari we Muremyi we ndetse Mugaragirwa we wenyine

utabangikanywa n'ikindi, kandi akiyemeza ibyo yasezeranyije Allah nko kumwemera no kumwumvira bijyanye n'ubushobozi bwe, kubera ko umugaragu uko yagaragira Allah kose ntashobora kubikora nk'uko Allah yabimutegetse byose uko byakabaye, nta n'ubwo yamushimira ku bw'ingabire ze nk'uko bikwiye.

Ikindi kandi aba akwiye gusaba ubuhungiro kwa Allah ngo amurinde, kuko ni we wenyine wo gusaba ubuhungiro bw'ibibi umugaragu aba yakoze. Ikindi nuko agomba kwemera ingabire Allah yamuhundagajeho, ndetse akigarukira akemera ibibi ndetse n'ibyaha we ubwe akora. Nyuma y'uko gutakambira Allah, asaba Nyagasani we kumubabarira ibyaha bye no kumurinda ibibi byabyo amuhishira ndetse anamuhundagazeho impuhwe ze n'ineza ye, kubera ko nta wundi ubabarira ibyaha usibye Allah Nyir'ubutagatifu wenyine. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ivuga ko aya magambo ari amwe mu magambo yo gusingiza Allah buri uko bucyeye na buri uko bwije; bityo uzayavuga mu gitondo hagati y'izuba ko rirasa no ku manywa, abyizera nkuko abivuze, atekereza ku bisobanuro byayo, ayemera maze agapfa azajya mu ijuru; N'uzayavuga mu ijoro nyuma y'uko izuba rirenze kugeza umuseke utambitse, agapfa mbere y'uko bucya azajya mu ijuru.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Amagambo akoreshwa mu gusaba imbabazi Allah aratandukanye, kandi amwe ni meza kuruta andi.
2. Birakwiye ko umugaragu ashishikarira gusaba Allah yifashishije ubu busabe, kubera ko ari bwo buhatse ubundi.

(5503)

(268) – عَن عبدِ اللهِ بن خُبَيب رضي الله عنه أنه قال: خَرَجْنَا فِي لَيْلَةٍ مَطِيرَةٍ وَظُلْمَةٍ شَدِيدَةٍ، نَطْلُبُ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ؛ يُصَلِّ لَنَا، قَالَ: فَأَدْرَكْتُهُ، فَقَالَ: «قُلْ»، فَلَمْ أَقُلْ شَيْئًا، ثُمَّ قَالَ: «قُلْ»، فَلَمْ أَقُلْ شَيْئًا، قَالَ: «قُلْ»، فَقُلْتُ: مَا أَقُولُ؟ قَالَ: «{قُلْ هُوَ اللهُ أَحَدٌ} وَالْمُعَوِّذَتَيْنِ حِينَ تُمْسِي وَتُصْبِحُ ثَلَاثَ مَرَّاتٍ، تَكْفِيكَ مِنْ كُلِّ شَيْءٍ». [صحيح] - [رواه أبو داود والترمذي والنسائي]

(268) – Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Khubayb (Imana imwishimire) yavuze ko yavuze ati: Mu ijoro rimwe ryaguyemo imvura nyinshi, rifite n'umwijima mwinshi, twagiye gushaka Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kugira ngo ize ituyoborere iswalat, Abdullah aravuga ati: Nuko ndayibona, irambwira iti: "Vuga, sinagira icyo mvuga, irongera iravuga iti: Vuga, nuko sinagira icyo mvuga, irongera iravuga iti: Vuga, maze ndayibaza nti: Mvuge iki? Irambwira iti: {Vuga uti: QUL HUWALLAHU AHAD: We Allah ni umwe rukumbi, na Muawidhatayni [QUL AUDHU BIRABIL FALAQ], na [QUL AUDHU BIRABI A-NASI], igihe bwije n'igihe bucyeye inshuro eshatu, biguhagirije buri kintu."

[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Abu Dawud na Tirmidhiy ndetse na A-Nasa'iy]

Ibisobanuro birambuye:

Umusangirangendo w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) Abdullah Ibun Khubayb (Imana imwishimire) yavuze ko mu ijoro rimwe ryaguyemo imvura nyinshi, rifite n'umwijima mwinshi, bagiye gushaka Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kugira ngo ize ibayoborere iswalat, nuko barayibona; Nuko Intumwa iramubwira iti: "Vuga, bisobanuye ngo soma, ntiyagira icyo abasha gusoma; Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irongera ibimusubiriramo, Abdullah arayibwira ati: Nsome ibiki yewe Ntumwa y'Imana? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti: {Vuga uti: QUL HUWALLAHU AHAD: We Allah ni umwe rukumbi, na Muawidhatayni [QUL AUDHU BIRABIL FALAQ], na [QUL AUDHU BIRABI A-NASI], igihe bwije n'igihe bucyeye inshuro eshatu, bizakurinda buri kintu cyose kibi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza gusoma Suratul Ikh'lasw, na Qul Audhu bi Rabil Falaq, na Qul Audhu bi Rabi Nasi, buri mu gitondo na buri nimugoroba, ndetse ko ari n'urukingo rwa buri ikibi cyose.
2. Ibyiza byo gusoma Suratul Ikh'lasw na Suratul Falaq ndetse na Surat A-Nas.

(6082)

(269) – عن سَمُرَة بن جندبٍ رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «أَحَبُّ الْكَلَامِ إِلَى اللهِ أَرْبَعٌ: سُبْحَانَ اللهِ، وَالْحَمْدُ لِلهِ، وَلَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ، وَاللهُ أَكْبَرُ، لَا يَضُرُّكَ بِأَيِّهِنَّ بَدَأْتَ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(269) – Hadithi yaturutse kwa Samurat Ibun Djun'dubi (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Amagambo Allah akunda akanishimira kurusha andi ni ane: SUB'HANALLAH (Ubutagatifu ni ubwa Allah), WAL HAMDULILLAH (Ikuzo n'ishimwe ni ibya Allah), WALA ILAHA ILA LLAH (Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah), WALLAHU AKBAR (Imana niyo nkuru), ntacyo byaba bitwaye iryo waheraho ryose muri yo." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratugaragariza ko amagambo Allah akunda kuruta ayandi ari ane:

SUBHANALLAH: Bisobanuye gutagatifuza Allah n'inenge iyo ari yo yose.

WAL HAMDULILLAH; Ni ugusingiza Allah ibisingizo byuzuye kandi bitunganye bivanzemo n'urukundo n'icyubahiro.

WALA ILAHA ILA LLAH: Bisobanuye ko nta wundi ukwiye kugaragirwa by'ukuri uretse Allah.

WALLAHU AKBAR: Bisobanuye ko Allah ahambaye, ari uw'ikirenga, ndetse ko ari uw'icyubahiro kuruta ikindi icyo ari cyo cyose.

Kandi ko atari ngombwa kuyakurikiranya igihe uri kuyavuga nk'uko Hadithi yayavuze.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Uburyo amategeko y'idini yoroshye, aho atugaragariza ko nta cyo bitwaye kuba wahera kuryo ushatse muri aya magambo.

(5475)

(270) – عن أبي أيوب رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «مَنْ قَالَ: لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ وَحْدَهُ لَا شَرِيكَ لَهُ، لَهُ الْمُلْكُ وَلَهُ الْحَمْدُ وَهُوَ عَلَى كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ، عَشْرَ مِرَارٍ كَانَ كَمَنْ أَعْتَقَ أَرْبَعَةَ أَنْفُسٍ مِنْ وَلَدِ إِسْمَاعِيلَ». [صحيح] - [متفق عليه]

(270) – Hadithi yaturutse kwa Abi Ayub (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:
"Uzavuga ati: "LA ILAHA ILA LLAHU WAHDAHU LA SHARIKA LAHU, LAHUL MULKU WA LAHUL HAMDU WA HUWA ALA KULI SHAY'IN QADIIR: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye Allah wenyine udafite uwo abangikanye nawe, ni we Nyir'ubwami no gusingizwa, kandi niwe Nyir'ubushobozi kuri buri kintu" inshuro icumi, azaba ameze nk'uwakuye mu bucakara abacakara bane bo mu rubyaro rwa Ismail."
[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko uvuze ati: "LA ILAHA ILAHA ILA LLAHU WAHDAHU LA SHARIKA LAHU, LAHUL MULKU WA LAHUL HAMDU WA HUWA ALA KULI SHAY'IN QADIIR; ari yo asobanuye ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye Allah wenyine udafite uwo abangikanye nawe, kandi ko ari we Nyir'ubwami bwuzuye n'ibisingizo bimukwiye, akayavuga hamwe n'urukundo n'icyubahiro akwiye we wenyine, kandi akavuga ko ariwe Nyir'ubushobozi kuri buri kintu, nta na kimwe cyamunanira; Uzasubiramo aya magambo ahambaye inshuro icumi ku munsi, azabona ingororano zingana n'uwakuye mu bucakara abacakara bane bo mu rubyaro rwa Ismail mwene Ibrahim (Allah abahundagazeho amahoro), kubera ko ari bo banyacyubahiro kuruta abandi.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyiza byo kuvuga aya magambo akubiyemo guharira Allah gusengwa, n'ubwami, n'ikuzo ndetse n'ububasha byuzuye.
2. Uvuze aya magambo ayakurikiranyije cyangwa se ayatandukanyije abona ingororano zihambaye.

(5517)

(271) – عن أبي هريرة رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «كَلِمَتَانِ خَفِيفَتَانِ عَلَى اللِّسَانِ، ثَقِيلَتَانِ فِي الْمِيزَانِ، حَبِيبَتَانِ إِلَى الرَّحْمَنِ: سُبْحَانَ اللهِ الْعَظِيمِ، سُبْحَانَ اللهِ وَبِحَمْدِهِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(271) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Amagambo abiri yoroshye kuyavuga ku rurimi ariko akaba aremereye cyane ku minzani yo ku munsi w'imperuka, akaba akunzwe cyane na Allah ni ukuvuga ngo: SUB'HANALLAHIL ADHWIM: Ubutagatifu ni ubwa Allah we uhambaye, SUB'HANALLAH WA BIHAMDIHI: Ubutagatifu ni ubwa Allah we ukwiye ishimwe." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza amagambo abiri umuntu avuga atamugoye no mu buryo yaba ameze bwose, kandi ko ibihembo byayo bihambaye ku munzani, kandi ko Nyagasani wacu Allah Nyir'impuhwe ayakunda, ariyo: SUB'HANALLAHIL ADHWIIM, SUB'HANALLAHI WA BIHAMDIHI: kubera ukuntu akubiyemo ibisingizo bya Allah by'ubuhambare n'ubutungane, no kumutagatifuza amutandukanya n'inenge iyo ari yo yose.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gusingiza Allah gusumba ibindi ni igihe gukubiyemo gutagatifuza Allah no kumusingiza.
2. Kugaragaza uburyo impuhwe za Allah zagutse, kubera ko igikorwa gito agihembera ingororano nyinshi.

(5507)

(272) – عن أبي هريرة رضي الله عنه أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «مَنْ قَالَ: سُبْحَانَ اللهِ وَبِحَمْدِهِ، فِي يَوْمٍ مِائَةَ مَرَّةٍ، حُطَّتْ خَطَايَاهُ وَإِنْ كَانَتْ مِثْلَ زَبَدِ الْبَحْرِ». [صحيح] - [متفق عليه]

(272) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzavuga ku munsi inshuro ijana aya magambo: SUB'HANALLAHI WA BIHAMDIHI: Ubutagatifu n'ikuzo ni ibya Allah, ababarirwa ibyaha bye kabone n'iyo byaba bingana n'ifuro ryo ku nyanja." **[Hadithi y'impamo] - [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza y'uko uvuze buri munsi inshuro ijana aya magambo: SUB'HANALLAHI WA BIHAMDIHI: Ubutagatifu n'ikuzo ni ibya Allah, ababarirwa ibyaha bye kabone n'iyo byaba bingana n'ifuro ryo ku nyanja.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibi bihembo ni ibya wawundi uvuga aya magambo buri munsi yaba ayakurikiranyije cyangwa se ayatandukanyije.
2. Tasbiihi: Ni ugutagatifuza Allah amutandukanya n'inenge iyo ari yo yose, naho Al Hamdu: Ni ukumuvuga ibigwi n'ibisingizo byuzuye, bivanzemo kumukunda no kumwubaha.
3. Ikigamijwe muri iyi Hadithi ni ukubabarira ibyaha bito, naho ibyaha bikuru byo ni ngombwa kubyicuza.

(5516)

(273) – عن أبي مالكٍ الأشعريِّ رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «الطُّهُورُ شَطْرُ الْإِيمَانِ، وَالْحَمْدُ لِلهِ تَمْلَأُ الْمِيزَانَ، وَسُبْحَانَ اللهِ وَالْحَمْدُ لِلهِ تَمْلَآنِ -أَوْ تَمْلَأُ- مَا بَيْنَ السَّمَاوَاتِ وَالْأَرْضِ، وَالصَّلَاةُ نُورٌ، وَالصَّدَقَةُ بُرْهَانٌ، وَالصَّبْرُ ضِيَاءٌ، وَالْقُرْآنُ حُجَّةٌ لَكَ أَوْ عَلَيْكَ، كُلُّ النَّاسِ يَغْدُو، فَبَايِعٌ نَفْسَهُ فَمُعْتِقُهَا أَوْ مُوبِقُهَا». [صحيح] - [رواه مسلم]

(273) – Hadithi yaturutse kwa Abi Malik Al Ash'ariy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: “Kwisukura ni kimwe mu bigize ukwemera. No kuvuga uti: Al Ham’dulilahi-Ishimwe n'ikuzo ni ibya Allah, byuzuza umunzani (w’ibikorwa by’umuntu), naho kuvuga ‘Sub’hanallahi walham’du lilahi-Ubutagatifu n’ishimwe ni ibya Allah, byuzuza ibiri hagati y’ibirere n’isi.

Kandi iswala ni urumuri, naho gutanga amaturo ni gihamya k’uyatanze, no kwihangana ni umucyo.

Kandi Qur’an izagushinja cyangwa se igushinjure. Buri wese azinduka (ajya muri gahunda ze), hakaba hari abagurisha roho zabo bakazirokora (ibihano bya Allah bakora ibyiza) cyangwa abazoreka (mu bihano bya Allah bakora ibibi)."
[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko isuku igaragara ari ikorwa umuntu atawaza (Udhu) cyangwa se yoga umubiri wose, ikaba iri mu bisabwa kugira ngo iswala yakirwe. No Kuvuga Alhamdulillah (Ishimwe n'ikuzo ni ibya Allah) byuzuza umunzani w'ibikorwa byiza by'umuntu; bikaba ari ugusingiza Allah no kumuvuga ibisingizo byuzuye, bikaba bizapimwa bikuzuza umunzani w'ibikorwa by'umuntu ku munsi w'imperuka. Ndetse ko no kuvuga Sub’hanallahi walham’du lilahi-Ubutagatifu n’ishimwe ni ibya Allah; bikaba ari ugutagatifuza Allah uhakana ko yagira inenge iyo ari yose, no kumuvuga ibisingizo byuzuye bikwiye icyubahiro cye hamwe no ku mukunda no kuvuga ubuhambare bwe, byuzuza ibiri hagati y'ibirere n'isi. N'iswala ni urumuri rw'umugaragu mu mutima we, mu buranga bwe, ndetse no mu mva ye, ndetse n'igihe azaba azuwe.

No gutanga ituro ni gihamya y'uko umuntu yemera by'ukuri, ndetse ni nacyo kimutandukanya n'indyarya itubahiriza isezerano. Kandi ko

kwihangana ari umucyo; kwihangana bikaba ari ukwifata mu gihe cy'akababaro wirinda kwinuba no gukoresha amagambi mabi; nabyo rero ni urumuri nk'urw'izuba rwotsanya, kubera ko uba usabwa kwihangana mu bintu bigoye nko kurwanya umutima wawe ukawurinda ibyo urarikira, bityo kwihangana bimurikira umuntu akayoboka akora ibikwiye.

Bikaba ari ukwihangana mu gukora ibikorwa byo kumvira Allah ukanihanga ureka gukora ibyaha, ndetse no kwihanganira ibigeragezo bikubaho n'ibindi byose umuntu atishimira ku isi. Na Qur'an izavuganira umuntu wajyaga akunda kuyisoma ndetse akayishyira no mu bikorwa, cyangwa se imushinje niba yarajyaga ayireka ntashyire mu bikorwa ibiyikubiyemo cyangwa se ngo ayisome. Nyuma Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko abantu bose babyuka bagasohoka mu ngo zabo bakajya gushakisha ubuzima bajya mu mirimo yabo itandukanye.

Muri bo hari abashikama ku murongo wo kuyoboka no kumvira Allah, bityo akaba yirokoye umuriro, no muri bo hari abaca ukubiri n'uwo murongo bakagwa mu byaha, bityo akaba ariyoretse akazajya mu muriro.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Isuku irimo ibice bibiri: Isuku igaragara ikorwa umuntu atawaza cyangwa se yoga umubiri wose, n'isuku itagaragara umuntu akora yemera ko Imana ikwiye kugaragirwa ari

imwe rukumbi itabangikanywa (Tawhid), akanemera ndetse akanakora ibikorwa bye
2. Agaciro ko guhozaho Iswalat kandi Iswalat ni urumuri ku mugaragu ku isi no ku munsi w'imperuka.
3. Gutanga amaturo ni ikimenyetso cy'ukwemera.
4. Akamaro ko gushyira mu bikorwa Qur'an no kuyemera kugira ngo ku munsi w'imperuka izakuvuganire ntizagushinje.
5. Umutima wawe iyo utawuhugije mu kumvira Allah wo uguha guhugira mu gukora ibyaha no kugomera Allah.
6. Buri muntu agomba gukora yirokora akora ibikorwa byo kumvira Allah, cyangwa se yiyoreka akora ibyaha.
7. Kwihangana bisaba kwifata no kwiringira ibihembo kwa Allah, kandi biragoye.

(65004)

(274) – عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: «لَأَنْ أَقُولَ: سُبْحَانَ اللهِ، وَالْحَمْدُ لِلهِ، وَلَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ، وَاللهُ أَكْبَرُ، أَحَبُّ إِلَيَّ مِمَّا طَلَعَتْ عَلَيْهِ الشَّمْسُ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(274) – Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Kuba navuga nti: SUB'HANALLAH, WAL HAMDULILLAH, WALA ILAHA ILA LLAH, WALLAHU AKBAR: Ubutagatifu ni ubwa Allah, n'ishimwe ryuzuye niwe urikwiye, nta yindi mana ibaho

ikwiye kugaragirwa by'ukuri usibye Allah wenyine, Imana niyo nkuru, bindutira isi n'ibiyirimo byose."
[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko gusingiza Allah Nyir'ubutagatifu wifashishije aya magambo ahambaye ari byiza kuruta isi n'ibiyirimo. Ayo magambo akaba ari aya akurikira: SUBHANALLAH: Ni ugutagatifuza Allah ukamutandukanya n'inenge iyo ari yo yose.

AL HAMDULILLAH: Ni ugusingiza Allah no kumuvuga ibigwi n'ibisingizo byuzuye hamwe n'urukundo n'icyubahiro akwiye.

LA ILAHA ILA LLAH: Bisobanuye ko nta wundi mugaragirwa w'ukuri usibye Allah.

ALLAHU AKBAR: Allah arahambaye kandi aruta buri icyo ari cyo cyose.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza gusingiza Allah, kandi ko ari byo byiza kuruta isi n'ibiyirimo byose.
2. Gushishikariza gukoresha ubusabe kenshi, kuko bifite ibihembo n'ingororano nyinshi.
3. Umunezero w'iyi si ni uw'igihe gito ndetse n'irari ryayo rirarangira.

(6211)

(275) – عن جابر رضي الله عنه قال: سمعت رسول الله صلى الله عليه وسلم يقول: «أَفْضَلُ الذِّكْرِ: لَا إِلَهَ إِلَّا اللهُ، وَأَفْضَلُ الدُّعَاءِ: الْحَمْدُ لِلهِ». [حسن] - [رواه الترمذي والنسائي في الكبرى وابن ماجه]

(275) – Hadithi yaturutse kwa Djabir (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Gusingiza Allah kwiza kuruta ibindi ni ukuvuga iri jambo: LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah; n'ubusabe bwiza ni ukuvuga ijambo: AL HAMDULILLAH: Ishimwe n'ikuzo ni ibya Allah." **[Hadithi nziza] - [Yakiriwe na Tirmidhi na A-NAsa'iy mu gitabo cye Sunan Al Kubra na Ibun Madjah]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga ko gusingiza Imana kwiza ari ukuvuga ijambo: LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri usibye Allah; ndetse ko ubusabe bwiza ari ukuvuga ijambo: AL HAMDULILLAH: Ikuzo n'ishimwe ni ibya Allah; ibyo bigaragaza ukwiyemerera ko ugaba ingabire n'imigisha ari Allah wenyine Nyir'ubutagatifu, ukwiye ibisingizo byuzuye kandi byiza.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Gushishikariza kurushaho gusingiza Allah wifashishije ijambo ryo kwemera Imana imwe LA ILAHA ILA LLAH, no gusaba Allah wifashishije kumuvuga ikuzo n'ishimwe ALHAMDULILAH.

(3567)

(276) – عن خَوْلَةَ بِنْتَ حَكِيمٍ السُّلَمِيَّةَ قَالَتْ: سَمِعْتُ رَسُولَ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَقُولُ: «مَنْ نَزَلَ مَنْزِلًا ثُمَّ قَالَ: أَعُوذُ بِكَلِمَاتِ اللهِ التَّامَّاتِ مِنْ شَرِّ مَا خَلَقَ، لَمْ يَضُرَّهُ شَيْءٌ حَتَّى يَرْتَحِلَ مِنْ مَنْزِلِهِ ذَلِكَ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(276) – Hadithi yaturutse kwa Khawlat Bint Hakim A-Sulamiyat yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Uzagera ahantu yarangiza akavuga ati: AUDHU BIKALIMATILLAH A-TAMATI MIN SHARI MA KHALAQA: Nikinze ku magambo ya Allah yuzuye ngo andinde inabi y'ibyo yaremye, nta kibi kizamubaho kugeza avuye aho." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irayobora abayoboke bayo ko bakwiye kwikinga no kwirinda buri icyo ari cyo cyose umuntu atinya igihe ageze ahantu yaba ari mu rugendo cyangwa se mu butembere cyangwa se n'ahandi:

Akirindisha amagambo ya Allah yuzuye mu byiza byayo n'agaciro kayo n'akamaro kayo, ndetse azira inenge, kugira ngo Allah amurinde inabi ya buri kiremwa cyaba gishaka kumugirira nabi, bityo bigatuma atekana aho hantu ari igihe cyose agihari.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Kwikinga kuri Allah ni kimwe mu bikorwa byo kwiyegereza Allah, biba ikwiye gukorwa

umuntu yikinga kuri Allah cyangwa se ku mazina ye n'ibisingizo bye.
2. Biremewe kwikinga ku magambo ya Allah, kuko aya magambo ni kimwe mu bisingizo bye, bitandukanye no kwikinga ku kiremwa kuko byaba ari ibangikanyamana.
3. Ibyiza by'ubu busabe n'imigisha yabwo.
4. Kwirindisha ubusabe n'amagambo asingiza Allah ni imwe mu mpamvu z'uko umugaragu arindwa ikibi icyo ari cyo cyose.
5. Nta cyo bimaze kwikinga ku kindi kitari Allah cyaba mu majini, n'abarozi, n'abandi batekamutwe ndetse n'abandi.
6. Biremewe kwifashisha ubu busabe ku muntu ugeze aho ari ho hose yaba ari mu rugendo cyangwa se atari mu rugendo.

(5932)

(277) – عَنْ أَبِي حُمَيْدٍ أَوْ عَنْ أَبِي أُسَيْدٍ قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ: «إِذَا دَخَلَ أَحَدُكُمُ الْمَسْجِدَ فَلْيَقُلِ: اللَّهُمَّ افْتَحْ لِي أَبْوَابَ رَحْمَتِكَ، وَإِذَا خَرَجَ فَلْيَقُلِ: اللَّهُمَّ إِنِّي أَسْأَلُكَ مِنْ فَضْلِكَ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(277) – Hadith yaturutse kwa Abi Humaydi cyangwa se Abi Usaydi yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umwe muri mwe niyinjira mu musigiti ajye avuga ati: ALLAHUMA FTAH LII AB'WABA RAHMATIKA: Mana nyugururira amarembo y'impuhwe zawe; nanasohoka ajye avuga ati: ALLAHUMA INI AS'ALUKA MIN FADW'LIKA: Mana

ndagusaba ingabire zawe." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irigisha abayoboke bayo ubusabe bakwiye kuvuga igihe binjiye mu musigiti:(ALLAHUMA FTAH LII AB'WABA RAHMATIKA: Mana nyungururira amarembo y'impuhwe zawe), aba akwiye gusaba Allah kumworohereza impamvu zatuma agera ku mpuhwe ze. N'iyo asohotse ajye avuga ati: ALLAHUMA INI AS'ALUKA MIN FADW'LIKA: Mana ndagusaba ingabire zawe."

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ibyiza by'ubu busabe bwo kwinjira mu musigiti ndetse no kuwusohokamo.
2. Kuvuga impuhwe igihe cyo kwinjira mu buryo bw'umwihariko, n'ingabire igihe cyo gusohoka, nuko uwinjiye aba ahugiye mu gukora ibikorwa bimwegereza Allah, binamwinjiza mu ijuru rye, aha hakaba ari ho havugwa impuhwe. Hanyuma yasohoka aba agiye gushakisha ingabire za Allah nk'amafunguro n'ibindi, aha hakaba ari ho hakwiye kuvugwa ingabire.
3. Aya magambo yo gusingiza Allah avugwa igihe umuntu ashatse kwinjira mu musigiti, n'igihe ashatse kuwusohokamo.

(278) – عَنْ جَابِرِ بْنِ عَبْدِ اللهِ رضي الله عنهما أَنَّهُ سَمِعَ النَّبِيَّ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَقُولُ: «إِذَا دَخَلَ الرَّجُلُ بَيْتَهُ، فَذَكَرَ اللهَ عِنْدَ دُخُولِهِ وَعِنْدَ طَعَامِهِ، قَالَ الشَّيْطَانُ: لَا مَبِيتَ لَكُمْ، وَلَا عَشَاءَ، وَإِذَا دَخَلَ، فَلَمْ يَذْكُرِ اللهَ عِنْدَ دُخُولِهِ، قَالَ الشَّيْطَانُ: أَدْرَكْتُمُ الْمَبِيتَ، وَإِذَا لَمْ يَذْكُرِ اللهَ عِنْدَ طَعَامِهِ، قَالَ: أَدْرَكْتُمُ الْمَبِيتَ وَالْعَشَاءَ». [صحيح] - [رواه مسلم]

(278) – Hadith yaturutse kwa Djabir Ibun Abdillah (Imana imwishimire we na se) yavuze ko yumvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Iyo umuntu yinjiye mu rugo rwe, agasingiza Allah igihe yinjiye, n'igihe agiye kurya, Shitani (Shaytwani) ibwira abambari bayo iti: Uyu munsi nta buryamo muhafite, ndetse nta n'ifunguro rya nijoro. N'iyo yinjiye ntasingize Allah igihe yinjiye, Shitani ibwira abambari bayo iti: Mubonye uburyamo, n'iyo adasingije Allah agiye kurya, Shitani iravuga iti: Mubonye uburyamo n'ifunguro rya nijoro." **[Hadithi y'impamo] - [Yakiriwe na Muslim]**

Ibisobanuro birambuye:

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yategetse gusingiza Allah twinjiye mu nzu ndetse mbere yo kugira ibyo kurya dufata, inatubwira ko iyo dusingije Allah tuvuga tuti: BISMILLAH: Ku izina rya Allah igihe twinjiye, n'igihe dutangiye kurya, Shitani ibwira abambari bayo iti:

Nta buryamo uyu munsi mufite hano habe n'amafunguro, kubera ko Nyir'iyi nzu yikinze kuri Allah yifashishije kumusingiza. Naho iyo umuntu yinjiye iwe,

ntasingize Allah, nta namusingize igihe agiye gufata amafunguro, Shitani ibwira abambari bayo iti: Mubonye uburyamo n'amafunguro y'ijoro muri iyi nzu.

Zimwe mu nyungu dukura muri Hadithi:

1. Ni byiza gusingiza Allah mu gihe twinjiye mu rugo, n'igihe tugiye kurya, kubera ko Shaytwani arara mu mazu, akanarya ku mafunguro y'abantu batasingije Allah Nyir'ubutagatifu.
2. Shitani igenzura mwene Adamu mu bikorwa bye n'imyitwarire ye no mu bikorwa bye byose, iyo azindaye ntasingize Allah Shitani iramwigarurira.
3. Gusingiza Allah byirukana Shitani.
4. Buri Shitani igira abambari, n'abayoboke, n'abakunzi bishimira imvugo ye ndetse bakanakurikiza amategeko ye.

(3037)

IBIKUBIYEMO.

Mu by'ukuri ibikorwa byose bishingira ku migambi byakoranywe, ndetse na buri wese azahembwa hashingiye ku mugambi yagize 4

Uzazana igihimbano mu idini ryacu kitayirimo. 6

Islam ni uguhamya ko nta yindi mana ibaho ikwiriye gusengwa by'ukuri usibye Allah wenyine. 8

Ubuyisilamu bwubakiye ku nkingi eshanu. 14

Uburenganzira bwa Allah ku bagaragu be. 16

Nta muntu n'umwe uhamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, ndetse akanahamya ko Muhamadi ari Intumwa ya Allah, abikuye ku mutima usibye ko Allah amuziririza kuzinjira mu muriro. 18

Uzavuga ati: LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri. 20

Uzapfa atarabangikanyije Allah n'icyo ari cyo cyose azinjira mu ijuru. 22

Uzapfa asaba ikindi kitari Allah mu cyimbo cya Allah azinjira mu muriro. 23

Mu by'ukuri ugiye guhura n'abantu bahawe igitabo, nuhura nabo uzabahamagarire guhamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, kandi ko na Muhamadi ari Intumwa ye. 25

Umuntu uzabona ubuvugizi bwanjye ku munsi w'imperuka. 27

Ukwemera kurimo inzego zirenga mirongo irindwi-cyangwa se zirenga mirongo itandatu-. 29

Nabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nti: Ni ikihe cyaha gihambaye kuruta ibindi? 30

Njyewe ndihagije sinkeneye kubangikanywa n'ikindi kintu. Uzakora igikorwa icyo ari cyo cyose ambangikanyijemo n'ikindi kintu, ntabwo nkimwakirira 32

Umuryango wanjye (Umat) wose uzinjira mu ijuru, uretse utazabishaka. 33

Ntimuzankabirize nkuko abakirisitu bakabirije mwene Mariya, kuberako njye ndi umugaragu we, bityo mujye muvuga muti; Ndi umugaragu wa Allah nkaba n'Intumwa ye. 35

Umwe muri mwe ntaraba umwemera by'ukuri kugeza ubwo azankunda kuruta uko akunda umubyeyi we, n'umwana we ndetse n'abandi bantu muri rusange. 36

Mundekere ibyo ntababwiye, kubera ko ababanjirije boretswe no kubaza kwabo ndetse no kunyuranya kwabo ku ntumwa zabo. 38

Musohoze ubutumwa mwanyumviseho n'ubwo waba umurongo umwe, nta n'ikibazo mujye munavuga ku byerekeye bene Isiraheri, ariko uzambeshyera ku bushake, azitegure icyicaro cye mu muriro. 41

Ese birakwiye ko umugabo umwe amenya Hadithi yanturutseho yagamye ku mifariso y'iwe maze akavuga ati: Hagati yacu namwe twakiranurwa n'igitabo cya Allah (cyonyine). 42

Umuvumo wa Allah uzabe ku bayahudi n'abanaswara, bafashe imva zishyinguyemo Intumwa zabo bazigira imisigiti (aho gusengera) 44

Mana Nyagasani imva yanjye ntuzayigire ahakorerwa ibangikanyamana 46

Amazu yanyu ntimuzayagire amarimbi, kandi imva yanjye ntimuzayigire aho gukorera iminsi mikuru, kandi mujye munsabira kubera ko kunsabira kwanyu aho mwaba muherereye hose bingeraho. 47

Abo bantu iyo hari umugaragu cyangwa umuntu wakoraga ibyiza muri bo upfuye, bubaka hejuru y'imva ye umusigiti 49

Mpakanye ko nagira muri mwe inshuti magara, kubera ko Allah yangize inshuti ye magara nkuko Ibrahim yamugize inshuti ye magara. 51

Ese nkohereze ku cyatumye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) inyohereza? Nuko utagomba kureka ikibumbano usibye ko ugomba kugikuraho, cyangwa se ngo ureke imva isumba ubutaka usibye ko ugomba kuyireshyeshya nabwo. 53

Kwemera umwaku ni ibangikanyamana, kwemera umwaku ni ibangikanyamana, kwemera umwaku ni ibangikanyamana (inshuro eshatu), kandi nta n'umwe muri twe usibye ko hari ubwo abitekereza, ariko Allah Nyir'ubutagatifu abikuzaho kumwiringira (A-Tawakul). 55

Ntari muri twe uwizera amahirwe cyangwa se umwaku mu bintu, cyangwa se ukora ubupfumu cyangwa se agasaba kubukorerwa, cyangwa se uroga, cyangwa se usaba kurogerwa. 57

Ntabwo indwara yo ubwayo yifata ngo yimukire ku muntu wundi uretse ko biba ku bw'igeno rya Allah, nta n'umwaku ubaho, birananezeza kwizera ibyiza", nuko barayibaza bati: Kwizera ibyiza bishatse kuvuga iki? Irabasubiza iti: "Ni ijambo ryiza.” 59

Mwaba muzi uko Nyagasani wanyu ambwiye? Turayisubiza tuti: Allah n'Intumwa ye ni bo babizi! Nuko iratubwira iti: Bucya mu bagaragu banjye harimo unyemera n'umpakana. 61

Umuntu uzambara impigi azaba akoze ibangikanyamana. 63

Mu by'ukuri imitongero, n'amahirizi n'inzaratsi ni ibangikanyamana. 65

Uzajya ku mupfumu akagira icyo amubaza, iswala ze azakora mu minsi mirongo ine ntabwo zizemerwa! 67

Uzarahira ku kindi kitari Allah azaba ahakanye cyangwa se akoze ibangikanyamana. 69

Ntimukavuge muti: Allah nabishaka na kanaka akabishaka, ahubwo mujye muvuga muti: Allah nabishaka hanyuma na kanaka akabishaka. 70

Mu by'ukuri ibyo ntinya kuri mwe ni ibangikanyamana rito! 72

Ntimukicare hejuru y'imva kandi ntimugasari mwerekeye ku mva 74

Abamalayika ntibaherekeza abantu bagendana n'imbwa cyangwa bafite inzogera. 75

Shaytwani izira umwe muri mwe ikamubaza iti: Ni nde waremye iki? Ni nde waremye iki? Kugeza ubwo imubajije iti: Ninde waremye Nyagasani wawe? 76

Uzagirira urwango umukunzi wanjye, mutangarije intambara hagati yanjye na we. 77

Mujye mwitwararika gutinya Allah, no kumva ndetse no kumvira kabone n'iyo umugaragu ukomoka ahitwa Habashat yaba ariwe muyobozi wanyu. 80

Uzigomeka ku buyobozi akanitandukanya n'imbaga y'abayisilamu agapfa (ari uko akimeze), uwo azaba apfuye urupfu rwa kijiji. 83

Nta muntu n’umwe Allah azashinga kuyobora abantu hanyuma umunsi azapfiraho agapfa yarabibye, usibye ko Allah azamuziririza kuzinjira mu Ijuru. 85

Hazabaho abayobozi, muzamenya ibyabo bakora, mugire n'ibindi muyoberwa bakora, uzabimenya azaba arokotse, n'uzabiyoberwa azarokoka, ariko uzashimishwa na byo akabakurikira niwe uzaba afite ikibazo 87

Hazabaho abayobozi babarutisha abandi ndetse bakanigwizaho imitungo yanyu ndetse muzanababababonaho ibintu mutazishimira. 88

Mwese muri abashumba, kandi mwese muzabazwa ibyo mwaragijwe 91

Mana Nyagasani uzahabwa inshingano z'ubuyobozi mu bayoboke banjye akabagora nawe uzamuteze ingorane, n'uzazihabwa akaboroherera nawe uzamworohere. 92

Idini ni ukugirana inama. 94

Nubona abantu bahitamo gukurikira imirongo bajijwe badasobanukirwa bakareka iyo basobanukiwe, abo nibo Allah yavugaga muri uyu murongo, uzabirinde. 96

Umwe muri umwe uzabona ikibi gikorwa ajye agikuzaho ukuboko kwe, natabishobora akoreshe ururimi rwe, natabishobora ababare ku mutima, ariko uko ni ukwemera gucirirtse. 100

Urugero rw'umuntu ushikamye ku mategeko ya Allah n'utayubahiriza wayirengagije. 102

Umuntu uzahamagarira abandi kuyoboka, azabibonera ibihembo bingana n'iby'abamwumviye bakamukurikira, nta kigabanyutse mu bihembo bazabona. 104
Uzarangira undi icyiza, azabona ibihembo nk'iby'uwagikoze. 106
Ndakurahiriye ku izina rya Allah, ko Allah agize umuntu umwe ayobora abikunyujijeho, ari byo byiza kuri wowe kuruta ubushyo bw'ingamiya z'amasine! 108
Uzisanisha n'itsinda cyangwa se abantu runaka azabarirwa muri bo 111
Iri dini rizagera aho ari ho hose hagera amanywa n'ijoro, kandi Allah ntazigera arenga inzu yaba iyo mu mujyi cyangwa se mu byaro, mu bibaya no mu mpinga, usibye ko azahageza iri dini. 113
Ndahiye k'ufite roho ya Muhamadi mu kuboko kwe ko nta n'umwe mu bayoboke banjye uzanyumva yaba ari umuyahudi cyangwa se umunaswara ngo areke kunyemera, maze apfe atemeye ubutumwa naje nzanye usibye ko azajya mu muriro. 114
Yemwe bantu!, mujye mwirinda gukabya mu idini, kubera ko ababanjirije boretswe no gukabya mu idini! 116
Baroramye abakabya mu idini. 118
Abayahudi bararakariwe, n'abanaswara barayobye. 119
Allah yanditse igeno ry'ibiremwa byose mbere y'uko arema ibirere n'isi ho imyaka ibihumbi mirongo itanu. 120
Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha), yo munyakuri w'umwizerwa kuruta abandi yaratuganirije

igira iti “Mu by’ukuri, buri wese muri mwe iremwa rye ribera mu nda ya nyina mu gihe cy’iminsi n'amajoro. 121
Ijuru riri bugufi n'umwe muri mwe kuruta uko imishumi y'inkweto ze imuri bugufi, n'umuriro ni nk'uko. 124
Umuriro uzengurutswe n'ibikorwa by'irari, naho ijuru rizengurutswe n'ingorane n'ibigeragezo. 125
Ubwo Allah yari amaze kurema ijuru n'umuriro, yohereje Djibril (Imana imwishimire). 127
Uyu muriro wanyu mukoresha ni igice kimwe mu bice mirongo irindwi by'umuriro wa Djahanamu. 130
Allah azazingazinga isi, azingazinge n'ibirere n'ikiganza cye cy'iburyo, narangiza avuge ati: Ninjye mwami, abami bo ku isi bari he? 131
Abantu bazahanishwa ibihano bikaze kwa Allah ku munsi w'imperuka ni babandi biganaga ibiremwa bya Allah. 132
Ndahiye k'ufite roho yanjye mu biganza bye, ko muri hafi kubona Ibun Mariam abamanukiye azanye ubutabera. 134
Vuga ijambo LA ILAHA ILA LLAH (Nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri uretse Allah), ku munsi w'imperuka nzaryifashishe nkuvuganira. 135
Ikizenga cy'amazi (Hawdw) nahawe gifite intera ireshya n'urugendo rw'ukwezi, amazi yacyo ni umweru cyane kurusha amata, impumuro yayo irusha iy'umubavu. 137
Ku munsi w'imperuka bazazana urupfu ruri mu ishusho y'intama y'isekurume. 138
Iyo muba mwiringira Allah uko bikwiye, yari kubaha amafunguro nkuko ayaha inyoni, zizinduka zishonje nyamara zikagaruka zihaze. 141

Uri ku kigenderwaho ajye asuhuza ugenda n'amaguru, n'ugenda n'amaguru asuhuze uwicaye, n'abacye bajye basuhuza abenshi. 143

Yemwe bagaragu banjye, mu by'ukuri njye naziririje amahugu kuri njye ubwanjye, ndangije nyagira ikizira hagati yanyu, muramenye ntimuzahuguzanye. 145

Mutinye amahugu, kubera ko amahugu azaba ari umwijima ku munsi w'imperuka; munatinye kandi kugira ubugugu, kubera ko kugira ubugugu byoretse ababayeho mbere yanyu. 149

Mu by'ukuri Allah arindiriza umunyamahugu, kugeza ubwo amuguye gitumo ntabe yamucika. 150

Mu by'ukuri Allah yagennye ibyiza n'ibibi, arangije arabigaragaza. 152

Uzakora neza yaramaze kuba umuyisilamu, ntazahanirwa ibyo yakoze mu gihe cy'ubujiji! 154

Rwose ibyo uvuga ndetse uhamagarira ni byiza, iyaba watubwiraga niba ibyo twakoze hari icyiru byaba. 155

Wabaye umuyisilamu ufite n'ibyiza wakoze mbere. 157

Mu by'ukuri Allah ntajya ahuguza umwemeramana icyiza yakoze, akimuhembera hano ku isi ndetse akazanakimuhembera ku munsi w'imperuka. 158

Umugaragu wanjye aracumura akavuga ati: “Mana yanjye, mbabarira icyaha cyanjye! 160

Nta muntu ukora icyaha, yarangiza agahaguruka akisukura agasali, hanyuma agasaba Allah imbabazi, usibye ko Allah amubabarira ibyaha bye. 163

Mu by'ukuri Allah Nyir'ubutagatifu arambura ibiganza bye mu ijoro kugira ngo ababarire uwamukoshereje Ku manywa. 165

Allah Nyagasani buri joro aramanuka akaza ku kirere cy'isi, ubwo haba hasigaye kimwe cya gatatu cya nyuma cy'ijoro. 166

Mu by'ukuri, ibiziruye (Halali) birasobanutse kandi n'ibyaziririjwe (Haramu) birasobanutse 168

Yewe mwana ndagira ngo nkwigishe amagambo (ugomba kwitaho): Jya wita ku mategeko y'Imana na yo izakwitaho. 170

Mbwira mu buyisilamu ijambo rimwe ntazigera ngira undi ndibaza. 172

Urugero rw'abameramana mu gukundana kwabo, no kugirirana impuhwe hagati yabo no koroherana hagati yabo ni nk'urugero rw'umubiri umwe. 174

Umuntu uzisukura (Udhu), agatunganya isuku ye neza, ibyaha yakoze biva ku mubiri we, kugeza n'ubwo biva mu nzara ze! 175

Nimuba mugiye kwituma ntimukerekere aho abayisilamu berekera basali (Qiblat), ndetse ntimukanahatere umugongo, ahubwo mujye mwerekera iburasirazuba n'iburengerazuba. 176

Umwe muri mwe ntazafatishe igitsina cye ikiganza cye cy'iburyo igihe ari kwihagarika, ntanazikize umwanda akoresheje ikiganza cye cy'iburyo. 178

Allah ntiyakira iswalat y'umwe muri mwe igihe adafite isuku (Udhu), cyeretse abanje kuyishaka (agatawaza) 179

Umugabo umwe yatawaje ariko ku kirenge cye asigaza ahantu hangana n'urwara hatageze amazi, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubona iramubwira iti: "Subirayo wongere utawaze neza". 180

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga yisukura (Udhu) buri uko igiye gusali. 182
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga itawaza inshuro imwe imwe. 183
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatawaje inshuro ebyiri ebyiri. 184
Uzatawaza atya, yarangiza agasali raka ebyiri, nta kindi ahugiyeho, Allah azamubabarira ibyaha bye yakoze mbere. 185
Umwe muri mwe natawaza, ajye ashoreza amazi mu mazuru ye, hanyuma ayapfune. 188
Abantu bari muri izi mva zombi bari guhanwa, kandi ntibazira ibikomeye. 190
Iyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga kwinjira mu bwiherero yasabaga ubusabe. 191
Koza mu kanwa birahasuhura, ndetse bishimisha Allah Umuremyi 192
Ni ngombwa kuri buri muyisilamu koga inshuro imwe mu minsi irindwi, agakarabamo umutwe n'umubiri we wose. 193
Imigenzo itanu iri muri kamere. 195
Nari umugabo usohokwamo n'amavangingo kenshi. 196
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yogaga ijanaba, yakarabaga intoki zayo, igatawaza nk'uko ibigenza igiye gusali, hanyuma ikiyuhagira. 198
Byari biguhagirije kubigenza utya ukoresheje ibiganza byawe. 200
Zireke kuko nazambaye ibirenge byanjye bifite isuku. 202

Ayo ni amaraso aba avuye mu mutsi! Ahubwo jya ureka gusali iminsi usanzwe ugira mu mihango, nyuma yayo wiyuhagire usali. 203

Umwe muri mwe naba afite ikibazo mu nda, ntamenye niba hari icyamusohotsemo, ntazasohoke mu musigiti cyeretse abanje kumva ijwi cyangwa se akumva umwuka. 205

Iyo umuhamagazi w'isengesho avuze ati: ALLAHU AKBAR, ALLAHU AKBAR: Allah asumba byose, Allah asumba byose. 207

Nimwumva umuhamagazi w'isengesho mujye musubiramo amagambo avuze, hanyuma munsabire kwa Allah amahoro n'imigisha. 210

Uzumva umuntu uhamagarira iswalat (Adhana) maze akavuga ati: ASHAHADU AN LA ILAHA ILA LLAHU WAHDAHU LA SHARIKA LAHU, WA ANA MUHAMADAN ABDUHU WA RASULUHU, RADWITU BILLAHI RABAN, WA BIMUHAMADIN RASULAN, WA BIL ISLAMI DINAN: Ndahamya ko ari nta wundi ukwiye kugaragirwa uretse Allah wenyine, udafite uwo abangikanye nawe, ndanahamya kandi ko Muhamadi ari umugaragu we ndetse akaba n'intumwa ye. Nishimiye ko Allah ari we Nyagasani wanjye, na Muhamadi akaba Intumwa yanjye, na Isilamu ikaba idini ryanjye". 213

Ese umuhamagaro w'iswalat (Adhana) ukugeraho ukawumva? Arayisubiza ati: Yego! Intumwa y'Imana iramubwira iti: Ujye uwitaba! 215

Mubibona mute, umugezi utemba uramutse unyura imbere y'umuryango w'inzu y'umwe muri mwe, buri munsi akajya awogamo inshuro eshanu, ese hari umwanda wasigara ku mubiri we? 216

Ni ikihe gikorwa Allah akunda kuruta ibindi? 217
Nta muyisilamu n'umwe igihe cy'iswalat y'itegeko kigera agatawaza neza, akibombarika, akunama mu buryo bwiza, usibye ko biba icyiru cy'ibyaha yakoze. 219
Iswala eshanu kuri eshanu, n'idjuma kugera ku idjuma ndetse na Ramadhan kugera kuri Ramadhan, bihanagura ibyaha wakora hagati aho igihe cyose wirinze ibyaha bikuru. 220
Mujye mutoza abana banyu iswalat kuva bafite imyaka irindwi. 222
Nagabanyije iswalat hagati yanjye n'umugaragu wanjye mo ibice bibiri. 223
Isezerano riri hagati yacu nabo ni iswalat, bityo uzarireka azaba ahakanye. 227
Mu by'ukuri hagati y'umuntu n'ibangikanyamana n'ubuhakanyi ni ukuba yareka iswalat. 228
Yewe Bilali, tangaza ko iswalat itangiye, tuyiruhukiremo! 229
ALLAHUMA BA'ID BAYNII WA BAYNA KHATWAYAYA. 230
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga izamura amaboko yayo kugeza ahareshya n'intugu zayo. 233
Nta swalat y'umuntu utasomye Suratul Fatihat. 235
Ndahiye k'ufite roho yanjye mu kuboko kwe, ko iswalat yanjye yegera gusa n'iy'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kubera ko iyi ari yo swalat yakoraga kugeza ubwo yavaga muri ubu buzima bw'iyi si. 236
Nategetswe kubama ku ngingo zirindwi. 239

Mu by'ukuri muzabona Nyagasani wanyu nkuko mubona uku kwezi, kandi ntimuzigera mubyigana mugorwa no kumureba 240
Uzasali iswalat ebyiri zo mu bihe by'imbeho, azinjira mu ijuru. 242
Uzasali iswalat yo mu rucyerera (A-Swub'hi) azaba ari mu burinzi bwa Allah. 243
Uzareka gusali iswala yo ku gicamunsi (Al Asr) ibikorwa bye bizaba imfabusa! 245
Uzibagirwa iswalat, azayisali igihe ayibukiye, nta kindi cyiru cyayo uretse icyo. 246
Mu by'ukuri iswalat iremerera indyarya ni iswalat ya nijoro (Al Isha-i) n'iya mu gitondo (Al Fadj'ri)! 247
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yajyaga yubura umugongo wayo. 249
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) hagati y'ibyubamo bibiri yajyaga ivuga iti: “RABI GH’FIR’LI, RABI GH'FIR LII: Mana yanjye mbabarira, Mana yanjye mbabarira 251
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) hagati yo kubama kombi (Sadj'datayni) yakundaga kuvuga iti: "ALLAHUMA GH'FIR LII, WAR'HAM'NII, WA AFINII, WAH'DINII, WAR'ZUQNII: Mana Nyagasani mbabarira, ungirire impuhwe, umpe ubuzima, unyobore, unampe amafunguro. 252
Nimuba mugiye gusali, mujye muhagarara ku mirongo yanyu, hanyuma umwe muri mwe abayobore, navuga Allah Akbar namwe muvuge muti: Allah Ak'bar. 253
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yanyigishije uburyo bw'ubuhamya bwo mu iswala. 259

ALLAHUMA INI AUDHU BIKA MIN ADHABIL QAB'RI, WA MIN ADHABI NARI, WA MIN FATINATIL MAH'YA WAL MAMATI, WA MIN FITINATIL MASIHI DADJALI. 262
Jya uhozaho kubamira Allah kenshi, kubera ko ntabwo uzubamira Allah inshuro imwe usibye ko azakuzamura mu ntera, akanakubabarira ibyaha. 264
Nta swalat ibyo kurya byamaze gutegurwa, cyangwa se umuntu yakubwe (yifuza kujya mu bwiherero. 266
Iyo ni Shitani yitwa Khin'zabu, nujya uyumva ujye wikinga kuri Allah kugira ngo ayikurinde, maze uvume ibumoso bwawe inshuro eshatu. 267
Umujura mubi kuruta abandi bantu bose ni uwiba iswalat ye! 269
Ese umwe muri mwe atinya ko cyangwa se umwe muri mwe ntatinya ko yakubura umutwe we atanze umuyoboye mu iswala (Imam) ko Allah umutwe we yawugira nk'uw'indogobe, cyangwa se Allah akagira ishusho ye nk'iy'indogobe? 270
Umwe muri mwe nashidikanya mu iswalat ye. 271
Umunsi mwiza izuba ryarasheho ni umunsi wa gatanu (Idjuma). 274
ALLAHUMA ANTA A-SALAM, WA MINKA SALAM, TABARAKTA YA DHAL DJALALI WAL IKRAM: Mana Nyagasani niwowe muziranenge, n'amahoro aturuka iwawe, uburagatifu n'ikuzo ni ibyawe, yewe Nyir'icyubahiro Nyir'ikuzo 276
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga ivuga aya magambo nyuma ya buri swalat. 278
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nyuma ya buri swalat y'itegeko. 281

Uzasingiza Allah buri nyuma y'iswalat inshuro mirongo itatu n'eshatu. 283
Uzasoma Ayatul Kursiy nyuma ya buri swalat y'itegeko, nta kizamubuza kwinjira mu ijuru usibye urupfu 285
Nafashe mumutwe Rakat icumi nzikuye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). 287
Umwe muri mwe niyinjira mu musigiti, ajye asali raka ebyiri mbere y'uko yicara. 289
Nubwira mugenzi wawe uti: Ceceka, ku munsi wa Idjuma Imam ari gutanga inyigisho, uzaba ukinnye (mu iswala). 290
Jya usali uhagaze, nutabishobora wicare, nutabishobora usali uryamiye urubavu. 291
Iswalat isengewe muri uyu musigiti wanjye ni nziza kuruta iswalat igihumbi zikorewe ahandi usibye izikorewe mu musigiti mutagatifu (w'i Makat) 292
Uzubaka umusigiti kubera Allah, Allah azamwubakira umeze nkawo mu ijuru. 293
Ntabwo ituro (Sadaqat) rigira icyo rigabanya mu mutungo. 294
Allah yaravuze ati: Yewe mwene Adamu, jya utanga mu byo naguhaye, nanjye nzajya nguha ibyo ucyeneye. 296
Iyo umugabo ahaye ab'iwe ibibatunga yiringiye kuzabihemberwa na Allah, yandikirwa ko atanze ituro. 297
Uzihanganira umufitiye ideni agomba kumwishyura cyangwa akamukuriraho iryo deni (akamusonera), ku munsi w'imperuka Allah azamushyira munsi y'igicucu cya Arshi ye, umunsi nta kindi gicucu kizaba gihari usibye icya Arshi ye. 298

Allah agirire impuhwe umuntu woroha igihe agurisha, woroha igihe agura, woroha igihe yishyuza. 299
Nujya ujya kwishyuza hakagira uwo usanga yananiwe kwishyura jya umwihanganira umudohorere, kugira ngo natwe Allah azatubabarire. 300
Abantu bakoresha umutungo wa Allah uko bishakiye bitari mu kuri, ku munsi w'imperuka icyicaro cyabo ni mu muriro. 302
Uzasiba ukwezi kwa Ramadwan afite ukwemera no kwiringira ibihembo kwa Allah, azababarirwa ibyaha yakoze mbere yaho. 303
Uzasali iswala y'igihagararo mu ijoro ry'igeno (Laylatul Qadri) abitewe n'ukwemera afite ndetse no kwiringira ibihembo kwa Allah, azababarirwa ibyaha yakoze mbere. 304
Uzakora umutambagiro (Hadj), akirinda imvugo mbi n'ibindi bikorwa bibi, agaruka mu be ameze nk'umunsi Nyina yamubyayeho (nta cyaha afite). 305
Nta munsi mu minsi wakoramo igikorwa cyiza Allah akakishimira kuruta icyo wakora muri iyi minsi." Igamije kuvuga iminsi icumi. 307
Imana ntireba ubwiza bw’uburanga bwanyu cyangwa imitungo yanyu, ahubwo ireba imitima yanyu ndetse n'ibikorwa byanyu.” 308
Mu by'ukuri Allah arafuha, n'umwemeramana arafuha, ariko gufuha kwa Allah kubaho igihe umwemeramana akoze ibyo yamuziririje. 310
Mwirinde ibyaha birindwi birimbura. 311
Ese mbabwire ibyaha biruta ibindi? 313

Ibyaha bikuru ni: Ukubangikanya Imana, no gusuzugura ababyeyi bombi, no kwica inzirakarengane, n'indahiro irindimurira nyirayo mu muriro. 316

Urubanza rwa mbere na mbere ruzacibwa hagati y'abantu ku munsi w'imperuka ni urugendanye n'amaraso 317

Uzica Mu'ahad (umuntu ufitanye n'abayisilamu isezerano ryo kumurindira umutekano) ntazigera yumva impumuro y'ijuru. 318

Uwaciye amasano n'ubuvandimwe ntazinjira mu ijuru. 320

Ushaka ko Allah amwagurira amafunguro ye, cyangwa se akazabaho igihe kirekire, ajye yunga ubuvandimwe n'abo bafitanye isano mu muryango we. 321

Uwunga isano ry'umuryango wa nyawe ntabwo ari wawundi ubikora agamije nawe kubikorerwa, ahubwo uryunga by'ukuri ni wa wundi iyo abanyamuryango be baciye isano we araryunga. 322

Ese muzi gusebanya icyo ari cyo? 323

Buri gisindisha cyose ni inzoga, na buri nzoga ni ikizira. 325

Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavumye utanga ruswa ndetse n'uyakira agamije kugoreka ubutabera. 326

Mujye mwirinda gucyeka; kubera ko gucyeka ari ikinyoma kiruta ibindi. 327

Umuntu ubunza amagambo ntazinjira ijuru. 330

Abayoboke banjye bose bazababarirwa usibye abakora ibyaha ku mugaragaro. 330

Yemwe bantu! Mu by'ukuri Allah yabakuriyeho ubwibone bwa kijiji no kwiratana ibisekuru. 332
Mu by'ukuri umuntu Allah yanga kuruta abandi ni umunyamwaga w'umunyempaka nyinshi. 334
Igihe abayisilamu babiri basakiranye mu mirwano bafite inkota, icyo gihe uwishe n'uwishwe bose bajya mu muriro. 335
Uzadutunga intwaro cyangwa se akayitubanguraho, uwo ntabwo ari muri twe. 336
Ntimugatuke abapfuye kuko bo bamaze kubona ingororano cyangwa ibihano by'ibyo bakoze. 338
Ntibyemewe ku muyislamu kwangana n'umuvandimwe we w'umuyislamu igihe kirenze amajoro atatu. 339
Uzansezeranya kurinda ikiri hagati y'iminwa ye yombi, n'ikiri hagati y'amaguru ye yombi, nanjye musezeranyije ijuru. 340
Umugore ntazakore urugendo rw'iminsi ibiri cyeretse ari kumwe n'umugabo we cyangwa se n'undi uziririjwe kumurongora. 341
Ntacyo nasize nyuma yanjye mu bigeragezo kigora abagabo nk'abagore. 345
Mu by'ukuri isi iraryoshye kandi ni icyatsi. 346
Nta gushyingiranwa kwakemerwa cyeretse hari uhagarariye umugore (Waly). 348
Amabwiriza akwiye kubahirizwa no gushyirwa mu bikorwa kuruta ayandi. 349
Isi ni ahantu ushobora kubonera ibyishimo n'umunezero, ariko umunezero waho uruta iyindi ni ukugira umugore utunganye ukora ibikorwa byiza. 350
Ntimuzambare ihariri, cyangwa se Dibadji. 351

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije kogosha igisage. 353
Mujye mugabanya ubwanwa bwo hejuru, mutereke ubwo hasi. 354
Umugabo ntakarebe ubwambure bwa mugenzi we. 354
Umwiza muri mwe ni ubarusha imico myiza. 356
Umwemeramana kubera imico ye myiza, ituma agera ku rwego rw'uwasibye ndetse wakoze igihagararo cyo mu ijoro. 358
Umwemeramana urusha abandi ukwemera kuzuye ni ubarusha imico myiza, n'umwiza muri mwe kubarusha ni ubanira neza abagore be. 359
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabajijwe impamvu izinjiza abantu benshi mu ijuru, maze irasubiza iti: "Ni ugutinya Allah no kurangwa n'imico myiza 360
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari ifite imico myiza kuruta abandi bantu bose. 361
Imico y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari Qur'an! 362
Mu by'ukuri Allah yategetse kugirira neza buri kintu. 364
Abarangwa n'ubutabera bazaba bari kuri Min'bar z'urumuri, iburyo bwa Allah Nyir'impuhwe, n'ubwo amaboko ye yose ari indyo. 366
Ntabwo bikwiye ko umuntu agirira nabi mugenzi we, nta n’ubwo bikwiye ko abantu bagirirana nabi. 367
Mu by'ukuri urugero rw'inshuti nziza n'inshuti mbi, ni nko kwicarana n'umuntu ucuruza imibavu n'umucuzi. 369
Ntukarakare! 370

Kurangwa n'isoni ni kimwe mu bigize ukwemera.____373
Umuntu nakunda mugenzi we ajye abimubwira ko amukunda.____374
Buri gikorwa cyose cyiza ni ituro.____375
Buri ngingo zigize umuntu akwiye kuzitangira ituro.____376
Ku munsi w'imperuka, umugaragu ntazatsimbura ibirenge bye atabanje kubazwa.____378
Uharanira gucyemura ibibazo by'umupfakazi n'umukene, aba ameze nk'uharanira inzira ya Allah.____379
Uzaba yemera Imana n'umunsi w'imperuka, ajye avuga amagambo meza cyangwa yicecekere.____381
Ntuzagire igikorwa cyiza usuzugura kabone n'iyo cyaba ari uguhura n'umuvandimwe wawe umumwenyuriye.____382
Utagiriye impuhwe abantu, Allah Nyir'ubutagatifu nawe ntazazimugirira.____384
Abagira impuhwe Allah Nyir'impuhwe nawe azazibagirira; mujye mugirira impuhwe abo ku isi, kugira ngo uri mu ijuru nawe azazibagirire.____385
Umuyisilamu nyawe ni wa wundi abayisilamu batekana kubera ururimi rwe n'ukuboko kwe.____386
Uburenganzira bw'umuyisilamu ku muyisilamu mugenzi we.____387
Ntimuzigera mwinjira mu ijuru mutabanje kwemera, kandi ntimuzigera mwemera mutabanje gukundana!____389
Ni ubuhe buyisilamu bwiza?____391
Ese mbereke ibyatuma Allah abababarira ibyaha byanyu, ndetse akanabazamura mu ntera?____392
Umwemeramana w'umunyembaraga niwe mwiza kandi akunzwe na Allah.____395

Jibril ntiyigeze ahwema kungira inama yo kubanira neza umuturanyi wanjye, kugeza ubwo nacyetse ko azamugira umwe mu bazanzungura.398

Uzarinda icyubahiro cy'umuvandimwe we, Allah nawe ku munsi w'imperuka azarinda uburanga bwe umuriro.399

Igihe cyose habayeho koroha mu kintu bikigira cyiza, kandi n'igihe nta koroha kubayemo bikigira kibi.400

Mujye mworoshya ibintu, ntimukabikomeze, mutange inkuru nziza ntimutange izitera kwiheba.401

Twabujijwe kwigora!402

Umwe muri mwe naramuka ariye, ajye arisha ukuboko kwe kw'indyo.403

Jya uvuga ku izina rya Allah, urishe ukuboko kwawe kw'indyo ndetse unarye ibiri imbere yawe.404

Mu by'ukuri Allah yishimira umugaragu wafata icyo kurya akabishimira Allah, cyangwa se agafata icyo kunywa akabimushimira406

Umugabo umwe yariye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) arisha imoso.407

Iyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yitsamuraga, yashyiraga ikiganza cyayo cyangwa se umwambaro wayo ku munwa, ndetse ikanitsamura mu ijwi ryoroheje.408

Mu by'ukuri Allah akunda ko abantu bubahiriza uburenganzira yatanze, nkuko akunda ko bubahiriza amategeko ye.410

Uwo Allah ashakiye ibyiza, aramugerageza.411

Nta muyisilamu ugerwaho n’ibyago cyangwa se ingorane cyangwa se umubabaro, cyangwa se agahinda, cyangwa

se n'ikindi icyo ari cyo cyose cyamubuza amahoro, kabone n’iyo ryaba ihwa rimujombye, usibye ko Allah abigira impamvu yo kubabarirwa ibyaha bye. 412

Iby'umwemeramana biratangaje! Ibye byose kuri we biba ari byiza! Ariko nta wundi bijya bishobokera uretse umwemeramana. 413

Iyo umugaragu arwaye cyangwa agiye mu rugendo, yandikirwa ibihembo by'ibikorwa yajyaga akora ari muzima, ndetse n’igihe atari no ku rugendo. 414

Mwihutire gukora ibikorwa byiza mbere y'uko mugerwaho n'ibigeragezo bigoye bizaba bimeze nk'ijoro ry'umwijima. 415

Uwo Allah ahitiyemo ibyiza amuha gusobanukirwa mu idini. 417

Ntimuzige ubumenyi mugamije kubwiratana mu bandi bamenyi, cyangwa se kugira ngo mujye mugisha impaka injinji. 419

Umwiza muri mwe kubarusha ni uwize Qur'an ndetse akanayigisha abandi. 420

Bajyaga biga ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha imirongo icumi, ntibagire indi mirongo bongeraho batarayifata mu mutwe ngo bayishyire no mu bikorwa. 421

Uzasoma inyuguti imwe mu gitabo cya Allah, azayibonera igihembo kingana n'icyiza kimwe, kandi icyiza kimwe kingana n'ibyiza icumi. 422

Umuntu wakundaga kwitwararika Qur'an azabwirwa ati: Yisome, uzamuke mu ntera, unayisome witonze nkuko wajyaga uyisoma ukiri ku isi. 423

Ese umwe muri mwe yanezezwa n'uko yasubira mu bantu be agasanga ingamiya eshatu nini zihaka zibyibushye? 425

Mujye mwita kuri Qur'an, kuko ndahiye k'ufite roho ya Muhamadi mu kuboko kwe ko icika nyirayo kuruta uko ingamiya itoroka nyirayo iciye ikiziriko. 426

Amazu yanyu ntimuzayagire nk'amarimbi, kubera ko Shay'twani ihunga inzu isomerwamo Suratul Baqarat. 427

Yewe Abul Mundhir, waba uzi mu gitabo cya Allah wafashe umurongo uhambaye kuruta indi isigaye? 428

Uzasoma imirongo ibiri isoza Suratul Baqarat mu ijoro, izaba imuhagije. 430

Ubusabe niko kugaragira Allah. 431

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yibukaga (yasingizaga) Allah mu bihe byayo byose. 433

Nta kintu cy'agaciro imbere ya Allah kiruta ubusabe. 434

Mu by'ukuri ukwemera kw'umwe muri mwe kurasaza nk'uko umwambaro usaza! Mujye musaba Allah avugurure ukwemera kwanyu mu mitima yanyu. 435

Ahantu umugaragu aba ari bugufi ya Nyagasani we ni igihe aba yubamye. 436

Ubusabe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga isaba kenshi. 437

Ese mbabwire ibyiza mu bikorwa byanyu n'ibitunganye muri byo ku Mana Nyagasani wanyu, ndetse bikanaba hejuru ya byose mu kubazamura inzego zanyu? 439

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yabaga yerekeye mu buriri. 442

Ubusabe bwo gusaba imbabazi buhatse ubundi. 443

{Vuga uti: QUL HUWALLAHU AHAD: We Allah ni umwe rukumbi, na Muawidhatayni [QUL AUDHU BIRABIL FALAQ], na [QUL AUDHU BIRABI A-NASI], igihe bwije n'igihe bucyeye inshuro eshatu, biguhagirije buri kintu. 446

Amagambo Allah akunda akanishimira kurusha andi. 448

Uzavuga ati: "LA ILAHA ILA LLAHU WAHDAHU LA SHARIKA LAHU, LAHUL MULKU WA LAHUL HAMDU WA HUWA ALA KULI SHAY'IN QADIIR: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye Allah wenyine udafite uwo abangikanye nawe, ni we Nyir'ubwami no gusingizwa, kandi niwe Nyir'ubushobozi kuri buri kintu". 449

Amagambo abiri yoroshye kuyavuga ku rurimi ariko akaba aremereye cyane ku minzani yo ku munsi w'imperuka, akaba akunzwe cyane na Allah. 451

Uzavuga ku munsi inshuro ijana aya magambo: SUB'HANALLAHI WA BIHAMDIHI: Ubutagatifu n'ikuzo ni ibya Allah, ababarirwa ibyaha bye kabone n'iyo byaba bingana n'ifuro ryo ku Nyanja. 452

Kwisukura ni kimwe mu bigize ukwemera. 453

Kuba navuga nti: SUB'HANALLAH, WAL HAMDULILLAH, WALA ILAHA ILA LLAH, WALLAHU AKBAR: Ubutagatifu ni ubwa Allah, n'ishimwe ryuzuye niwe urikwiye, nta yindi mana ibaho ikwiye kugaragirwa by'ukuri usibye Allah wenyine, Imana niyo nkuru, bindutira isi n'ibiyirimo byose. 456

Gusingiza Allah kwiza kuruta ibindi ni ukuvuga iri jambo: LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah. 458

Uzagera ahantu yarangiza akavuga ati: AUDHU BIKALIMATILLAH A-TAMATI MIN SHARI MA KHALAQA: Nikinze ku magambo ya Allah yuzuye ngo andinde inabi y'ibyo yaremye, nta kibi kizamubaho kugeza avuye aho. 459

Umwe muri mwe niyinjira mu musigiti ajye avuga ati: ALLAHUMA FTAH LII AB'WABA RAHMATIKA: Mana nyugururira amarembo y'impuhwe zawe. 460

Iyo umuntu yinjiye mu rugo rwe, agasingiza Allah igihe yinjiye, n'igihe agiye kurya, Shitani (Shaytwani) ibwira abambari bayo iti: Uyu munsi nta buryamo muhafite, ndetse nta n'ifunguro rya nijoro. 462



Hadith z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) niyo soko ya kabiri tuvomamo amategeko; Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati: { (Intumwa y'Imana Muhamadi) ntiyavugaga ibijyanye n'amarangamutima ye (3) Ahubwo byabaga ari ubutumwa yahishuriwe} [Surat A-Nadj'm: 3-4].

Izi Hadith zatoranyijwe muri iyi nkoranyamagambo, zikubiyemo Hadith zatoranyijwe zikubiyemo ubutumwa bwinshi umuyisilamu acyeneye mu kwemera kwe no mu mibereho ye, hamwe no kugaragaza incamacye yazo, ibisobanuro byazo n'amasomo tuzikuramo mu ndimi z'amahanga zivugwa, no kugaragaza imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kugira ngo zigirire umumaro ikiremwamuntu muri rusange mu ndimi abantu bavuga.

9 786038 570005

موسوعة الأحاديث النبوية
HadeethEnc.com